

KWITEGURA AKAGA GAHERUKA



AMASHAKIRO

AMASHAKIRO	1
Ijambo ry'ibanze.....	6
Incamake y'ibihe bikomeye by'imperuka	10
Tuzi igihe turimo	10
Urugendo rusigaye inyuma.....	10
Gushyirwaho ikimenyetso	13
Ijwi rirenga n'irangira ry'umurimo	13
Ishungura	14
Igihe cy'umubabaro.....	14
Akarengane.....	14
Haremagedoni	17
Igihe cy'umubabaro.....	17
Kuva igihe cyo gutabarwa kugeza Yesu agarutse	18
Gutunguka ku bicu k'umwana w'Imana	19
IGICE CYA MBERE: INZIRA YUBUGOROZI	20
Hakenewe ubugorozi	20
Imiterere y'ubugorozi.....	21
Uburyo Satani yigana ubugorozi	21
Umwuka w'intonganya no kwirema ibice.....	22
Satani akoresha ikinyoma mu mbaraga ze zose	23
Ubwaka.....	23
Umucyo mushya.....	24
Ubutumwa bw'urukundo.....	26
Uri akazuyaze	26
Ngiye kukuruka	27
Kwibona mu by'umwuka no kwihaza.....	28
Umuti ukwiriye.....	29
Urukundo no kwizera	30
Gutsindishirizwa k'ubwo kwizera	31
Intambwe ebyiri zo gukiranuka.....	32
Kwezwa cyangwa guhabwa gukiranuka.....	33
Ubutumwa bwo kwivugurura	37
Umwanzuro	38
IGICE CYA KABIRI : GUSHYIRWAHO IKIMENYETSO.....	39
Incamake	39
Ubusesenguro bw'icyo gihe	39
Ibyangombwa bijyana no gushyirwaho ikimenyetso	42
IGICE CYA GATATU : IMVURA Y'ITUMBA	44

Incamake	44
Ubusesenguro	45
Umugambi	45
Umumaro	45
Amasezerano y’Imana	46
Ibyangombwa	46
Imbuta	50
IGICE CYA 4 : ISHUNGURA	52
Incamake	52
Ubusesenguro	52
Impamvu	53
Igihe	55
Kwirinda kugwa	55
IGICE CYA GATANU: IRANGIRA RY’UMURIMO, IJWI RIRENGA	59
Incamake	59
Ubusesenguro	59
Igihe cy’umwihariko	60
Umurimo w’abagorizi batangwaho urugero	61
Ubu butumwa buzakurura akarengane	61
Kumirwa no kujijwa by’igihe gito	62
Umurimo wihuta kandi ukorwamo ibitangaza	63
Ibyiza bikomoka ku makimbirane	65
Satani arwanya ijwi rirenga	65
Amakangura-kinyoma y’amadini	66
Ibyangombwa simusiga bibiri byo kurangiza umurimo	66
IGICE CYA 6: AKARENGANE	68
Incamake	68
Akarengane	68
Uburinzi bw’Imana	70
Akaga ku isi yose	75
Igishushanyo cy’inyamaswa	82
Ikimenyetso cy’inyamaswa	83
Itegeko ry’icyumweru	85
Ibyiciro bibiri gusa by’abantu	86
Itegeko ryo kwica	87
Gutangira kuva mu midugudu minini	89
Indirimbo yo kunesha	91
IGICE CYA KARINDWI : UMURIMO W’UBUSHUKANYI: INYIGISHO ZO KWIZERA IMYUKA Y’ABAPFUYE	92
Incamake	92

Ibitangaza biyobya	92
Ubuhenzi bwa Satani.....	94
Kugerageza kwigana kugaruka kwa Kristo.....	97
Uburyo bwo kwirinda ubushukanyi	98
IGICE CYA MUNANI: ITANGIRIRO RY'IGIHE CY'UMUBABARO.....	100
IGICE CYA CYENDA: IGIHE CY'UMUBABARO.....	103
Incamake	103
Irangira ry'igihe cy'imbabazi.....	104
Abamarayika bane barekura imiyaga.....	106
Igihe cy'umubabaro wa Yakobo	108
Ishavu	108
Akarengane.....	109
Indi mpamvu y'ishavu.....	111
Ubwoko bw'Imana buzanyura mu gihe cy'umubabaro	112
Benshi bazasinzira mbere	112
Nta kamaro bimaze kwiteganyiriza ibintu.....	112
Ubuhungiro bwateguwe n'Imana	113
IGICE CYA CUMI: IBYAGO.....	117
Incamake	117
Igihe bizabera	118
Ubugari bw'ahantu bizagera.....	118
Igihe bizamara	119
Kurindwa kw'abashyizweho ikimenyetso.....	119
Inyota y'ijambo ry'Imana.....	119
Icyago cya gatandatu n'icya karindwi: Haremagedoni	119
Gucika intege kw'inkozi z'ibibi	122
IGICE CYA CUMI NA KIMWE: IHEREZO RY'ICYAGO CYA KARINDWI	124
Gutabarwa	124
Gutabarwa	124
Mu gicuku.....	125
Kwigaragaza k'ububasha bukomeye bw'Imana.....	125
Ikamba ry'icyubahiro kidapfa	126
Guhinduka gutunguranye kw'ibihe	126
Isi yibirindura	127
Inyenyeri ihebuje.....	128
Igicu kirabagirana.....	128
IGICE CYA CUMI NA KABIRI:IGIHE CYO GUTABARWA KUGEZA UBWO KRISTO AZAGARUKA.....	130
IGICE CYA CUMI NA GATATU : KWITEGURA AKAGA GAHERUKA	134
Gukomera kw'ibihe n'akamaro ko kwitegura	134

UMUSOZO	141
INGEREKA.....	142
Ibihe bikomeye by'imena bisohozza ubuhanuzi	142
Umworera wuzura	142
Ntabwo ubugatorika buhinduka	145
Kwanga itegeko-nshinga	146
Umutungo wa Leta ku miryango yigenga	147
Amategeko y'icyumweru ajijisha.....	148
Kwamamaza ukuri kw'isabato	150
Ivugabutumwa rikingurirwa urugi.....	151
Itegeko-nshinga rihindura amabwiriza y'idini	152
Amabwiriza y'idini ahabwa ububasha bw'amategeko.....	153
Abana b'Imana bitwa abanzi b'amategeko n'umutekano	154
Satani agerageza kunaniza gukomeza isabato	155
Indunduro	156

Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo cyagenewe Itorero ry'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi.

Umugambi wacyo ni uwo kugaragaza ku buryo buhinnye kandi buhererekanye, ibihe biteye ubwoba bigomba kubaho mu isi no mu Itorero mbere ho hato yo kugaruka kwa Kristo nk'uko ubuhanuzi bubivuga. Iki gitabo kigizwe n'amagambo yasonzorojwe mu nyandiko za Ellen G. White ; kuri yo nongereyeho inyandiko zimwe na zimwe za Bibiliya n'ubusobanuro bumwe na bumwe. Ku mpapuro zihuruka z'iki gitabo, umusomyi azahasanga ubusobanuro bw'amagambo yakoreshejwe bwateguwe ma M.E Lowen, umunyamabanga w'icyiciro gihoraho cy'imibereho ya rubanda hamwe no kwishyira ukizana mu by'idini.

Mu ngendo nyinshi zigamiye gusura amatorero yacu, nazirikanye ibyiza byinshi byashoboraga kugera kuri bene Data, biturutse ku gusomana ubwitonzi ubutumwa bwatanzwe n'Umwami Yesu bwagenewe igihe turimo. Uko mbwiriza kuri aya magambo y'imenya, niko nkomeza kuzirikana akamaro afitiye ubwoko bw'Imana ku byerekeye gukomeza kwibanda ku kuri kw'iki gihe.

Nemera byimazeyo ko kwiga kurimo kuzirikana akamaro k'iby'ubu butumwa buva ku Mana, kuzatera umusomyi gukungahaza ubunararibonye bwe mu by'umwuka no kurushaho kwitegura guhangana n'akaga gaheruka kavugwa n'Ibyanditswe byera.

Iki gitabo gikeshwa umubwirizabutumwa w'umunyabushake wo muri Repuburika y'i MEXICO (soma Megiziko). Umunsi umwe uwo mwene Data yanyohereje amagambo amwe yo mu nyandiko z'Umwuka w'ubuhanuzi nasuzumanaga ubwitonzi. Akanama gashinzwe kwamamaza amakuru y'icapiro ryitwa Pacific Press (soma Pasifiki, Presi) kangenera iyo nshingano yo gutegura inyandiko iri imbere y'amaso yanyu uyu munsi.

Ibitabo byinshi byambereye inyunganizi ikomeye, ibyo ni : « Crisis and Victory » (Kurwanya no kunesha) cya F. Contrell, « The Final Crisis and Delivery » (Akaga gaheruka hamwe no Gutabarwa cya Robert L. Odom, hamwe n'imizigo ibiri ya « our Firm foundation » Urufatiro rwacu rukomeye.

Igice cya mbere cy'iki gitabo cyerekana muri rusange ibihe bikomeye bitegerejwe. Ibi kandi bizasuzumwa kimwe ukwacyo n'ikindi ukwacyo, twifashishije amagambo menshi yavuzwe na Ellen G. White.

Aha ndashimira abapasitoro n'abayobozi bafite inararibonye, bibanze kuri iyi nyandiko bakaba barongereye umwete wo kuyamamaza. Inama zabo zambereye iz'igiciro kinini.

Abacapyi b'iki gitabo aribo: la Pacific Press (Itangazamakuru ry'amahoro) na signes des Temps (Ibimenyetso by'ibihe), barifuza ko cyategurira Itorero ry'abadivantisiti kuzasanganira Umwami ubwo azaba abonetse ubwa kabiri.

Fernando CHAIJ, Umwanditsi w'Iyamamaza mu bihugu by'Amerika mu Ishami ry'Ikesipanyole mu kinyamakuru Pacific Press (Itangazamakuru ry'Amahoro).

Ellen G. White n'amayerekwa ye

Ellen G. White yagize umubare runaka w'amayerekwa agaragaza ishusho-ngero y'umukino uheruka w'amateka y'isi hamwe n'ubunararibonye bw'ubwoko bw'Imana. Agitangira umurimo we, ubwo Itorero ry'abadivantisiti ryari rito, Ellen G. White yagize amayerekwa yimbitse, ariko yose agashingira ku kintu kimwe aricyo ibihe bikomeye aya mayerekwa yamenyekanishaga. Imana yashyiriraga kumugaragaro ubwoko bwayo ibizaza ku buryo ubwo bwoko bwashoboraga gusobanukirwa n'ubutumwa buva ku Mana. Uko ibihe byahitaga niko inzozo za Ellen G. White zarushagaho gusobanuka, ndetse hanyuma zasobanutse zimwe ukwazo n'izindi ukwazo hari ubwo ingingo zimwe zatindwagaho cyane mu iyerekwa ku buryo bwihariye.

Ikindi kandi, iyo ushyize hamwe inyandiko zitari zimwe zanditswe mu gihe cy'imyaka mirongo itanu, ibihe biheruka birushaho kutugaragarira, ariko tubona ukuntu bitabura kugenda bigaruka buri kanya.

Mu iyerekwa rye rya mbere ryabaye mu kwezi k'ukuboza 1844, Ellen G. White yabonye abadivantisiti bagenda berekera mu murwa wera aho

baherewe ibihembo by'iteka ryose. “ Premiers écrits.”

(Inyandiko za mbere, pag.14-16) . Bityo abadivantisiti bahise bagira ibyiringiro byo kuba bashorewe n'Imana. Nta kintu na kimwe cyari cyakagaragaye ku byerekeye akaga kari gukurikiraho. Ariko hanyuma y'amezi 10 ku muhindo 1845, umuja w'Imana yabonye ko mbere y'uko Kristo agaruka intore zigomba kubanza kunyura mu bihe by'umubabaro wa Yakobo. Uko niko kwari ukuri gushya ku bacu bagize integuza. Bigaga ibyanditwe kugira ngo bavumburemo ibyo Abahanuzi bavuze ku byerekeye icyo gihe gikomeye (reba James White, muri “ A word to the Little Flock “ (ijambo ku gatsiko gato. Pag.22).

Muri Mata 1847, mu iyerekwa, Imana yeretse Madame White impamvu ari ngombwa gukomeza isabato n'ukuntu ubupapa bwagerageje guhindura iryo tegeko, abadivantisiti bumvise agaciro isabato izaba yambitswe mu ntambara iheruka y'isi kandi basobanukiwe n'impamvu umunsi w'ikiruhuko ukomozwaho mu butumwa bwa marayika wa gatatu. Reba “ Premiers écrits” (inyandiko za mbere pag. 32-35). Iryo yerekwa rigaragaza imbonerahamwe isobanuye ku buryo burambuye, ibihe bizazanira itorero inyungu, mu itangiriro ry'igihe cy'akaga kugeza ubwo Kristo azaba agarutse.

Mu mwaka w’i 1848 no mu w’i 1858, Ellen G. White yabonye mu iyerekwa uruhererekane rw’ibihe bikomeye byabayeho mu ntambara imaze ibinyejana byinshi hagati ya Kristo na Satani, kuva mu itangiriro ry’icyaha kugeza aho hashyiriweho ubwami bw’Imana mu isi nshya. Mu kinyejana cy’umwaka wa 1858, nibwo Madame White yasohoye igitabo cyitwa “ La grande Controverse entre le Christ et Satan (bivuga intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani) ari nacyo ubu, kigize umuzingo wa mbere wa “ Premiers écrits” (inyandiko za mbere). Muri izo mpapuro, Madame White aratinda ku bihe bikomeye byo mu minsi y’imperuka akanageza imicyo myinshi ku

Itorero.

Uko itorero ryagendaga ritera imbere, niko abarigize barushagaho gusobanukirwa n’ukuri bakakwifashisha. Andi mayerekwa menshi yatumye Ellen G. White amenya amateka yose y’intambara ikomeye hagati y’imbaraga z’icyiza n’ikibi cyane cyane ibikorwa by’ingenzi byo mu gihe cy’akaga gaheruka. Mu mwaka wa 1884 umuja w’Imana yakomatanirije ayo mayerekwa yose mu gitabo gishya “ Tragédie des siècles” bivuga Intambara ikomeye) cyashojwe burundu mu mwaka w’i 1888, gishyirwa ku buryo ibihe bigenda bikurikirana mu w’i 1911. Umusomyi azasanga kuva ku gice cya 34 kugeza kucya 40 by’iki gitabo ubusesenguro bwatanzwe n’Umwuka w’ubuhanuzi ku byerekeye akaga kagiye kuza hamwe no gutabarwa guheruka.

Muri témoignages pour l’Eglise “ bivuga (Ibihamya by’Itorero) no munyandiko nyinshi cyane cyane muri “Review and herald “ bivuga (Urwibutso n’Integuza), Ellen G. White yakomeje gutanga amabwiriza ku itorero ku byerekeye akaga gaheruka, by’umwihariko ku byerekeye itegeko ry’icyumweru ryari hafi gutangazwa hagati y’umwaka wa 1885 na 1895. Umusomyi azashobora kubirebera mu bice bya 24 na 43 by’itambara ikomeye”no mu gice cya 47 umuzingo wa kabiri wa “Selectes Messages” (Ubutumwa bwatoranijwe).

Iyo ugereranyije umubumbe w’amayerekwa yatanzwe n’Imana mu gihe kingana n’igice cy’ikinyejana, usanga bitangaje kubera ukuntu akurikirana muri gahunda kandi akuzuzanya rimwe ku rindi. Kugira ngo hatabaho gupfobya uburemere bw’amagambo yahumetswe n’Umwuka ari nako akurikirana, umwanditsi wasonzoranyije inyandiko zo hirya no hino yahisemo kudahindura inyandiko mu buryo ubwo ari bwo bwose, ahubwo agenda asubira mu magambo nk’uko ari. Umusomyi azagerageza kumva no kudahagarikwa n’iyo nkomyi.

Nubwo agaciro k’itariki ya buri yerekwa riri hano ari kanini, twatekereje ko byaba byiza ko twibanda ku kugaragaza mu mbonerahamwe amahina-mvugo. Ibitabo byacapwe nyuma ya 1915 ni imibumbe yakozwe n’abagize akanama gashinzwe kwamamaza inyandiko za Ellen G. White nk’uko amabwiriza y’umwanditsi bwite ari.

Amagambo yose yatiwe mu gitabo cy'ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi (S.D.A Bible Commentary) n'amagambo y'Umwuka w'ubuhanuzi.

Abize neza inyandiko za Ellen G. White bese bazirikana ko zitemera gushyiraho ku buryo bunoganyije guhererekana nyakuri kwa buri kantu kose ko mu bihe bikomeye byavuzwe. Ubundi kandi birashoboka ko bimwe muri byo byagaragarira rimwe mu migabane itari imwe y'isi. Bishobora kandi kugira ubusobanuro butari bumwe. Icyangombwa n'uko twerekana ibyo, nk'uko bigaragara muri Bibiliya no mu Mwuka w'ubuhanuzi.

Turihanangiriza umusomyi inshingano ireba umuntu wese wifuza gucapa inyandiko y'amagambo ya Ellen G. White, gushyira inyandiko ze akanama gashinzwe kwamamaza inyandiko za Ellen G. White. Umwanditsi w'iki gitabo yakurikije aya mabwiriza, ariko inshingano z'ako kanama si izo gucapa. Icyo ako kanama gakora ni ugutanga uburenganzira bwo kwamamaza igitabo bityo kakarekera umwanditsi uburenganzira ku gitabo cye.

Umugabane ukomeye uheruka w'amateka y'intambara ikomeye hagati y'Imana na satani nk'uko Ibyanditswe byera n'umwuka w'ubuhanuzi bibigaragaza, biduha isomo rituzanira inyungu yihariye. Ni amahirwe akomeye ku Itorero ry'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi kuba ryarabonye umucyo ku bihe biheruka.

Arthur White, Umwanditsi w'akanama gashinzwe Kwamamaza

Inyandiko za Ellen G. White

IRIBURIRO

Incamake y'ibihe bikomeye by'imperuka

Uyu muni isi yegereje iherezho ry'amateka maremare yayo. Imana yitaye ku bwoko bwayo ibuha guhishurirwa ubuhanuzi bwerekeye ibihe turimo ibwereka kujya mbere kw'imigambi yayo, ndetse ibamenyesha ibihe bikomeye bikwiye kuzakurikiraho. Ubutumwa bwahawe Ellen G. White bwuzuzwa ubuhanuzi bwa Bibiliya, bushyira ku mugaragaro imbonerahamwe nini y'ibihe bikomeye by'ahazaza kandi bukaduhatira kwitegura akaga gateye ubwoba kegereje.

Tuzi igihe turimo

Paulo arabivuga uko biri agira ati: “ Muzi yuko igihe cyo gukanguka gisohoye rwose. Dore agakiza kacu karatwegereye kuruta igihe twizereye”. Abaroma 13:11. Aya magambo yerekeza ku buryo bwihariye ku Itorero ry'abadivantisiti. Ubwo isi ihindishwa umushyitsi no kutamenya ibizaba ejo, twe dufite ubushobozi bwo kumenya ibihe turimo.

Umugenzi wese uva mu gihugu ajya mu kindi aba afite ikarita y'inziira agomba gukurikira. Aba azi urugendo amaze kurangiza, akamenya n'intera asigaye kugira ngo arangize urugendo. Abanza kumenya umuni n'isaha buri ndege azagenda igomba kugwiraho. Niba yaritaye kuri buri kantu kose, urugendo rwe ruzakurikirana neza nk'uko agateganyo ke kari.

Abana b'Imana nabo barakora urugendo rutangaje. Barerekera mu gihugu cy'ijuru. Bafite mu biganza byabo ikarita ihebuje “ Bibiliya” bafite kandi inziira isobanutse bagomba gukurikirana “ Umwuka w'ubuhanuzi.”

Urugendo rusigaye inyuma

Kwizera kw'abana b'Imana kurushaho gukomera, iyo bashubije amaso yabo inyuma bakareba ukuntu ubuhanuzi bumaze imyaka ibihumbi n'ibihumbi, bwagiye busohora. Ubwami bune bwo mu isi ya kera bwarahanzwe kandi buhanguka nk'uko umuhanuzi Daniel yari yarabivuze (Daniel mu gice cya kabiri n'icya karindwi). Nk'uko ishusho-ngero y'ibumba n'icyuma by'igishushanyo Nebukadineza yarose yabyerekanye, ubwami bw'Abaroma bwigabanijemo imigabane yaje kuvamo amahanga agize umugabane w'uburaya bw'ubu, bukomeje kwitandukanya no muri iki gihe, nubwo hatabura gukorwa ibishoboka byose kugira ngo bube bumwe. Ya myaka 1260 yo kugara k'ubupapa, ubu yamaze kwinjira mu mateka. Iyi myaka 1260 nayo igaragaza ubuhamya bukomeye bw'agaciro k'ubuhanuzi bwa Bibiliya. Uruguma rwica rw'inyamaswa ya mbere ruvugwa mu Byahishuwe 13 rwarakize. Ubu twitegereza gusohora k'umugabane uheruka w'ubu buhanuzi, kuko isi yose itangiye gutangirira iyo nyamaswa.

Ibihe byavuzwe n'ubuhanuzi buteye ubwoba byo mu isezzerano rya kera, ubw'ibyumweru 70 hamwe n'ubw'iminsi 2300 buri muri Daniel igice 8 n'icya 9, nabwo

bwuzuye ku gihe kitabura kandi kitarenga nk'uko umubare w'imyaka ya buri cyiciro wari uteganijwe. Nk'uko ijambo ry'Uwiteka ryari ryarabivuze, nibwo Abayuda bari mu Buperesi bagarutse mu bu Palesitana, Kristo abatizwa kandi abambwa i Karuvari mu gihe cyategetswe.

Hanyuma, ku iherezo ry'icyo gihe kirekire habonetse kimwe mu bintu bitangaje by'amateka y'ubwoko bw'Imana: mu gihe cyagenwe n'ubuhanuzi, Imana yahagurukije abadivantisiti kugira ngo babwirize ubutumwa bw'iteka hamwe no kubwira ab'isi ukuri kw'iki gihe, bamenyesha abantu iby'urubanza.

Isaha turimo ubu irahura neza n'ubusesenguro Kristo yatanze ubwo yigishaga icyigisho gikomeye cy'ubuhanuzi ku myifatire y'imibereho y'abaturage, politiki n'iby'idini. Kwi Yongera kw'abapfa, kwigomeka, agahinda gashengura imitima, intambara n'impuha z'intambara, kwi Yongera kw'ibishyitsi, kugaragara kw'abahanuzi b'ibinyoma no guhaguruka kw'amadini yayobye n'ibimenyetso n'ibitangaza byuzuye ubuhenzi bwa satani, ibyo byose biduhamiriza yuko turi mu isaha iheruka y'amateka kandi ko tugiye kubona bidatinze ibihe birusha ibindi kuba bibi.


Ubumenyi bwa science (soma siyansi) buratera imbere vuba vuba ku buryo ubuhanuzi n'ubuvumbuzi buteye ubwoba butakigira uwo butangaza. Ibitwara abagenzi bifite imivuduko igenda yiyongera no kuzenguruka ikirere cyo hejuru bikorwa n'umuntu w'iki gihe, byose ni ibihamba by'ugusohora k'ubuhanuzi butari bumwe bwa Daniel 12:4, kandi mu by'ukuri turi mu mperuka y'ibihe. Ubu igikwiriye ni ugutegereza ibihe bikomeye by'impeuka bigomba kubanziriza kugaruka mu bwiza kwa Yesu ku bicu by'ijuru.

Ariko mbere y'uko abacunguwe b'Uwiteka bagera ku iherezo ritegerejwe, umubare runaka w'ibiteye ubwoba ugomba gusukwa ku Itorero ku buryo buhererekanye kandi bwihuta, bizashyira Itorero mu kaga gakomeye kagomba kwitegurwa n'umwizera wese.

Ukutibeshya n'ukudahusha kwa buri jambo ryose ryavuzwe na Bibiliya kwabayeho, kutwemeza ko ubuhanuzi bwerekeye umurage wa buri muntu mu rubanza ruheruka bugenda busohora mu kuri. Imana yayoboye kandi irinda ubwoko bwayo ku buryo butangaje mu myaka yashize, ku buryo dukwiye kwiringira ko Itorero rirwana uyu muni rizahinduka bidatinze Itorero rinesha.

“ Ntacyo dukwiriye gutinya cy'ahazaza, keretse twibagiwe uburyo Imana yadushoye” L.S., 196

Imbonerahamwe y'ahazaza.



Nicyo gituma nta gihe na kimwe kuri iyi mbonerahamwe kigomba kunoganyirizwa itariki runaka kigomba gusohoraho. Icyo twakora ni ugucishiriza umwanya bishobora kubamo. Ariko twemera ko turi bugufi bw'irangira ry'imbabazi

Nicyo gituma nta gihe na kimwe kuri iyi mbonerahamwe kigomba kunoganyirizwa itariki runaka kigomba gusohoraho. Icyo twakora ni ugucishiriza umwanya bishobora kubamo. Ariko twemera ko turi bugufi bw'irangira ry'imbabazi

Tutirengagije ibyiringiro dufite ku Mana, dusuzume turebe ibihe bigiye kuza vuba bituzigamiye, maze twerekeze amaso yacu ku kugaruka kwa Kristo.

Mbere y'uko twibanda ku tuntu duto two mu bihe biheruka, tugerageze kureba incamake ya byose kugira ngo tubone uko tubikomatanya neza bimwe ku bindi.

Mbere y'irangira ry'igihe cy'imbabazi, ubwo abantu bazaba bagifite ubushobozi bwo kwakira ubutumwa, ibikorwa bitari bimwe bigomba kubanza kubaho: Gushyirwaho

ikimenyetso, imvura y'itumba, ijwi rirenga, irangira ry'umurimo n'ishungura. Ntabwo twabyanditse dukurikije gahunda y'ukuntu bikurikirana mu bihe. Igihe kirenze ikinyejana kimaze gutambuka kuva aho itorero ryiboneye ubwaryo ibimenyetso bya mbere biteguza kugaruka kwa Kristo: kwijima kw'izuba n'ukwezi hamwe no kugwa kw'inyenyeri. Byinshi muri byo bizasa naho bizasohorera rimwe. Bizasohora mbere y'uko hasohoka itangazo ryo mu Byahishuwe 22:11. Ubwo nibwo inzira y'igihe cy'akaga gashishana izaba imaze gutegurwa. Ivugururwa rikomeye mu itorero rigomba kubahiriza icyo gihe. Ikibwirizwa cy'ubutumwa bw'Umugabo wo guhamya w'ukuri ku itorero ry'i Laodikiya, hamwe no kwemera udashidikanya gutsindishirizwa ku bwo kwizera, bizaba itangiriro ry'iryo kangura mu by'umwuka. Iryo vugurura rizihutisha gusukwa kw'imvura y'itumba no kwamamaza ubutumwa bwagenewe gutegurira abantu kudatungurwa n'igihe cy'umubabaro ukomeye, hamwe no kugaruka k'Umucunguzi mu cyubahiro cyinshi.

Gushyirwaho ikimenyetso

Kugira ngo abana b'Imana bazabe biteguye mu gihe cy'umubabaro ukomeye, Imana igambirira kubashyiraho ikimenyetso (cachet) cyo gukiranuka kwayo bwite. Uwo murimo wo gushyira ikimenyetso ku bantu, ubu urimo urakorwa kandi bidatinze uzaba urangiye. Mu by'ukuri, uwo murimo utangira iyo umuntu ahindukiye, urangira kandi ku iherezo ry'imbabazi rya buri mwizera, ni ukuvuga igihe apfuye, cyangwa ku iherezo ry'urubanza ruheruka rwa buri muntu. Abazaba biteguye nibo bonyine bazashobora kwakira ikimenyetso cy'Imana. Abazaba kandi baramaze gushyirwaho ikimenyetso nibo bonyine bazashobora guhagarara badatsinzwe mu gihe cy'umubabaro ukomeye, bakazaba kandi biteguye gusanganira Umwami, ubwo azaba agarutse. Uwo mwiteguro ushingiyeye ku kwitandukanya n'icyaha no kunesha kuri buri cyaha cyose.

Imvura y'itumba

Ijwi rirenga n'irangira ry'umurimo

Kugira ngo irangira ry'umurimo w'ivuga-butumwa ryihute, Imana yiteguye gusuka imvura y'itumba ari cyo kimenyetso cyo gusukwa k'Umwuka Wera ku bwoko bwayo. Imvura y'umuhindo yatumye itorero ry'intumwa rigira amaronko mu iyamamaza ry'ubutumwa bwiza bw'agakiza mu migabane yose y'isi yari izwi muri icyo gihe. Na none irekurwa ry'imbaraga y'ikirenga iva ku Mana, rizabashisha kurangiza umurimo w'ivugabatumwa ku isi yose. Ntabwo isezerano ry'imvura y'itumba ari iry'igihe gitinze, ahubwo ni iry'igihe cyacu. Imana yiteguye kuyiduha ari uko umugabane munini w'abana bayo uzaba umaze kugira umutima wo kwiyanga, umaze kuzinukwa icyaha cy'uburyo bwose, no kwiha Imana bafite umwuka wo kwicisha bugufi. Ijwi rirenga rigomba kumvikana mu gihe gito. Imana izagaragaza ububasha bwayo, isi nayo izamurikirwa n'ubwiza bwayo. Umurimo wayo uzarangira nk'uko isezerano riri. (Reba Ibyahishuwe. 18:14).

Itorero ryose muri rusange rikeneye kuvugururwa no kwezwa, kuko bitabaye ibyo ntirashobora gukora ibyo Imana ishaka, ntirarangiza umurimo waryo ku isi.

Ishungura

Iri jambo rirerekeza ku buhakanyi buriho. Ku buryo bugaragara, umubare munini w'abadivantisiti uzasohoka mu itorero. Bizaterwa n'iki? Ntabwo bahindutse by'ukuri, kandi ntibitaye ku butumwa bwa Kristo abwira itorero ry'i Laodokiya, ubutumwa bwo kwihana no kwivugurura. Mu by'umwuka bashimishijwe no gukora ibigaragarira amaso. Gusenga kwabo kwari ukurangiza umuhango.

Ubwo isaha yo kugeragezwa kw'itorero izaba ivuze, bityo itegeko ry'icyumweru rigakururira itorero akarengane, abantu benshi bazava muri twe. Bamwe bazahinduka abanzi bacu bakomeye. Kwirundurira mu Mana hamwe no gukurira buri mwanya mu buntu bwa Kristo, nibyo byonyine byaturinda ako kaga gakomeye bikaduhuza n'imbaga y'abagabo n'abagore bazanesha bitanze mu cyubahiro ubwo Yesu azatunguka ku bicu.

Igihe cy'umubabaro

Iminsi iheruka y'igihe cy'imbabazi iruhije byihariye ku b'isi no ku Itorero. Nubwo abamarayika bagifashe, imiyaga, intambara, urujijo, ibibazo bya politiki n'ubukungu, imyigaragambyo, kutavuga rumwe kw'imiryango n'umubabaro ntibibura kwiyongera. Ntabwo ubutegetsu bw'ibihugu buzashobora guhangana n'ibyo bintu biruhije byose, bona n'ubwo abayobozi bakoresha imbaraga zabo zose.

Igihe cya mbere cy'umubabaro uvugwa muri Luka 21:25, kizabanziriza igihe cy'akaga gakomeye kazakurikiraho uherye ku iherezo ry'igihe cy'imbabazi. Ku bwoko bw'Imana, igihe cy'umubabaro kizongererwa umurego n'akarengane buzacamo gakomotse ku bubasha bukomeye bwayobye. Ariko Imana izaba iri kumwe nabo kugira ngo ibongerere imbaraga, ibafashe kwemerana umunezero kubabazwa kandi ibahe kunesha.

“Kuko witondeye ijamba ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose, kugerageza abari mu isi. Ndaza vuba komeza icyo ufite, kugira ngo hatagira ugutwara ikamba ryawe” Ibyah. 13:10,11.

Akarengane

Igitabo cy'Ibyahishuwe cyavuze iby'ako karengane (13:17). Ariko Umwuka w'ubuhanuzi yabisesenguye ku buryo burambuye. Abana b'Imana bazababazwa uherye mbere y'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Uko ibihe bizahita niko kubabazwa bizi Yongera, cyane cyane mu gihe cy'umubabaro wa Yakobo. Hanyuma isaha yo gutabarwa izagera. Inyamaswa ya kabiri yo mu Byahishuwe 13, iyari ifite amahembe abiri asa n'ay'umwana w'intama igereranya Leta zunze ubumwe z'Amerika, ishyanga rivumbuwe vuba, ryirunduriye mu kwishyira ukizana, aho itegeko-nshinga rishya rigomba kurengera, ku

buryo butangaje uburenganzira bw'ikiremwa-muntu, cyane cyane ukwishyira ukizana mu kwihitiramo. Iki gihugu gifite uruhare rukomeye mu mateka. Nicyo cyashyizeho, mu rwego ruhanitse ukwishyira ukizana mu by'idini gikoresheje ingingo ya mbere y'itegekoshinga kigenderaho, gukuraho inama nshinga-mategeko ku bibazo by'amadini. Icyo gihugu cyatandukanije burundu itorero na Leta, gihagurukira kuzamura ukwishyira ukizana mu bitekerezo. Kubw'ubushingane bwari butazwi n'iyo miterere itangaje ya politiki, abagabo n'abagore barenganywaga bavuye hirya no hino mu migabane y'isi bashaka ubuhungiro muri icyo gihugu cyishimiye kubakira. Mu bwenge buhanitse bwayo: Imana yahisemo Leta zunze Ubumwe z'Amerika ngo habe ariho haba icyicaro gikomeye cy'Itorero ry'abadivandisiti b'umunsi wa karindwi ku isi. Bityo, icyo gihugu gikungahaye, cy'amajyambere cyirunduriye mu kwishyira ukizana, intumwa zavuyeyo zoherezwa mu isi yose kuhageza ubutumwa bw'uburyo butatu.

Nyamara kandi, ubuhanuzi bwemeza ko iryo shyamba, rigereranywa n'inyamaswa isa n'umwana w'intama, rizahinduka bikomeye. Dore uko rizaba riteye:

Rizavuga nk'ikiyoka: Ibyah. 13:11 Twibuke ko ikiyoka cyo mu Byahishuwe 12 ari ububasha bushinzwe kurenganya.

Rizahatira abaturage b'isi yose kuramya ya nyamaswa ya mbere (Ibyah. 13:12) kandi rizabaturiza mu kwemera kuyoborwa n'ububasha bukomatanyirije hamwe ibya gipolitiki niby'idini nibwo bw'Ivatikani. Bityo, ukwishyira ukizana kw'iby'idini kuzavaho. Kizaba ari igihe cyo kurwanya no kurenganya.

Rizakora ibitangaza bikomeye, kugeza n'aho rizamanura umuriro wo mu ijuru, kugira ngo riyobye n'intore niba bishoboka. Ibyah. 13:13,14. Ibyo bimenyetso bizagaragarira mu bitangaza bikorwa n'abakoreshwa n'imyuka mibi iyobya y'idini ya gipagani hamwe n'ubwiyunge buzabaho hagati y'ubuprotestanti n'ubugatolika.

Rizategeka umuturage wese wo kw'isi, kwiremera igishushanyo cy'inyamaswa ya mbere yo mu Byahishuwe 13 n'ukuvuga ububasha bw'i Roma (umurongo wa 14). Kimwe n'inyamaswa ubwayo, igishushanyo cy'inyamaswa nacyo kizarenganya abera. Icyo **gishushanyo cy'inyamaswa** kigereranya amatorero y'abaprotestanti azahindukirira ubuhakanyi kandi aziyungira gusaba ubutegetsi gushyiraho amategeko y'iby'idini.

Rizahatira abantu gushyirwaho **ikimenyetso cy'inyamaswa**, ribuze umuntu wese utagifite kugura no kugurisha. (umurongo 16,17). “ Ntabwo iyi ngingo yari yumvikana neza ntabwo kandi iteze kumvikana mbere y'uko uwo muzingo uzaba utarazingurwa. “Ikimenyetso cy'inyamaswa kigereranya neza ibyo twigishije.” Tém. II, 432. “Ikimenyetso k'inyamaswa ni.... Ugukomeza umunsi wa mbere w'icyumweru.” Tém.III.,274

Ubwo ikimenyetso cy'Imana kigereranywa n'amategeko yayo by'umwihariko isabato, umunsi w'ikiruhuko, ikimenyetso cy'inyamaswa kigomba kuba umunsi

w'icyumweru. Gukomeza Isabato, nk'uko itegeko rya kane riri, bigaragaza kumvira Imana Umuremyi n'Umukiza wacu. Na none gukomeza ku ngufu umunsi w'icyumweru, kuzategekwa isi yose biturutse ku gishushanyo cy'inyamaswa hamwe n'ibindi bihugu by'ibihangange mu buhakanyi, mu buryo runaka, ni ikimenyetso cy'inyamaswa, cyangwa ikimenyetso cyo kumvira ubutegetsu burwanya Imana n'ukuri kwayo.

Hanyuma, igihe kiruta ikindi cy'intambara ikomeye kandi ndende hagati y'ukuri n'ibinyoma, hagati ya Kristo na Satani, kizashingira, ku gukomeza cyangwa gukandagira umunsi nyakuri w'ikiruhuko.

Uwanga gukomeza Dimanche wese cyangwa akanga gukora ibikorwa byo kuramya bigamije kwica Isabato, bityo akanga kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa azareganywa. Leta izanga kubarindira umutekano. Ntabwo bazaba bakirengerwa n'amategako y'igihugu, kandi bazamburwa uburenganzira burusha ubundi gukomera mu mibereho nko kugura no kugurisha.

Mbere y'iherezaho ry'igihe cy'imbabazi, Leta zunze ubumwe z'Amerika zizahitamo itegeko ry'icyumweru. Iryo tegeko rizaba itangiriro ry'umubabaro ukomeye. Kizaba ar'igihe cy'akaga gashishana mu mateka. Uyu munsi amategako ashingiye ku kiruhuko cya Dimanche agaragara nk'aho afite imiterere mbonezamubano n'imibereho y'ubuzima bwiza, bityo akihanganira abanyuranya nayo. Abahanzi bayo bashyigikira ko ayo mategeko adafite uburemere mu by'idini. Ayo mategeko ariho muri Leta nyinshi zo muri Amerika ya ruguru. Bidatinze itegeko ry'ishyirahamwe rizayakwirakwiza mu gihugu cyose. Iryo tegeko rizaba rishingiye ku by'idini, rivuga mu buryo runaka, gusenga kuzaba gushingiye ku kwica umunsi nyakuri w'ikiruhuko. Igishushanyo cy'inyamaswa kizemeza gutorwa k'uwo munsi (kwiyeze k'ubuprotetanti bwahakanye hamwe n'ubutegetsu) babifashijwemo n'abagatolika hamwe n'abizera imyuka y'abapfuye.

Amahanga yose nayo azahita ashyira mu bikorwa amategako nk'ayo. Guhaguruka kw'akarengane kuzaba gutangiriyemo muri Amerika, kuzakomeza kugere no mu yindi migabane yose y'isi, bityo bitume kurenganya agatsiko gato gakomeza isabato, kuba gikwira ku isi yose. Ubwo itegeko ry'icyumweru rizaba rimaze gutanganzwa, abana b'Imana bagomba kuzava mu midugudu minini. Abatuye mu midugudu mito nabo bagomba guhita bitegura kuyisohokamo.

6. Ubwo ibyago by'imperuka bizatangira gucuncumurwa ku isi, ni ukuvuga nyuma y'irangira ry'igihe cy'imbabazi cyangwa mu gihe cy'umubabaro ukomeye, ikimenyetso cy'inyamaswa kizagerageza gutsembaho abanga kuramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo bose. Iyahishuwe 13:15. Itegeko ryo kwica abakomeza isabato rizatangazwa. Bazaregwa ko bigize ibyigomeke ku mategeko ariko bakaba n'intandaro y'ibyorezo bizaba birimbura uyu mubumbe icyo gihe.

Itariki ntarengwa yo gushyira mu bikorwa iryo tegeko izashingwa. Nimara gutangazwa bizaba ngombwa ko abana b'Imana basohoka mu birorero no mu nsiro

bajye kwihisha mu mashyamba, mu butayu no mu misozi aho bazasogongera ku burinzi bw’Imana bwihariye. Aho niho bazajya bagaburirwa n’abamarayika. Kizaba ari igihe cy’umubabaro mwinshi muri icyo gihe bazasakuza ubudahwema batakira Imana kugira ngo ibatabare.

Ikiyoka, inyamaswa n’umuhanuzi w’ibinyoma bazafatanyiriza hamwe kurwanya ukuri no kurwanya ubwoko bw’Imana. Ibyahishuwe 16:13. Ikiyoka gishushanya Satani n’uburyo bwose bw’inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye, zaba iza gipagani cyangwa iza gikristo. Inyigisho z’abadayimoni zizacengera mu buryo bwo gusenga bw’abaporositanti n’ubw’abagatolika hakoreshejwe ibitangaza bishingiye ku nyigisho zo kudapfa kwa roho. Inyamaswa ishushanya ubupapa cyangwa itorero Gatorika ry’i Roma. Umuhanuzi w’ibinyoma nta wundi utari ubuprotestanti bwayobye. Ubuprotestanti n’ubugatolika buzafatanyiriza hamwe na Leta y’Amerika gushinga amategako y’iby’idini. Ubwo bufatanye buzagera no mu yandi mahanga.

Haremagedoni

Ni igikorwa giheruka mu biteye ubwoba, urugamba ruheruka hagati y’icyiza n’ikibi, icyago cya 7. Intumwa Yohana yabonye mu kanwa ka cya kiyoka (inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye) no mu kanwa ka ya nyamaswa (ubupapa), no mu kanwa ka wa muhanuzi w’ibinyoma (ubuprotestanti bwayobye), havamo imyuka 3 yanduye. Iyo myuka y’abadayimoni izakora ibimenyetso bikomeye kugira ngo iyobye abami b’isi no kubahagurukiriza gutegura intambara yo kurwanya Isumba byose n’ubwoko bwayo Ibyahishuwe 16:12-4.

Abana b’Imana bizera bazarindwa n’Imana byihariye, hamwe n’abamarayika bayo bera. Ubwo bazahunga imidugudu, bazakurikiranwa maze baterwe n’ingabo ariko inkota zizazamurirwa ku bica, zizavunagurika nk’ibyatsi bikimera. Abamarayika bambaye nk’ingabo zikomeye bazarwanirira ako gatsiko k’impunzi. Mu buryo butangaje, bazabonera umutsima n’amazi ahantu ho mu butayu.

Imana izatabara abana bayo umunsi itegeko ryo kwica ryari kuzashyirwa mu bikorwa; Imana izakoma mu nkokora ibikorwa by’abanzi ikoresheje kubirindura isi n’ijuru no kurekurwa kw’imbaraga zidasanzwe z’ibyaremwe. Hagati yo kubura icyo bakora n’icyo bareka kubwo uburakari bwabo, ababi bazicana. Ubwo nibwo Ishobora byose izumvikanisha ijwi ryayo. Umuzuko ukomeye ubeho maze tubone Umwana w’Imana atungutse mu ijuru.

Igihe cy’umubabaro

“Maze icyo gihe Mikayeli wa mutware ukomeye ujya urengera abantu bawe azahaguruka, kandi hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho kugeza icyo gihe”. Daniel 12:1.

Icyo gihe cy'umubabaro kiri hanyuma y'igihe cy'imbabazi. Ishungura rizaba ryarangiye imvura y'itumba yasubije imbaraga mu bwoko bw'Imana nk'uko isezerano riri. Umurimo w'ivugabutumwa uzaba urangiye. Mikayeli, umutware ukomeye utuvuganira mu buturo bwo mu ijuru, azahaguruka maze ahagarike umurimo we; aziyambura imyambaro ye y'ubutambyi kugira ngo yambare ikanzu y'ubwami, urusengero rwo mu ijuru ruzuzura umwotsi kandi ntawe uzashobora kongera kwinjiramo ukundi.

Ubwo nibwo abamarayika bane bo mu Byahishuwe 7 bazarekura imiyaga irimbura. Abantu babi batirinda bazaba bahawe urwaho rwo gukora ibyo bashaka. Ibyago birindwi biheruka bizasukwa ku baciriweho iteka ryo gupfa. Kizaba ari igihe cy'umubabaro ukomeye ku isi hose. Iyaba ibyorezo byari kuzagera ku isi hose, abantu bahita bashira ku isi burundu.

Nubwo bazarindwa ibyo byago, abana b'Imana nabo bazanyura mu bihe bikomeye ku buryo bwihariye haba mu rwego rw'ibikoresho n'urw'imibanire n'abandi. Akarengane katagabanije kazaba karatumye, mu rwego rw'ibikoresho, ibihe birushaho kuba bibi. Bamwe bazaba barafashwe, baranafunzwe. Abandi bazaba barahungiyeye ahantu ha kure. Ariko n'ubwo bazaba barinzwe n'abamarayika bazatuma mu nzu z'imbohe hatamurura umucyo, bazahura n'ibirushya by'umubiri.

Ibindi biteye ubwoba bikomeye bizabageraho kuko muri icyo gihe cy'umubabaro bazaba badafite umurengezi. Iyaba ibyaha byabo byose byari biticujijwe ngo bibabarirwe, bari kuzabura kwihangana. Bazagera mu gihe cyo gushidikanya no kwiheba. Rimwe bazashidikanya ko ibyaha byabo byose byahanaguwe. Nk'uko Yakobo yari ari mu ijoro ry'umubabaro iruhande rw'akagezi ka Jaboki, imitima yabo izacishirizwa bugufi imbere y'Imana. Nubwo kwizera kwabo kuzaba kwageragejwe bazasohokamo bakomejwe n'ubwo bunararibonye budasanze. Amaherezo amasengesho yabo azumvirwa. Bazahabwa amahoro yo mu mitima nta cyaha na kimwe kiticujijwe kizabagaruka mu bitekerezo. Kuko bazaba baranesheje ku cyaha cyose mbere y'irangira ry'igihe cy'imbabazi, bityo bazaba barashyizweho ikimenyetso. Agakiza kabo ntigashidikanywaho.

Kuva igihe cyo gutabarwa kugeza Yesu agarutse

Ubwo Imana izagoboka ije gukoma mu nkokora umugambi-mubisha w'ubwicanyi ku bana bayo, umucyo w'izuba uzamurika no mu gicuku maze ibintu bidasanzwe bizatera abatuye isi ubwoba kubwo guhinduka kwabo. Inyanja zizibirindura kandi zizuzura. Inyubako nini cyane zizariduka kubera ibishyitsi bitigisa isi.

Ubwo nibwo hazabaho umuzuko kuri bamwe. Ibituro bizakingurwa maze intore nyinshi zisohoke kugira ngo babe abahamya bo kugaruka kwa Kristo. Muri bo hazaba harimo abazaba barapfuye bizeye ubutumwa bwa Marayika wa gatatu. Daniel 12:2. Abishe Yesu nabo bazasohoka mu bituro byabo hamwe n'abanzi bakomeye b'Imana.

Ibyahishuwe 1:7. Ubwo ababi bazaba bahindishwa umushyitsi n'ubwoba, abera bo bazaba bari mu byishimo batere amajwi hejuru bavuga bati: "Iyi niyo Mana yacu twategerezaga kandi niyo idukijije; Uyu niwe Uwiteka twiringiraga, tunezerwe kandi twiringire agakiza ke! Yesaya 25:9.

Ababi ni bamara kubona ko babeshywe, bazatangira kuregana umwe k'uwundi. Bazagereka ku mitwe y'abayobozi b'ibinyoma kurimbuka kwabo. Bazicana bakoresheje intwari zizaba zarateguriwe kwica abana b'Imana. icyo gitero ntikizatinda kurwanya Babuloni, Itorero ry'imbaga nyamwinshi. Ibyah.17:16 Bazarisenya. Ako kanya, ijwi ry'Imana rizavugaga umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Kristo.

Gutunguka ku bicu k'umwana w'Imana

Amaherezo isaha iheruka, aricyo gihe cyavuzwe n'abahanuzi kuva kera kose iragera. Agacu gato kirabura gutunguka ku bicu. Uko kegera hino buhoro buhoro niko kagenda kongera umucyo. Bidatinze hagaragara inteko nini itabarika y'abamarayika bera bashagaye Umwami w'abami n'Umutware w'abatware. Kristo amanuka ku isi azengurutse n'ibirimi by'umuriro. Ijuru rizingwa nk'urupapuro, isi iratigita, imisozi irariduka.

Mu gihe uwo mukimbagiro uhebuje uherekewe n'indirimo no gushima uzaba wegera hino, igishyitsi gikomeye kizahungabanya isi. Ijwi rya Kristo rizure abera kugira ngo bahabwe ubugingo bw'iteka. Abakiranutsi bakiri bazima bahindurwe. Ababi bakiri bazima barimburwe n'umucyo w'ubwiza bw'Imana.

Gutegereza kumaze igihe kirekire kuzaba kurangiye. Ijoro ry'umubabaro ryasimbuwe n'umunsi w'ikuzo. Umuryango w'Imana ku isi uzaba noneho uteraniye hamwe, wacunguwe n'amaraso y'igiciro cyinshi y'Umwana w'Intama, uteraniye ku Mukuru Umukunzi wawo no kuri Se wo mu ijuru.

Imyaka ibihumbi byinshi y'ibyiringiro izaba igize iherezo muri icyo gitondo cyo kunesha. Ni ngombwa ko tuba duhari kugira ngo tubirebe. Uyu munsi ni umunsi wo kwiyeza. Ejo uzaba umunsi w'ikuzo ryacu.

IGICE CYA MBERE: INZIRA YUBUGOROZI

Hashize imyaka hafi 2700, umuhanuzi Yoweri, abwirije n'Umwuka w'Imana, avuze iby'Umunsi w'Uwiteka muri aya magambo: “Muvugirize impanda i Siyoni! Muvugirize induru k'umusozi wera! Kuko umunsi w'Uwiteka uje, ndetse uregereje, umunsi w'umwijima n'icuraburindi umunsi w'ibicu bya rukokoma n'ibihu, uje nk'uko umuseke utambitse ukwira ku mpinga y'imisozi.” Yoweli 2:1-2

Ni iby'ukuri ko aya magambo yahise yuzurira mu mateka yo mu gihe cy'isezerano rya kera ubwo Isiraeli yari igiye kugotwa n'ababisha. Ariko aya magambo yazigamiwe kugira ngo abe ariyo akorehwa mu gihe giheruka, ku munsi w'Uwiteka mbere yo kugaruka kwa Kristo. Ubutumwa burasaba ko impanda irangururira muri Siyoni, ni ukuvuga mu Itorero kugira ngo induru yumvikane mu bwoko bw'Imana.

“Ariko none ubu nimungarukire n'imitima yanyu yose, niko Uwiteka avuga, mwiirize ubusa, murire muboroge! Imitima yanyu abe ariyo mutanyura mureke imyenda yanyu, muhindukirire Uwiteka Imana yanyu.... (15) Muvugirize impanda i Siyoni, mutegeke kwiiriza ubusa, mugire iteraniro ryera!...(17) Abatambyi bakorera Uwiteka ni baririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro maze bavuge bati: Uwiteka we kiza ab'ubwoko bwawe!” Yoweli 2:12-17.

Ubwo ibihe bikomeye byubika biri hafi gusohora ku munsi w'Uwiteka”, abagize itorero bagomba gukangurwa n'ijwi rirenga. Bagomba gushaka uguhinduka nyakuri kandi kwimbitse. Mu yandi magambo ni ngombwa ko itorero rinyura mu bugorozi (kwivugurura) mu by'umwuka kugira ngo ryitegure ibihe bikomeye by'imperuka.

Nta gushidikanya ko tumaze kugera mu isaha ibanziriza isaha y'ikirenga. Nicyo gituma guhamagarira ukwihana nyakuri no guhindura burundu imibereho, bigomba muri iki gihe, kumvikanira muri Siyoni hose: Isubi zikurikira ziratwereka icyo umuja w'Imana yanditse kuri ayo magambo; nyuma y'imyaka myinshi.

Hakenewe ubugorozi

Ikangura rishingiye ku gukiranuka nyakuri ni kimwe mu bikomeye kandi byihutirwa mu byo dukeneye byose. Inshingano yacu y'ibanze ni iyo gushaka iyo mbaraga. Tugomba gukoresha imbaraga zacu zose tudakina, kugira ngo tubone umugisha uva ku Mana si uko itifuza kuwudusakazaho, ahubwo ni uko tutiteguye kuwakira. Data wa twese wo mu ijuru yiteguye cyane gutanga Umwuka we Wera ku bamumusaba kuruta uko abantu bagenera guha abana babo ibyiza. Ariko uruhare rwo kuzuza ibyangombwa kugira ngo isezerano Imana yadusezeraniye ryo kuduha umugisha wayo ryuzuye, ni urwacu. Ibyo byangombwa nibyo: kwicuza, kwicisha bugufi, kwihana no gusenga kuvuye ku mutima.” -1S.M.,121. “Ubwoko bw'Imana buzihanganira ikigeragezo ari uko gusa bukangutse kandi bukivugurura. Mu mazu meza Umwami ategurira abakiranutsi, nta muntu n'umwe mu bantu bumva ko bihagije azakira.” -7T,285.

“Ubugorozi ni ngombwa mu bantu, ariko umurimo wabwo wo gutunganya wagombye mbere na mbere guhera mu ba pasitoro.” –1T, 469. Reka habeho ivugurura mu bwoko bw’Imana!” –M.J., 313.

Ikangura, ubugorozi bigomba gusohozwa n’ubuyobozi bw’Umwuka Wera. Ni ibintu bibiri bitandukanye. Ikangura rivuga guhinduka mushya mu kubaho mu by’umwuka, kongera imbaraga y’ubushobozi bw’iby’umwuka n’umutima, kuzuka mu by’umwuka. Ubugorozi bugizwe na gahunda nshya, guhinduka mu bitekerezo no mu magambo, mu migenzo no mu mikorere. Ntabwo ubugorozi bushobora kugira umusaruro wabwo budafatanije no guhinduka mushya mu by’umwuka. Ikangura n’ubugorozi bigomba kurangiza umurimo wabyo, maze bigafataniriza hamwe mu murimo umwe.” - Ch. S,42 .

“Natangajwe bikomeye n’amakina-nyigisho yahitishwaga imbere y’amaso yanjye, mu iyerekwa rya nijoro. Ikangura rikomeye ryasaga naho riboneka hirya no hino. Ubwoko bwacu bwahagurutswaga no kwitaba ihamagara ry’Imana. Bene Data, nitwe Imana ibwira. Mbese ntituzumvira ijwi ryayo? Mbese ntituzacana amatabaza yacu? Dukore nk’abantu bategereje kugaruka k’Umwami wabo. Igihe turimo kiturarikira guhitira ku murimo, gukwirakwiza umucyo ahatuzengurutse”-3T.T.,441. “Mbere y’uko ibihano by’Imana bisukwa ku isi, mu bwoko bw’Imana hazabaho ikangura ryo gukiranuka kwa mbere ritigeze kuboneka uherye mu gihe cy’intumwa. Imana izaha abana bayo Umwuka n’ububasha byo mu ijuru.” -T.S.,504.

Iimiterere y’ubugorozi

Satani yagerageje, n’imbaraga ze zose, kwigana ubugorozi mu by’umwuka,Imana ishaka gusohoreza mu itorero. Ng’ubu uburyo Umwanzi ukomeye akoresha kuva kera: kuzimanganya ukuri maze agakwirakwiza ibinyoma kugira ngo aheze abantu mu rujijo, mu muvurungano, ubuhenebere no kubuza imitima guhinduka.

Uburyo Satani yigana ubugorozi

Ikaramu ishorewe n’Umwuka irandika iti: “ Mu ikangura, Satani agerageza kwinjiza abantu batejewe kandi babogamye... “Amateka yose y’Itorero agaragaza ko nta na rimwe ubugorozi bwateye imbere butagonganye n’inzitizi zikaze. Ni nako byagenze mu gihe cya Paulo. Aho yahangaga amatorero hose niko yahasangaga abantu bavuga ko bizera, bageragezaga kuhinjiza ubuyobe bushobora kubika urukundo rw’iby’ukuri.

-T.S.,428

“Imbutu Luteri yari yarabibye zagiraga umusaruro hirya no hino... Nk’uko Satani yakunze kubigenza mu bihe bisa n’ibyo, yagerageje gukoma mu nkokora umurimo w’ubugorozi awigana agamije kuyobya no kurindagiza imitima. Nk’uko mu kinyejana

cya mbere habayeho abakristo gito mu Itorero, ni nako hahagarutse abahanuzi b'ibinyoma mu kinyejana cya 16 .” -T.S.,194.

Muri iki gihe, se w'ibinyoma arakora nk'uko yabigenzaga mu gihe cyashize. Yiyemeje gutera akaduruvayo mu kidivantisiti no guheza mu rungabangabo abana b'Imana. Ni muri ubwo buryo mu gihe kigufi cy'amateka y'itorero ryacu, by'umwihariko mu myaka iheruka, udutsiko twagiye twishyirira hamwe guteza umuvurungano no kwirema ibice. Utwo dutsiko tuba tuyobowe n'abiyita abagorozi, turasenya mu cyimbo cyo kubaka. Umurimo watwo ntushyigikira kugeragereshwa Bibiliya :“ Muzabamenyera ku mbuto zabo .” Matayo 7 :16.

Umwuka w'intonganya no kwirema ibice

Umwe mu miterere rusange y'ubugorozi gito, ni ukugira umwuka wo kwirema ibice, intonganya, kwivumbura n'imvugo isenya cyane cyane abayobozi b'itorero. Umwuka w'ubuhanuzi atugira inama ikurikira: “Isaha irageze yo gusohozza ubugorozi nyakuri. Umwuka wo gusenga uzuzura umwizera wese kandi kwirema ibice kuzarangira mu Itorero”-Tém.III, 303. mu yandi magambo, umurimo w'ibanze w'ubugorozi nyakuri ni uwo gushyira ku ruhande kwirema ibice, gusenya abandi n'intonganya. Umuja w'Imana aratubwira iby'umwe mu bayobozi babo, asesengura ubugorozi gito ati: “Yibwiraga ko Imana yari yahinyuye abagaragu bayobora umurimo wayo, ko ariyo mpamvu yari yahawe ubwo butumwa. “ Umuja w'Imana aravuga yeruye kandi ko yagerageje kumwereka ko yari yibeshye.” 2S.M., 64. Yanditse ku byerekeye undi ati : “Yavugaga ko abayobozi b'Itorero bose bazagwa kubera kwihimbaza ubwabo, maze undi mutwe w'abantu bicisha bugufi ugahaguruka maze ugasohozza ibitangaza... Yagiraga ishusho yo kwizera Ibyanditswe, akavuga ko ari iby'ukuri kandi yarabikoreshaga... ashigikira imigambi yabo no kuyiha ishusho y'iby'ukuri.” -2S.M.,64,65.

Ariko Madamu White yanditse ku by'uwo muntu no ku butumwa bwe ati : “Ijambo ry'Uwiteka ryangezeho muri aya magambo ngo : Ntukabizere, sinabatumye kandi Madamu White yamubwiye ko ubutumwa bwe butari ubw'Imana, ahubwo ko yabeshyaga abatarinze neza amazamu yabo.” 2S.M.,66.

Na none mu gihe avuga undi muntu wiyitiraga ko afite ubutumwa bwihariye, yaranditse ati : “Bari bafite umwuka umwe wo kurega abandi- ni ukuvuga ko bibwiraga ko itorero ryari riri mu makosa gusa kandi ko Imana yari ihagurukije ubwoko bwari gukora ibitangaza .” -2SM.,66.

Mu bihe byose igisa n'ubugorozi gihagurukanye umwuka wo gusenya abayobozi b'umurimo na gahunda y'Itorero, kikigisha kwirema ibice n'impaka, tuba tubonye ikimenyetso simusiga ko ari uburyo buzanywe na Satani bwo kwigana igisa n'ubugorozi bunyuranye n'ubugorozi nyakuri.

Kugira ngo ubwo bugorozi bubone abayoboze, bwiyitirira mbere na mbere ko buri mu itorero ry'abadivantisiti kandi bukagaragaza umwete mu murimo w'Imana. Ariko buhoro buhoro, bukagenda buva mu Itorero buri gihe kugira ngo bukore udutsiko dutandukanye. Nicyo gituma buba isoko y'ibirushya no kugusha abantu bataryarya ariko badakomeye, kugeza ubwo ishusho yabo nyakuri izashyirwa ku mugaragaro.

Satani akoresha ikinyoma mu mbaraga ze zose

“Ikangura ryose ry'ubwoko bw'Imana rirangwa no kwiungikanya k'umurimo uva k'umwanzi . Noneho ubu arabumbira hamwe ingufu ze zihuruka ategura igitero gihuruka arwanya Kristo n'abigishwa be. Ubushukanyi bukomeye kandi buhanitse buregereje ” - T.S.,643.

Reka ubwoko bw'Imana bukanguke maze bukore umurimo butajenjetse wo guhinduka no kwivugurura busuzume mu Byanditswe kugira ngo bubonemo ukuri nk'uko kuri muri Kristo, bwirundurire mu Mana bityo ntibazatinda kubona ko Satani uhora ateze, agaragaje ububasha mu bushukanyi bw'uburyo bwose maze agatumiza abadayimoni bo mu butware bwe bwose kuza kumufasha. -TS.,430.

Ubwaka

Ubwaka ni bumwe mu buryo umwanzi akoresha kugira ngo akome mu nkokora umugambi w'Imana, wo kwamamaza no guhagurutsa ubugorozi mu bwoko bwayo. Satani yarabukoresheje mu gihe cy'intumwa no mu gihe cy'ubugorozi bwa giporotesitanti abukoresha no mu makangura yose y'iyobokamana.

“Ubwaka buzaboneka no hagati mu bacu. Ubushukanyi buzaza, ku buryo niba bishoboka bwayobya n'intore.” -2S.M.,16.

“Luteri yahuye n'ibihe by'umubabaro ukomeye kubera abantu biyitiriraga ko Imana yavugiraga mu kanwa kabo....

“Bene Data Wesley n'abandi bakanguzi bakomeye ku bwo kwizera no gukora kwa bo mu murimo w'Imana, nabo bagiye buri ntambwe bahangana n'imitego ya Satani kubera abantu biha kugira umwete, babogamiye kandi batihanywe, birunduriye mu buryo bwose bw'ubwaka.

“William Miller ntiyakundiwe n'abari babogamiye k'ubwaka. Nawe yemeje nka Luteri ko imyuka yose igomba kugeragereshwa Ijambo ry'Imana...

“Ahubwo abanzi b'ubugorozi bagerekaga ubwaka ku bantu bakoranaga umwete mwinshi babirwanya. Abarezi b'urugendo rw'abadivantisiti bari bafite imico nkiyo.” - T.S., 428,429.

Ariko reka turinde amazamu yacu kugira ngo gukabya mu byo kurwanya ubwaka bitadutera kuninira ikangura nyakuri rifite imiterere tuzasesengura kure y'aha..

“Iyo Imana ikoze inyuze mu bikoresho-bantu kandi abantu bagahagurutswa n’ububasha bwo mu ijuru, Satani atera abakozi be kwamagana ubwaka, bakavuga ko abantu bagomba kwirinda abakabya. Tugomba gutekereza neza mbere yo kubwamagana, kuko kubaho kw’amafaranga y’ibikwangara kutagira icyo kugabanya ku gaciro k’amafaranga mazima. Nubwo hariho amakangura-kinyoma, nkuko hariho guhinduka gito, ntabwo hagomba kubaho kutiringira amakangura yose. Ntitugomba kugira agasuzuguro kagirwaga n’abafarisayo ubwo biyamiraga bati: “Uyu yiyegereza abanyabyaha.” Luka 15:2 - M.E.,164.

Umucyo mushya

Ubundi buryo umwanzi akoresha atega imitego imitima idashishoza, ni iyamamazwa ry’icyo bita ko ari umucyo mushya. Ku buryo busanzwe ntabwo icyo cyitonderwa kirebana no gutinda kwemewe n’amategeko, ku mahame fatizo yamazwe gushingwa, cyangwa se ubusobanuro bwimbitse mu buhanuzi uko bugenda busohora. Ariko twibuke inama zikurikira: “ Iyo ububasha bw’Imana buhamya ukuri uko ari ko; uko kuri kugomba kuguma uko gusanze kuri. Nta kindi kigereranyo kindi cy’ahazaza kinyuranye n’umucyo Imana yatanze kigomba kwakirwa.” –1S.M.,161. Kugira ngo umucyo mushya ube ukomoka ku Mana, ugomba kuba ufite imiterere ikurikira:

Uzaba uhuje rwose n’uko Ijambo ry’Imana riri, kandi ntabwo ugomba gushingira ku busobanuro bubonetse bwose bw’ibyanditswe, bubogamiye ku ruhande rumwe. “Abagabo n’abagore bazahaguruka bitwaje ko batwaye umucyo mushya cyangwa guhishurirwa byihariye bigamiye kurandura kwizera gukomeye ko mu mbago za kera. Amahame yabo ntazihanganira kugeragereshwa Ijambo ry’Imana nyamara kandi imitima myinshi izashukika.” - Tém.1 124.

Ntabwo uzavuguruza kumwe mu kuri fatizo uko ariko kose kwashyizweho mbere ari nako nkingi zidasubirwaho z’amahame y’Itorerero. “ Ntabwo Imana iha umuntu umwe rukumbi muri bo umucyo mushya unyuranye no kwizera gushikanye k’umubiri w’Itorerero. Mu gihe cy’ubugorozi bwose, abantu bahagurukijwe no kuburana iyo mpamvu.” -Tém.II.,119.

Abatangaza iby’umucyo mushya ntibagomba kwihimbaza bibwira ko barenze bene se, cyangwa se ko Imana yabatoye kubera ko barutaga ubwoko bwayo. Iki ni igitekerezo gishyirwa hejuru muri rusange, n’abayobozi ubwabo b’izo ngirwa-bugorozi. “ Ntabwo Imana yaretse ubwoko bwayo ngo ihitemo umuntu hano, n’undi hariya ngo abe aribo bonyine bakwiriye kwakira ukuri kwayo” Tém.II., 119. “ Nta muntu ukwiye gukabya yibwira ko Umwami yamuhaye umucyo wihariye bene Se bandi badafite. Kristo ameze nk’umuturage utuye hagati y’ubwoko bwe.” -Tém.II.,120.

Indi miterere y'ubugorozi nyakuri, ni ukugira:

Umwuka wo gusenga ;

Umwuka wo kwihana nta buryarya;

Muri rusange umwuka w'umwete wo kubwiriza ubutumwa no kwigomwa;

Umwuka wo gushima n'imirimo y'ubuntu.

“Mu iyerekwa rya nijoro, neretswe ubugorozi bukomeye mu bwoko bw’Imana. Abenshi bahimbazaga Imana, abarwayi barakiraga n’ibitangaza byinshi bigakorwa. Hagaragaraga umwuka wo gusenga nk’uwagaragaye mbere y’umunsi ukomeye wa pentekote. Abantu amagana n’ibihumbi bajyanaga ubutumwa mu miryango bakabasobanurira Ibyanditswe. Imitima yatsindwaga n’imbaraga z’Umwuka Wera, bityo hakaboneka abihana nyakuri. Hijya no hino inzugi zakingurirwaga kubwirwa ukuri. Isi yasaga n’imurikiwe n’umucyo w’Imana. Imigisha myinshi yahabwaga abana b’Imana biyoroheje b’abanyakuri. Numvaga ibikorwa byo gushima n’ubuntu twari twiyiringiye mu 1844.” -Tém.III.

Izingiro ry'ubugorozi: Kwamamaza ubutumwa bwagenewe itorero ry'i Laodokiya no gutsindishirizwa kubwo kwizera.

Kwivugurura kw'itorero kuzakomoka ku kwemera byimazeyo ubutumwa bw'Umugabo wo guhamya ukiranuka yandikiye itorero ry'i Laodokiya. Ubutumwa Kristo yoherereza Itorero rye buzashenjagura ubwibone n'uburyarya bwo kwiha gukiranuka no kwiyingira maze buzane umwuka wo kwihana kutaryarya no kwicuza. Buzashorera umutima utaryarya buwugeze ku birenge by'umusaraba kugira ngo uherezwe ibyaha byawo byose no kwakira impano yo gukiranuka kwa Kristo. Mu isaha y'akaga gakomeye Itorero ry'Imana rizanyuramo, nta muntu n'umwe uzasigara adakozweho. Luka 11:23. Kwemera ubu butumwa budakebakeba bw'urukundo (Ibyah. 3:14-22) bizaba isoko y'imigisha: guhinduka gukomeye ko mu mutima, kwitadukanya n'isi, kunesha ku byerekeye umubiri hamwe n'imibereho mishya ivuye mu ijuru. Iryo niryo shingiro ry'ubugorozi nyakuri bugomba kubaho mu Itorero, mu mutima wa buri muntu.

Abakerensa ubutumwa maze bagahitamo kwibera akazuyaze, abanyamihango hamwe n'abiha gukiranuka bazasohorwa mu gihe cy'ishungura kandi bazarimbuka. Ubutumwa bwa Kristo burabisobanura butya buti: “ Nabajije icyo ishungura nari nabonye risobanura. Bambwira ko ryari rizanye n'inama y'Umugabo wo guhamya w'ukuri agira Itorero ry'i Laodokiya. Iyo nama izagira umumaro ku mutima w'umuntu uzayakira; izamutera guhimbaza ukuri. Bamwe ntibazayemera: bazayirwanya, kandi ibyo nibyo bizazana inshungura mu bwoko bw'Imana.” -P.E.,270.

Umurage uyu n'uyu w'Itorero uzava ku buryo ubu butumwa buzakirwa. Bugomba gutera ukwihana gukomeye. Abazabwakira bose bazezwa.

“Nabonye ko ubuhamya bw'Umunyakuri bwumviwe igice gusa. Ubwo buhamya bukomeye, ari nabwo bugomba guhesha Itorero umurage uyu n'uyu, bwahawe agaciro gake, ndetse ntibwitaweho. Bugomba kuduhesha kwihana by'ukuri. Ni iby'ukuri ko abazabwakira bose bazahindurwa nabwo kandi bazezwa.” -P.E.,270.

Ubutumwa bw'urukundo

Andikira malayika w'itorero ry'i Laodokiya uti: Uwiye Amena Umugabo wo guhamya w'ukuri kandi ukiranuka, inkomoko y'ibyo Imana yaremeye, aravuga aya magambo ati: Nzi imirimo yawe, y'uko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Ibyah.3:14-15. “Ubutumwa bubwirwa itorero ry'i Laodokiya n'imvugo itangaje yerekeye ku bw'Imana bw'iki gihe.” -3T.,252.

Umwanditsi w'ubu butumwa nta wundi utari Kristo, Umukiza wacu n'inshuti yacu magara. Ni Umunyakuri kandi n'uwo kwizerwa. Aradukunda, ariko ntabwo aturyarya, ashaka ko dukizwa. Atubwiza urukundo n'ukuri kose. Ubutumwa bwe burahuranya ariko bwuzuye imbabazi. Aratubwira ati: “Nzi imirimo yawe. Utubwira atuzi neza kuruta uko twiyizi, kuko umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana. Yeremiya 17:9. Ni ukubera ahanini impamvu yo kwibwira ibitari byo kw'abanyalaodokiya gutuma Kristo asanga ari ngombwa ko tubwirwa ubu butumwa. Kubera ko Imana ubwayo ituzi, nicyo gituma kwitwara kwacu imbere y'ubu butumwa kwari gukwiye kuba nk'uko umunyezaburi wagize ati: Mana ndondora, kandi umenye umutima wanjye!... Urebe y'uko hari inzira y'ibibi indimo maze unshorere mu nzira y'iteka ryose! Zaburi 139:23,24.

Ubu butumwa burakora k'umuntu wese ku giti cye. Guhagarara mu buryo ubu n'ubu mu by'umwuka kw'Itorero, kuzava ku buryo umuntu wese uri mu Itorero azitabira iryo rarika.

Uri akazuyaze

Ni iki urondora ibiri mu mitima yacu atubwira, “Ntabwo ukonje kandi nta n'ubwo ubize. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko kubera ko uri akazuyaze,.. ngiye kukuruka. Ibyah. 3:15,16.

Mu gihe itorero ryari rigitangira gukura, nibwo twabwiwe iri jambo riteye ubwoba ngo:” Ubutumwa bwandikiwe itorero ry'i Laodokiya burerekeza ku bwoko bw'Imana buvuga ko bwizera ukuri kw'iki gihe. Umugabane munini w'ubu bwoko ni akazuyaze kandi nta mwete bufite... “ Ijambo akazuyaze rirerekeza ku bantu bateye batya: bavuga ko bakunda ukuri, nyamara ntibakurikiza ibyo uko kuri kubabwira, ntibagira imbaraga za gikristo. Ntibagerageza kwitanga batizigamye, bityo bakaba bagomba kugerwaho n'akaga gahwanye n'akazagera ku batizera, kuko badashaka gupfa kuri kamere ngo bakore

bataryarya, bakurikiza amahame yo kwizera kwabo...” Ntabwo bitanga burundu n’umutima wabo wose mu murimo w’Imana, ntabwo bo ubwabo bagira ishusho y’uwo murimo, bariheza kandi baba biteguye kureka imyanya y’akazi bashinzwe niba inyungu zabo bwite zibangamiwe. Ntabwo umurimo w’ubuntu ukorera mu mitima yabo.” Tém.,I546,547.

Imana ihimbazwe, umugabane utari muto wo mu bacu si akazuyaze,kuko wemereye imbaraga y’Umwuka gukorera mu mibereho yabo. Ariko ntawabura guterwa agahinda no kubona umugabane munini w’abagize Itorero ugizwe n’abantu badakonje kandi ntibabire nyamara kandi bakaba bibwira ko bizera ukuri kandi badashyira uko kuri mu bikorwa. Ibi bigomba ivugurura nyaryo.

Dore kuba akazuyaze bigaragarira mu mibereho y’abantu:

Babuze “ugukiranuka muri byose, babuze kandi umwete wa gikristo”. Tugomba kubaho buri munsu dushyikirana n’Imana, dusenga kandi twiga Ijambo ryayo. Bityo ibyo dukeneye by’umwuka bizabonerwa ibisubizo.

Ntibashaka gupfa kuri kamere yabo, ntibanashaka kubaho nk’uko amahame yo kwizera kwabo abibasaba. Guhinduka by’igice ntibizadukiza. Mumpindukirire n’imitima yanyu yose niko Imana ivuga. Umutima ugabanyijemo ntuzatuma tunesha urugamba. Kristo adusaba ko tuba abe tutizigamye. Inarirye igomba gupfa kugira ngo Kristo ahabwe icyicaro mu mitima yacu.

“Ntabwo binjiye n’imitima yabo yose mu murimo w’Imana kandi ntibaringaniza inyungu zabo bwite n’inyungu zo gukorera Imana”. Ntabwo bigomwa byimazeyo igihe, inyungu, umurimo n’ubutunzi ngo bateze umurimo w’Imana imbere.

“Ntabwo ubuntu bukorera mu mitima yabo”. Imana yifuza gukorera icyo gitangaza mu mutima wa buri muntu kandi ku buryo bwuzuye. Uwatangiye umurimo mwiza muri mwe, niko Paulo atubwira : azawurangiza rwose kugeza ku munsu wa Yesu Kristo. Abafilipi 1 :6. Dushimire Imana kubera ko yifuza kuzuriza muri twe umurimo wayo kandi ko ibifitiye ububasha ! Ariko umutima w’ubushake bwacu ni ngombwa. Tugomba gukorana nayo n’umutima wacu wose.

Ngiye kukuruka

Amazi y’akazuyaze atera iseseme, asobanurwa ko atera kuruka mu gihe umuntu ariye uburozi. Na none kudamarara no guhinduka kudashyitse, bibabaza Imana. Abakomeza kwibera batyo bazakurwa imbere ya Data wa twese.

Yesu ababazwa nuko ako kazuyaze kadashyika. Aragaragaza icyifuzo cye gikomeye cy’uko ibyo byahinduka, agira ati: “Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize!”

“Byarushaho kunezeza Imana, abantu b’akazuyaze biyitirira Imana bacecetse ntibigere na rimwe bavuga izina ry’Imana. Abo, baba umutwaro ukomeza kuremerera abashaka gukurikira Yesu bataryarya. Ku bafite kwizera, abantu nk’abo bababera ibuye risitaza.”-1T,188

Ariko siko biri ku bana b’Imana bose. Kudakebakeba kw’inama y’Imana, kugamije gukangura kugira ngo ivugurura ribeho mu mibereho yacu. Bizagaragara noneho ko ubuntu bwa Kristo bwakoreye muri twe uguhinduka gukomeye.

Kwibona mu by’umwuka no kwihaza

Ireme ry’ubutumwa bw’Umugabo wo guhamya wiringirwa turihabwa mu rindi hishurwa rivuga riranguruye riti: “Kuko uvuga uti: Ndatunze ndatunganiwe, ntacyo nkennye, nyamara utazi ko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi ko uri umukene n’impumyi, ndetse wambaye ubusa.” Ibyah.3:17.

Abana b’Imana bafite umwuka wa kilaodokiya bagereranywa n’abantu biberaho mu busugire bw’umubiri. Biha gukiranuka, ntacyo babuze. Bibwira ko bamaze kugera ku rwego ruhanitse mu by’umwuka. Nyamara ibyabo biteye agahinda imbere y’Imana kandi ntibabizi. Baribeshya ubwabo.

“Ubutumwa bwandikiwe abanyalaodokiya burerekeza ku badivantisiti b’umunsi wa karindwi babonye umucyo mwinshi nyamara bakaba batarawitayeho. Bagaragaje kuba beza mu byizerwa, ariko ntibaciye mu nzira umwigisha wabo yanyuzemo. Niba batihannye, bazarukwa.” –2.S.M.,66.

Ubu butumwa busenya amahoro bibwira ko bafite binyuze muri iri tangazo riteye ubwoba ry’ubuhumyi bwabo, ubukene bwabo, kuba impezamajyo kwabo mu by’umwuka. Kwibona mu by’umwuka by’umwihariko ni akaga gakomeye, kuko ibyo bishyira Kristo iruhande kandi ariwe mbaraga ikiza y’Imana. Kumenya ubuhanya bwacu ni icyangombwa gikomeye kugira ngo umuvuzi ukomeye ariwe Mana ashobore kudukiza.

“Ntabwo abazima aribo bakeneye muganga, keretse abarwayi ni ko Yesu avuga kandi arongera ati: sinaje guhamagara abakiranutsi keretse abanyabyaha kugira ngo bihane. Mariko 2:17. Nyamara mu by’ukuri ntawe ukiranuka n’umwe. Abaroma 3:10

Ariko se abazima ni bande? Uburyo iri jambo ryakoreshejwe mo hano, riravuga abibone mu by’umwuka, abuzuwemo no kwiha gukiranuka, nk’abafarisayo bavugwa mu mugani wa Kristo. Niba bakomeje kwibera batyo, ntibashobora kuzababarirwa habe no gutsindishirizwa. Ntacyo amasengesho yabo azamara.

Dore inama bagirwa ihane. Ibyah. 3:19. Kwihana bivuga kwimenyaho icyaha, agahinda gatewe n’icyo cyaha, no kwifuza gutandukana nacyo. Ariko umuntu wiha gukiranuka yakwihana iki? Kandi niba hatabayeho kwihana, ni buryo ki umuntu ashobora kwakira imbabazi n’ubuntu biva ku Mana?

Nta kindi kizitira ku buryo buteye ubwoba imbaraga ikiza iri muri ubu butumwa kugera ku banyabyaha kitari ubwibone mu by'umwuka, no kwiha gukiranuka. Ibyo bibashyira mu buryo buciye ukubiri no gutsindishirizwa kubwo kwizera, ari nabwo buryo bumwe bwo guhabwa imbabazi no kunesha.

“Ndi umukire”. Gutekereza gutyo, kugaragaza urwego ruhanitse mu byo kwiha gukiranuka umuhanuzi Yesaya yahwanyije n’ubushwambagara bwanduye” Yesaya 64:5. Umuntu umeze atyo ashobora kugira amababi menshi kubera ko asa n’ufite kwizera; ariko imibereho ye ntiyere imbuto, nk’umutini warumbye. Paulo yari afite impamvu yahungaga imibereho nk’iyo. Gushaka gukomeye kwe kwari uko kuronka Kristo, no kuboneka muri Kristo, atari kubwo gukiranuka kwa Paulo, kuzanwa n’amategeko, ahubwo kuzanwa no kwizera Kristo, gukiranuka kuva ku Mana mu kwizera” Abafilipi 3:8,9. Ubu butumwa buzatubera ingirakamaro ni dukorana n’Imana mu bushake no mu kuri.

Neretswe ko ubuhamya ku banyalaodokiya bwerekeza ku bana b’Imana bo muri iki gihe. Niba ubu butumwa butaragize umumaro, ni ukubera kwintangira kw’imitima yabo. Ariko Imana yatanze igihe gihagije kugira ngo ubutumwa busohoze umurimo wabwo. Imitima igomba kwezwa ibyaha byayitandukanije na Kristo kuva kera kose. Ubu butumwa buteye ubwoba buzasohozwa umurimo wabwo. Igihe bwavugwaga ku nshuro ya mbere, bwateye mu bizera kwisuzuma gukomeye mu mitima. Ibyaha byaricujijwe, ubwoko bw’Imana burakunguka.. Umugambi wabwo n’uwo gukuraho ibitotsi biri mu bana b’Imana, kubamenyesha amakosa yabo no kubatera umwete no kwihana kugira ngo batunge Kristo mu bugingo bwabo no kugira ngo bitegure ijwi rirenga rya Marayika wa gatatu” IT.,186.

Umuti ukwiriye

Nyamara ntabwo ubutumwa bw’urukundo bw’Umugabo wo guhamya w’ukuri bwibanda ku kugaragaza ubuhenebere mu by’umwuka bw’abitorero ry’i Laodokiya gusa. Ahubwo, ubwo butumwa buzasuzumana ubuhanga buhanitse uburwayi bw’itorero bukanarishakira umuti. Nicyo gituma” inama y’Umugabo wo guhamya w’ukuri yuzuyemo gutera umwete abizera no kubahumuriza” -7B.C.,265.

“Dore, ndakugira inama, niko Yesu avuga, ngo ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda kugira ngo ubone uko uba umutunzi kandi ungureho imyenda yera, kugira ngo wambare, bityo isoni z’ubwambure bwawe zitagaragara, Kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe, kugira ngo uhumuke” Ibyah. 3:18. Indwara eshatu ziremereye itorero ry’i Laodokiya. Ubukene, Ubwambure n’Ubuhumyi, zikizwa n’imiti ihebuje itatu iva mu ijuru: izahabu yatunganirijwe mu ruganda, Imyambaro yera n’umuti wo gusiga ku maso. Iyi miti uko ari itatu ishushanya iki? Izahabu yageragerejwe mu ruganda isabwa hano, ni ukwizera n’urukundo. Ikungahaza umutima, kuko yageragerejwe mu itanura kugeza ubwo itunganye, kandi uko yarushijeho gutwikwa niko yarushijeho kubengerana. Imyambaro yera ni ukwera kw’imico, gukiranuka kwa Kristo guhabwa umunyabyaha atari agukwiriye. Ni umwambaro wadodewe mu ijuru, ntacyo uwo mwambaro ushobora

kugurwa, uretse imibereho ishingiyeye ku kumvira udahatwa, umuti wo gusiga ku maso ni ubwenge n'ubuntu bituma dutandukanya icyiza n'ikibi no gutahura icyaha mu buryo bwose". -Tém., I, 548.

Urukundo no kwizera

Urukundo no kwizera bigereranywa n'izahabu yageragerejwe mu ruganda, ni imbuto ebyiri z'ingirakamaro z'Umwuka Wera. Dore uko Madamu White yanditse kuri iyo ngingo: " Neretswe ko izahabu ivugwa na Kristo Umugabo w'ukuri abantu bose bagomba kugira, ari ubwomatane bw'urukundo no kwizera, urukundo rurenze ukwizera. Satani ahora ku murimo wo kwambura abana b'Imana izo mpano zihebuje z'umutima. Bose bahugiye mu by'imibereho Satani azi yuko aramutse akuyeho urukundo no kwizera akabisimbuza kwikubira no kwinangira, gutandukanya ibyera n'ibyanduye nabyo byazasibangana maze umugabane wose ukazarimbuka". 2T., 36,37.

Gukomeza nyakuri amategeko bishingiye ku rukundo. Kubaho muri Kristo niryo hame abahindutse bose bumvira. Nta bukristo buba buhari, iyo habuze urukundo, kuko udakunda atamenye Imana, kuko Imana ari urukundo . 1 Yoh.4:8. Urukundo ruhindura burundu imibereho yacu. Reba 1 Abakorinto 13. Urukundo rutsemba kutanyurwa no kwikubira maze rukabisimbuza kugira ubuntu, kugira neza no kwihotorera abandi. Urukundo rurandura inzika, kwifuza n'ishyari maze rukabyara kugwa neza, kwihangana no kwishimira abandi. Rwirukana amakimbirane n'intonganya, rwica gukunda kwikubira rugasigingiza urwangano, rugahanagura kubika inzika n'uburakari, ruzana amahoro, ubushake bwiza n'umunezero, rutsemba ubwoba no kwirengagiza. Mu kwizera imbabazi za Kristo, urukundo ni umuti uhebuje ukiza indwara z'umutima, igisubizo gihebuje mu gukiza intugunda, kandi urukundo ni ubuvuzi bukomeye bukiza uburwayi bwinshi bw'ubumuga ku mubiri no ku mutima.

Uburyo bumwe rukumbi bwo kugira urukundo ni ubwo kuvoma ku isoko ariyo Yesu Kristo, nk'uko inama y'intumwa Paulo igira iti: ku buryo Kristo ahora mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo mumaze gushorera imizi mu rukundo.."Abefeso3:17. Iyo Kristo acengeye mu mutima w'umuntu kugira ngo awuyobore (niba ndiho sinjye uriho, ahubwo Kristo niwe uri muri jye), urukundo ruhinduka insinzi y'ikirenga. Urukundo rwa Kristo ruraduhata. Abagalatiya 2:20, 2 Abakorinto 5:14.

Kwizera n'urukundo bituma tubaho buri gihe mu busabane n'ijuru. Kwizera gushyira hagati y'ubugingo bwacu n'Imana isano idasenyuka ku buryo nta muntu mu isi ushobora kuyitandukanya, uretse icyaha. Kwizera kuduhesha imbabazi z'imana kandi ububasha bwayo budushoboza kubaho mu mibereho inesha. Kwizera kudushyira imbere kuzura kw'amasezerano yose y'Imana. Ni ihame ribaho rigaragara mu mibereho, binyuze mu kumvira ku bushake amategeko y'Uwiteka.

Gutsindishirizwa k'ubwo kwizera

Umwambaro wera ugereranya gukiranuka kwa Kristo ni igishura cy'umwenda wadodewe mu nganda zo mu ijuru. Nta kindi gishobora kuwuhesha umuntu uretse kwizera. Ikibazo cyo kumenya uko umuntu yahinduka umukiranutsi cyatangiranye no kugwa mu cyaha k'umuntu. Kuva umunsi ababyeyi bacu ba mbere bicaga itegeko ry'Imana maze bakagerwaho n'urupfu rw'iteka umuntu yashakanye ubwoba uburyo yakongera gutsindishirizwa no kwiyinga n'Imana. Umwe mu nshuti za Yobu yabajije iki kibazo cyabaye gikwira muri aya magambo “Umuntu yabasha ate kuba umukiranutsi imbere y'Imana? “ Yobu 25:4.

Icyaha ni umuzi w'ibibi byose. Gitandukanya Imana n'umuntu maze kikamuta mu rwobo rw'akababaro no kwiheba. Umugabane munini w'abarwayi bo mu mutwe, bashakisha icyaborohereza bifuza kugirana imibonano n'abaganga n'abashinzwe indwara zo mu mutwe, babuzwa amahoro n'ibitekerezo bibacira imanza.

Vuba aha ubwo umwanditsi yasuraga imwe mu mijyi minini yo muri Amerika yepfo yatangajwe bikomeye n'umurongo muremure w'abagabo n'abagore, abasore n'abasaza yabonye bapfukamye imbere y'ahagenewe kwicurizwa ibyaha. Mu matorero amwe, hariho imirongo miremire igeze kuri itandatu y'abantu bashakaga uko batsindishirizwa. Umuntu agerageza gushaka uko yakwiha gukiranuka mu buryo bubiri bunyuranye. Bamwe biringira ko bashobora kubona imbabazi ku Mana kubwo kubahiriza amategeko cyangwa gutega ugukiranuka ku mirimo bakora. Ni uburyo buhuriweho n'abantu benshi ariko ntibwemewe na Bibiliya kandi nta mumaro bugira. Abandi bemera ububasha buke bwabo maze bagashyira ukwizera kwabo mu gitambo cya Kristo. Nibwo buryo rukumbi bwemewe mu maso y'Imana. Abana b'Imana nabo bashobora gutakaza ishusho nyayo y'ukuri kw'ingirakamaro kwa Bibiliya, ariko nako ni uku ngo: “ Nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegeke n'amategeko”. Abaroma 3:20.

Umunyalaodokiya agerageza kwigira umukiranutsi. Umuntu wamaze gufatwa n'uwo mutego agera ku cyemezo cy'uko yamaze gufata intera imushyira hejuru mu by'umwuka ikamurutisha abandi bakristo kubera ubumenyi afite k'ukuri kwa Bibiliya. Umuntu nk'uwo yidamararira yibwira ko kubahiriza amategeko bizamuhesha kubabarirwa n'Imana kandi ko byatuma akingurirwa inzugi z'ijuru. Umuntu nk'uwo atangira kwibwira mu mutima we kimwe n'umufarisayo uvugwa mu mugani ati: “ Ndatunze ndatunganiwe, ntacyo nkennye.” Ariko Umwami aramusubiza ati: “ Ntabwo uzi ko uri umutindi wo kubabarirwa, umukene, impumyi ndetse ko wambaye ubusa.” Ubwo ni nako aranga umuti ati: Ndakugira inama ngo ungureho ... imyenda yera”, ni ukuvuga gukiranuka kumwe rukumbi kwemewe, ari ko gukiranuka kwa Kristo.

“Twese twakoze ibyaha, kandi gukiranuka kwacu kose kumeze nk'ubushwambagara bwanduye.” Niko umuhanuzi Yesaya abivuga. Ntacyo umuntu yakora kugira ngo aronke imbabazi z'Imana. Ikintu kimwe gusa umuntu ashobora

kwishingikirizaho kiri muri Kristo witeguye gutwikiriza isoni z'ubwambure bwacu igishura cye cyera cyo gukiranuka.

Imirimo myiza nk'uko tuzabibona hirya, igira umumaro mu gakiza ariko ntigomba gufatwa nk'igikorwa kiberaho kudukusha gukiranuka, cyangwa impamvu zatuma twiyunga n'ubuntu bw'Imana cyangwa umutungo winjirizwa kugira ngo turonke ijuru. Imirimo myiza no kumvira ni ibyerekana kwizera kwacu; ukugaragara k'ububasha bw'Imana bukorera muri twe. Ariko uburenganzira rukumbi dufite bwo kugira ubugingo buhoraho, ni ugukiranuka kwa Kristo aduha, tutagukwiriye, ahubwo kuko twizeye.

“Nzajya nishimira Uwiteka cyane, umutima wanjye uzajya unezererwa Imana yanjye”. Kuko yanyambitse imyambaro y'agakiza, akamfubika umwitero wo gukiranuka, niko umuhanuzi Yesaya yongera kuvuga. Yesaya 61:10. Iyo twifuje uwo mwitero nibwo urupfu rutwezaho ibyaha rwa Kristo n'imibereho ye yo kudacumura asimbuza, iyacu bitwikira ubwambure bwacu, tukagaragara nk'abaziranenge mu maso y'Imana. Umuntu atsindishirizwa gusa no gukiranuka gukomeye ari nako gukiranuka kwa Kristo.

Kristo aduha uwo mwenda wera uhebuje ari uko twujuje ibyangombwa bibiri bikurikira:

Kwimenyaho imbaraga nke no kudashyika, maze tukihana tutaryarya. Nicyo gituma ubutumwa bw'itorero ry'i Laodokiya ari ubutumwa bwo kwihana. Ni mwihane niko Yesu atubwira. Murandure ubwibone bubarimo. Mureke kumva ko mwihagije, mwikubite ku Rutare rwo gakiza kanyu, kandi mushenjagurire imitima yanyu imbere y'Imana.

Kwishingikiriza ku gukiranuka kwa Kristo mu kwizera, yifuza mbere ya byose kuduteganyiriza hanyuma akaduha. “Kuko duhamya yuko umuntu atsindishirizwa no kwizera, atari imirimo itegetswe n'amategeko.” Abaroma 3:28. Inyandiko ihumetswe n'Umwuka yasesenguye ubusobanuro nyakuri bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera. “Gutsindishirizwa kubwo kwizera ni iki? Umurimo w'Imana niwo ujugunya icyubahiro cy'umuntu mu mukungugu maze ukamukorera ibyo we ubwe adashobora kwikorera.” - T.M.,456.

Intambwe ebyiri zo gukiranuka

“Gukiranuka kudutsindishiriza turaguteganyirizwa; ukutweza turaguhabwa. Ukwa mbere kuduha uburenganzira bwo kuba ab'ijuru, ukwa kabiri kudutegurira kuba mu ijuru” M.J.,29. Muri aya magambo, umwanditsi atandukanya intambwe zinyuranye mu murimo wo gukizwa kwacu intambwe ebyiri zuzuzanya z'inama y'agakiza (gucungurwa), mu buryo bumwe zisa naho zikurikirana nyamara na none zikaba zikorera rimwe, imirimo ibiri itandukanye yo gukiranuka kumwe kwa Kristo, ari nako konyine gushobora kurangiza ibisabwa byerekeye gukiranuka kwa Kristo maze kukatugira abera. Dusesengure iby'izo ntambwe ebyiri.

A. Gukiranuka kwa Kristo niko kudutsindishiriza.

Uko gukiranuka kuraduteganyirizwa, ni ukuvuga ko tuguhererwa ubuntu, ntacyo tugutanzeho, tutanagukwiriye.

Uko gukiranuka kuduhesha kugera mu ijuru. Nicyo gihembo cyonyine dukwiye guha agaciro.

Uko gukiranuka kuradutsindishiriza ni ukuvuga ko kubwa ko, dufatwa nk'abakiranutsi imbere y'Imana.

Twakira uko gukiranuka kose kubwo kwizera, mu buryo bw'impano itangirwa ubuntu kandi tutari dukwiriye guhabwa.

Abefeso 2:8,9: “ Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera: ntibyavuye kuri mwe, ahubwo n'impano y'Imana;ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagira umuntu wirarira.”

Abaroma 3:24:” Ahubwo batsindishirijwe n'ubuntu bwayo, ibibahereye ubusa, kubwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo”

Abaroma 5:1:” Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacu Yesu Krsito”.

Kwizera bivuga kwihana, kwicuza no kwemera Kristo nk'Umukiza wacu. Ibyo bivuga ko tugomba gutera intambwe twegera Imana. Nidusaba gukiranuka tuzaguhabwa.

B. Gukiranuka kwa Kristo niko kutweza

Uko gukiranuka tuguhabwa ku buryo butagaragara, kandi bwiyongera bukurikije uko gukurira muri Kristo kungana.

Uko gukiranuka kuradutegura maze kukaturinganiriza kujya mu ijuru

Uko gukiranuka kuratweza. Kugahindura imico yacu, kukatugira abera.

Uko gukiranuka kubonerwa mu kwizera.

Kwezwa cyangwa guhabwa gukiranuka

Ntabwo inama yo kugura umwenda wera Umugabo wo guhamya ukiranuka atugira igereranya gusa gutsindishirizwa bivuga gukiranuka kw'agateganyo kwa Kristo, urugero rw'Imana rwagenewe guhisha ubwambure bw'imitima yacu n'ibyaha byacu, ahubwo na none hari intambwe ikurikiraho kandi y'icyuzuzo, ari nayo yo kwezwa cyangwa guhabwa gukiranuka. Ibi bivuga kunesha icyaha buri kanya, guhindura imico ubudahwema, gukura


mu bukristo, kujya mbere mu kurwana intambara urwanya intege nke no kutagera ku rugero rukwiriye.

Mu gihe gutsindishirizwa kuba ikintu gihita kigaragara uwo mwanya, kubera ko Imana itubabariye no kuduhanaguramo umwanda igihe twihannye, twicujije ibyaha byacu, tugasaba imbabazi (1 Yohana 1:7-9), kwezwa ko gukorwa buhoro buhoro mu rugendo rw'imibereho yacu. Ni iby'ukuri ko kwezwa ari nako kunesha ku cyaha buri mwanya, ari icyuzuzo cya ngombwa cyo gutsindishirizwa, cy'imbabazi z'Imana. Ntabwo kimwe kibaho ikindi kitariho. Amahoro yo mu mutima aboneka kubera kubabarirwa no kwiwunga n'Imana, azaba mu gihe gito cyane niba adaherekejwe no guhinduka kw'imibereho gutuma twanga icyaha maze tugakunda gukiranuka. Uko guhinduka mushya gutuma kandi tugira imbuto zikwiriye abihanye. Matayo 3:8. Gutsinshirizwa nicyo cyemezo cyacu cyo kujya mu ijuru. Igisambo ku musaraba kitigeze kigira igihe cyo kubaho nyuma y'uko cyihana kikagirirwa imbabazi kizakizwa. Gukiranuka kw'agateganyo kwa Kristo kwerekanye igisambo kitagira inenge, gitunganye imbere y'Imana.

Na none kandi Imana ntireba ubutindi mu by'umwuka bw'umwana w'ikirara wisubiyeho akihana, nta n'ubwo ireba isoni z'ubwambure bwe, ahubwo ireba ikanzu y'igiciro cyinshi Yesu amwambika. Ntabwo ireba urutonde rw'ibyaha bye ahubwo ireba ukuzura k'umwambaro wa Kristo wamubabariye ku buntu ubwo yihanaga.

Ariko ntibihagije kugira umwanya ku by'ijuru, birakwiye ko tuba abantu bashoboye kuhatura. Dukeneye umwiteguro. Tuvuge ko dutsinze igerageza ryagenewe igihembo cyo gutembera ku buntu mu ndege ijya mu gihugu cya kure kandi kibamo imbeho. Tugomba kuzaba dufite amafaranga y'urugendo (uburenganzira bwo gukora urwo rugendo). Ariko tuzasanga ari ngombwa ko twitwaza imyenda ikwiranye n'urugendo rwacu. Bityo Imana itegereje ko twakwitegura ijuru twitoza imico ya gikristo twumvira amahame y'Imana tudahatwa. Tugomba kugendera mu mucyo utumurikira mu nzira yacu kandi tugatera intambwe buri muni tugana ku rugero rukwiriye. Bityo dushobora gukiranuka buri gihe hakurikijwe urugero rw'ubukure dufite muri Kristo, tukagenda nk'uko itegeko rya Kristo riri ngo: “ Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka.” Matayo 5:48

Gukiranuka kwa Kristo



Umusaraba ugereranya igihe umunyabyaha yakira Kristo, akihana, akicuza ibyaha ubwa mbere. Muri uwo mwanya utibagirana, Yesu amuteganyiriza gukiranuka kwe maze akamubabarira. Hanyuma yo kuvuka gushya, urwo ruhinja rutangira urugendo rujya mbere rwerekeza ku rugero rushyitse. Nyamara ubwo na none, umukristo ashobora kongera kugwa. Igihe cyose bibaye, ubunararibonye n'ugukiranuka gutangwa buragaruka maze uwihana akababarirwa. Bityo, umuntu agahaguruka, agakomeza urugendo rwe ruzamuka. Muri ubwo buryo inzira yo gukiranuka umugenzi ahabwa, imwegereza buri muni ku mugambi yiyemeje, bigakubitirana n'ubunararibonye mu gukiranuka ahabwa bimuhuza n'Imana igihe cyose yongeye kugwa.

Ibanga ryo kunesha.

Kugira ngo tugere kuri icyo gisubizo, tugomba kwishingikiriza burundu kuri Kristo. Ishingiro ryo gukiranuka kw'agateganyo kimwe no gukiranuka duhabwa ni ukwizera. Ariko kwizera ni ihame rikomeye rituma twiyanga ubwacu maze tukirundurira buri muni mu Mana kugira ngo iture muri twe.


Intera igomba kugerwaho iri hagati y'urugero rushyitse igereranywa n'urwego rw'ubukure bwacu muri Kristo. Urwo twabonye kubw'ubuntu bw'Imana. Urugero rushyitse ari narwo herezo ry'itege, Umwami Yesu arwuzurisha buri mwanya

gukiranuka kwe kw'agateganyo. Ntabwo atwitirira igiciro cy'amaraso ye gusa ari nayo adukiza urupfu, ahubwo atwitirira no kubaho kwe kutagira icyaha.

Ibi birashoboka kubera ko Kristo yatwawe n'amategeko, si mu mibereho ye gusa, ahubwo no ku musaraba. Ntabwo yishimiye kwishyura umwenda jye nawe twagombaga kwiwishyurira gusa, ahubwo yubahirije n'amategeko abaho muri twe kandi aduha kunesha.

Kwezwa ni umurimo w'Imana ukorwa mu mibereho yacu. Kristo yabwiye wa mugore wari wafashwe asambana, amaze kumubabarira, ati : genda, ntukongere gukora icyaha Yohana 8 :11. Intumwa Petero yaranguruye muri aya magambo ubwo yandikaga agira ati : “Nk'uko uwabahamagaye ari Uwera, namwe mube abera mu ngeso zanyu zose .” 1Petero 1 :15

Urugero rushyitse



Urugero rubanza rw'imibereho y'umunyabyaha

Ntabwo gukiranuka kwa Kristo kutubarwaho guhesha kubabarirwa ibyaha gusa kubw'urupfu rwa Yesu, ahubwo gutuma umunyabyaha ahabwa ibihembo by'imibereho itunganye. Intera iri hagati yo gukiranuka duhabwa (A) y'ubutungane (intera B igereranya intege nke zibaho mu mibereho y'umuntu) yuzuzwa na Kristo akoresheje gukiranuka kwe kw'agateganyo.

Nyamara na none umukristo wese azi ko , hari impanuka no kugwa, mu nzira izamuka ijyana umuntu ku kwezwa, akurikije ibyo we ubwe yiboneye. Imbaraga nke za kera zongera kugaruka. Nicyo gituma ijamba ry'Imana riduhamiriza imbabazi kubwo kwiyinga na Kristo. N'ubwo Yohana agira ati : mbandikiye ibyo kugira ngo mudakora icyaha, yuzuza interuro ye n'isezerano ry'Imana rikomeye ngo : icyakora ni hagira umuntu ukora icyaha muri mwe, dufite Umurengezi kuri Data wa twese niwe Yesu Kristo ukiranuka. 1Yohana 2 :1. Amaraso ya Yesu Kristo Umwana wayo, atwezaho ibyaha byose. 1 Yohana 1 :7.

“Iyo dufite mu mitima yacu umugambi wo gukorera Imana maze tukagerageza kugera kuri iyo ntego, Yesu yakira iyo nyifato n'ubwo butwari nk'umurimo uhebuje

dushobora kumukorera, maze aho intege nke zacu zibaye akahuzurisha gukiranuka kwe bwite.” -21M.S., 382.

Gukiranuka kw’agateganyo no gukiranuka duhabwa biruzuzanya kimwe ku kindi. Byombi bigereranya ingingo ebyiri z’imena zo mu murimo umwe. “Umugambi uhanitse Imana ifitiye abana bayo urenze kure ibitekerezo by’umuntu. Gukiranuka no kugira ishusho y’Imana niyo ntego Imana iduhitiramo. Umwigishwa abona imbere ye inzira ifunguye imusaba kujya mbere ubudasiba. Afite umugambi agomba kugeraho, muri wo harimo icyiza cyose, cy’icyubahiro kandi gitunganye.”Ed-,13..

Umwenda wera wo mu Byahishuwe wongeye kuvugwa na Yesu mu mugani w’ubukwe bw’umwana w’umwami. Matayo22:11-13. Batangaga umwenda wihariye w’ubukwe. Uwanga kuwambara yarirukanwaga. Uwanga kwiyambura ingeso ze mbi wese, kugira ngo ahabwe ingeso nziza zo gukiranuka kwa Kristo ntazagira umugabane mu bukwe bw’Umwana w’Intama.

“Umwambaro w’ubukwe uvugwa muri uyu mugani ugereranya imico myiza itagira inenge y’abigishwa nyakuri ba Kristo... Niko gukiranuka kwa Kristo, imico ye izira amakemwa; ku bamwakira nk’Umucunguzi wabo bwite bose, iyo mico bayibonera mu kwizera.” -P.S.,319.

Ubutumwa bwo kwivugurura

Ntabwo ubutumwa bw’itorero ry’i Laodokiya buhamagarira abantu kwihana no gutsindishirizwa kubwo kwizera gusa, ahubwo Imana irarikira abantu kugira imico ya Kristo, gukiranuka kwe, ukwera kwe. Ni ubutumwa bwo kwisubiraho. Kwezwa gusaba igihe kandi gusaba no kwihangana. Ntabwo tugomba kurwana intambara turwanya imbaraga y’umubi, tuba twamaze guhabwa kuneshya mbere y’uko urugamba rutangira: “Ntabwo Kristo yigeze atubwira ko byoroshye kugera ku rugero rushyitse mu mico, kubera ko imico myiza kandi itunganye tutayihabwa tukimara kuvuka, cyangwa ngo tuyihabwe ku buryo butugwiriye. Ahubwo tuyihabwa dukoresheje imbaraga zacu bwite, kubw’impano y’ubuntu ya Kristo.. Tuhagera tubanje kurwana intambara ikomeye tutajenjetse turwanya inarijye. Tugomba kwisuzumana ubwitonzi tutagize akazinga na kamwe k’imico idatunganiye Imana tubabarira.” -PS,337.

Nubwo hari ingorane zizitira kugera ku rugero rukwiriye rw’imico yacu, Bibiliya itwemeza ko kugera kuri iyo ntego bishoboka. Nta narimwe Imana idusaba ibidashoboka. Iyo idutegetse, uwo mwanya ihita itubashisha kumvira itegeko.

“Ntihakagire uwibwira ko adashobora kugorora imico ye mibi. Niba mugera ku mwanzuro nk’uwo, ntabwo muzigera mubona ubugingo buhoraho. Ibidashoboka bibaho gusa mu bushake buke bwacu. Udashatse gutsinda ntiwabibasha. Ingorane nyakuri ziboneka mu mutima utejejwe, no kwanga gucisha bugufi ubushake bw’umuntu kugira ngo ubushake bw’Imana bube ari bwo buhabwa umwanya.”- P.S.,337.

Tugomba kwiga kwiya mbura inariye kugira ngo twirundurire muri Yesu, we ushobora kuturinda ngo tudasitara no kuduhagarika imbere y'ubwiza bwayo tudafite inenge, ahubwo twishimye bihebuje.” Yuda 24. Tugomba kwita buri kanya k'uwagize ati: “ Ntacyo mwakora mutamfite kandi ati: Nahawe ubutware mw'isi no mu ijuru.” Yohana 15:5, Matayo 28:18. Hanyuma tuzavugaga nka Paulo ugira ati: “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga”. Abafilipi 4:13. Ibyo tudashobora gukora kubera intege nke z'umubiri, Imana iduha kubishobora kubwa Kristo. Abaroma 8:34. Dushobora gushyirana ijwi hejuru n'intumwa Paulo tuti: “Imana ishimwe kuko iduha kuneshereza muri Kristo” 2Abako. 2:14.

Intango y'uko gusobanukirwa, ni ukwizera. Kandi kunesha gutsinda isi, ni ukwizera kwacu niko Yohana abivugaga: 1 Yohana 5:4. Kwizera ni uruziga rukomeye rutuzamurira ku gacuri k'umusozi wo kwerezwaho mu muhanda ujya ku mpinga y'umusozi wo kunesha. Ariko akamashini k'urwo uruziga ni Yesu. Si ukwizera kudukiza, ahubwo Kristo Yesu niwe udukiza. Kuri we niho dushyira ibyiringiro byacu n'imbaraga zacu.

Uruziga rwo kwizera

Kwizera niko kuduha kwiyanga. Ubwo nibwo igitangaza gikomeye gikorwa: Kristo akanesha muri twe kandi akatuneshereza.

“Iyo umuntu yirunduriye muri Kristo, imbaraga nshya iramwigarurira. Hakabaho guhinduka, umuntu ubwe ku giti cyeye atakwishobozwa. Ni umurimo w'indenga-kamere uzanira umuntu usanzwe ikintu gisumbuyeho. Ubugingo bwirundurira muri Kristo buhinduka igihomwe cyeye bwite, yashyize mu isi yagomye... Ubugingo burindiwe muri Kristo butyo n'ingabo zo mu ijuru, ntibushobora kugerwaho n'imyambi ya Satani.” - D.A,324.

Umwanzuro

Ntabwo ubutumwa bw'Umugabo wo guhamya w'ukuri ari ubutumwa bwo gutsindishirizwa n'imbabazi no guhamagarira abantu kwihana gusa, ahubwo na none burahamagarira abantu **kwicuza, kwezwa no guhindura imibereho burundu**. Uko niko kuzadushobozwa kwitegura kubana n'Imana mu bihe bidashira.

IGICE CYA KABIRI : GUSHYIRWAHO IKIMENYETSO

Incamake

Ubu, uwo murimo ukorwa mu buryo bw'umwuka, ugamije gushyiraho ikimenyetso ku bantu ku buryo butagaragarira amaso, urimo urakorwa; kandi bidatinze uzaba urangiye ku iherezo ry'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Uwo murimo utangira kuri buri mukristo umunsi yahindukiyeho, urangira kandi kuri we ku iherezo ry'igihe cy'imbabazi yagenewe, icyo gihe gishobora kuba ugupfa kwe, cyangwa se kikaba iherezo ry'urubanza rwe. Uwo murimo ukorwa n'abamarayika b'Imana hamwe n'Umwuka Wera, ugamije kwandika mu mibereho y'ubugingo bwa buri muntu wemera kugengwa n'Imana, amahame y'amategeko yayo n'itegeko rya kane ririmo. Gushyiraho ikimenyetso bisohozwa imigambi ikurikira:

Gushyirwaho ikimenyetso gukomeza amahame n'amategeko y'Imana mu mutima w'umwizera;

Gushyirwaho ikimenyetso kuzashoboza abagishyizweho gukomeza isabato batajegajega igihe bazaba bari hagati y'abahakanyi, bahigwa mu karengane gashishana;

Gushyirwaho ikimenyetso kubategurira kwihangana mu gihe cy'umubabaro maze bakabaho badafite inenge ubwo bazaba batagifite umurengezi;

Gushyirwaho ikimenyetso kubarinda kurimbuka guheruka.

Ubusesenguro bw'icyo gihe

“Hanyuma y'ibyo, mbona abamarayika bane bahagaze mu mfuruka enye z'isi, bafashe imiyaga ine yo mu isi, kugira ngo hatagira umuyaga uhuha mu isi cyangwa mu nyanja cyangwa ku giti cyose. Nuko mbona marayika wundi azamuka, ava iburasirazuba, afite ikimenyetso cy'Imana ihoraho, arangurura ijwi rirenge, abwira ba bamarayika bane bahawe kubabaza isi n'inyanja, ati: nti mubabaze isi, cyangwa inyanja, cyangwa ibiti, tutaramara gushyira ikimenyetso mu ruhanga rw'imbata z'Imana yacu. Nuko numva umubare w'abashyizweho ikimenyetso ngo ni ibihumbi ijana na mirongo ine na bine; bo mu miryango yose y'abisiraeli.” Ibyah.7:1-4.

“Ntabwo ari cachet cyangwa ikimenyetso runaka kigaragarira amaso, ahubwo ni ugushikama mu kuri, haba mu by'ubwenge no mu by'umwuka, ku buryo umuntu wese atajegajega.” -4B.C.,1161. “Igihe bamwe bazakira ikimenyetso cy'inyamaswa, kubera kwemera ikirango cyo gutegekwa n'ubutegetsi bw'iy'isi, abandi nabo bazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana bahitemo ikirango cyo kumvira ubutegetsi bwayo”. - T.S.,337.

“Neretswe igihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzaba burangiye. Ububasha bw'Imana bwari bwashyizwe ku bana bayo; bari barangije inshingano yabo, biteguye igihe cy'igeragezwa cyari kigiye kuza. Bari bakiriye imvura y'itumba, bari babonye

ihembura riva ku Mana, kandi iyo mbaraga yari yakanguye ubuhamya bwabo. Umuburo uheruka wari wumvikanye hose; uwo muburo wari wahagurukije kandi urakaza abaturage b'isi batashatse kwakira ubutumwa.

“Nabonye abamarayika hirya no hino mu kirere. Umwe muri bo afite uruhago, yari avuye ku isi kandi yabwiraga Yesu ko umurimo we wari umaze kurangira, ko abera bari bamaze kubarwa no gushyirwaho ikimenyetso. Hanyuma mbona Umukiza wari usanzwe akora umurimo we imbere y'isanduku irimo amategeko cumi, ajugunya hasi urwabya rwe. Ashyira amaboko hejuru, arangurura mu ijwi rirenga ati: “ Birarangiye”P.E.,279.

“Igihe Satani yahagurukiraga kurega no gushaka kurimbura agatsiko kabo (agatsiko kagizwe n'abasigaye), abamarayika bera, batagaragara bacaga hirya no hino, babashyiraho ikimenyetso cy'Imana ihoraho. Abo nibo bahagaze ku musozi Siyoni baherekejwe n'Umwana w'Intama, izina rya Data wa twese ryanditswe mu ruhanga rwabo.” -Tém. II,212.

Uko gushyirwaho ikimenyetso kw'abagaragu b'Imana ni kumwe Ezekiyeli yeretswe. Yohana nawe yabaye umuhamya w'iryo yerekwa riteye ubwoba: yabonye inyanja n'imiraba ikomeye, abantu bicwa n'ubwoba, isi inyeganyezwa n'ibishyitsi kandi imisozi igatabwa hagati mu nyanja (uko byanditswe niko bizamera), amazi yazo yari yarenze inkombe kandi asuma, arimbura imisozi kubera imbaraga z'umuraba. Yabonye ibisebe, mugiga, inzara n'urupfu bisohoza umurimo wabyo uteye ubwoba”-T.M.,445,446.

Haboneka marayika ukomeye kuruta abandi azamuka ava iburasirazuba (aho izuba rirasira). Afite mu ntoki ze ikimenyetso cy'Imana ihoraho, ishobora gutanga ubugingo yonyine, ishobora gushyira ikimenyetso cyayo mu ruhanga rw'abazemera ukudapfa, n'ubugingo buhoraho.T.M.444,445.

“Imana ishohoje umurimo wayo. Abo mu ijuru bese baguye mu kantu. Umucamanza w'isi yose agiye guhaguruka bidatinze kugira ngo ahorere ubugome bwakorewe ubutegetsi bwe. Ikimenyetso cyo gucungurwa kizashyirwa ku bantu bakomeza amategeko y'Imana, bakayubaha kandi bakanga kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo”.Tém.II.,180. “Ubu ngubu, mu gihe cyo gushyirwaho ikimenyetso, Satani arakoresha ubushukanyi bwe bwose kugira ngo ukuri kwa none akuvane mu bwoko bw'Imana maze abuteremo gushidikanya. Nabonye ko Imana yari yambitse ubwoko bwayo umwitero kugira ngo iburinde mu gihe cy'umubabaro; kandi ko umuntu wese wemeye ukuri kandi akagira umutima wejejwe azatwikirizwa umwitero w'Ishobora byose”.-P.E.,43.

Ikimenyetso cy'Imana ni iki?

Ikimenyetso gishobora gusobanura ibintu bibiri: Igikoreshe cyakoreshejwe kugira ngo ikimenyetso gicapwe cyangwa ikimenyetso ubwacyo. Iyo tuvuga ikimenyetso cy'Imana, igikoreshe ni amategeko y'Imana yose by'umwihariko isabato cyangwa

itegeko rya kane, kuko ariyo ryanditswemo izina, umurimo, n'ahantu umutegetsu akorera. Amategeko hamwe n'isabato bigaragaza ukuzura kw'Imana n'umurimo uhindura w'Umwuka wayo. Mu rundi ruhande, cachet y'Imana ifatwa nk'ikimenyetso ubwacyo, cyangwa igisubizo cyo gukoreshwa kw'icyo gikoresho ku byangombwa, ni imico ihwanye n'iya Kristo: ni ukuzura kw'Imana kugaragarira mu mibereho y'Umwana w'Imana. Gushyirwaho ikimenyetso ni ugukomera burundu kw'ikiremwa muntu mu kuri, gushimangira amategeko mu mibereho y'umuntu.

Ikindi kandi, nk'uko cachet itagomba guterwa ahandi keretse ku byangombwa by'umwimerere, ni nako ikimenyetso cy'Imana kitagomba gushyirwa k'ubonetse wese keretse ufite imico ya Kristo, yarihayeho Imana, akaba ikiremwa cyogejwe mu maraso ya Kristo kandi akaba yarahinduwe mushya n'ukwera kwa Kristo nkuko amabwiriza y'amategeko y'Imana ari. "Mwashyizweho ikimenyetso nicyo Mwuka wera mwasezeranijwe." Abefeso 1:13. "Ntimuteze agahinda Umwuka Wera w'Imana wabashyirwaho kuba ikimenyetso ku munsu wo gucungurwa". Abefeso 4:30.

Ikimenyetso cy'Imana ihoraho kizashyirwa mu ruhanga rw'ubwoko bwayo ni iki? Ni ikimenyetso kitagaragarira amaso ya kimuntu, ariko abamarayika b'Imana bo bazi kugisoma, kuko ari ngombwa ko marayika murimbuzi abona icyo kimenyetso cyo gucungurwa".-4B.C.,1161. Marayika ufite icupa n'ikaramu agomba kwandika ikimenyetso mu ruhanga rw'abantu bitandukanyije n'icyaha n'abanyabyaha, kandi azakurikirwa na marayika murimbuzi." -4B.C.1161.

Itegeko rya kane niryo ryonyine mu mategeko cumi rivugira hamwe izina n'umurimo by'Umutegetsu. Kandi ni naryo tegeko rukumbi rigaragaza ubutware ayo mategeko akomokaho. Bityo iryo tegeko rikaba ribumbiyemo ikimenyetso cy'Imana hamwe n'umukono w'Umuremyi ugaragaza umwimerere hamwe n'inshingano yo kumvira amategeko yayo".-P.P,312.

"Bamwe mu biyita abadivantisiti b'umunsu wa karindwi bica amategeko yayo yera, bakabaho kandi bakabwiriza ubutumwa bwa Kristo, ubutumwa buteye ubwoba kuruta ubundi bwose bwigeze guhabwa abantu bapfa, bakerekana amategeko y'Imana ihoraho"-2T.,468. "Ikimenyetso cyangwa cachet y'Imana kiboneka mu gukomeza isabato, yashyirwaho kuba urwibutso rw'irema, umunsu wa karindwi w'icyumweru. Uwiteka abwira Mose ati: Bwira abana b'isiraeli uti: Ntimukabure gukomeza amasabato yanjye, kuko ariyo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza". Kuva 31:12,13. Aha ngaha, isabato yerekanye ku buryo bugaragara ko ari ikimenyetso hagati y'Imana n'ubwoko bwayo".-Tém.III,273,274.

Gushyirwaho ikimenyetso bizaba ryari? Bizaba mu gihe kingana iki?

"Igihe cyo gushyirwaho ikimenyetso ni kigufi cyane, kandi bidatinze kizaba mu mpitagihe. Ubu ngubu, mu gihe abamarayika bane bagifashe imiyaga ine, reka dushingane ukwitanga kwacu no gutorwa kwacu". -P.E.,58. "Niba ikinanyigisho nk'izo zigomba

kubaho, kandi ibihano biteye ubwoba bikagera ku isi yaciriweho iteka, ubwihisho bw'ubwoko bw'Imana buzaba ubuhe? Bazarindwa bate kugeza aho umujinya uhitira? Yohana yabonye ibintu bisanzwe-Ibishyitsi, imiyaga n'imivurungano ya politiki biboneka nk'ibifashwe n'abamarayika bane. Iyo miyaga irarinze kugeza ubwo Imana itanga uruhushya rwo kuyirekurira kurimbura. Nguwo umutekano w'itorero ry'Imana. Abamarayika b'Imana bubaha amategeko yayo maze bagakomeza imiyaga y'isi, kugira ngo idahuha haba ku isi cyangwa ku nyanja, cyangwa ku giti cyose, kugeza ubwo abagaragu b'Imana bamara gushyirwaho ikimenyetso mu ruhanga rwabo. Haboneka marayika urusha abandi gukomera azamuka ava iburasirazuba. Afite mu ntoki ze ikimenyetso cy'Imana ihoraho, ishobora yonyine gutanga ubugingo, igashobora kwandika ikimenyetso cyayo mu mpanga z'abantu bambikwa ukudapfa, bagahabwa ubugingo bw'iteka. Ijwi rya marayika uwo ukomeye niryo ryari rifite ubutware bwo gutegeka abamarayika bane gukomeza imiyaga kugeza ubwo abaha uburenganzira bwo kuyirekura".-T.M.,444,445. "Ubwo icyo gihe cy'umubabaro ukomeye kizaba kigeze, umurage wa buri muntu uzaba waramaze kugenwa. Nta gihe cy'imbabazi kizabaho ukundi, ntakugirirwa ubuntu kwa'abanga kwihana kuzabaho ukundi, ikimenyetso cy'Imana kizaba cyashyizwe ku bana bayo". – Tém.III.,75.

Ibyangombwa bijyana no gushyirwaho ikimenyetso

Abazaba barashyizweho ikimenyetso bonyine nibo bazabasha guhagarara badatsinzwe mu gihe cy'umubabaro maze bakazasanganira Umwami bishimye. " Abantu benshi ni abumva guhamagara kuzuye imbabazi maze bakemera kugeragezwa. Ariko ni bake bakira ikimenyetso cy'Imana ihoraho kandi bakicisha bugufi nk'abana bato kugira ngo babashe kwinjira mu bwami bw'ijuru".-5T,50.

"Iki nicyo gihe cyo kwitegura. Ntibizigera bibaho ko ikimenyetso cy'Imana cyashyirwa ku ruhanga rwanduye. Ntibishoboka ko cyashyirwa ku ruhanga rw'abirasi, rw'abakunda isi cyangwa bafite iminwa ivuga ibinyoma n'imitima iriganya. Abazakira ikimenyetso bese bagomba kuzaba batagira ikizinga imbere y'Imana. Abakandida b'ijuru";- Tém.II.,79.

"Yesu ari mu rusengeri rwe rwera; aracyemera ibitambo byacu, amasengesho yacu, kwicuza ibyaha byacu; ashaka kubabarira ibicumuro by'Isiraeli byose kugira ngo abihanagure mbere yuko asohoka mu buturo bwera. Ubwo nibwo abera bazakomeza kuba abera, kuko ibyaha byabo byose bizaba byahanaguwe maze bakazaba barakiriye ikimenyetso cy'Imana ihoraho ariko abakiranirwa bazakomeza gukiranirwa kwabo". – P.E.,48. "Abakira ikimenyetso cy'Imana ihoraho kandi bakazarindwa mu gihe cy'umubabaro ukomeye bagomba kugaragaza byimazeyo ishusho ya Kristo muri bo". – P.E.,70. Ni ngombwa ko imyenda yacu yanduye ikurwamo maze tukambikwa ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo. Kubwo kwihana no kubwo kwizera twahawe ubushobozi bwo kumvira amategeko y'Imana yose maze tukazasangwa tutagira inenge imbere y'Imana. Abazemerwa n'Imana ubu barikoreza ubugingo bwabo kwiyanga, baricuza ibyaha byabo

kandi bagasabana umwete imbabazi muri Kristo Yesu, ubaburanira”.-Tém.II.,208. “Nta muntu n’umwe muri twe uzashyirwaho ikimenyetso cy’Imana igihe cyose imico ye izaba igifite ikizinga cyangwa umwanda. Inshingano yo gukosora ingeso zacu mbi no guhanagura umwanda wose mu rusengero rw’ubugingo bwacu, ni iyacu. Ubwo nibwo imvura y’itumba izadusukwaho nkuko imvura y’umuhindo yasutswe ku ntumwa ku munsu wa pentekote”. – Tém.II.,77. “ Nabonye ko abari bamaze kwakira ukuri bagombaga kwiga kubabarizwa Umucunguzi, bakamenya kwihanganira ibigeragezo bikomeye, kugira ngo bezwe kandi bakire ikimenyetso cy’Imana ihoraho, bagaca mu bihe by’umubabaro, bakabona Umwami mu bwiza bwe, bagaturana n’Imana n’abamarayika bera kandi batagira inenge....

Ariko ubu igihe kiri hafi gushira, kandi ibyo twize mu gihe cy’imyaka myinshi, abandi bazabyiga mu gihe cy’amezi make. Kugira ngo bige byinshi bagomba kubanza kwiyibagiza byinshi bazaba barize”.P.E.,67. “ Abanesha isi, bakanesha ku mubiri no ku mwanzi, bazagira ihirwe ryo kwakira ikimenyetso cy’Imana ihoraho. Iki kimenyetso nti kizashyirwa ku bagifite ibiganza byanduye n’imitima itaboneye. Abakora ibibi bazirengagizwa. Keretse abafite umwuka wo kwihana no kwicuza ibyaha byabo imbere y’Imana bonyine nibo bazemerwa kandi bashyirweho ikimenyetso cy’uko bakwiriye kurindwa n’Imana ku munsu ukomeye w’urubanza.”-T.M.,445.

IGICE CYA GATATU : IMVURA Y'ITUMBA

Incamake

Umwuka Wera utambutse indi mpano yose Imana ishobora guha umuntu ku giti cye hamwe n'Itorero. Kubona Umwuka Wera bituma indi migisha iva ku mwuka yiyongera.

Ni umuntu wa gatatu mu bumana umanuka ku bantu ahagarariye Imana Data na Kristo. Kubw'ububasha bw'ubumana bwe, yoroshya imitima maze agakungahaza imico myiza nta n'umwe ushobora kwihana atabihawe nawe.

Dushobora gushyira ku buryo bukurikira urutonde rw'akamaro k'Umwuka Wera:

Kwemeza icyaha, gukiranuka n'igihano, bigakangurira umuntu kwihana. Yohana16:8.

Kuyobora ibitekerezo abyerekeza ku kwiga Ijambo ry'Imana no kumuyobora mu kuri kose. Yohana 14:26;16:13

Kwibutsa mu gihe bikenewe cyangwa mu bihe biruhije, ukuri n'imirongo ya Bibiliya yigeze kwigwa. Yohana 14:26; Mariko13:11.

Kudutakambira imbere ya Data igihe dusenga, asobanura neza ibyifuzo byacu no kubyerekana bitunganye. Abaroma 8:26.

Kuduhamiriza ko turi abana b'Imana. Abaroma 8:16.

Gushoboza abana b'Imana kuvugana ubutumwa imbaraga. Ibyakozwe1:8.

Mu bihe byose Umwuka Wera yagiye afasha umuntu. Ariko Imana yasezeranye kuzaha Itorero ryayo imbaraga y'indengakamere kugira ngo rishobore kurangiza inshingano yihariye mu gihe giheruka, imvura y'umuhindo, gusohora kwa mbere kw'isezerano ryahanuwe, kwashoboje intumwa kurangiza umurimo wazo utangaje.

Imvura y'itumba igomba kuza ikurikiyeho mu gihe cyacu, igashoboza Itorero kurangiza umurimo munini w'ivugabutumwa nk'uko gahunda iteganyijwe. Ni twumva agaciro gakomeye imvura y'itumba izazanira Itorero, tuzasabana imbaraga kugira ngo tuyihabwe. Twamaze kwakira ibitonyanga bike by'imvura y'itumba nyamara ntabwo iyi mvura izasukwa ari nyinshi mbere y'uko umugabane munini w'itorero - abayobozi n'abizera, uzaba utariyumvamo gukanguka no kwivugurura bikomeye.

Ubusesenguro

“Noneho munezerwe, bantu b’i Siyoni mwe, mwishimire Uwiteka Imana yanyu, kuko ibahaye imvura y’umuhindo ku rugero rukwiriye, kandi izabavubira imvura y’umuhindo n’iy’itumba nk’ubwa mbere”. Yoweli 2:23.

“Hanyuma y’ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose; abahungu banyu n’abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota n’abasore banyu bazerekwa. Ndetse n’abagaragu banjye n’abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye mur’iyo minsi. Nzashyira amahano mu ijuru no mu isi: amaraso n’umuriro n’umwotsi ucumba; izuba rizahinduka umwijima, n’ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsu mukuru w’Uwiteka uteye ubwoba utaraza”. Yoweli 2:28-31. Iri sezerano ryongeye gusubirwamo mu Ibyakozwe 2:17-20. “Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwiteka: azatunguka nk’umuseka utambitse, nta kabuza, azatuzaho ameze nk’imvura, nk’imvura y’itumba isomya ubutaka”. Hoseya 6:3;

“Abahanuzi b’abaheburayo bahanuye imvura y’umuriri y’ubuntu ku Itorero ry’Imana, bifashishije urugero rw’imvura y’umuhindo n’iy’itumba, byagwaga mu bihugu by’iburasirazuba mu gihe cy’ibiba n’isarura. Gusukwa kw’Umwuka mu gihe cy’intumwa, byari imvura y’umuhindo yatumye haboneka imbuto nziza. Bityo, kugeza imperuka y’ibihe, kugaragara k’Umwuka wera kuzaboneka mu Itorero ry’ukuri”.-C.P.,49.

Umugambi

“Ubwo nibwo imvura y’itumba, igihe cy’ihembura, kizaturuka ku Mana, kugira ngo cyongerere imbaraga ijwi riranga rya marayika wa gatatu maze gitegurire abera gushikama ubwo ibyago birindwi bizasukwa”.-P.E.,86. “ Imvura y’itumba niyo izabakangura kandi ibongerere imbaraga kugira ngo babone uko baca mu gihe cy’umubabaro ukomeye. Mu maso habo hazarabagiranishwa n’ubwiza bw’umucyo wa marayika wa gatatu”. – 7B.C.,984. icyo gihe hazaboneka guhaguruka guhwaye n’ukwabayeho kuri pentekote kwagaragaye mu imvura y’umuhindo yakwirakwijwe ubwo isukwa ry’Umwuka Wera ryabaga mu itangiriro ry’iyamamaza-butumwa imvura y’itumba niyo izatuma ibisarurwa bikura byimazeyo”.-T.S.,663.

Umumaro

“Iyo uwo mugisha wasezeranywe usabanywe kwizera, utuma n’indi yose iza ikurikiyeho. Uhabwa umutima wose hakurikijwe urugero umuntu abasha kwakira, nkuko ubutunzi bw’ubuntu bwa Kristo buri”.-M.E.,280. Ibikorwa by’urukundo hamwe n’imigisha bikomoka kuri Kristo ni imbuto z’Umwuka. Abagal .5:22,23. “Nta gihe na kimwe twabaho tudafashijwe n’Imana. Imigisha yakiriwe mu gihe cy’imvura y’umuhindo izatugirira umumaro kugeza ku iherezo. Nyamara ntabwo iyi migisha ivuzwe haruguru izaba ihagije. Mu gihe twishimira imigisha twazaniwe n’imvura y’umuhindo, ntidukwiye kwibagirwa ko, hatabonetse imvura y’itumba ikungahaza amahundo no gukuza impeke,

ko ibisarurwa bitazitegura gusarurwa kandi ko umurimo w'umubibyi uzaba warabaye imfabusa. Ubuntu bw'Imana n'ubw'igiciro kinini mu itangiriro, no muri buri rwego rwo kujya mbere kwacu, kandi ko ubuntu bwonyine aribwo bushobora kurangiza umurimo. Iki si igihe cyo kwiwicirira no kwidamararira ntacyo twitayeho. Ntitukibagirwe na rimwe imiburo ya Kristo: "Mube maso kandi musenge", mube maso... kandi musenge ubudasiba". Umushyikirano wa buri kanya n'abijuru ni ingenzi mu kujya mbere kwacu. Twashoboye kwakira urugero runaka rw'Umwuka w'Imana, ariko na none dusabwa gukomeza gushaka umugabane wiyongereye buri muni, mu mashengesho no mu kwizera. Nti tugomba na busa gusigingiza imbaraga zacu. Niba tujya mbere, niba tutitegura kwakirira hamwe imvura y'umuhindo n'iy'itumba tuzatakaza ubugingo bwacu kandi ingaruka zabyo zizatugerekwaho". -T.M,507,508.

Amasezerano y'Imana

"None se, ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri buri, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusaba?" Luka 11:13. "Niba ubutunzi bw'ubuntu bwe bwinshi budakwira hose ku bantu muri iki gihe, si uko awutanga arimuke.. Bose baba barujijwe Umwuka Wera, iyaba baramushatse...." Nuko rero Imana yiteguye kumuduha kuruta uko ababyeyi baha ibyiza abana babo. Umugaragu w'Imana wese yagombye gusaba Imana kumubatiza umubatizo w'Umwuka buri muni"-C.P.,45-46. "Gusukwa k'Umwuka Wera gutegerejwe nk'ikintu kigomba kubaho mu bihe biri imbere. Ariko Itorero rifite uburenganzira bwo kumwakira ubu ngubu. Reka tumushake kandi dusenge dufite kwizera kugira ngo tumuhabwe. Ni ingirakamaro kuri twe, kandi ijuru ryifuza kumuduha." Ev.,701. "Uyu mwana ubwawo, Umwuka we n'ubuntu bwe byiteguriwe ababikeneye bese kandi bemera Ijambo rye"-Tém.III,247. Amasezerano y'Imana ni ayacu, muri iki gihe cya none. Imana yifuza byimazeyo kuyasohozza. Ariko ni kuki imvura y'itumba isa n'iyatinze gusukwa?

Ibyangombwa

Nkuko biri kuri buri sezerano ry'Imana, gusohora kw'amasezerano kujyana n'ibyangombwa runaka. Usuzume amagambo yanditswe mu mukono mu nyandiko ikurikira:

"Kristo yasezeranije Itorero rye kuriha impano y'Umwuka Wera: Iri sezerano ni iryacu natwe nkuko ryahawe abigishwa ba mbere. Ariko nkuko andi masezerano yose ameze, iri naryo rifite ibyangombwa risaba kugira ngo ryuzure"J-C.,334. "Uwo mugisha wasezeranywe, uzana inyuma yawo, indi migisha, iyo usabanywe kwizera. Utangwa kurugero rw'ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo, buhora bwiteguye guha ubugingo igipimo cy'impano umutima ushobora kwakira Ibid. "Umwuka w'Imana ukora k'umutima w'umuntu kugira ngo umumenyeshe kubaho gushya iyo bigaragaye ko abyifuje."P.S.,421. Na none, mbere y'uko ibihano bikomeye by'Imana bisukwa ku isi, hazabo hagati mu bwoko bwayo ikangura ryo gukiranuka kwa mbere ku buryo butigeze

kubaho uhereye mu gihe cy'intumwa. Imana izaha abana bayo Umwuka n'ububasha byo mu ijuru".T.S.,504.

"Ntituzasobanukirwa n'ibimenyetso by'Umwuka Wera mu gihe cy'imvura y'itumba, keretse tugiye dukurira buri munsu mu buntu bwa Kristo. Umwuka azashobora gusukwa ku mitima y'abatuzengurutse, ariko ntabwo tuzasobanukirwa haba no kumwakira...." Niba tutitegura kwakirira rimwe imvura y'umuhindo n'iy'itumba, tuzabura ubugingo bwacu kandi ingaruka zabyo zizatugerekwaho." T.M.,507,508. Reka dutondagure bimwe mu byangombwa.

1 .Kumva ko Umwuka akenewe no gusenga dusaba Umwuka kutubamo.

"Abantu bose baba baruzuwe n'Umwuka Wera iyaba barabishatse. Ahantu hose abantu birengagije ko Umwuka Wera akenewe, haboneka umwuma mu by'umwuka, umwijima, kugwa no gupfa. N'ubwo Umwuka utangwa ukuzura kutarondoreka, ububasha bw'Imana bugomba guteza imbere no gukuzza Itorero buzakomeza kuba buke igihe cyose imitima yacu izaba ihugiye ku bindi bintu. Ubwo dushobora kwakira imbaraga ziva mu ijuru, ni kuki tutagira inzara n'inyota by'impano y'Umwuka Wera ? Ni kuki tutaganira ku byerekeye Umwuka Wera kandi ni kuki tudasaba ngo tumuhabwe ? Ni kuki tutabwiriza kuri icyo ngingo ? Nuko rero Imana yiteguye kumuduha kuruta uko ababyeyi baha ibyiza abana babo. Umugaragu w'Imana yagombye gusaba Imana kugira ngo imubatirishe Umwuka buri munsu."-CP.,45,45. Umwuka Wera azamanukira abasaba umutsima w'ubugingo kugira ngo bawukwirakwize ku baturanyi babo. "Ntabwo gusukwa gukomeye k'Umwuka w'Imana uzamurikira isi mu bwiza bw'Umuremyi kuzabaho mbere y'uko Itorero risobanukirwa no gukorana n'Imana icyo ari cyo cyose. Ubwo tuzitangira burundu umurimo wa Kristo, Umwuka we utagira akagero uzadusakazwaho ; ariko ibyo ntibizabaho igihe cyose umugabane munini w'abagize Itorero uzaba utaritegura gukorana n'Imana ." -Ch.S.,253.

Amakoraniro y'Itorero, ihuriro ry'abantu benshi, amateraniro y'Itorero ryo ku murenge n'ibindi bihe bishobora guhesha umuntu ku giti cye umurimo wo gukiza imitima, ibyo byose ni uburyo bwashyizweho n'Imana kugira ngo ikwirakwize imvura y'umuhindo n'iy'itumba. Ntabwo ari ihame rikakuka ko abaza mu materaniro bese bakira imvura y'umuriri iva mu ijuru. Birashoboka ko ibihe runaka byasa naho byatera gusukwa k'ubuntu, ariko Imana ubwayo niyo izateguka imvura kugwa. Nicyo gituma tutagomba gutezuka ku gutakamba kwacu. Nti tugomba kwishingikiriza ku kugoboka gusanzwe kw'Imana. Tugomba gusenga kugira ngo Imana ipfundure isoko y'amazi y'ubugingo no kugira ngo twabwacu twitegure kwakirira icyo imvura isubiza integere mu bugingo. Reka noneho dusenge buri mwanya n'umutima ushengutse kugira ngo mu gihe cy'imvura y'itumba, imvura y'ubuntu idusandazweho. Kuri buri teraniro, amasengesho yacu yagombye kuzamuka ajya mu ijuru kugira ngo uyu munsu Imana igeze muri twe ubushyuhe n'amafu." -T.M.,508,509. "Kandi ni musenga, mwizere Imana mushyire ibyiringiro byanyu kuri yo. Iki nicyo gihe cy'imvura y'itumba, igihe Imana izatanga

Umwuka wayo ku rugero runini. Mugire umwete mu masengesho yanyu kandi mube maso. T.M.,512.

2. Kubanza kwakira mbere na mbere imvura y'umuhindo

Ibi bivuga kwicuza byimazeyo hamwe no kubabarirwa ibyaha, guhanagurwaho ibizinga byose, imibereho irangwa no gusenga, no kwiha Imana burundu. Ni ngombwa rero gukurira mu buntu. “Abantu benshi ntibamenye uko baronka imvura y'umuhindo, ndetse habe no kuronka ibyiza Imana yashakaga kubaha. Biringiye ko imvura y'itumba izaziba icyo cyuho. Bagambirira ko bazugurura imitima yabo kwakira imigisha y'ubuntu, ubwo Imana izasukira ubwoko bwayo. Baribeshya biremereye. Umurimo Imana yatangiye mu mutima w'umuntu imuha impano y'umucyo wayo no kuyisobanukirwa niwo uzakomeza gukurikiranwa. Umuntu wese agomba kwibaza mu mutima we ikintu cya ngombwa abuze muri we. Umutima ugomba guhanagurwamo ikizinga cyose kugira ngo Umwuka abone uko awuturamo. Ni mu kwicuza, kureka ibyaha, gusengana umwete no kwiha Imana ho abigishwa ba mbere biteguye isukwa ry'Umwuka wera ku munsu wa pentekote. Uyu munsu nabwo, uwo murimo ugomba gusohora, ariko uri mu rwego ruhanitse. Mu gihe cy'imvura ya mbere (y'umuhindo), abana b'Imana basabye Imana umugisha gusa, bityo bategereza ko Imana yarangiriza umurimo wayo muri bo. Imana ubwayo niyo yatangiye uwo murimo, kandi izawusozza ishoboza umuntu kuwurangiriza muri Kristo Yesu. Ariko ntitugomba gusuzugura ubuntu buhagaze mu cyimbo cy'imvura y'umuhindo. Abemera guhindurwa n'umucyo bagezemo ubu, nibo bonyine bazashobora kwakira n'umucyo mwinshi. Ntidushobora kusobanukirwa n'ibimenyetso by'Umwuka Wera mu gihe cy'imvura y'itumba, keretse dukuriye mu buntu bwa Kristo buri munsu. “Umwuka azasukwa ku mitima y'abatuzengurutse, ariko nti tuzasobanukirwa haba no kumwakira ” -T.M.,507. “Idini ya Yesu Kristo ifite ibyiyongera ku kubabarirwa ibyaha, imutegeka kubizibukira no kwakira Umwuka.”-P.,430.

“Dushobora kwemera tudashidikanya ko igihe Umwuka Wera azasukwa, abatakiriye cyangwa ngo babe bavubiwe n'imvura y'umuhindo nti bazamenya haba no kumva agaciro k'imvura y'itumba .” -T.M.,399

“Hari abategereza ubusa, aho guhitamo umugabane mwiza w'ibihe bibashyizwe imbere ko, kubw'ubuntu bwihariye, uburyo bafite bwo kumurikira bagenzi babo buziyongera. Nti bita ku nshingano zabo n'amahirwe yabo maze bakareka uwo mucyo ugasaza. Biringira ko bazabona ibihe birushijeho kuba byiza, nta mbaraga na nkeya zabo bishyiriyeho, kandi ko bazaba intandaro y'imigisha yihariye izabahindura maze ikabashobora gukorera Imana .”-C.P.49.

“Uyu munsu mugomba kuboneza urwabya rwanyu kugira ngo rwitegure kwakira imvura y'umuriri iheruka. Iy ngiyi izaza kandi Imana izaha umugisha abazaba biyejejeho ikizinga cyose.” Ev ;702. “Ntitugomba gutegereza imvura y'itumba. Izasukwa ku bantu bose bashaka gusobanukirwa no kuronka imvura y'ubuntu idusukwaho. Ubwo tuzaba tumaze gukoranyiriza hamwe uducagagure tw'umucyo dufite, ubwo tuzaba twamenye

agaciro k'imigisha y'Imana, yo yifuza ko tuyishingikirizaho, nibwo isezerano ryose rizasohora. Nk'uko Yesaya abivuga. Yesaya 61 :11. Isi yose igomba kuzura ubwiza bw'Imana.” -7BC.,984

Gushaka gukoreshwa no kuyoborwa n'Umwuka

“Kristo yasezeraniye Itorero rye kuriha impano y'Umwuka Wera: iryo sezerano ni iryacu nk'uko ryahawe abigishwa ba mbere. Ariko nk'uko andi masezerano yandi ari, iri naryo rifite ibyangombwa bijyana naryo. Umubare munini ugira ishusho yo kwizera amasezerano y'Imana uvuga ibya Kristo no ku by'Umwuka Wera, ariko nta kintu cy'ingirakamaro bakuramo. Ntabwo bemera kuyoborwa n'ibikoresho byo mu ijuru. Ntawe ushobora gukoresha (uko yishakiye) Umwuka Wera ahubwo Umwuka Wera niwo ugomba kudukoresha. Imana ikorera mu bayo ikoresheje Umwuka Wera kumenyekanisha ubushake bwayo no gukora nk'uko ibyifuza”. Abafil.2:13. Abenshi ntibemera kugengwa nawe kuko bashaka kugumana ukwishyira ukizana kwabo. Niyo mpamvu batabona impano iva mu ijuru. Umwuka ahabwa gusa abazirikana Imana bicishije bugufi kandi bashaka kuyoborwa nawe n'ubuntu bwe.”-J-C.,338.

Kurandura kutavuga rumwe no kutumvikana

“Mu minsi ibanziriza umunsi wa pentekote, abigishwa bateraniye hamwe maze barangiza amakimbirane yabo yose. Bari bahuje umutima.”-JC.,458. “Ku munsi wa pentekote, abigishwa bose bari bateraniye hamwe. ”Ibyakozwe 2 :1. “ Reka abakristo bashyire ku ruhande ibibacamo ibice, maze bihe Imana bitangira gukiza abazimiye. Basabane ukwizera umugisha w'Imana nabo bazawuhabwa -”.J-C.,459.

Kwirundurira mu Mana

“ Imana yifuza kudusesekazaho Umwuka Wera ku rugero runini, kandi iradutumira ngo twitegure kumwakira tumaze kwiambura inarijye. Igihe tuzaba twaretse iyo narijye, amaso yacu azabona amabuye asitaza, twateze mu nzira z'abandi, kubwo kubura ubukristo. Imana iradusaba kuyakuramo : « Nuko mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane kugira ngo mukizwe. ” Yakobo 5 :16 . -Tém.II,445.

Igihe umuntu yambuwe rwose inarijye, ikigirwamana cyose kigatsembwaho mu mutima w'umuntu, icyo cyaho cyuzura Umwuka wa Kristo. -M.E.,282. “Igihe turimo gisaba gushikama gukomeye no kwitanga byimazeyo. Ndatakambira Imana nti: Hagurutsa kandi woherenze intumwa zacengewemo n'inshingano yazo, abagabo bafite muri bo imitima yabambye ikigirwamana cy'inarijye, kuko ariyo soko y'icyaha cyose; abantu biteguye kwitangira umurimo w'Imana batizigamye, kandi bumva neza ukwera k'umurimo wabo, abantu biyemeje kudashyira Imana igitambo kidashyitse kitabasaba imbaraga cyangwa isengesho.”M.E.,108.

“Nta n'umwe ushobora kwiambura inarijye, Yesu Kristo niwe ushobora kuyitwambura. Ni ngombwa ko imvugo y'umukristo iba iyi ngo: Mana akira umutima

wanjye! Urabona ko ntakwishoboza kuwuguha. Ni isambu yawe. Ngaho wukuremo imyanda, kuko jye ntabishoboye. Nkiza uko ndi kose, n’ubwo ndi umunyantege nke, nkagira kwikunda gukabije ! Nshyira ku rugero rwiza, untunganye, unzamure ungenze mu bicu byera kandi bitunganye, aho amazi akomeye y’urukundo rwawe azashobora kungera ku mutima. “ Kwiya ntikugomba kuboneka gusa mu itangiriro ry’imibereho ya gikristo, ahubwo ni ngombwa ko kugaragara mu ntambwe zose z’urugendo rwacu ku isi. ” -M.E.,156. “Nta cyaha gikomeye kibaho ku Mana kandi gishyira umutima w’umuntu mu kaga nko kwibona no kwihaza muri byose. Nibyo byaha bikomeye kuruta ibindi.” -P.S.,151. “Nta mbizi zibaho mu gukoreshwa kw’umuntu warambitse inarizye, agakingurira umutima we gukoreshwa n’Umwuka Wera kugira ngo agire imibereho yuzuye mu kwitangira Imana. ”-Ch.S.,254. “Umukozi w’Imana yagombye mu by’ukuri kwicisha bugufi. N’ubundi abafite inararibonye risumbyeho mu by’iyobokamana, niba bitandukanya no kwibona hamwe no kwihimbaza. Kubera ko baba bafite ibitekerezo bihanitse by’ubwiza bw’Imana, bumva ko imyanya irushije iyindi guca bugufi mu murimo wayo, ko ariyo irushaho kubahesha ikuzo.”-M.E.,136.

Imbuta

“Uko abagize umubiri wa Kristo bagenda begera buhoro buhoro intambara yabo iheruka, ariyo igihe cy’umubabaro wa Yakobo niko bazagenda bakurira muri Kristo kandi bazahabwa umugabane munini w’Umwuka we. Ubwo ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzangururira bukungera imbaraga buhoro buhoro kugeza ubwo buhindutse ijwi riranga ; kandi icyubahiro gikomeye n’ubutware bigaherekeza irangira ry’umurimo, abizera nyakuri bazambikwa ubwo bwiza. Imvura y’itumba niyo izabashyushya no kubongerera imbaraga kugira ngo ibafashe kwambuka igihe cy’umubabaro. Mu maso haba hazaba harabagirana ubwiza bw’umucyo uharekeje marayika wa gatatu.”-B.C.,984.

“Mbona abari bambaye icyuma gikingira igituza bavugana ukuri imbaraga nyinshi. Uko kuri kwakoraga umurimo wako. Abenshi bari barazitiwe : abagore bari barazitiwe n’abagabo babo, abana barazitiwe n’ababyeyi babo. Imitima itaryarya yari yarabujijwe kumva ukuri , noneho yakwikiranaga umwete. Gutinya ababyeyi byari byashize, icyari ingirakamaro kuri bo ni ukuri. Bari bagize inyota n’inzara byo kumenya ukuri ; ukuri kwari guhenze kuruta byose kuri bo kandi kwari uko igiciro kinini kuruta imibereho. Mperako mbaza impamvu yatumye habaho guhinduka kungana gutyo. Marayika aransubiza ati : Ni imvura y’itumba, ihembura iva ku Mana, ijwi riranga rya marayika wa gatatu. ”-P.E.,271.

Umuburo uheruka uzakangura ibitekerezo by’abanyacyubahiro. Bamwe muribo bazawakira kandi bazifatanya n’ubwoko bw’Imana mu gihe cy’umubabaro ukomeye. Marayika uje kwifatanya n’abamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu agomba kumurikira isi yose mu bwiza bwe. Iri jambo rivuga umurimo uzakorwa ku isi yose mu bubasha bw’indengakamere. Guhaguruka kw’abadivantisiti mu 1840-1844, kwageze ku byicaro byose by’ivugabutumwa ku isi, kwabaye igikorwa gihimbaje cy’ububasha

bw’Imana. Ubwo nibwo hagaragaye mu bihugu bimwe, ikangura rikomeye ritigeze kubaho uherye mu minsi y’ubugorizi mu kinyejana cya 16 ; ariko iryo rizatambukwa n’ikangura riteye ubwoba rizabyutswa n’umuburo uheruka w’ubutumwa bwa marayika wa gatatu.

“Muri icyo gihe hazaboneka guhaguruka guhwanye n’ukwabayeho ku munsu wa pentekote ushushanya imvura y’umuhindo, yakwirakwijwe mu gihe cy’isukwa ry’Umwuka Wera mu itangiriro ry’iyamamaza-butumwa. Izaba ari imvura y’itumba izazanwa no gukiza ibisarurwa. Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwituka : azatunguka nk’umuseke utambika, nta kabuza, azatuzaho ameze nk’imvura, nk’imvura y’itumba isomya ubutaka.” Hoseya 6 :3.

“Noneho munezerwe, bantu b’i Siyoni mwe, mwishimire Uwituka Imana yanyu, kuko ibavubiye imvura y’umuhindo ku rugero rukwiye, kandi ibavubiye imvura y’umuhindo n’iy’itumba nk’ubwa mbere.Yoweli2 :23”.

Imana ivuze iti : mu minsi y’imperuka nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose. “Kandi umuntu wese uzambaza izina ry’Uwituka azakizwa.” Iyakozwe 2 :17-21.

Ntabwo kwamamaza ubutumwa kuzarangizanywa imbaraga ziri munsu y’izagutangije. Ubuhanuzi bwashojwe no kuboneka kw’imvura y’umuhindo bugomba kugirira umugabane wabwo uheruka mu isukwa ry’imvura y’itumba ku mperuka y’ibihe. Ubwo nibwo bizaba ari ibihe by’ihembura intumwa Petero yari ategereje ubwo yagiraga ati : Nuko mwihane, muhindukire ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana, itume Yesu, niwe Kristo wabatoranirijwe kera. » Iyakoz.3 :19,20

“Abagaragu b’Imana bafite mu maso hamurikiwe no kwitanga kwera, bazajya bava hamwe bajye ahandi bamamaza ubutumwa buvuye mu ijuru. Ibihumbi byinshi bizabwumvikanisha mu migabane yose y’isi. Abarwayi bazakira, ibitangaza n’ibimenyetso bizaherekeza abizera ”-T.S.663,664. “Isukwa ry’Umwuka Wera mu gihe cy’intumwa ryabaye imvura y’umuhindo. Yoweli 2 :23), kandi imbuto zayo zirashimishije. Ariko imvura y’itumba izarushaho kuba nyinshi.”-J-C.,459. “Ayo makina nyigisho agomba kongera kugaruka afite ububasha bw’ikirenga, kuko gusukwa k’Umwuka Wera ku munsu wa pentekote kwabaye imvura y’umuhindo ariko imvura y’itumba izarushaho kuba nyinshi.”-P.S. ,115.

IGICE CYA 4 : ISHUNGURA

Incamake

Umuhanuzi uhumekewemo n'Umwuka w'Imana aravuga mu marenga iby'ishungurwa ry'ubwoko bw'Imana agira ati : “ Kuko nzategeka, kandi nzagorera inzu y'isiraeli mu moko yose, nkuko ingano zigosorerwa ku ntara , ntihagire n'imwe igwa hasi .” Amosi 9 :9. Na none umwami Yesu yabwiye Petero mu gihe kiruhije ati: “Simoni, Simoni, dore Satani yabasabye kugira ngo abagosome nk'amasaka. Ariko weho ndakwiringiye ngo kwizera kwawe kudacogora”. Luka 22:31.

Umwana w'Imana wese ku giti cye hamwe n'Itorero muri rusange bazahura n'ikigeragezo cyihariye cyo kwizera kwabo. icyo kigeragezo cyitwa inshungura cyangwa igosora. Ishungura ryabayeho mu bihe byashize kandi rizongera kubaho ku buryo bukakaye mu gihe gihuruka. Kubera ko umwanzi azi igihe gito asigaranye, azakorana imbaraga zihanitse kugira ngo ashore benshi, ku buryo bushoboka bwose, mu buhakanyi.

Ishungura ni imvugo yakoreshejwe ivuga ubunararibonye bwihariye mu guhitamo no guhakana mu bwoko bw'Imana. Mu gihe cyo guhura imyaka, bashungurira impeke mu kayunguruzo, kugira ngo impeke zice mu myenge y'akayunguruzo kandi umurama uhuhwe n'umuyaga. Na none mu mugabane uheruka w'amateka y'Itorero, hazabaho ishungura mu bagize Itorero.

Impamvu zikomeye z'uko gusohorwa ni izi zikurikira:

Uburangare no kudamarara;

Akarengane gatewe n'ishyira mu bikorwa ry'itegeko ry'icyumweru;

Kwanga ubutumwa bwa Kristo kw'abagize itorero ry'i Laodokiya aribwo butumwa bwo kwihana no kwivugurura;

Ubumenyi butimbitse ku kuri kw'Imana, bukingura inzira y'ubushukanyi binyuze mu nyigisho z'ibinyoma.

Kubera iryo shungura riteye ubwoba turimo tubona ubu kandi rikaba ritazabura gukomeza, hazagaragara guhakana kwa bamwe mu bagize imyanya ikomeye mu itorero. Bamwe muri bo bazahinduka abanzi bakomeye b'ukuri n'abanzi b'ubwoko bw'Imana. Ariko abihangana mu kwiha Imana no mu mushyikirano nyakuri nayo, ntibagomba gutinya iryo shungura.

Ubusesenguro

“Ubu Imana iracisha ubwoko bwayo mu kayunguruzo, iragerageza imigambi n'ibyifuzo byabo. Abenshi bazasangwa bameze nk'ibyatsi bidafite impeke, bitagira umumaro.”4T,51.

“Satani yatumanukiye afite imbaraga nyinshi akoresha ubushukanyi bwose kugira ngo azimize abayoba. Ushobora kudohoka wese azadohoka. Abadashobora kudohoka nibo bonyine bazahagarara badatsinzwe”.Tém.III,374.

“Ubu Imana iracisha Itorero ryayo mu kayunguruzo. Irashaka ko riba iryera kandi ritungana. Ntawe ushobora gusoma mu mitima. Imana izi uburyo bwo kurindira ubwoko bwayo mu butungane.”-1T.,99. “Marayika uguruka aringanije ijuru, yashyiraga ikimenyetso cya Kristo mu biganza byinshi, ubwo umugaba w’ingabo ukomeye yarangururaga ijwi rirenga ati:”Mwegeranye imirongo yanyu! Abakomeza amategeko y’Imana bese kandi bakagira guhamya kwa Yesu ubu nibajye mu ruhande rw’Imana! Najye nzabakira, nzababera So namwe muzambara abahungu n’abakobwa”. Abashaka bese nibatabarane n’Uwiteka!’’ -Tém.III.,263.

Impamvu

Uburangare n’ukudamarara

“Uri akazuyaze.” Ibyah. 3 :16. “Nuko gutekereza kwanjye gukururwa n’agatsiko k’abantu nari nabonye bashungurwa bikomeye, abo nari nabonye mbere nongera kuberekwa barira kandi basengana umubabaro. Umubare w’abamarayika-barinzi wari ubazengurutse wari wikubye kabiri, kandi bari bafite intwari za gisirikare kuva ku mutwe kugeza ku birenge. Bagendaga kuri gahunda idasubirwaho nk’umutwe w’ingabo z’abasirikari. Mu maso h’abizera hagaragazaga intambara ikomeye barwanaga. icyo gihe, ubwo mu maso habo hagaragazaga umubabaro, noneho hamurikaga umucyo n’icyubahiro by’ijuru. Bari banesheje, kandi bahaboneraga ishimwe n’umunezero bitavugwa.

“Umubare w’abari bagize ako gatsiko wari wagabanutse . Bamwe muri bo bari bavanywemo n’ishungura maze basigara mu nzira. Abatagira icyo bitaho n’ababona ko ibintu byose ari kimwe, batari bifatanije n’abari basingiriye bihagije ukunesha hamwe n’agakiza, kugira ngo bashikame mu masengesho, ntacyo baronse, ahubwo basigaye inyuma mu mwijima. Imyanya yabo yahise ifatwa n’abandi bemeraga ukuri maze bahita binjira mu mirongo. Abamarayika babi bari bakomeje kubagota, ariko nta bubasha bari babafiteho... Mpera ko mbaza impamvu yari yatumye habaho guhinduka kungana gutyo. Marayika aransubiza ati : Ni imvura y’itumba, ihembura ituruka k’Uwiteka, ijwi rirenga rya marayika wa gatatu.” -P.E.,271.

Akarengane gatewe n’ishyirwa mu bikorwa ry’itegeko ry’icyumweru.

“Aya magambo y’intumwa Paulo yasohoye inyuguti ku yindi ngo : icyakora n’ubundi abashaka kujya bubaha Imana bese, bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa. ” 2Timoteo 3 :12. Kwanga gukomeza umunsi w’icyumweru kwabo kuzabashyirisha mu nzu y’imbohe, mu buhungiro no kugirirwa nabi... “Ubwo inkubi y’umuyaga izaba yegereje, umubare munini, w’abantu bavugaga ko bizeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ariko bakazaba batarejejwe no kumvira ukuri, bazahindura ibitekerezo byabo kandi bazajya mu

murongo w'abarwanya ukuri.” -T.S.660. “Igihe cy'ishungura cyaratangiye kandi kizakomeza. Abashidikanya bose gufata umwanzuro wo kwakira ukuri kandi ntibitangire gukora umurimo w'Imana ishungura rizabashyira hanze.” P.E,50. Abagize Itorero bazageragezwa umuntu wese ku giti cye. Bazashyirwa ahantu bizaba ngombwa ko bahamya ukuri. Birashoboka ko benshi bazahamagarirwa kuvugira imbere y'amanama n'imbere y'inkiko ku buryo bazaba babatandukanije na bagenzi babo. Bapfushije ubusa ibihe byagombye kubafasha mu bihe bikomeye nk'ibyo. Baricuzanya umubabaro ibihe batakaje n'amahirwe batitayeho.” -Tém.II,195. Bidatinze ubwoko bw'Imana buzageragezwa kandi umugabe munini w'abagaragara nk'abanyakuri muri iki gihe, bazaboneka bameze nk'inkamba y'icyuma. Aho gukomezwa kurwanywa no kumeneshwa n'ibitutsi, bazigobyorera mu ruhande rw'abanzi.” -Tém.II,32.

Kwanga ubutumwa kw'ab'i Laodokiya

“Kuko uri akazuyaze” niko Yesu umuhamya wizerwa w'ukuri avuga, kandi ukaba udakonje ntunabire, ngiye kukuruka.” Ibyah.3:16. Abahora bidamarariye kandi ntibite kuri uyu muburo wa Kristo bazatandukanywa n'Itorero mu gihe cy'ishungura. “Mpera ko mbaza icyo ishungura nari nabonye risobanura. Bansubiza ko ryari ryatewe n'inama y'Umugabo wo guhamya w'ukuri ku itorero ry'i Laodokiya. Iyo nama izagira umumaro ku mutima w'umuntu uyakira; izamutera guhimbaza ukuri. Bamwe ntibazayemera, bazayirwanya, kandi icyo nicyo kizatera ishungura hagati mu bwoko bw'Imana.

“Nabonye ko ubutumwa bw'umuhamya w'ukuri bwumviwe igice. Ubwo buhamya bukomeye ari nabwo butuma Itorero rishyirwa mu mugabane uyu n'uyu, bwatekerejwe nk'ubutaremereye ndetse burasuzugurwa. Bugomba gutera abantu kwihana kutajenjetse. Ababwakira by'ukuri buzabahindura kandi bazatunganywa.”-P.E.,270.

Benshi bazayobwa n'inyigisho z'ibinyoma kubera ubumenyi bukebwa'inyigisho z'ukuri

“Nzaba mpafite abakozi banjye (niko Satani avuga), abagabo bamamaza inyigisho z'ibinyoma zivanze n'ukuri guke, ku buryo bushobora guhenda abantu. Nzohereza kandi abatizera bazatera ugushidikanya ku byerekeye ubutumwa bw'imbuze buva ku Mana iburira Itorero ryayo. Abantu baramutse basomye iyo miburo maze bakayizera, twazagira ibyiringiro bike byo gutsinda, ariko nidushobora gukura ibitekerezo byabo kuri ubu butumwa, buzahama munsu y'ubutware bwacu batabizi no munsu y'ubushukanyi bwacu kandi amaherezo tuzabinjiza mu mirongo yacu.” -T.M,475.

“Igihe kiregereje ubwo hagiye kubaho umubabaro no kujijwa gukomeye. Satani yambaye nka marayika azagera aho ayobya n'intore niba bishoboka. Hazaba imana nyinshi n'abatware benshi. Imiyaga myinshi y'inyigisho izahuha... Mu gihe cyigeragezwa n'icy'ishungurwa, Imana ifite abagaragu bazagaragarira imbere y'amaso yose ko bayiringiye!” -5T.475.

“Umwuka w’Imana yasobanuye buri rupapuro rw’Ibyanditswe Byera, ariko kubera kutabyumva neza bihagije, bamwe babona ntacyo bivuze. Ubwo ishungura rizasohora, inyigisho z’ibinyoma zigahabwa icyanzu abo basomyi b’abanyamuhango badafite aho bashakirwa bazamera nk’umusenye utemba.” T.M.,112. “Abakomera ku nyigisho z’abanyamyuka (baringaniza Imana n’isi) bazagwa. Bazabura ubugingo buhoraho nibadashyikirana n’Imana.”

“Ibitekerezo byerekeye guhakana Imana no guhakana kubaho kw’ibyaremwe, byujuje isi ubuhakanyi, bihumekwa na marayika waciwe. Uyu yiga Bibiliya; azi ibyo abantu bakeneye, kandi ashaka kubarangaza kugira ngo batamenya ukuri gukomeye kwagenewe kubategura mu bihe bikomeye bigiye kuba ku isi.” -Tém.III.,322. “Ibyabaye mu bihe byashize bizongera. Kuvana abantu mu byizerwa kwa Satani kuzafata amasura mashya; ikinyoma kizerekanwa ku buryo bubonye kandi bukurura inyigisho z’ibinyoma zivanze n’ukuri guke zizashyirwa imbere y’ubwoko bw’Imana. Uko niko Satani azagerageza no kuyobya n’intore niba bishoboka. Ibiyobya bikomeye nibimara gukorwa, imitima izamera nk’ifashwe n’ikinya.” -Tém.III.,324. “Ubwo amateguko y’Imana azakurwaho, Itorero rizanyuzwa mu kayunguruzo k’igeragezwa rikaze kandi umubare munini w’abantu tudakeka uzifatanya n’imyuka y’ubuyobe hamwe n’inyigisho z’abadayimoni. Aho kugira ngo bashikamire mu bihe biruhije, abenshi bazagaragaza ko batari amashami yameze ku muzabibu nyakuri; kuko bateze imbuto, nyiri umuzabibu arahabakura.” -2S.M.,368.

Igihe

“Igihe cy’ishungura cyaratangiye kandi kizakomeza. Abashidikanya bose gufata umwanzuro wo kwakira ukuri kandi ntibitangire gukora umurimo w’Imana, ishungura rizabashyira hanze.” -P.E.,50. “Nabonye ko turi mu gihe cy’ishungura. Satani arakoresha imbaraga ze zose kugira ngo akure ubugingo bwa bamwe mu biganza bya Kristo maze abatere kwanga Umwana w’Imana. Marayika yongeye gusubira yitonze muri aya magambo n’ijwi riranguruye ati: “Nkanswe ukandagiye Umwana w’Imana, agakerensa amaraso y’isezerano yamwejesheje agahemura Umwuka utanga ubuntu!” Abaheburayo 10:29. Iki nicyo gihe imico igomba kujya mbere. Abamarayika b’Imana barapima ibyo umuntu yibwira mu mutima we. Imana irimo iragerageza ubwoko bwayo. Aya magambo nayabwiwe na marayika ngo: “Nuko bene Data mwirinde, hatagira muri mwe umuntu ugira umutima mubi utizera umutera kwimura Imana ihoraho. Ahubwo muhugurane iminsi yose bicyitwa uyu munsu! Hatagira uwo muri mwe unangirwa umutima n’ibihendo by’ibyaha. Kuko twahindutse abafatanyije na Kristo, niba dukomeza rwose ibyiringiro byacu twatangiranye, ngo bikomere kugeza ku mperuka” Abahebulayo 3:12-14. -T., 429

Kwirinda kugwa

Intumwa Paulo aratubwira ati: “Uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa.” 1Abakorinto 10:12. Twese tuzageragezwa ariko nta n’umwe muri twe ugomba kugwa byanze bikunze. Dushobora guhura n’ikigeragezo cy’ishungura tukanesha niba

dushyikirana n'ijuru ubudasiba twiga Bibiliya no gusenga, twumvira buri mwanya ubushake bw'Imana bugaragarira mu Byanditswe Byera no mu Mwuka w'ubuhanuzi, twiyanga kandi twitanga.

Ni dukomeza uwo mubano hagati yacu n'Imana nta kintu cyo mu isi cyadutandukanya n'urukundo rw'Imana, cyangwa ngo kidutandukanye n'isoko ikomeye tuvomamo n'imbaraga zacu, niwe Yesu Kristo.

Intumwa Paulo yabajije iki kibazo ati: "Ninde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese n'amakuba, cyangwa n'ibyago, cyangwa n'ukurenganywa, cyangwa n'inzara, cyangwa n'ukwambara ubusa, cyangwa n'ukuba mu kaga, cyangwa n'inkota?" Abaroma 8:35. Hano ararondora ibyago bikomeye by'imibereho. Hanyuma arasubiza n'imbaraga kandi yemeza adashidikanya ati: "Ahubwo muri byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze. Kuko nemeye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu." Abaroma 8:37-39.

Imana ihimbazwe ibyo byiringiro bihebuje! Inyandiko ihumetswe n'umwuka iraduha izindi ngingo ku byerekeye urugamba ruheruka, isubira muri aya masezerano ku bazagira kwihangana.

"Nabonye abizera bamwe bafatanyije n'Imana gutakamba bafite kwizera n'amajwi yuzuye umubabaro. Mu maso habo hari hananiwe, hagaragaza guhangayika bikomeye no kurwana intambara y'imbere mu mutima. Bagaragazaga umuhati mwinshi no gushikama gukomeye; ibitonyanga binini by'icyuya byatembaga mu ruhanga rwabo. Umwanya k'uwundi bumvaga ko bemewe n'Imana, bararabagiranaga ariko mu kandi kanya bongeraga kugira imbaraga, guhangayika no kuremererwa." -P.,269. "Turi mu gihe cy'umubabaro. Ntabwo Imana izababarira abazi ukuri nyamara ntibubahe amategeko yayo haba mu magambo yabo cyangwa mu bikorwa byabo. Niba tudakora uko dushoboye kose kugira ngo tugarurire Kristo imitima, tuzabazwa umurimo twagombye kuba twarakoze, ariko none tukaba twarawirengagije kubera kwidamararira kwacu mu by'Umwuka. Abashaka kugira umugabane mu bwami bw'Imana bagomba gukorana umwete umurimo wo gukiza imitima. Bagomba kurangiza uruhare rwabo kugira ngo bashyire ikimenyetso cy'iryo hishurwa mu bigishwa be." -Tém.II.,639.

Dore uko Umwuka w'Ubuhanuzi atubwira ibyerekeye abazatsindira ikamba. "Bagendaga kuri gahunda yuzuye, bagaragaza urugamba rukomeye bari barwanye. Icyo gihe ubwo mu maso habo hagaragazaga umubabaro, noneho hamurikaga umucyo n'icyubahiro by'ijuru. Bari banesheje kandi bari bashimishijwe nabyo kandi banezerewe." -P.E.,271.

“Mu ishungura rikomeye rigomba kuza bidatinze, tuzaba dushobora gupima neza imbaraga z’Isiraeli. Ibimenyetso biragaragaza ko igihe cyegereje ubwo Imana izacugusa intara yayo mu maboko yayo kandi izashungura ibiri ku buso bwayo byose. Igihe kiregereje ubwo hagiye kubaho umubabaro no kujijwa bikomeye. Satani yihinduye nka marayika azageza aho ayobya n’intore niba bishoboka. Hazaba imana nyinshi n’abatware benshi. Imiyaga myinshi y’inyigisho izahuha. Abazaba barimitse ibitekerezo bipfuye nibo bazabanziriza abandi. Abazaba barinshingikirije ku bwenge n’ubuhanga n’ubukorikori by’abantu nibo bazabera abandi abayobozi. Ntabwo bemeye kuyoborwa n’umucyo. Abazaba baragaragaweho kwinangira ntibazahabwa umukumbi. Mu murimo ukomeye uheruka, Imana izakoresha bake mu bakomeye, kuko bakunda kubona ko bihagije ubwabo kandi bakagira umutima wo kwigenga aho kugengwa n’Imana. Mu gihe cy’igeragezwa n’ishungura, Imana ifite abagaragu bazagaragarira imbere y’amaso yose ko bayiringiye. Ubu, ku buryo butagaragara hari abagabo nyabagabo batigeze bapfukamira Baali. Ntabwo babonye umucyo ukaze wamurikiye mwebwe. Ariko birashoboka ko mu gusa n’inkazi ndetse no gutinyuka nk’uko, hamulika ibirimi nyabyo by’imiterere y’umukristo nyakuri. Kumanywa, tureba hejuru ntitubone inyenyeri. Nyamara ziba ziri mu kirere, ariko ntabwo ijisho rizibona. Nijoro nibwo twitegereza umucyo uhebuje wazo.

Ntabwo bigitinze ubwo umuntu wese agomba kugeragezwa. Bazaduhatira kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa. Abagiye birekurira buhoro buhoro mu mihati y’isi bagendera mu mabwiriza yayo, bazahitamo kugengwa n’ububasha buzaba buriho aho kugira ngo bikururire urw’amenyo, ibitutsi, gushyirwa mu nzu y’imbohe n’urupfu. Hazaba amakimbirane hagati y’amategeko y’Imana n’ibihimbano by’abantu. icyo gihe izahabu izatandukanywa n’inkamba mu Itorero. Gukiranuka nyakuri kuzatandukanywa k’umugaragaro no gukiranuka kw’inyuma (kugereranywa na vernis). Inyenyeri nyinshi tuzaba twarishimiye kumurika kwazo zizazimirira mu mwijima. Nk’uko ibicu bimera, ibyatsi bizakuburwa n’umuyaga ndetse bigere n’ahantu twabonaga ko hari imbuto nziza gusa. Abambara umutako wo mu buturo bwera bose, maze ntibambare gukiranuka kwa Kristo bazibona bamwaye bambaye ubusa.”-5T.,80,81.

“Ababonye umucyo mwinshi n’imigisha yihariye maze ntibagire icyo babikoresha bazava mu murongo wacu kubera impamvu runaka. Kuko batakunze kwakira ukuri bazashukwa n’Umwanzi. Bazahindukirira imyuka iyobya n’inyigisho z’abadayimoni kandi bazareka kwizera. Igihe akarengane kazihura kuri twe by’ukuri, intama nyakuri zizumva ijwi ry’umushumba nyakuri, hazakoreshwa imbaraga zose mu rwego rwo kwitangira gukiza abazimira, kandi abakristo benshi bazaba barahabiye kure y’ikiraro bazagaruka kugira ngo bakurikire umushumba mwiza. Ubwoko bw’Imana buzafatana urunana kugira ngo buzitire umwanzi bushyize hamwe. Imbere yo gutsembwaho kumwe, kurwanira icyubahiro kuzashira. Ntihazaba hakiriho intonganya zo kumenya umukuru uwo ari we. Nta n’umwe mu bizera uzaba akivuga ati:” Ndi uwa Paulo n’undi ati: ndi uwa Apollo, n’undi ati: ndi uwa Kefa.” Ubuhamya bumwe kuri bose buzaba ari ubu ngo: “Nishingikirije kuri Kristo; nishimira muri we nk’Umucunguzi wanjye bwite.”-6T,400,401.

Ntabwo itorero rizagwa, abanyabyaha bazashyirwa hanze

“Satani azayobesha gukora ibitangaza bye; azagaragaza imbaraga z’indengakamere. Itorero rizasa nirigiye kugwa, ariko rizahagarara rishikamye. Rizakomeza kubaho, kandi ubwo abanyabyaha bazakurwa i Siyoni, umurama uzatandukanywa n’imbuto nziza. Ni ikigeragezo giteye ubwoba, ariko ni ngombwa ko kibaho. Abazaba baraneshesheje amaraso y’Umwana w’Intama n’ijambo ryo guhamya, nibo bazaba bagize umugabane w’abizera biringirwa kandi bakomeza amategeko badafite ikizinga cy’icyaha cyangwa ikinyoma. Tugomba kwiambura kwiha gukiranuka, tukambara gukiranuka kwa Kristo”.-2S.M.,380.

IGICE CYA GATANU: IRANGIRA RY'UMURIMO, IJWI RIRENGA

Incamake

Igihe mu Itorero hazagaragara ikangura n'ivugurura, gushyirwaho ikimenyetso, ishungura n'isukwa ry'imvura y'itumba ; ubwoko bw'Imana buzarangiza umurimo w'ivugabutumwa bufite imbaraga n'umwete wihariye.

Yohana yeretswe iby'ayo mateka mu ishusho y'abamarayika batatu baguruka mu kirere bavuga ubutumwa butatu mu ijwi riranguruye. Ibyah.14 :6-10.

“ Abamarayika batatu bafite ubutumwa bukomaye ku buryo baguruka mu kirere kugira ngo babumenyeshe abatuye isi. Bafite mu biganza byabo umutsima w'ubugingo wagenewe isi yishwe n'inzara. Urukundo rwa Kristo rurabahata. Ni ubutumwa bwabo buheruka. Kandi ubwo, ubwo butumwa buzaba bumaze kurangiza umurimo wabwo, ijwi ryuzuye imbabazi ntirizongera kumvikana.”-5T., 206,207.

Mu gitabo cy'Ibyahishuwe 18:1, haravugwa undi marayika. Amanuka ava mu ijuru afite ububasha bukomaye kandi isi yari imurikiwe n'ubwiza bwe. Ntabwo marayika uwo agereranya ubundi butumwa, ahubwo ni ububasha bushya buzahindura ubutumwa bw'abamarayika batatu mu ijwi rirenga kandi ubwo bubasha buzatuma ubwo butumwa bwumvikana kugeza ku mpera z'isi. Kandi umurimo no guhamagarira abizera kuyisohokamo bizasesengurwa ku mugaragaro.

Ibyo bizabyutsa akarengane n'intambara ikomeye; ariko ukuboko k'uwiteka kuzagoboka kugira ngo umurimo uhebuje urangire. Kubw'ibyo Imana izakoresha abizera bose bashyize inariye iruhande kandi buzuye Umwuka. Itorero rizakuramo ubute: abarigize bose bazahagurukira gukiza imitima.

“Ntabwo umurimo wo kumenyekanisha Imana uzakwira ku isi nk'uko amazi yuzura inyanja , urangijwe gusa n'abantu bafite inshingano zikomaye cyangwa abayobozi b'amavuriro yacu cyangwa amazu yacu y'icapiro. Uwo umurimo uzashobora kurangira ari uko Itorero ryose rihagurutse rigakora riyobowe n'Imana n'ububasha bwayo.”-8T;47.

Ubusesenguro

Bibiliya iduha amasezerano adakuka yerekeye irangira ry'umurimo w'ibwirizabutumwa. “Kuko Umwami azasohoze ijambo rye mu isi, akarirangiza bidatinze, kandi akarigabanya.”Abaroma 9:28. “Kandi ubu butumwa bwiza bw'Ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose. Nibwo imperuka izahera ko ize. Matayo 24:14. “Mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, ubwo azatangira kuvuza impanda nibwo ubwiru bw'Imana buzaba busohoye.” Ibyah. 10:7. Ubwo nibwo ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzahinduka ijwi rirenga kandi isi yose ikamurikirwa n'ubwiza bw'Imana.”-6T,401. “Ubutumwa bwa marayika nti butakaza umurego, kuko Yohana yabonye bugenda bwongera imbaraga n'ububasha kugeza ubwo

isi yose yamurikirwaga n'ubwiza bw'Uwiteka. Ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko yayo bugomba guhaguruka bukagera kure, mu bihe byose bugomba kujya kure. Ubutumwa bw'ukuri duhetse bugomba kugera mu mahanga yose, mu ndimi zose no mu bwoko bwose. Ntibuzatinda kumvikana mu ijwi rikomeye maze isi ikuzura ubwiza bw'Imana.

“Mbese, turitegura iryo sukwa rikomeye ry'umwuka w'Imana?” T.;383.

“Na none, nongera kubona marayika wundi ukomeye, yoherejwe ku isi kugira ngo yunge ijwi rye mu rya marayika wa gatatu, kugira ngo byongerere ubwo butumwa imbaraga n'ububasha. Marayika uwo yarafite ububasha bukomeye kandi agoswe n'ubwiza burabagirana. Ubwo yamanukaga ku isi, isi yamurikiwe n'ubwiza bwe. Umucyo wari umuzengurutse wacengeraga hose. Arangurura mu ijwi rirenga ati: “Iraguye Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, niho imyuka mibi yose irindirwa, niho ibisiga byose bihumanya kandi byangwa birindirwa. ”P.E.,277.

“Igihe cyo kugeragezwa kiregereje, kuko ijwi rirenga rya marayika wa gatatu ryatangiye kumvikana binyuze mu guhishurwa ko gukiranuka kwa Kristo, Umurengezi ubabarira ibyaha. Imyambi ya mbere y'umucyo wa marayika niyo izuzura isi yose ubwiza bwe. Uwumva ubwo butumwa bw'umuburo wese agomba gusingiza Yesu, agomba kumugeza kub'isi nk'uko yavuzwe mu isezerano rya kera binyuze mu migenzereze, mu mashushongerero no mu bahishuriwe abahanuzi byinshi. Namwe muvome byimazeyo mu masomo yatanze na Kristo ku giti cye ayaha abigishwa be hamwe n'ibitangaza bihebuje yakoze agirira neza abantu. Musuzume Ibyanditswe, kuko ari byo bimuhamya. ” - 1S.M,363.

Igihe cyihariye cyagenewe ubutumwa burushijeho gusobanuka kandi burushijeho kwatura

Igihe cy'umwihariko

“Hanyuma y'ibyo, mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye ; kandi isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati : Iraguye iraguye Babuloni ikomeye ! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, imyuka yanduye yose niho irindirwa, aho niho ibisiga bihumanye kandi byangwa biri .” “Nuko numva irindi jwi rivugira mu ijuru rigira riti : Nimuwusohekemo bwoko bwanjye kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo.” Ibyah.18 :1,2,4.

“Igihe cy'aya magambo tubwiwe haruguru, kizasohora ubwo iyamamazwa ryo kugwa kwa Babuloni ryasesenguwe na marayika wa kabiri mu gice cya 14 cy'Ibyahishuwe, rizongera gusubirwamo riherekejwe n'imbonerahamwe y'ubuyobe bwaseseye mu miryango itari imwe igize

Babuloni hanyuma y'iyamamazwa rya mbere ry'ubutumwa mu icyi cya

Umurimo w’abagorozi batangwaho urugero

“Mu itangiriro ry’umurimo wabo, abagorozi benshi bari basezeranye kugendera mu bwenge mu gihe batunga agatoki ibyaha by’itorero n’iby’amahanga. Bari biringiye ko bazasubiza abantu ku mahame ya Bibiliya, batanga urugero rwiza rw’imibereho yejeje kandi ya gikristo. Ariko Umwuka w’Imana abafata mpiri nk’uko byagendekeye Eliya ubwo yagaragazaga ibicumuro by’umwami usuzugura Imana hamwe n’ubwoko bwahakanye. Ntiyashoboye kwiyumanganya ngo areke kuvuga amagambo ateye ubwoba yo mu Byanditswe Byera n’ubwo yashakaga kwigengesera rwose. Bagaragazaga kubwirizanya ukuri umwete, no kugaragaza uburyo abanyabyaha bashoboraga kurimbuka. Bari bashoboye kuvugana imbaraga amagambo Imana yari yabatekereye, kandi abantu bari bashoboye gutegeza amatwi uwo muburo.

Uko niko ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzavugwa. Ubwo igihe kizaba kigeze kugira ngo ubu butumwa bwumvikane mu bubasha bukomeye, Imana izakorera mu bikoresho biciye bugufi bizaba byaritangiye umurimo wayo. Si ubwenge bavanye mu mashuri buzatuma bagaragaza ko bashoboye umurimo, ahubwo ni uko bazaba basizwe n’Umwuka Wera.

Abagabo bafite kwizera kandi basenga, basunikwa n’imbaraga idakamirwa kandi bashishikajwe n’Umwuka Wera, bazajya kuvuga amagambo Imana izaba yabatekereye. Ibyaha bya Babuloni bizashyirwa ahagaragara. Ingaruka ziteye ubwoba zizakomoka ku mategeko y’idini yashyizweho n’ubutegetsu bwa Leta, guca ibintu ko kwizera imyuka y’abapfuye, amajyambere yuzuyemo imitego, nyamara yihuta, y’ububasha bwa Papa, ibyo byose bizashyirwa ahagaragara. Iyo miburo iteye ubwoba izakangura benshi. Abantu ibihumbi n’ibihumbi bazaba batarigeze kumva ibimeze bityo, bazasobanukirwa byimazeyo ko Babuloni ari itorero ryaguye kubera amakosa yaryo, n’ibyaha byaryo no kwanga kwemera ukuri kuvuye mu ijuru kwaryo.” -T.S.,658,659.

Ubu butumwa buzakurura akarengane

Abapasitoro bazakoresha imbaraga zirenze iza kimuntu kugira ngo babuze umucyo kugera kubo bayobora. Bazakora uko bashoboye kose kugira ngo bagerageze kubuzanya ibiganiro bishingiye kuri ibyo bibazo by’ingenzi. Itegeko ry’icyumweru nirimara gucanira, itorero rizifashisha amaboko akomeye y’ubutegetsu bwa Leta, abagatorika n’abaprotesitanti bose bashyize hamwe. Mu bubasha bw’amategeko y’abantu, abakomeza amategeko y’Imana bazacibwa ibihano kandi bazafungwa. Bamwe muri bo bazabona imbere ibihe bibahesha ibyiza, impano, n’inyungu z’ibintu. Maze aho guhakana kwizera kwabo, bazasubiza batanyuranyije na Luteri bati: “Mutwereke mukoresheje Ijambo ry’Imana yuko turi mu makosa.” Abazajyanwa imbere y’inkiko bazahamya ukuri ku buryo buranguruye kandi benshi mu bazabumva bazajya ku ruhande rwabo. Bityo umucyo

uzagera ku bantu ibihumbi byinshi bazaba batari kubona mu bundi buryo, umwanya wo kuwumenya.” –T.S.,659,660.

“Aya magambo y’intumwa Paulo azasohora inyuguti ku yindi ngo:” icyakora n’ubundi abashaka kujya bubaha Imana bose, bari muri Kristo Yesu bazarenganywa.”²Timoteyo 3:12. Kwanga gukomeza Dimanche kwabo kuzakururira gushyirwa mu nzu y’imbohe, guhunga no kubaho nabi. Mu buryo bwa kimuntu, ibyo byose bigaragara ubu nk’ibidashoboka; ariko ubwo imbaraga y’Umwuka Wera izaba yavanywe ku isi, hazaboneka ibintu bitigeze kubaho. Umutima w’umuntu ushobora guhinduka nk’uw’inyamaswa iyo urukundo no gutinya Imana byawuvuyemo.”-T.S,660.

Kumirwa no kujijwa by’igihe gito

“Muri icyo gihe cy’akarengane, kwizera kw’abagaragu b’Imana kuzagera mu kigeragezo gikomeye. Bazaba baratanze umuburo ku buryo buzira amakemwa bishingikirije gusa ku Mana no ku Ijambo ryayo. Bemeye kuvugishwa n’Umwuka w’Imana, buzuye umuhati wera no kubwo gusunikwa n’imbaraga y’ijuru, bazaba barakoze inshingano yabo batitaye ku ngaruka z’ibyo bavuze. Ntibazaba barigeze batekereza haba kuby’inyungu zabo z’ibintu bishira, haba kuvugwa neza kwabo, haba imibereho yabo. Nyamara kandi umugaru wo gukozwa isoni no kurwanywa numara kubasukwa hejuru, bamwe muri bo baziyamira mu kwibaza kwabo bati:”Iyaba twateganyije ingaruka z’amagambo yacu, tuba twaricecekeye.” Ubwo bazaba bagoswe n’ingorane, bahanganye n’urugamba rukomeye rw’umwanzi, umurimo biyemeje gukora ugiye kubakuzaho; bazacika intege. Ariko kubera ko bitabashobokera gusubira inyuma, bazijugunya mu maboko y’Isumba byose, bazibuka ko amagambo yabo atavaga kuri bo, ahubwo ko Imana ariyo yashyize mu mitima yabo uko kuri, ko nta kundi bari kubigenza uretse kukwamamaza.

“Ibigeragezo nk’ibyo byabaye umugabane w’abantu b’Imana bo mu binyejana byashize. Wiclef, Hus, Luther, Tyndale, Baxter, Wesley (soma :Wayikilifu, Husi, Luteri, Tayindolo, Bakisita, Wesili) basabaga ko inyigisho zose zigeragereshwa Ibyanditswe Byera, kandi bahamya ko biteguye kureka icyo Bibiliya itemera cyose. Akarengane kabihuriyeho n’umujinya utagabanyije, ariko ntikashoboye kubabuza kuvuga ukuri.”T.S;661.

Ubu butumwa buzamamazanywa kwizera n’imbaraga

“Mu isaha y’akaga, iyo Imana itanze ukuri kwihariye ku bwoko bwayo, ni buryo ki uko kuri kutakwamamazwa? Ubu Imana irasaba abagaragu bayo kumvikanisha mu isi guhamagara guheruka kuzuye imbabazi. Kaba ari akaga ku bugingo bw’abahagarariye Kristo niba bicecekerera. Nti bakwiye guhangayikishwa n’ingaruka, ngombwa n’uko barangiza inshingano zabo; Imana irabizi... Igihe amakimbirane azarushaho gukomera, abagaragu b’Imana bazabura iyo bava niyo bajya; bazibaza ubwabo niba batarihutishije ako kaga. Ariko imitima yabo ihana n’Ijambo ry’Imana bizabemeza ko bakoze neza, kandi

ko bazongererwa imbaraga kugira ngo bihanganire ikigeragezo. Intambara izarushaho gukomeza no kurushaho gukara cyane, kwizera kwabo n'umuhati wabo biziyongera bijyane no gutotezwa. Imvugo yabo izaba iyi ngo: Ntidushobora guhara ijamba ry'imenya naho irindi ribe iryungirije. Imana dukorera ishobora kudukiza. Kristo yanesheje imbaraga z'isi; ni kuki twahindishwa umushyitsi n'isi yaneshejwe ?” -TS.,662.

“Isaha iregereje rwose ubwo abiyemeje kubaha Imana kuruta abantu bazaremererwa n'umutwaro wo gutotezwa. Mbese none tuzagayisha Imana twicecekerako ubwo amategeko yayo yera azaba asiribangwa,?”-Tém,II,378. “Ubwo nibwo ukuri kuzashyirwa mu bikorwa kandi gusenga kwa Kristo, kwabayeho mbere ho hatwo gucishwa bugufi kwe no gupfa kwe, kuzasubizwa: “Kugira ngo bese babe umwe, nk'uko nawe Data, uri muri jye, kandi nk'uko nanjye ndi muri wowe, kugira ngo nabo babe umwe muri twe, kugira ngo ab'isi bizere ko wantumye.” Yohana 17:21. Urukundo rwa Kristo hamwe n'urwa kivandimwe bizagaragariza ab'isi ko twabanye na Yesu kandi ko yatwigishije. Bityo ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzahinduka ijwi rirenge kandi isi yose izamurikirwa n'ubwiza bw'Imana.”-6T;401.

Umurimo wihuta kandi ukorwamo ibitangaza

Ntabwo iyamamazabutumwa rizarangizanywa ububasha buri muni y'ubwaritangije. Ubuhanuzi bwashohojwe no kuboneka kw'imvura y'umuhindo bugomba kubona umugabane wabwo wa kabiri mu gihe cy'imvura y'itumba, ku iherezo ry'ibihe. icyo gihe kizaba ari”igihe cy'ihembura” intumwa Petero yari ategereje ubwo yavugaga ati: “Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza, ituruka ku mwami Imana itume Yesu niwe Kristo wabatoranirijwe kera.” Ibyakozwe 3:19,20. “Abagaragu b'Imana, bafite mu maso harabagiranihwe no kwitanga kwera, bazajya ahantu hose bavugaga ubutumwa bw'ijuru. Amajwi ibihumbi byinshi bazabwumvikanisha mu migabane yose y'isi. Abarwayi bazakira, ibitangaza n'ibimenyetso bizaherekeza abizera. Ariko Satani nawe mu ruhande rwe, azakora ibitangaza biyobya kugeza n'aho ahanura umuriro wo mu ijuru ku isi imbere y'abantu. Bityo bizaba ngombwa ko abatuye isi bahagurukira gufata ingamba.

“Ntabwo uyu muburo uzavugwa kubera ubwinshi bw'ibisobanuro ni ukwemezwa n'Umwuka Wera ku buryo budashidikanywa. Ibihamba bizaba byaragaragaye. Imbuto zabibwe mbere zizaba zigeze igihe cyo kwera izindi. Iyamamaza rizakwirakwizwa n'abizera b'abanyamuhari rizaba ryuzuye umugambi waryo. “Abantu benshi bazaba batarumvise ukuri bazakwakira byimazeyo kandi bazagukurikiza. Imyambi y'umucyo izacengera ahantu hose, ukuri kuzagaragara mu bwiza bwako kandi imitima itaryarya izacagagura iminyururu yari yarayiboshye. Ntabwo amasano yo mu miryango n'ayo mu itorero azongera kubazitira. Ukuri kuzababera uko igiciro kinini kuruta byose. Abenshi ni abaziyemeza gukurikira Imana batitaye ku bufatanye bw'ububasha burwanya ukuri.

“Umuburo uheruka uzakangura abantu bo mu nzego zo hejuru. Bamwe bazawakira kandi bazifatanya n'ubwoko bw'Imana mu gihe cy'umubabaro ukomeye.” -T.S.;663.

“Muri icyo gihe hazaba guhaguruka guhwanye n’ukwabayeho ku munsu wa Pentekote kugereranywa **n’imvura y’umuhindo**, yakwirakwijwe mu gihe cy’isukwa ry’Umwuka Wera mu itangiriro ry’igihe cy’ivugabutumwa. Izaba ari **imvura y’itumba** ije gukuza umusaruro.” -TS.663.

“Imitima itaryarya yari yuzuwe n’ububasha bwayiteraga gukora, mu gihe kwigaragaza k’ububasha bw’Imana kwateraga ubwoba ababyeyi babo hamwe n’inshuti zabo zitari zifite kwizera nk’uko, ku buryo batashoboraga kugerageza haba no gukoma mu nkokora abiyumvagamwo ko Umwuka Wera akorera mu mitima yabo.”-T.M.;300.

“Uwiteka azakoresha uburyo bugaragaza ko ariwe bwite wibereye kuri diregisiyo abagaragu b’Uwiteka bazatangazwa n’uburyo bworoheje bwakoreshejwe mu kubyutsa no kurangiza umurimo wayo ukiranuka.” Tém.;III,397.

“Kubera ibikorwa bihebuje by’ubuhanga buhanitse bw’Imana, imisozi iruhije izakurwa ahayo maze ijugunywe mu nyanja. Ubutumwa bufite ubusobanuro buhanitse ku baturage b’isi buzategerwa amatwi kandi bwumvikane. Abantu bazamenya aho ukuri kuri. Umurimo uzajya mbere ubutadohoka kugeza ubwo isi yose izaba imaze kuburirwa. Ubwo ni bwo imperuka izahera ko ize.” -P.E;278.

“Umucyo wari wamurikiye abari bategereje wari wacengeye hose. Mu matorero amwe n’amwe, abari barakiriye umucyo muke kandi bakaba batarumvise habe no kwanga kumva ubutumwa butatu, bumviye ihamagara maze basohoka mu matorero yaguye.” - P.E;278. “Ihamagara riheruka ryageze no ku mbata, maze abari bafite kumvira bishimira kubona umunezero wo kubaturwa kwabo. Abayobozi babo ntibashoboraga kubazitira; ubwoba no kwiheba byari byabahinduye ibiragi. Ibitangaza bikomeye byarakorwaga; abarwayi barakiraga, kandi abigishwa bari baherekejwe n’ibimenyetso n’ibitangaza.” - P.E;278. “Umucyo w’Imana uzarasa imyambi yayo y’ubugiraneza, kandi imitima myinshi izareka ubuyobe ihindukirire ukuri, nk’uko byagenze mu gihe cy’intumwa. Isi izamurikirwa n’ubwiza bw’Imana.”-Tém.,III,369. “Benshi baziyeze gukurikira Imana batitaye k’ububasha bwiye kurwanya ukuri.” -T.S.,664.

“Bizaba ngombwa ko bamwe bareka imirimo yabo yo mu masambu cyangwa indi mirimo kugira ngo babwire umuburo uheruka imitima izimira. Hari uburyo bwinshi bwo gukorera Umukiza. Umwigisha mukuru azugurura ubwenge bw’abagaragu be kandi azabereka ibitangaza by’ijambo rye.” Tém.III,439.

“Imana ikora ku mitima y’abategetsi b’ibihugu. Yashyizeho imbibi badashobora kurengaho. Bamwe muri bo bategekwa na Satani, ariko abandi n’abakozi b’Imana, kandi bamwe bazemera ukuri. Ubu barimo barakora inshingano Imana yabahaye. Satani akorera mu babaye ibikoresho bye, kandi bakaba bacura imigambi imwe n’imwe mibi. Iyaba iyo migambi yasohoraga, umurimo w’Imana wacomwa mu nkokora, kandi havuka ibibi byinshi. Uko niko abamarayika b’Imana bacengeza mu bantu Imana yifashisha kugira ngo barwanye iyo migambi y’abakozi ba Satani bakoresheje inama nziza badashobora

kwanga. Umubare muto w'abantu, aribyo bikoresho biri mu biganza by'Imana, ugahabwa ububasha bwo kuzitira umuhanda bakumira umubare utubutse w'ababi. Umurimo w'Imana uzakomeza kugeza ku iherezo ry'iyamamazwa ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ku buryo, ubwo marayika wa gatatu azavuga mu ijwi rirenga, abo bantu bazabona umwanya wo kumva ukuri, biyemeje ku gukurikiza no kwambukana n'abera mu karengane.”-Tém.,I,81,82.

Ibyiza bikomoka ku makimbirane

“Imana ishaka ko uku kuri kwagenewe kugerageza abantu gushyirwa ahagaragara, kugasuzumanwa ubwitonzi ndetse kukavugwaho, bona n'ubwo kwasuzugurwa. Imitima igomba gukangurwa. Imana izifashisha intambara z'uburyo bwose, ibintu bitera ipfunwe byose, ibirego byose byo gusebanya, kugira ngo itere mu bantu umwuka wo gushakashaka no gukangura abari kwigumira mu bitotsi bitabayeho.” -Tém.II,182.

“Ariko ubwo agahato ko gukomeza dimanche kazagurumana bikomeye, ubwo abantu bazabona ko igihe bahakanaga ko kizagera, gisohoye, ubutumwa bwa marayika wa gatatu bazakora akazi buzaba butari bwarashoboye gukora mbere yaho. ” T.S,658.

“Imbaraga zizakoreshe mu kudindiza kujya mbere k'ukuri, zizaba ahubwo izo kugukwirakwiza. icyubahiro cy'ukuri gukwiriye, kizarushaho gusobanuka kuri buri ngingo yibazwaho. Ikinyoma gisaba kwiyoberanya kw'ibitekerezo ; cyiyerekana gifite ishusho ya marayika w'umucyo, kandi kugaragara kw'imiterere yacyo nyakuri kwagabanya amahirwe yacyo yo gutsinda .” -Tém. ;II,183.

Satani arwanya ijwi rirenga

“Ijambo ry'Imana ryahawe abizera kugira ngo ribarinde abigisha b'ibinyoma n'imyuka iyobya. Satani akoreshe uburyo bwose kugira ngo abuze abantu kwimenyereza Ibyanditswe kandi aribyo bifite amagambo asobanutse kandi y'ukuri ashyira ku mugaragarar imigambi ya Satani. Buri kangura ry'ubwoko bw'Imana rirangwa no gukora kwiyungikanya guturuka ku Mwanzi. Ubu noneho arakomatanyiriza hamwe imbaraga ze zihuruka ategura igitero gihuruka cyo kurwanya Kristo n'abigishwa be. Ubushukanyi bukomeye kandi buhanitse buri bugufi. ”-T.S.,643.

“Ninako bizaba mu gihe cya nyuma cy'intambara ikomeye ubwo gukiranuka kuzahangana n'icyaha; Ubwo imibereho, umucyo n'imbaraga nshya bimanuka bivuye mu ijuru bikagera ku bayoboze ba Kristo, ububasha buvuye ikuzimu nabwo burimo burahaguruka bwambika imbaraga ibikoresho bya Satani. Ibyo ku isi byose bizongererwa imbaraga kubera isomo ryabonetse mu binyejana by'intambara, umutware w'ibibi arakorera mu rwihisho. Yiyerekana ameze nka marayika w'umucyo ku bantu benshi bishingikiriza ku myuka iyobya no ku nyigisho z'abadayimoni”.1Timoteyo 4:1.-J-C;104.

Imbaraga z'ikuzimu ziri ku murimo kugira ngo zikure imitima k'ukuri guhoraho. Umubi yateguye ibintu ku buryo ateza imbere imigambi ye bwite. Ubucuruzi, imikino, ibigezweho, ngibyo ibyo abagabo n'abagore bibereyemo.” - Tém.III,367.

“Satani arakora gahunda ye ndende y'intambara igamije gukangura irari ribi, hanyuma akaroha, by'iteka ryose, abantu be basinze ubibi n'amaraso. Atera amahanga kurwana kugira ngo abuze abantu kwitegura guhagarara bashikamye ku muni w'Imana.”T.S; 638.

Amakangura-kinyoma y'amadini

“Haracyari abigishwa nyakuri b'Umukiza muri ayo matorero n'ubwo yaguye bikabije mu kwizera no mu gukiranuka. Nicyo gituma, mbere y'uho ibihano by'Imana bisukwa ku isi, hazabaho ikangura mu bwoko bw'Imana ryo gukiranuka kwa mbere ku buryo butigeze kubaho uhereye mu gihe cy'intumwa. Imana izaha abana bayo Umwuka n'ububasha byo mu ijuru. Ubwo nibwo abantu benshi bazasohoka muri ayo matorero aho gukunda iby'isi byasimbuye gukunda Imana hamwe n'Ijambo ryayo. Abenshi mu bapasitoro n'abizera bazakirana umunezero ukuri Imana yamamaje mu gihe nk'iki kugira ngo yitegurire ubwoko bwayo kugaruka kwa Kristo. Kugira ngo azitire uwo murimo, Umwanzu w'imitima yigana rwihishwa ibinyuranye n'ibyo agaragaza, ko umugisha w'Imana wasakajwe ku matorero yayobeje. Amakangura akomeye azasa n'aho abayeho, kandi benshi bazitirira Imana ibintu bihebuje bikomoka ku wundi mwuka. Satani azagerageza gukwiza imigambi ye mu bukristo, yiyoberanyirije mu ikanzu y'idini.

“Umwuka uzaranga amakangura y'amadini yo mu bihe bizaza, wabayeho mu nzego zitari zimwe mu mubare munini w'amakangura yavutse mu binyejana byashize.”- T.S.;504. “Ariko mu gihe Imana ikorera mu kiremwa muntu, imbaraga z'ikuzimu zirahaguruka. Satani arashyira ku murimo abakozi be, ari nako yigarurira abemera kugengwa nawe bose.” Tém.III,369. “Imyuka izahamya ko yizera Ibyanditswe kandi izagaragaza ko yumvira amategeko y'itorero. Kubw'ibyo, umurimo wayo uzaboneka nk'aho imbaraga y'Imana ariyo irimo gukora.” –T.S,637. “Ariko Umwuka avuga yeruye ati: mu bihe biheruka bamwe bazava mu byizerwa, maze bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni.”1Timoteyo 4:1.

Ibyangombwa simusiga bibiri byo kurangiza umurimo

Imana yasezeranye ku buryo busobanutse ko bidatinze iyamamazwa ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu rizahinduka ijwi rirenga. Kurangira mu cyubahiro kw'ivugabutumwa ku isi yose gushyigikirwa n'urutonde rw'amasezerano y'Imana ari nayo agize ubuhanuzi. Marayika wo mu byahishuwe 18, ukomeye byahariye amurikira isi yose mu bwiza bw'Imana, kandi mu gihe gito, amahanga yose, imiryango yose, indimi zose n'ubwoko bwose bazashobora kumenya ukuri kandi bazashobora kwifatira imyanzuro.

Gusozwa k'umurimo w'ibwirizabutumwa ni umurimo w'imenya w'Imana. Imana yarabisezeranye kandi ntabwo ibuze umurongo wo kuwurangiza. Ariko kugira ngo ishyire mu bikorwa umugambi wayo uhebuje Imana yifashisha ibikoreshe by'ibiremwa-muntu. Abamarayika batatu bo mu Byahishuwe 14, bagereranya ubwoko bw'Imana bwinjiye mu murimo wo kurangiza ubutumwa. Kugira ngo Isumba byose igoboke ikoresheje ukuboko gukomeye kwayo, ni ngombwa ko ubwoko bwayo bwuzuzwa ibyangombwa simusiga bibiri aribyo: **Kwezwa no gukora.**

Ku munsu bwari bucyeye bambuka Yorodani, ubwo kwizera k'ubwoko bw'Isiraeli kwari kugeragezwa, Yosua yahaye ubwoko bwose itegeko rivuye k'Uwiteka ngo: "Mwiyeze, kuko ejo Uwiteka azakora hagati muri mwe ibitangaza." Yosua 3:5. Ntabwo umurimo uzigera urangizwa n'imbaraga z'umuntu, ahubwo ni kubwo gusukwa k'Umwuka Wera. "Si kubw'amaboko cyangwa se kubw'imbaraga, ahubwo ni kubw'Umwuka wanjye, niko Uwiteka nyiringabo avuga". Zaburi 4:6.

Ariko nk'uko twamaze kubibona, Umwuka amanukira mu mitima yiteguye kumwakira. Nuko rero umwizera agomba kureka icyaha, akabamba inariye, akikuramo umwuka wo kwikuza, akishyiramo kuryohere abandi no kwicisha bugufi, akarangiza kwiyeza kwe kandi akiha Imana atizigamye.

Reka turebe icyangombwa cya kabiri ari cyo: Gukora. Imana iradushakaho umurimo w'ubwitange kandi ukoranywe umutima ukunze. Yatanze iri tegeko ngo: "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza." Mariko 16:15. Kandi kuri buri muntu wese muri twe Yesu aramubwira ati: "Namwe mujye mu ruzabibu rwanjye." Matayo 20:4.

Umugani w'italanto usobanura uburyo tugomba gukoresha igihe cyacu; mu gihe dutegereje kugaruka kwa Kristo: tudakaza ibihe twiyicariye, ahubwo dukora umurimo twifashishije impano Imana yaduhaye. Uwiteka aradusaba gukoresha ibitekerezo byacu, amaguru yacu, n'ijwi ryacu, muri make impagarike yacu yose kugira ngo turangize gusarura kandi ngo Umucunguzi abone kugaruka.

Imibereho yejeje hamwe n'umurimo ukoranywe umwete, bizatuma amasezerano y'Imana yuzurira kunezeza abagaragu biringirwa b'Umwami.

IGICE CYA 6: AKARENGANE

Ubufatanye bw'ibihugu by'ibihangange

Incamake

Mu bihe byose, Umwanzi yagiye arwanya ukuri, azitira kuja mbere kwako mu buryo bwose, n'akarengane karimo. Ariko muri ibi bihe by'imperuka, Satani azakuba inshuro nyinshi imbaraga ze zose. Azarangwa n'umujinya mwinshi kuko azi ko afite igihe gito. Kugira ngo agere ku migambi ye, azakoresha ubuyobozi bw'ibihugu, n'ibigo by'amadini hamwe n'indi miryango, kandi intera iheruka isumba izindi y'imbaraga ze, izaba iyo kubahatira gukomeza icyumweru ku itegeko. Ikigeragezo gikomeye cy'ubwoko bw'Imana kizatangira ubwo itegeko ry'icyumweru rizakwira muri Leta zose zunze ubumwe z'Amerika. Hanyuma ho hatwo, iryo tegeko rizakurikizwa ku isi yose. Iryo teka rishyiraho itegeko ry'icyumweru rimwe rukumbi mu by'idini, rizaza ku iherezaho ry'igihe cy'imbabazi kandi rizagera ku rwego ruhanitse rwayo ari uko itegeko ryo kwica rimaze gutangwa.

Akarengane

Intumwa Paulo arahamya ati: "Icyakora n'ubundi abashaka kuja bubaha Imana bose, bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa." 2Timoteyo 3:12. Ariko abakiranutsi ntibakwiye gutinya akarengane cyangwa ngo bakagereranye n'amakuba. Kuko Kristo yavuze ko hahirwa abarenganywa batyo kandi yabazetanyije kuzaba ari kumwe nabo no kuzabaha umugisha we. "Hahirwa abarenganirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo. Namwe muzahirwa, ubwo bazabatuka bakabarenganya bakababeshyera ibibi byinshi babampora. Muzanezerwe, muzishime cyane, kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko ariko barenganijwe abahanuzi ba mbere." Mat.5:10-12.

"Ntawe ushobora gukorera Imana imbaraga y'umwijima itamurwanya, adahagurukiwe n'abamarayika babi, batewe impungenge no kubona ko umuhigo wabo ubacika. Abizera gito bifatanye n'imyuka ishukana kugira ngo bamutandukanye n'Imana bamuhendesheje impano, kandi iyo izo mpano zitageze ku ntego, yifashisha kumuteza ingorane no kurwanya guhitamo k'umutimanama we." -T.S.,662.

"Ikintu kigaragara imbere yacu ni uko urugamba rugikomeje: ingorane zo gufungwa, kubura ibyari ibyacu, ndetse no kubaho kwacu, kugira ngo dushyigikire amategeko y'Imana yasimbujwe ay'abantu." -Tém.II,374.

"Nk'uko Satani yateye amahanga y'abapagani gusenya Isiraeli, niko no mu gihe gito kiri mbere, azahagurutsa ububasha bubi bwo ku isi kugira ngo arimbure ubwoko bw'Imana. Bizaba ngombwa ko abakristo bose bumvira amategeko y'abantu maze bice amategeko y'Imana. Abazanga guhemukira Imana maze bagakomeza inshingano, bazashyirwaho iterabwoba, bajyanwe mu nkiko, kandi bazacirwa imanza za kibera. Yesu

aravuga ati: “Muzatangwa n’ababyeyi banyu bwite, bene so, abavandimwe banyu n’inshuti zanyu.” Tém.II,209.

“Abantu nabo ntibazasobanukirwa ko imyanzuro idasubirwaho izaba yamaze gufatwa mu buturo bwera, ko Umwuka Wera azaba yakuwe mu bantu burundu, kandi ko umurage w’isi uzaba wamaze gushyirwaho ikimenyetso cy’iteka ryose. Bazakomeza gukora imihango gusengera mu nsengero kandi kugurumana kuvuye kuri Satani kuzakingiriza igisa n’umwete mwinshi wo gukora umurimo w’Imana.” -T.S.,667.

“Satani azatera mu bantu agasuzuguro n’umujinya byo kurwanya agatsiko gato k’insuzugurwa, kazanga kwemera imigenzo n’imihango by’imbaga y’abantu benshi, kubera impamvu azi. Abantu bakomeye bazifatanya n’abanga kugengwa n’amategeko kandi bakaba bafite ingeso zangiritse, kugira ngo barenganye ubwoko bw’Imana. Ubutunzi, ubuhanga, ubwenge bizifataniriza hamwe gukoza isoni ako gatsiko. Abayobozi bo hejuru, abapasitoro hamwe n’abagize itorero, bazishyira hamwe kurwanya ako gatsiko. Bazagerageza kugusha kwizera kw’ako gatsiko bakoresheje imvugo, inyandiko, kubagira imvugabusa, iterabwoba hamwe n’agasuzuguro. Kwifuza gukabije kw’abantu kuzasemburwa no kubarega ibinyoma byuzuye gusebanya hamwe no gukoresha agahato. Kubera ko badashobora kwifashisha amagambo asobanutse kandi adasubirwaho y’Ibyanditswe kugira ngo bajijishe abafashe iya mbere ku isabato ya Bibiliya, bazayasimbuza amategeko y’igitugu.” -Tém.II,178,179.

“Kandi icyo gihe, ibyegamizi n’abanyamihango bagiye buri gihe badindiza kujya mbere k’umurimo, bazareka kwizera maze bifatanye n’abanzi gica b’ukuri bahindukirire kurwanya abahoze kuva mbere ari abakunzi babo.”-Tém.II,195.

“Ubwo umugaru uzaba wegereje, umubare munini w’abantu bavuga ko bizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu, nyamara bakazaba batejejwe no kumvira ukuri, bazahindura inyifato kandi bazajya mu murongo w’abarwanya ukuri. Mu kwifatanya n’ab’isi no gukoreshwa n’umwuka wabo buhoro buhoro hazavukamo kugambirira ibintu bihwanye n’ibyabo, kandi imbere y’akaga, abantu bose bazashyirwa imbere guhitamo inzira irusha izindi kworoha. Abagabo b’abanyambaraga kandi bazi kuvuga bari barishimiye ukuri, bazifashisha impano zabo kugira ngo babeshye kandi bayobye imitima, kandi bazahinduka abanzi bakomeye ba bene Se bahoranye. Igihe abakomeza isabato bazaba bakurubanywa bajyanwa mu nkiko kugira ngo basobanure ukwizea kwabo, abo bahakanyi b’abakozi bakomeye ba Satani nibo bazihutira kubarega, kubatuka no kubangisha abacamanza bakoresheje ibinyoma byabo n’ibisobanuro byuzuye uburiganya byabo.” -T.S.,660.

“Abo bahakanyi nibo bazagaragaza umujinya mwinshi mu kurwanya abari barahoze ari bene Se, bazakora uko bashoboye kose kugira ngo babatoteze no kubashinja ibinyoma no gutuma abandi babamagana. Uwo munsu uratwegereye.” -Tém.II,195.

“Ibihumbi n’ibihumbi by’abantu bazaba batarigeze kumva ibimeze bityo bazatangazwa no kumenya ko Babuloni ari itorerero ryaguye kubera amakosa yaryo n’ibyaha byaryo, hamwe n’uko ryanze kwakira ukuri kuvuye mu ijuru. Igihe abantu bazaba babaza ibisobanuro ku bayobozi babo b’iby’umwuka, bazababwira amagambo y’ibinyoma kandi bazahanura ibyiza kugira ngo babamare ubwoba no gusubiza mu gitereko imitimanama yabo yakangutse. Ariko kubera ko abenshi bazanga kwemera amagambo apfuye kuboneka y’umuntu, bazabasaba kubabwira ijambo rimwe ridafitse kandi ryatuye ngo : uku niko Uwiteka avuga abo bayobozi b’idini, kimwe n’uko abafarisayo ba kera barakazwaga no kwanga kumvira ubutegetsu bwabo, bazavuga ko ubutumwa bw’umuburo buvuye kuri Satani, kandi bazakoresha imbaraga kugirira nabi no gutoteza abavuga ubwo butumwa.” -T.S,658.

“Maze ikiyoka kirakarira wa mugore kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye bitondera amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.” Ibyah.12 :17.

“Abasigaye bake badashoboye kwirengera ubwabo mu ntambara y’injyana-bantu ishojwe n’imbaraga z’isi ziyobowe n’ikiyoka, bazafata Imana kugira ngo ibabere umurengezi.” -Tém.II,75.

“Imana yitegereje akaga ubwoko bwayo buzahura nako ubwo ububasha bw’isi buzifataniriza hamwe kurwanya ubwoko bwayo ibirebeye mu binyejana byose byatambutse.” -T.S.,687. Imana yanyeretse ko umurimo munini ugomba kurangizwa n’ubwoko bwayo niba ubu bwoko bushaka guhagarara bushikamye ku munsu uteye ubwoba w’Uwiteka. -P.E.,69.

“Ivugurura mu rwego rw’igihugu, rishinzwe gushyiraho amategeko y’idini, mu gihe cyagenwe, rizarangwa n’umwuka wo kutihangana no gutoteza byagaragaye mu binyejana byashize. Amanama y’abakuru b’amadini aziha uburenganzira bwagenewe Imana kandi azasiribanga ukwishyira ukizana kw’imitima. Uzagerageza gusuzugura amategeko yabo azahanishwa igifungo, kwirukanwa cyangwa kwicwa. Iyaba ubupapa cyangwa amahame yabwo byari byongeye kugira ububasha bwo gushinga amategeko, umuriro w’akarengane wakongerezwa abatazashaka kureka ibyo bemera bose, ngo bareke ukuri maze bagengwe n’ibinyoma byakwiriye hose. Kandi dore ibyo biri hafi gukorwa.” -Tém.II,373.

“Kugira ngo abakomeza amategeko y’Imana batsembweho, Satani azabarega ko bica amategeko, bagasuzugura Imana maze bagatuma ibihano byayo bigera ku isi.” -T.S.,640.

Uburinzi bw’Imana

Muri iyo nkubi y’umuyaga, Imana yasezeranye uburinzi bwayo bwihariye. icyakora birashoboka ko mbere y’igihe cy’irangira ry’igihe cy’imbabazi, bamwe

bazababazwa bikomeye bahowe kwizera, ariko ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye, maze igihe gikomeye cy'umubabaro kigatangira, nta mwana w'Imana uzaba ukwiye kugira ubwoba bw'ukuntu azarokoka. Imana n'abamarayika bayo bazabarinda ku buryo butangaje kandi bazabitaho: "Kuko witondeye ijamba ryo kwihangana, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose kugerageza abari mu isi." Ibyah.3:10.

"Ibigeragezo biteye ubwoba bitegereje abana b'Imana. Umwuka wo gusohoza intambara urasimbagiza amahanga kuva ku mpera imwe y'isi kugeza ku yindi. Ariko mu gihe cy'umubabaro cyegereje,- "Igihe cy'umubabaro utigeze kubaho kuva amahanga yabaho - ubwoko bw'Imana buzakomeza gushikama. Satani n'Ingabo ze ntibazashobora kuburimbura, kuko abamarayika bafite imbaraga z'ikirenga aribo bazabarinda." - T.S.,341. "Bazashyira mu nzu z'imbohe abana b'Imana, ariko ntabwo umubyimba w'ibisika byazo uzashobora gutandukanya umushyikirano w'imitima yabo n'Umucunguzi wabo. Uwitegereza imbaraga nke zabo zose akanamenya ibigeragezo byabo byose niwe uri hejuru y'abafite ububasha bese bo ku isi. Ayo mazu y'imbohe azahinduka amacumbi y'akataraboneka. Abamarayika bazahazana umucyo n'amahoro byo mu ijuru." -T.S.,679.

"Mbese hari ubwo Imana izibagirwa ubwoko bwayo kuri icyo saha yo gutsembwaho? Mbese hari ubwo yibagiwe Nowa, ubwo ibihano byayo byasukwaga ku isi ya mbere y'umwuzure? Hari ubwo yibagiwe Loti se, ubwo umuriro wo mu ijuru warengeraga imijyi yo mu kibaya? Hari ubwo se yibagiwe Yozefu ari mu Egiputa, hagati y'abasenga ibigirwamana? Mbese hari ubwo yibagiwe Eliya, ameneshwa na Yezeberi kubera ibyo yari yagiriye abahanuzi ba Baali? Mbese hari ubwo yibagiwe Yereimiya ubwo yari afungirwe mu iriba ryuzuye isayo? Mbese hari ubwo yibagiwe abasore batatu b'Abaheburayo ubwo bari mu itanura ry'umuriro cyangwa Daniel ari mu rwobo rw'intare?.-T.S.,679.

"Ntabwo Imana izemera ko ababi bica abafite ibyiringiro byo kuzahindurwa, kandi badashaka kwikubita imbere y'iteka n'inyamaswa cyangwa kwakira ikimenyetso cyayo. Nabonye ko, iyaba byari kwemerwa ko ababi bica abera, Satani hamwe n'ingabo ze z'abadayimoni hamwe n'abandi bese birata ku Mana, babyishimira cyane. Mbega kunesha kwaba guhesheje Satani ikuzo, aramutse atwaye ikamba ryo kunesha abategereje kuva kera kuboneka k'uwo baramya! Abasuzuguye igitekerezo cyo kubona abera bazamurwa mu ijuru, bazabona ukuntu Imana yita ku bana bayo no gutabarwa kwabo guhebuje." -P.R.,284.

Umunsi w'ikiruhuko: intandaro ya byose

Kubera ko gukomeza isabato ari ikimenyetso cyo kumvira Umuremyi hamwe no kugaragara kwa cachet y'Imana na none gukomeza icyumweru cyashyizweho ku itegeko, guhatirwa kumvira ububasha bw'i Roma, bihinduka ikimenyetso cy'inyamaswa; ikizakurikiraho n'uko umunsi w'ikiruhuko uzahinduka izingiro ryo gukimbirana ko mu minsi iheruka.

“Maze ikiyoka (Satani n’abakozi be) kirakarira wa mugore (Itorero ry’Imana), kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye bitondera amategeko y’Imana kandi bafite kwizera kwa Yesu, niko umuhanuzi Yohana avuga.”Ibyah.12:17.

“Itorero ry’abasigaye rizaca mu bigeragezo bikomeye no mu minsi y’amakuba. Abakomeza amategeko y’Imana kandi bakagira kwizera kwa Yesu bazikururira umujinya w’ikiyoka n’ingabo ze”.-Tém.II,208.

“Igihe umunsi w’ikiruhuko uzaba ishingiro ry’ikibazo giteye intugunda mu bukristo kandi ubwo butegetsi bwa Leta n’ubwa kiliziya bizaba byamaze guhuriza hamwe ingufu zabyo kugira ngo bihatire bose gukomeza dimanche, kwiyemeza kutumvira amabwiriza agenga abantu bose kw’abantu bake b’abizera, kuzatuma bangwa n’isi yose. Bazemeza ko badashobora kwihanganira abantu bake batemera amategeko y’Itorero hamwe n’itegeko rya Leta, ko ibyiza ari uko bavanwaho amaboko aho guheza amahanga yose mu rujijo no mu muvurungano.”TS,667.

“Abubahiriza umunsi w’ikiruhuko w’Uwiteka bazafatwa nk’abanzi b’amategeko n’umutekano, nk’abasuzugura amategeko mboneza-mubano, nk’abateza umuvurungano n’ubuyobe kandi ko aribo ntandaro y’ibihano by’Imana. Kutarenga kubyo bemera kwabo kuzatuma bafatwa nk’ibyigomeke maze bazabarega ko batitaye kandi ko basuzuguye Leta. Ababwiriza bahamya guhinduka kw’amategeko y’Imana bazavugira hejuru y’uruhimbi, bemeze kumvira ubutegetsi bwa Leta kuko bwashyizweho n’Imana. Haba mu manama ashinga amategeko cyangwa mu nkiko, bazagereka ku bakomeza amategeko y’Imana ibyo badakora, kandi kugira ngo babacire urwa kibera, amagambo y’abizera bazayahindura ukundi.” -T.S.,641.

“Kugira ngo abantu b’uburyo bwose bahatirwe gukomeza icyumweru, abayobozi b’Itorero hamwe n’aba Leta bazakoresha amafaranga, kwemeza ku gahato, n’imbaraga. Amakosa bagize mu butegetsi bahawe n’Imana bazayasimbuza gutegekesha igitugu.” -T.S.,641.

“Amaherezo umushukanyi ukomeye azemeza abantu ko abagaragu b’Imana aribo bateje ibyo byago. Abazaba bakanguye uburakari bw’ijuru bazagereka ibyago byabo byose ku bizera bazakomeza kuregwa kubwo kumvira amategeko y’Imana. Bazahamya ko kudakomeza dimanche ari ugucumura ku Mana, ko ari icyaha gikurura ibyago bizagaragara gusa igihe abantu bose bazemezwa gukomeza uwo munsi. Abakomera ku mahame y’itegeko rya kane, maze bakarwanya ukwera kw’icyumweru bazafatwa nk’abakurura umuvurungano ubuza guhindukira kw’imbabazi z’Imana no gusugira kw’ibintu.. Kandi imbaga nimara gukangurwa n’ibirego by’ibinyoma bageretse ku bahagarariye Imana, imbere yabo iyo mbaga izitwara nkuko Abisiraeli bitwaye imbere y’umuhanuzi Eliya.”-TS,639.

“Amakimbirane azagera no mu turere dushya, aho kwibwira kwa benshi kuzibaza ku byerekeye amategeko y’Imana yasiribanzwe. Satani azakora ku buryo imbaraga

y'ubutumwa izakangura uburakari bwabayirwanya . Abapasitoro bazakoresha imbaraga zirenze iza kimuntu kugira ngo babuze umucyo kugera kubo bayobora. Bazakora uko bashoboye kose kugira ngo bagerageze kubuzanya ibiganiro bishingiye kuri ibyo bibazo by'ingenzi. Itegeko ry'icyumweru nirimara gucanira, Itorero rizifashisha amaboko akomeye, y'ubutegetsu bwa Leta, abagatorika n'abaporotestanti bose bashyize hamwe. Mu bubasha bw'amategeko y'abantu, abakomeza amategeko y'Imana bazacibwa ibihano kandi bazafungwa. Bamwe muri bo bazibona imbere ibihe bibahesha ibyiza, impano n'ibintu by'inyungu.” TS.,659.

“Mu itangiriro ry'igihe cy'umubabaro, twebwe abera twari twuzuye Umwuka Wera ubwo twahagurukiraga hamwe kujya kwamamaza ukuri kw'isabato. Amatorero hamwe n'ingirwa-badivantisiti bari barakajwe no kudashobora guhagarika uko kuri. Icyo gihe intore z'Imana zabonye neza ko twari turi mu kuri; zifatanyije natwe kandi zibabazwa n'akarengane.” P.E.,33.

“Ubu ngubu, itorero hamwe na Leta biritegura urugamba ruheruka. Mbega ukuntu abagatorika n'abaporositanti bagerageza gushyira imbere ikibazo cya dimanche mu buryo bufifitse!

Hose (muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika) ubupapa burazamura inyubako zikomeye zizabubera icyanzu ubwo buzagarura kurenganya kwabwo kwa kera. Byose biritegurwa, ku rwego ruhanitse kugira ngo hagaragare ibimenyetso by'ibinyoma Satani azakoresha agerageza kuyobya n'intore niba bishoboka.” -Tém.II,177.

“Abantu bazemera kandi bashyire mu bikorwa badakina amategeko arwanya imbona-nkubone amategeko y'Imana, bazungikanya imbaraga kugira ngo bashyire mu bikorwa amategeko yabo bwite, ariko bazirengagiza iri jambo ngo:Uku niko Uwiteka avuga ngo mu Byanditswe byera. Kugira ngo bahimbaze umunsi w'ikiruhuko w'ibinyoma, bazahatira abandi gusuzugura amategeko y'Imana, ari nayo Imana igaragarizamo imico yayo. Nubwo nta kibi bazaba bakoze, abagaragu b'Imana bazasuzugurwa kandi batukwe n'abantu bahumekekewemo na Satani hamwe n'abashegera idini.” -

Tém.III.,466.

“Hari amakimbirane hagati y'amabwiriza y'Imana n'ay'inyamaswa. Ikiruhuko cy'umunsi w'icyumweru ni itegeko ryashyizweho n'ubupapa ku buryo bunyuranye rwose n'itegeko rya kane. Ariko inyamaswa y'amahembe abiri yamaze kuryigarurira kugira ngo igerageze abantu. Umuburo uteye ubwoba uvuye ku Mana uraciraho iteka, umuntu wese uramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo. Azanywa ku nzoga niyo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwe mo amazi mu gacuma k'umujinya wayo.” -Tém.I,88.

“Ugutandukira mu bya politiki, kuniga ibyo gukunda ubutabera ndetse n'uburenganzira bw'iby'ukuri, bizakora umurimo byagenewe muri Amerika bwite

yigenga. Kugira ngo bahamane imyanya y'ubutegetsi yabo, abacamanza n'abanyamategeko bazumvira ijwi rya rubanda rishyigikira amahame y'icyumweru. Ukwishyira ukizana mu bitekerezo kwagezweho hanyuma yo kwitanga kunini kuzazimangatanywa.” -T.S.,641.

“Igikorwa gishyigikira ikiruhuko cy'icyumweru kirakorera urugendo rwacyo mu mwijima. Ababifitemo uruhare barahisha umugambi nyakuri wacyo ku buryo abifatanya nabo batabona aho kigusha. Ibiteganijwe byacyo bifite ishusho ya gikristo, ariko ubwo kizagaragaza imvugo yacyo ku munsu ukomeye, imvugo yacyo izagaragara ko ari iya Satani.” -Tém.II,80.

“Mu gikorwa kibera muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika cyo gushyigikira Leta mu ishingwa ry'amategeko n'imigenzereze y'itorero, abaporotestanti baragenda bacumbagira inyuma y'abagatorika. Ikiruseho: baragenda bakingurira ubupapa urugi ruzabubashisha kongera kubona isumbwe muri Amerika bwaburiye mu Buraya. Kandi igituma icyo gikorwa kiba kiruseho gusobanuka, ni uko intego yacyo ikomeye igamije guhatira abantu gukomeza icyumweru, itegeko ryakomotse i Roma, kandi Roma ikaba irifata nk'ikimenyetso cy'ubutegetsi bwayo.” -TS,622.

Ubwo umuja w'Imana yari mu iyerekwa, yabonye igihe cyo kumva amagambo yavuzwe n'umushukanyi ukomeye. Satani ati: “Ariko intego yacu ikomeye ni iyo gucekesha agatsiko k'abakomeza isabato. Tugomba kubatera kwamaganwa n'abantu. Tuzahindura abantu bakomeye buzuye ubwenge bw'isi kuba abanyamuryango bacu kandi tuzemeza abari ku butegetsi gusohoza imigambi yacu.” -TM.,473.

“Ururuhererekane rw'amagambo ya kera ruhishura ku mugaragaro urwango Roma ifitiye isabato y'ukuri hamwe n'abayikomeza, ruhishura kandi uburyo ikoresha kugira ngo yubahirize itegeko yishyiriyeho. Ijambo ry'Imana ritwigisha ko ibyo bizongera kubaho ubwo abagatorika bashingiye kuri Roma hamwe n'abaporositanti bazifatanyiriza hamwe guhimbaza dimanche.” T.S,627.

“Ubutumwa bukomotse ku myuka y'abadayimoni buzahamya ko abanzi ba dimanche bari mu makosa, ahubwo ko ari ngombwa kumvira amategeko y'igihugu nk'uko bumvira ay'Imana. Bazaririra gusubira inyuma kw'imico n'imyifatire maze hamwe n'abayobozi b'amadini bazemeza ko uko kwigomeka ku mategeko ari imbuto zikomoka ku kuzirura dimanche. Nuko rero kwamaganwa n'abisi gukomeye kuzaba ku bazanga kwemera ubuhamya bw'iyi myuka.” -T.S.640.

“Aho kubyakira, abo bayobozi bibwira ko, gusuzugurwa kw'amategeko kw'iki gihe gukwiye kugerekwa ku kuzirurwa kwa dimanche; kandi ko guhatira abantu kugumya kuyikomeza byazamurira kubana mu bwumvikane mu muryango ku buryo bugaragara. Ako gateganyo kiganje muri Amerika, aho inyigisho z'umunsi w'ikiruhuko nyakuri warushijeho kwamamazwa.” -T.S.,636.

“Satani aravuga ati: Bityo isi izaba iyanjye; nzaba umukuru mu isi, umutware wayo. Nzagira uruhare ku mitima ku buryo isabato izahinduka ingingo isuzuguritse byihariye. Ikimenyetso? Nzatuma gukomeza umunsi wa karindwi biba ikimenyetso cyo gusuzugura ubutegetsi bw’isi. Amategeko y’abantu azaba aremereye ku buryo abantu batazagerageza gukomeza isabato, kugira ngo badafungirwa ibyo kurya n’imyambaro. Abizera baziye n’ab’isi mu kwica amategeko y’Imana. Isi yose izaba munsi y’ubutware bwanjye.” - PR,138.

Akaga ku isi yose

Mu busesenguro buri mu marenga bwa Leta zunze Ubumwe z’Amerika mu ishusho y’inyamaswa y’amahembe abiri yo mu Byahishuwe 13 (yari ifite amahembe asa n’ay’umwana w’intama), Yohana agaragaza y’uko iryo shyamba rizagera aho rirekura burundu politiki yaryo yo korohera abandi kugira ngo risohoze ibikorwa bikurikira:

“Ihata isi n’abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere (Roma).” Umurongo wa 12.

“Iyobya abari mu isi.” Umurongo wa 14.

“Itegeka abari mu isi kurema igishushanyo cya ya nyamaswa (Roma).” Umurongo wa 14.

Gusubirwamo kw’aya magambo ngo: “abari ku isi” bivuga igikorwa gikwira hose ku isi. Leta zunze Ubumwe z’Amerika zabaye ingabo ikomeye mu by’ukwishyira ukizana mu by’idini kugeza na n’ubu. Kubera ubutunzi bwazo bwinshi, zifite uruhare rukomeye ku isi yose. Igihe iryo shyamba rizashyiraho itegeko rya dimanche maze rigatangira gutoteza, bizagaragara ko andi mahanga azakurikiza urugero rwaryo. Ni muri ubwo buryo akaga kazakwira ku isi hose.

“Ubwo Amerika igihugu cy’ukwishyira ukizana mu by’idini kiziyunga n’ubupapa kugira ngo bahatire abantu kandi babemeze gukomeza isabato y’ibinyoma, bizaba ngombwa ko abaturage b’isi yose bakurikiza urugero rwayo. Bene Data na bashiki bacu ntibakangutse ku buryo buhagije ku byerekeye uko kuri, kugira ngo bakore uko bashoboye kose bakwirakwize ubutumwa bw’umuburo bifashishije uburyo bafite.” - Tém.II,434.

“Mu isi ya kera kimwe no mu isi y’ubu, gukomeza dimanche gushingiye gusa ku butegetsi bw’itorero ry’i Roma, kuzatuma papa ahimbazwa.” T.S.,628. “Ariko akaga kazavuka igihe amahanga azifataniriza gukuraho amategeko y’Imana.” -5T,524.

“Amategeko y’abantu kuyasimbuza amategeko y’Imana, guhimbaza Dimanche mu cyimbo cy’isabato ya Bibiliya hakoreshejwe itegeko ryoroheje ry’umuntu, ni igikorwa giheruka cy’intambara ikomeye. Igihe iryo simbura rizaba rimaze gukwira isi yose, Imana izigaragaza. Izahaguruka mu cyubahiro giteye ubwoba cyayo kugira ngo ihindishe isi

umushyitsi. Izasohoka mu buturo bwayo kugira ngo ihane abaturage b'isi kubera ibyaha byabo.” 7T,141.

“Uko tuzitabira kutavuga nabi ubutegetsu, niko tuzashobora gukora tutabangamiwe, haba muri Amerika haba mu bindi bihugu. Ibindi bihugu bizakurikiza urugero rwa Leta zunze ubumwe z’Amerika, maze bene Data bo ku isi yose bazaca mu kaga kameze kimwe.” -Tém.III,50.

“Isaha y’igihe ubwoko bw’Imana buzamburwa kurengerwa n’amategeko y’abantu, kandi igihe cyagenwe kikegerezwa hino n’iteka ryo kwica, mu mwanya umwe, mu bihugu bitari bimwe hazagaragara guhaguruka kugamije gutsembaho agatsiko kanzwe.” - T.S.689.

Inyamaswa ifite amahembe nka y’umwana w’intama

Mu Byahishuwe¹³, igice fatizo cyagenewe gusesengura byose mu ncamake ibihe biheruka, tuhasanga inyamaswa ebyiri: iya mbere ifite imitwe irindwi n’amahembe cumi (umurongo wa 1-10) ishushanya Roma y’abapapa¹; iya kabiri, ifite amahembe abiri asa n’ay’umwana w’intama ishushanya Leta zunze Ubumwe z’Amerika.

Ni iby’ukuri ko ubu buhanuzi bukubiyemo ibitekerezo biteye ubwoba binyuranye no kubwira kwa benshi. Nta gushidikanya ko Leta zunze ubumwe z’Amerika zabaye igihugu cyirunduriye mu kwishyira ukizana mu by’idini. Umwuka wacyo wa kidemokarasi, ushushanywa neza n’ubwitonzi bw’umwana w’intama, kwitandukanya burundu kw’itorero na Leta kwacyo, no kubahiriza bikomeye ukwishyira ukizana kwa buri muntu, by’umwihariko ukwishyira ukizana mu byo gusenga Imana, byatumye icyo gihugu kiba ubuhungiro bw’abakandamizwaga kw’isi hose. Na none kandi Imana yashimye ko muri iryo shyamba ryatoneshejwe kandi rikomeye, ko ariho haba icyicaro gikuru cy’Itorero ry’abadivantisiti ku isi yose. Uhereye ku nkengero zitoshye zacyo, abantu hamwe n’umutungo uhagije bahagurukiye kugenda bakagera ku mpera z’isi bajyanye ubutumwa bw’abamarayika batatu. Nyamara kandi, iryo shyamba, mu masaha aheruka y’amateka yaryo, rizahindukirira gukurikiza inzira Roma yanyuzemo maze rihinduke igihangange mu byerekeye gutoteza. Kugira ngo tubone incamake y’uko guhinduka mu bya politiki umuntu ashobora kwibwira, musome Ibyahishuwe 13:11-18. Musubire kandi mu incamake yo mu iliburiro.

“Ubuhanuzi bwo mu gice cya 13 cy’Ibyahishuwe buhamya yuko ubutegetsu bugereranywa n’inyamaswa y’amahembe abiri ameze nk’ay’umwana w’intama buzahatira, isi n’abaturage bayo kuramya ububasha bwa Papa bugereranywa hano n’inyamaswa isa n’ingwe. Inyamaswa y’amahembe abiri igomba kandi guhatira abaturage b’isi kurema igishushanyo cya ya nyamaswa ya mbere. Izageza n’aho itera abantu bose aboroheje n’abakomeye, abakire n’abakene, ab’umudendezo n’imbata kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa. Ibyahishuwe¹³:11-16. Twamaze kubona ko inyamaswa y’amahembe abiri ameze nk’ay’umwana w’intama ishushanya Leta zunze

ubumwe z'Amerika, kandi ko ubwo buhanuzi buzuzura igihe icyo gihugu kizahatira abantu gukomeza dimanche, iburanwa na Roma nk'ikimenyetso cyo kuba ikirenga kwayo.” -T.S.627.

“Ishyanga rimwe, rukumbi, niryo ryuzuza ibya ngombwa by'ubuhanuzi bwacu: Niryo Leta zunze ubumwe z'Amerika.”-T.S.,477. “Igihe ishyanga Imana yakoreye ibikomeye ku buryo buhebuje kandi ikarikingirisha ingabo y'ububasha bwayo rizaba ryaretse amahame ya giprotetanti, ahubwo rigatera inkunga kandi rigashyigikira itorero ry'i Roma gushyiraho umupaka w'umudendezo w'idini, rikoresheje amategeko yaryo, ubwo nibwo Imana izagoboka ubwoko bwayo bwizera. Igitugu cya Roma kizashyirwa mu bikorwa, ariko Kristo niwe buhungiro bwacu.”T.M.,206.

Leta zunze ubumwe z'Amerika zizatandukanya burundu n'ubutabera mu iteka ryongerera imbaraga itegeko ry'ubupapa ryo kwica amategeko y'Imana.” -Tém.II,179.

“Igihe Leta zunze ubumwe z'Amerika zizarambika amategeko igihugu kigenderaho kugira ngo zicengeze itegeko rya dimanche, muri icyo gikorwa ubuprotetanti hamwe n'ubupapa bizakora bimwe; ni muri ubwo buryo bizaba bihaye ububasha imbaraga yo kurenganya, yashakanaga ubukana bwinshi akanya ko guteza imbere agahato kayo katayihesha inyungu.” -Tém.II,373.

“Igihe mu manama nshinga mategeko Leta zunze Ubumwe z'Amerika zizatora amategeko yo kuboha imitimanama y'abantu ku byerekeye umudendezo w'idini, zigahata ku ngufu gukomeza dimanche kandi zigatoteza abakomeza isabato y'umunsi wa karindwi, amategeko y'Imana azaba yahinduwe ubusa ku mugaragaro muri icyo gihugu; ubuhakanyi buzakwira hose buzakurikirwa no kurimbuka kw'igihugu cyose.” -7B.C.,977.

“Abayobozi b'ibihugu bazajya mu ruhande rw'abanyabibi, mu gihe cyo gukwirakwiza ubuhakanyi mu gihugu cyose, bazakora nkuko Satani ajya abigenza, kandi ubwo nibwo urugero rwo gucirwaho iteka kwabo ruzaba rwuzuye. Ubuhakanyi bukwiriye hose buzaba imbarutso yo kurimbuka kw'iryo shyanga.” -2S.M.,373.

“Abaturage bo muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika babaye ubwoko bwatoneshejwe, ariko ubwo bazashyiraho imbibi mu byerekeye ukwishyira ukizana mu by'idini, bazareka ubuprotetanti maze batere inkunga ubupapa, urugero rwo gukiranirwa kwabo ruzaba rwuzuye kandi ubwo buhakanyi mu gihugu cyose buzandikwa mu bitabo by'ijuru.” “Imbuta zikomoka muri ubwo buhakanyi zizaba ukurimbuka kw'iryo shyanga.” -RH.,2Mai 1893. “Satani yifashisha abantu kugira ngo arangize umurimo we. Abagerageza guhindura amategeko y'Imana maze bagacengeza itegeko rihatira abantu gukomeza dimanche ntibarakamenya neza ingaruka z'ibikorwa byabo. Turagenda dusanganira akaga.” -Tém.II,409.

Ubufatanye bw'ububasha : Ikiyoka, inyamaswa, umuhanuzi w'ibinyoma, Leta.

“Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka, no mu kanwa ka ya nyamaswa no mu kanwa ka wa muhanuzi w’ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi, isa n’ibikeri. Kuko ariyo myuka y’abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose ngo ibahurize kujya mu ntambara yo ku munsu ukomeye w’Imana ishobora byose, niko intumwa Yohana abivuga.” Ibyahishuwe16 :13,14. Ububasha butatu buyobya buzifataniriza hamwe gusaba gufashwa n’ubutegetsi bw’isi yose kugira ngo byambarire kujya ku rugamba ruheruka rwo kurwanya Imana, ubwoko bwayo n’ukuri kwayo.

Hano, ikiyoka kigereranya inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye. Ikiyoka ni Satani mbere ya byose. Ibyah.12 :9. Ariko mu buryo bwihariye, ubuhanuzi bugaragaza ko ikiyoka gikora kinyuze mu nyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye. Umwanzi akoresha imiyoboro ine inyuranye : *Ubupagani (uburyo bwo gusenga bwa gipagani n’ubuyobe bushingiye ku nyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye), inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye zihuza abantu cyangwa zigezweho, inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye zishingiye kuri Kristo zishushanyije n’amahame ya giprotetanti cyangwa aya kigatorika binyuze mu bitangaza, bishingiye ku ihame ry’ubudapfa kwa roho; n’inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye zishingiye ku bumenyi bwa siyanse bakora bakoresheje ubushakashatsi muri za Laboratwari, bita mu gifaransa “parapsychologie” cyangwa irindi zina rishya. (Soma parapisikoliji bivuga ubuhanga mu byo gutekereza butaramenywa n’ubumenyi bwa siyanse).*

Inyamaswa hamwe n’ubupapa (inyamaswa ya mbere mu byah.13).

Umuhanuzi w’ibinyoma ni ishami ry’ubuprotetanti rizamara kumva ukuri rikwiringagize, maze ryifatanyirize hamwe gusaba gushyigikirwa na Leta. “Igice cya 13 kiduha ubusesenguro bw’indi nyamaswa (Ibyah.13:1-10) yasaga n’ingwe ari nayo ikiyoka cyahaye ububasha bwacyo n’intebe yacyo y’ubwami, n’ubutware bukomaye.” - T.S.,475. “Maze ikiyoka kirakarira wa mugore kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.”Ibyah.12:17. Vuba aha, ayo magambo azasohora, ubwo amatorero y’abaprotetanti azifatanya n’ab’isi hamwe n’imbaraga z’ubupapa kugira ngo barwanye abakomeza amategeko y’Imana. Umwuka wakoreye mu bagatorika b’i Roma bo mu binyejana byashize, niwo uzatera abaprotetanti kurenganya abazaba bakomeje kunamba ku Mana.” -Tém.II,177.

“Ubu ngubu, Itorero hamwe na Leta biritegura urugamba ruheruka. Kimwe n’uko abagatorika n’abaprotetanti barimo kugerageza gushyira imbere ikibazo cya dimanche mu buryo bufitse.” -Tém.II,117.

“Satani yateguye buhoro buhoro urubuga rw’umurimo we ukoranywe ubuhanga buhanitse w’ubushukanyi: Inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye. Satani ntaragera ku mugambi we ku buryo bwuzuye; ariko azawugeraho ku isaha iheruka. Umuhanuzi aragira ati: “Mbona.. imyuka itatu yanduye, isa n’ibikeri. Kuko ariyo myuka y’abadayimoni, ikora ibitangaza, igasanga abami bo mu isi yose kugira ngo ibahururize kujya mu

ntambara yo ku munsu ukomeye w’Imana ishobora byose.” Ibyah.16 :13,14. Isi yose izagotwa n’ubwo bushukanyi buteye ubwoba, uretse gusa abarinzwe no kwizera Ijambo ry’Imana.” -T.S.,610.

“Ubuprotestanti buzahereza ubutegetsu bw’i Roma ikiganza cy’ubusabane, ubwo nibwo hazashyirwaho itegeko rirwanya isabato, rikarwanya n’Imana Umuremyi kandi icyo gihe nibwo Imana izarangiza umurimo wayo utangaje ku isi. Imana yihanganiye ubugome bw’abantu, igerageza no kubiyegereza. Ariko igihe kizaza ubwo abantu bazaba basendereje ibibi byabo, ubwo nibwo Imana izarambura ukuboko kwayo. Icyo gihe kiregereje. Imana yifitiye mu biganza byayo igitabo cyanditswemo amahanga ku buryo amakosa baregwa akomeza kugenda yiyongera, ariko ubwo guhana abanga kuruhuka dimanche umunsi wa mbere w’icyumweru kuzaba kumaze gutorwa, ubwo nibwo igikombe kizaba cyuzuye.” -7B.C.,910.

“Ubwo ubuprotestanti buzagerageza kwiyegereza ubutegetsu bw’i Roma, maze bukigisha inyigisho zishingiye ku kudapfa kwa roho, igihe Leta zunze Ubumwe z’Amerika zizaba zarambitse hasi buri hame ry’itegeko nshinga ryazo ariryo iri: ubutegetsu bwa giprotestanti hamwe n’uburepubulika kubera kwifatanya k’ubwo butatu, ubwa nyuma igihe Leta zunze Ubumwe z’Amerika zizakwirakwiza amakosa n’ibinyoma by’ubupapa, icyo gihe tuzamenya ko igihe gisohoye ubwo Satani azakora ibimenyetso n’ibitangaza, kandi ko imperuka yegereje.

“Nk’uko gusesekara kw’ingabo z’abaroma kwabereye abigishwa ba Yesu ikimenyetso cyo kurimbuka kwari kugose Yerusalemu, niko n’ubwo buhakanyi buzatubera ikimenyetso kigaragaza ko kwihangana kw’Imana kugeze ku iherezo, ko igikombe cyo gukiranirwa cyuzuye bikabije, ko marayika w’impuhwe agiye kwigurukira ubutazongera kutugarukaho. Ubwo nibwo ubwoko bw’Imana buzinjira mu muraho n’umubabaro ibyo Abahanuzi bise igihe cy’umubabaro wa Yakobo.” -TémII,180.

“Amahanga y’isi azaba yiyungiyeye kugira ngo arwanye amategeko y’Imana, azaca iteka ko “bose, aboroheje n’abakomeye, abakire n’abakene, ab’umudendezo n’imbata” (Ibyah.13:16), ko bagomba gukora nk’uko amabwiriza y’Itorero ari bagakomeza umunsi w’ikiruhuko w’ibihimbano.” T.S.,656.

“Amakosa abiri akomeye: kudapfa kwa roho no kwera kwa dimanche bizaba uburyo Satani azakoresha kugira ngo agushe ab’isi mu mitego ye mu gihe ikosa rya mbere riba ishingiye ry’inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye, irya kabiri riba isangano ry’ubusabane na Roma. Abaprotestanti bo muri Leta zunze Ubumwe z’Amerika nibwo bazabanza kurambura ukuboko hejuru y’umworera, bakira inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye, hanyuma bakire n’ubutegetsu bw’i Roma. Kubera ubwo bwiye butatu, Leta zunze Ubumwe z’Amerika zizaba zigera ikirenge mu cya Roma, zizasiribanga uburenganzira bwo kwihitiramo.” -T.S.,637.

“Abiyita abaprotestanti bazifatanya n’umunyabugome; itorero n’ab’isi bazakora ikoraniro ry’ibibi. Aho niho akaga gakomeye kazakomoka.

Ibyanditswe byigisha ko ubupapa buzongera gusubirana umwanya w’ikirenga bwari bwaratakaje kandi ko umuriro w’akarengane uzongera gucanwa n’abacanshuro bafatira aho bigeze bo mu biyita abaprotestanti.”2S.M.,367,368.

“Ubutegetsu bwa giprotestanti buzagira amaherezo mabi cyane. Isi izabwihanisha. Kuko nabwo buzaba bwitandukanije n’Imana, buzakora ku buryo buhindura amategeko y’iryo shyamba ibinyoma no guhakana Imana.” R.H. 15 Juin 1897.

“Umunsi Leta zunze ubumwe z’Amerika zashoboye kurema igishushanyo cy’inyamaswa, ibi bivuga ko ikibazo cy’idini kizagira uruhare runini mu buyobozi bwa Leta, kugira ngo habeho kwitabaza ububasha bwayo.” -T.S.,480.

“Abagatorika, abaprotestanti hamwe n’ab’isi bazagaragaza inyota yo kwemera amatwara yo gukiranuka kudasanzwe kandi bazabona muri ubwo bwiyunge butatu intambwe idasubirwaho yo kwihana kw’ab’isi kandi bazabonamo gutambika k’umuseke kw’imyaka ibihumbi yategerejwe kwa kera.” -T.S.,638.

“Ubuhanga n’uburiganya by’itorero ry’i Roma biratangaje. Rifite impano yo kugenzura igihe kizakurikiraho. Iyo ribona amatorero y’abaprotestanti arihesha icyubahiro yemera umunsi waryo w’ikiruhuko, n’ukuntu ayo amatorero yitegura kuzawushyiraho ku gahato hakoreshejwe uburyo bwite ryakoresheje mu binyejana byashize, rishobora gutegereza isaha yaryo ryicecekeye. Abantu bahinyura umucyo w’ukuri bazifatanya n’ububasha bwiyitirira ko badashobora kwibeshya kugira ngo bashyigikire itegeko itorero ry’i Roma bwite ryishyiriyeho. Ntibyoroshye kwiyumvisha umuhati rizitabirana gukora ibyo, rizatiza umurindi abaprotestanti. Mbese si ryo rizi neza uko abigomeka ku mategeko y’itorero bakwiye kugenzwa kuruta abandi bayobozi b’urwo rugaga?

Itorero gatorika ry’i Roma hamwe n’umubumbe w’amashami yaryo ku isi, rirakora gahunda ndende igamije kurengera inyungu z’intebe ya Papa we muyobozi w’ikirenga. Mu bihugu byose byo ku isi, za miliyoni z’abantu be bakorana nawe bahabwa itegeko ryo kwiyumvamo ko bagomba kumvira Papa. Uko ubwenegihugu bwabo bwaba buri cyangwa se ubutegetsu bwose bw’ibihugu bahagarariye, kuri bo itegeko rya Papa rigomba kuza ku mwanya wa mbere kuruta andi mategeko yose. Bashobora kurahira indahiro yo kudatenguha Leta, nyamara mu gihe havutse amakimbirane, indahiro yabo yo kudatenguha Roma ibakuraho umutwara wo kuzuza irindi sezerano iryari ryo ryose.” - T.S.,628,629.

“Ni byiza kwibuka yuko Roma yihimbariza ko itajya ihinduka. Amahame ya Gregori wa 7 n’aya Inosenti wa 3 aracyari ay’itorero kugeza uyu munsi. Iyaba itorero ryari ribifitiye ububasha ryayakoresheje ku buryo bukaze kuruta mu binyejana byashize.

Ntacyo abaprotestanti bikenga igihe bemera gufatanya na Roma mu gushyigikira gukomeza umunsi w'icyumweru. Mu gihe abaprotestanti bagamije gusa gusohoza umugambi wabo, Roma yo nta kindi itumbiriye kitari ukongera gusubirana ububasha bwayo bw'ikirenga yambuwe. Niba Leta zunze Ubumwe z'Amerika zishyize mu bikorwa amahame avuga yuko itorero rishobora gukoresha ububasha bwa Leta, zigashobora kwandika amabwiriza y'idini mu mategeko ya Leta, mu ijamba rimwe bagaha itorero hamwe na Leta uburenganzira bwo kubuza abantu kwihitiramo, nibwo kunesha kwa Roma muri icyo gihugu kuzaba guhamijwe.” -T.S.,629,630.

“Nta na rimwe itorero rizareka kwibwira kwaryo k'uko ritigeze riyoba. Ibyo ryakoreye abangaga kwemera amabwiriza yaryo bose, ribifata nk'ibyamwe n'amategeko. Mbese aho ntiryakora nkabyo riramutse rihawe umwanya? Reka amabwiriza rihabwa n'ubutegetsu bw'ibihugu muri iki gihe aho; maze Roma yongere gusubirana ububasha bwayo bwa kera, abantu ntibazatinda kubona ko umwuka wayo wo kutihangana no kurenganya uhagurutse.” -T.S.,612.

“Abantu benshi, ndetse no mu badashyigikiye Roma, basuzugura ububasha bwayo hamwe n'ubutegetsu bwayo. Abantu benshi bemeza ko, umwijima wakomokaga ku bujiji no kudasobanukirwa amategeko mboneza mubano byo mu cyagati cy'inyanga (Moyen age), byashyigikiye amategeko yayo, ibihimbano byayo n'igitugu cyayo; ariko ko umucyo uhanitse wo mu bihe bigezweho, (Temps Moderne), nk'ikwirakwizwa ry'ubumenyi n'ubugari bwo kujijuka kwacu mu by'idini, bizitira akaga gakangura ukutihangana n'agahato. Abantu bahinyura igitekerezo cy'uko ibikorwa nk'ibyo bitakongera kubaho. Ni iby'ukuri ko igisekuruza cyacu gikungahajwe n'umucyo mwinshi w'ubwenge, amategeko n'iby'idini. Impapuro zirambuye z'igitabo cy'Imana, umuraba w'ukuri wavumbutse mu isi. Ariko ntihakwiye kubaho kwibagira ko, umucyo uba mwinshi ari nako habaho umwijima w'icuraburindi kubahinyura uwo mucyo cyangwa kubawuhindura uko bishakiye.” -T.S.,620,621.

“Uyu munsi itorero ry'i Roma ryigaragaza imbere y'abisi risa nirifite umwuka wo gukiranuka n'ubwitonzi, maze rigatwikiriza gusegura inyandiko zivuga ubugome bwaryo. Nyamara kandi ntirahindutse n'ubwo ryambaye ikanzu ya gikristo. Amabwiriza yose ubupapa bwigishije kera aracyari ayabwo na bugingo n'ubu. Buracyizigamiye amahame bwahimbye mu binyejana birusha ibindi kuba iby'icuraburindi. Ntihakagire uwibeshya. Ubupapa, abaprotestanti bagamije guha icyubahiro muri iki gihe, buracyari bwa bundi bwifatiye isi yose mu minsi y'ubugorizi, ubwo abantu b'Imana bashyiraga ku mugaragaro ibicumuro byabwo bategereje kwicwa.” -T.S.,619.

“Ubu ngubu abaprotestanti barimo bararambura ukuboko hejuru y'umworera kugira ngo baramukanye n'uk'ubupapa, kandi ishyirahamwe ririmo rirakorwa ryo gusiribanga isabato y'itegeko rya kane ngo rikwewe burundu. Inkozi y'ibibi yashyizeho isabato y'ibihimbano ikorewemo na Satani - niwe mwana w'ubupapa - izahimbazwa kugeza n'aho ifata umwanya w'Imana.”-A.M.C.C. ,1892.

Igishushanyo cy'inyamaswa

“... ibwira (inyamaswa ifite amahembe abiri asa n'ay'umwana w'intama, ni ukuvuga Leta zunze ubumwe z'Amerika) abaturage b'isi kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota, ikabaho. Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka.”Ibyah.13:14,15.

Hano, inyamaswa ifite amahembe abiri asa n'ay'umwana w'intama (Leta zunze Ubumwe z'Amerika) itegeka abaturage bo ku isi kurema igishushanyo cy'inyamaswa y'i Roma kandi itera icyo gishushanyo guhumeka. Niba inyamaswa (igereranya ububasha mu Byahishuwe 13:1-10, ni ukuvuga Roma y'abapapa) ari ubutegetsi bwo kurenganya bukubiye mu bupolitiki na kiliziya, burwanya Imana, igishushanyo cy'inyamaswa kigomba kuba ikintu gisa n'icyo. Bitewe n'uko Leta zunze Ubumwe z'Amerika zizategeka abaturage bazo kurema igishushanyo cy'inyamaswa, byerekana ko ubutegetsi bwazo, bufatanije n'ubutegetsi bwa kiliziya, buzahatira abantu bake basigaye kwemera kugendera ku mategeko y'idini by'ikubitiro gukomeza dimanche.

Nk'uko inyamaswa ya mbere yo mu Byahishuwe 13 yashakaga inkunga y'ububasha bwa Leta kugira ngo irenganye abarwanyaga papa, niko n'igishushanyo cy'inyamaswa kizabigenza. Igishushanyo cy'inyamaswa kigereranya ubuprotectanti bwayobye bukiyunga na Leta kugira ngo buhatire abantu gukomeza amabwiriza y'idini yabwo, by'umwihariko icyumweru.

“Ku byerekeye igishushanyo cy'inyamaswa, kigereranya ubuprotectanti bwayobye buziyunga n'ubutegetsi bwa Leta kugira ngo buhatire abantu kwemera amahame yabwo.”- T.S.,482.

“Nta handi ubupapa bushobora kwisumbukuruza ku Mana hatari mu kugerageza guhindura amategeko yayo, kuko abazemera gukurikiza amategeko yahinduwe babizi, bazaba bahaye icyubahiro cy'ikirenga uwayahinduye. Icyo gikorwa cyo kumvira amategeko ya papa kizaba ari ikimenyetso cyo kumvira gihawe Papa mu cyimbo cy'Imana.” -T.S.,483.

“Niba umunsi umwe Leta zunze Ubumwe z'Amerika zizagera ubwo zirema igishushanyo cy'inyamaswa, ibyo bivuga ko iby'idini bizaba byamaze kwifatira ubutegetsi bwa Leta kugira ngo idini ryifashishe ububasha bwa Leta.” -T.S.,480.

“Uhereye igihe amatorero akomeye y'abaprotestanti yo muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika azifataniriza hamwe, mu rwego rw'amahame abahuza kandi agashyira agahato kuri Leta kugira ngo ihatire abantu gukurikiza ku ngufu amateka yabo, hamwe no gushyigikira amategeko yabo, Amerika y'abaprotestanti izaba yiremyemo igishushanyo cy'urutonde rw'ab'i Roma, kandi ingaruka zidasubirwaho z'ibyo, zizaba izo guhanisha ibihano bya Leta abanga kumvira.” -T.S.,482.

“Gukomeza dimanche kuzashyirwaho n’amatorero y’abaprotestanti, guhwanye n’agahato ko kuramya ubupapa cyangwa inyamaswa. Kandi na none guhatira abantu gukora igikorwa cy’idini ku ngufu binyuze mu bubasha bwa Leta, amatorero azarema igishushanyo cy’inyamaswa, ikizakurikiraho n’uko igihugu cyose cy’ubuprotestanti kizategeka gukomeza dimanche kizaba giteye ku ngufu kuramya inyamaswa n’igishushanyo cyayo.” -T.S.,486.

Ikimenyetso cy’inyamaswa

“Nuko itera bese (inyamaswa yari ifite amahembe abiri asa n’ay’umwana w’intama, ni ukuvuga Leta zunze Ubumwe z’Amerika) aboroheje n’abakomeye, abakire n’abakene, ab’umudendezo n’ab’imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy’iburyo cyangwa mu ruhanga, kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda keretse afite icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa cyangwa umubare w’izina ryayo. Ibyah.13:16,17.

Nubwo tutarumva neza iby’ubusobanuro bwose bw’ikimenyetso cy’inyamaswa buvuga, tuzi ko cyerekeye ku bantu bazakomeza umunsi wa dimanche. Ibi bizabaho igihe bazaba banze burundu ukuri kw’isabato, ubwo icyumweru kizemezwa n’itegeko.

Inyamaswa ifite amahembe abiri asa n’ay’umwana w’intama niyo bubasha buzarema igishushanyo cy’inyamaswa kandi niyo izatera abantu gushyirwaho ikimenyetso cy’inyamaswa ya mbere (ni ukuvuga Roma), ibisabwe vuba na vuba n’ubwiyunge bw’amatorero yahakanye y’abaprotestanti. Leta izashyira mu bikorwa gukomeza dimanche ikoresheje itegeko ry’agahato. Gukomeza dimanche Leta izabihindura iby’agahato kandi izatoteza abatazabyemera. Leta zunze ubumwe z’Amerika nizo zizaba iza mbere mu gushyiraho iryo tegeko ry’agahato. Ariko ibindi bihugu ntibizatinda nabusa kuzikurikiza. Imana izi abakomeza dimanche bataryarya mu kwicisha bugufi, bizera ko ariwo munsi nyakuri wo guhimbaza. Ntabwo bazashyirwaho ikimenyetso cy’inyamaswa mbere y’uko bamenya uko Bibiliya ibyigisha, kugira ngo bashobore kwihitiramo hagati y’ukuri n’ibinyoma.

Abanga kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa maze bakagaragaza kumvira Imana kwabo bakomeza isabato, nibo bazakira ikimenyetso cy’Imana ihoraho, bazibona badafite uburenganzira bwo kugura, kugurisha, gukora n’ibindi, ariko Imana izababera umufasha n’umurengezi wabo.

“Ikimenyetso cyangwa cachet y’Imana kigaragarira mu gukomeza isabato, yashyiriweho kuba urwibutso rw’irema, umunsi wa karindwi w’icyumweru. Uwiteka abwira Mosi ati:” kandi ubwire Abisiraeli uti: ntimukabure kuziririza amasabato yanjye; kuko ariyo kimenyetso hagati yanjye namwe, no hagati yanjye n’urubyaro rwanyu, mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza.” Kuva 31:12,13. Hano isabato igaragaza neza ko ariyo kimenyetso hagati y’Imana n’ubwoko bwayo.

“Ibinyuranye n’ibyo, gukomeza umunsi wa mbere w’icyumweru ni ikimenyetso cy’inyamaswa. Icyo kimenyetso gitandukanya abemera kwisumbukuruza k’ubupapa n’abemera ubutegetsu bw’Imana.” Tém.III;273,274. Mu bisobanuro byo mu Byahishuwe 14:9-12, Elina White aragira ati: “Yohana yararikiwe kwitegereza ubwoko butandukanye n’abaramyaga inyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo bakomeza umunsi w’icyumweru. Gukomeza uwo munsi ni ikimenyetso cy’inyamaswa.” TM,133.

“Umucyo twakiriye werekeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni umucyo nyakuri. Ikimenyetso cy’inyamaswa ni ibyatangajwe bidasubirwaho ku byerekeye iyi ngingo. Ntabwo abantu bumvise byimazeyo iyi ngingo kandi ntizashobora kumvikana mbere y’uko umuzingo uzingurwa, ariko umurimo uteye ubwoba ugomba gusohozwa mu isi.” -Tém.II;432.

“Ikibazo cy’umunsi w’ikiruhuko – ingingo y’ukuri ihinyurwa byihariye - kizahinduka ibuye rinini risitaza ryo kumvira. Igihe abantu bazageragezwa n’icyo kigeragezo giheruka, umurongo ugaragara kandi, udafitse wo gutandukanya abantu n’abandi, uzashyirwa hagati y’abakorera Imana n’abatayikorera. Mu rundi ruhande, gukomeza umunsi w’ikiruhuko w’ibinyoma, nk’uko itegeko rya Leta rirwanya itegeko rya kane riri, kuzaba ari ukwemera kugengwa n’ubutegetsu burwanya ubw’Imana; kandi mu rundi ruhande nkuko amategeko y’Imana ameze kizaba ari igihamba cyo kumvira Umuremyi. Mu gihe bamwe bazaba bemera kwakira ikimenyetso cyo kugengwa n’ubutegetsu bwo ku isi bazafata ikimenyetso cy’inyamaswa, abandi bazahitamo ikimenyetso cyo kumvira ubutegetsu bw’Imana bashyirweho ikimenyetso cy’Imana.” - TS.,657.

“Mu gihe cy’ikwirakwizwa ry’ubukristo, umwanzi ukomeye w’umunezero w’umuntu yatumye itegeko rya kane riba ingingo yihariye yo kurwanywa. Satani aragira ati: Nzarwanya imigambi y’Imana. Nzafasha abayoboke banjye kutita ku rwibutso rw’Umuremyi, arirwo munsi wa karindwi w’icyumweru. Muri ubwo buryo nzereka ab’isi ko umunsi wahawe umugisha kandi ukezwa n’Uwiteka wahinduwe. Kwibuka uwo munsi ntibizakurira mu bitekerezo by’abantu; nzawuhanagura mu bwonko bwabo. Mu cyimbo cyawo nzimika umunsi udafite ibimenyetso by’Imana, umunsi utari ikimenyetso hagati y’Imana n’ubwoko bwayo. Nzakangurira abemera uwo munsi kuwugenera ukwera kwahawe umunsi wa karindwi.. Amategeko y’abantu azaba akaze cyane ku buryo nta muntu uzagerageza gukomeza isabato kugira ngo hatwatabura ibyo kurya n’imyambaro. Abizera bazifatanya n’abisi mu kwica amategeko y’Imana. Isi yose izaba munsi y’ubutware bwanjye.” -PR.137,138.

“Abashinga amategeko bazagera ubwo basaba ishyirwaho ry’itegeko rya dimache mu rwego rwo kugira ngo bigarurire imbaga no kurinda inyungu zabo. Abatinya Imana ntibazashobora kwemera itegeko rikuraho rimwe mu mahame agize amategeko cumi.” - 5T.,451.

“Ni iby’ukuri ko abakristo bo mu bisekuruza byatambutse bakomeje dimanche, badashidikanya ko ariwo wari umunsi w’ikiruhuko uvugwa na Bibiliya. Kandi kugeza ubu mu madini yose utaretse n’umubumbe w’itorero gatolika ry’i Roma, haracyarimo abakristo nyakuri bizera bataryarya, ko dimanche ari itegeko ryatanze n’Imana. Imana yemera umutima utaryarya no kumvira ibyo bizera kwabo. Ariko ubwo gukomeza dimanche bizemezwa n’itegeko maze ab’isi bakabona umucyo ku munsi mukuru w’ikiruhuko, icyo gihe uzahimbaza Roma mu cyimbo cyo guhimbaza Imana, akihitiramo kuramya inyamaswa mu cyimbo cyo kuramya Imana agafata ikimenyetso cy’ubutegetsu bw’inyamaswa mu cyimbo cy’ubutegetsu bw’Imana, kandi akumvira amategeko y’abantu mu cyimbo cy’amategeko ya Yehova uwo azakira “Ikimenyetso cy’inyamaswa.” - T.S.,486.

“Uzanga kubyemera wese (gukurikiza amabwiriza y’Itorero agakomeza umunsi wo kuruhuka w’ibihimbano azahanishwa ibihano bya Leta kandi amaherezo acirwe urwo gupfa. Mu rundi ruhande, amategeko y’Imana hiyongereyeho no gukomeza umunsi w’ikiruhuko w’Umuremyi asaba kumvira kandi umujinya w’Imana uba kubanyuranya n’amabwiriza y’amategeko.

“Nuko rero icyo kibazo ni kimara kuvuka, gusiribanga amategeko y’Imana kugira ngo buhabwe iteka ry’umuntu, bizahwana no kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa; bizaba ari ikimenyetso cyo kumvira ubundi butegetsu butari ubw’Imana.” -T.S.657.

Itegeko ry’icyumweru

Ku itariki ya 29 ukwezi kwa Gicurasi 1961, urukiko rw’ikirenga rwo muri Leta zunze Ubumwe z’Amerika rwafashe umwanzuro ukomeye mu mateka hakoreshejwe itora ry’amajwi menshi, by’umwihariko ku byerekeye ubuhanuzi. Urwo rukiko rwemeje ko itegeko ry’icyumweru rikura inkomoko yaryo muri rubanda atari ku idini, rihindutse kubw’ibyo, itegeko shingiro (ry’igihugu). Uwo mwanzuro wakinguye bihagije imiryango mu byo gushyira mu bikorwa andi mategeko ya dimanche mu zindi Leta z’icyo gihugu.

Ubu ngubu, inyinshi muri za Leta zifite amategeko ya dimanche, mu buryo runaka, ikoresheje ryayo rifite urubibi ritabasha kurenga mu ngingo nyinshi. Ubu kandi, ayo mategeko arimo aravugururwa kugira ngo arusheho kudakuka no kugira ngo abone uko akwira hose. Ni muri ubwo buryo icyanzu cyakinguriwe gusohozwa ubuhanuzi ku buryo bwuzuye. Kuri iyi ngingo ntutugera kure cyane, ariko turohereza umusomyi aho ibisobanuro by’ingereka biri, naho hari urutonde rw’ibyahanuwe bikomeye bizaba kuri iyi ngingo y’imena.

Dimanche: Umunsi wo gukora umurimo w’ivugabutumwa

“Igihe turekera umunsi w’icyumweru umurimo w’ibwirizabutumwa, tuba ducecekesheje abayuda gito bagamije gukoza isoni abadivantisiti b’umunsi wa karindwi. Nibatubona dukoreshe za dimanche zacu dusura abantu, tubasobanurira Ibyanditswe,

bazumva vuba ko ntacyo bimaze guhagarika umurimo wacu bitwaje amategeko y'icyumweru.” -Tém;III,470.

“Bene Data, murambaza icyo mwari mukwiriye gukora ubwo amategeko y'icyumweru azaba yashyizwe mu bikorwa. Ngiye kugerageza gusubiza nkurikije umucyo Imana yamurikiye, ubwo twari dutegereje akaga gahwanye n'akabegereye. Ubwo ab'isi bazaba basunikwa n'imbaraga y'ikuzimu, bazashaka guhatira abantu gukomeza dimanche, abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bagomba kuzakorana ubwenge bashyira ku ruhande imirimo yabo yose isanzwe kuri uwo munsi, kugira ngo bitangire umurimo w'ivugabutumwa.

“Nta kindi guhinyura amategeko y'icyumweru kuzabyara, kitari ukongera akarengane kw'abashega bagerageza kwicisha abatayakurikiza.

Ntimukabahe umwanya wo kubarega kwica amategeko. Igihe bazaba bahugiye gusa ku bantu badatinye yaba Imana baba n'abantu, bazacika intege vuba, kandi bazasobanukirwa neza ko, nta kuri nta n'inyungu kuri bo biri mu kutavuguruzwa ku ngingo yo gukomeza dimanche. Mukomeze gukora umurimo w'ivugabutumwa, Bibiliya iri mu ntoki, bityo umubisha azabona ko arwanya umurimo aho kuwushyigikira. Ntabwo umuntu yakira ikimenyetso cy'inyamaswa, yirinda, mu bwenge, kwishora mu mirimo ihungabanya amahoro kugira ngo yitangire umurimo urusha iyindi kuba ingirakamaro.” Tém.III,469,470.

“Reka abigisha bo mu mashuri yacu baharire dimanche ingendo z'ivugabutumwa. Neretswe ko izo ngendo zizakoma mu nkokora imigambi y'umubi. Reka abarimu n'abanyeshuri bagirane amateraniro n'abatazi ukuri; bizababera ingirakamaro kuruta ubundi buryo.” -Tém.III,470.

“Ndababwira nti: mukoreshe umunsi w'icyumweru umurimo w'ivugabutumwa. Reka abarimu, baherekejwe n'abanyeshuri babo, bajye mu bihuru (turita dutyo ahantu h'ishyamba cyangwa aho ingo zishobora gutandukanywa na kilometeri imwe cyangwa ebyiri) maze basure abantu.” Tém.III.,475.

Ibyiciro bibiri gusa by'abantu

Igihe akaga gashishana kazaba kageze ku itorero, ubukristo buzigabanyamo amatsinda abiri atandukanye: abumvira amategeko y'Imana n'iry'isabato ririmo, n'abanzi b'ukuri kandi bakomeza dimanche. Ababanza ari nabo bagize umugabane muto cyane bazatotezwa kandi barenganywe n'umugabane usigaye munini cyane.

“Ababi bazigaragaza bakoreshe imbaraga zabo zose kugira ngo bahirike urwibutso rw'Umuremyi maze bashyigikire itegeko ry'i Roma mu cyimbo cyarwo. Muri iyo ntambara, ubukristo buzigabanyamo ibyiciro binini bibiri: kimwe kizaba gikomeza amategeko y'Imana n'ukwizera kwa Yesu, ikindi kizaba kiramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo kandi kizakira ikimenyetso cyayo. Nubwo itorero hamwe na Leta

bizakomatanya imbaraga zabyo kugira ngo bihatire abantu, aboroheje n’abakomeye, abakire n’abakene, ab’umudendeze hamwe n’imbata kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa, ubwoko bw’Imana ntibuzagamburura.”-Tém.III,341.

“Muri ayo makimbirane, ubukristo bwose buzigabanyamo indaro ebyiri: ku ruhande rumwe ni abakomeza amategeko y’Imana kandi bakagira kwizera kwa Yesu, na none mu rundi ruhande hakaba abaramya inyamaswa n’igishushanyo cyayo kandi bakakira ikimenyetso cyayo.” -T.S.,487.

“Kurwanya abantu beza kwa Satani kuzigaragariza ni ruto ni ruto mu buryo azagenda yongera imbaraga ze mu murimo we uheruka w’ubugome. Ubugingo bwose butirunduriye mu Mana kandi bukaba butarinzwe n’ububasha bw’Imana, buzifatanya na Satani burwanye ijuru, kugira ngo bwiungire kurwanya Umugenga w’ibibaho byose.” - T.M.,465.

“Intambara yo kurwanya amategeko y’Imana yatangiriye mu ijuru kandi izakomeza kugeza imperuka y’ibihe. Umuntu wese agomba gushyirwa ku gipimo. Kumvira cyangwa gusuzugura: ngibyo ibintu bibiri bizashyirwa imbere y’ab’isi. Abantu bose bazasabwa guhitamo hagati y’amategeko y’Imana n’amategeko y’abantu. icyo nicyo kizashyiraho umurongo w’urugabano. Hazaba ibyiciro bibiri by’abantu. Buri muntu agomba kuboneka mu cyerekezo kimwe cyangwa se mu kindi, kandi abantu bose bagomba kuzerekana niba bari mu murongo w’abumvira cyangwa se mu w’abigometse. Ubwo nibwo imperuka izahera ko ize.” –J-C.,409.

“Ariko ubwo ab’isi bazahindura ubusa amategeko y’Imana, ni ikihe gikorwa kizakorera abumvira by’ukuri kandi bakiranuka? Mbese bazatwarwa n’imbaraga y’umuraba w’umubi? Mbese ubwoko bw’Imana bukomeza amategeko yayo buzareka kumvira kwabwo, bitewe n’uko abantu benshi bagiye mu ruhande rw’umutware w’umwijima? Ntibibaho! Nta n’umwe mu babaho muri Kristo uzagwa. Abigishwa ba Yesu bazakomeza kwizera kandi bakomeza kugengwa n’ubutware buhanitse kurenga umutegetsi w’isi uwo ariwe wese. Ubwo gusuzugurwa gukomoka ku kumvira amategeko y’Imana kuzatuma benshi bahisha ukuri ndetse ntibagaragaze icyubahiro gikwiriye, abizera bafite gushikama kurenze ukwabayeho mu bihe byose, bazazamura hejuru ibendera ry’ukuri.” -2S.M.,368,369.

Itegeko ryo kwica

“Kandi ihabwa (inyamaswa yari ifite amahembe asa n’ay’umwana w’intama, ni ukuvuga Leta zunze Ubumwe z’Amerika) guha icyo gishushanyo cy’inyamaswa guhumeka (ni ukuvuga ubuprotestanti bwayobye bwifatanyije n’Amerika), kugira ngo icyo gishushanyo cy’inyamaswa kivuge kandi icyo gishushanyo cyicishe abanga kukiramyi bese.”Ibyah.13:15. Iryo tegeko ryo kwica rizatangazwa nyuma y’irangira ry’igihe cy’imbabazi, mu gihe cy’akaga gashishana. Iryo tegeko rizatuma abana b’Imana bahunga bave mu midugudu mito mito. Bazaba baravuye mu midugudu minini mu gihe

cy'itangazwa ry'itegeko ry'icyumweru. Igihe ntarengwa kizanoganywa kugira ngo iryo teka rishyirwe mu bikorwa.

Ariko, kubw'ububasha bw'Imana, nta muntu n'umwe mu bizera uzicwa. Mu gihe kizabanziriza isaha yanoganirijwe kubatsembaho, Imana izarinda ku buryo butangaje intore zayo zamaze gushyirwaho ikimenyetso. Kandi muri ako kanya ntarengwa k'irangira ry'ibihe, kwibirindura guteye ubwoba, kw'ibintu kudasanzwe, kuzabaho gutume ababi bacika intege maze abakiranutsi batabarwe. (Reba igice cya 10 na 11 cy'iki gitabo, ku isubi yerekeye icyago cya 7, kugira ngo ugire imbonerahamwe yuzuye y'ibyo bihe bikomeye).

“Isi iragenda isanganira akaga gateye ubwoba. Amahanga y'isi, arifatanyiriza hamwe kurwanya amategeko y'Imana, azaca iteka ry'uko bose aboroheje n'abakomeye, abakire n'abakene, ab'umudendezo n'imbata (Ibyah.13 :16) bagomba gukurikiza amabwiriza y'itorero bagakomeza umunsi w'ikiruhuko w'ibihimbano. Kandi uzanga kubyemera wese, azahanishwa ibihano bya Leta kandi amaherezo azacirwe urwo gupfa.” -T.S.,656.

“Itegeko rizabahatira kureka gukomeza isabato kugira ngo aho kwicwa bahe icyubahiro dimanche.” -Tém.I,148.

“Nabonye abamarayika bane bafashe imiyaga kugeza ubwo umurimo wa Kristo wo mu buturo bwera warangiye ; ubwo nibwo ibyago birindwi byasutswe. Ibi byago bituma ababi barushaho kurakarira abakiranutsi. Bibwiraga ko ari twe twabakururiye ibihano by'Imana. Bibwiraga ko baramutse bashoboye kuvana ku isi abantu bameze nkatwe, ibyo byago byahagarara. Iteka riratangazwa, ritegeka gutsemba abera, ibyo bituma abera batakamba ijoro n'amanywa kugira ngo batabarwe. Cyari igihe cy'umubabaro wa Yakobo.” -P.E.,36.

“Umujinya wabo uzagurumanira byihariye ku bakomeza itegeko rya kane. Kandi amaherezo, iteka ry'isi yose rizabacira urwo gupfa.” -P.R.,390. “Isaha y'igihe ubwoko bw'Imana buzamburwa kurengerwa n'amategeko y'abantu, kandi ubwo igihe ntarengwa cyagenewe n'iteka kizaba cyegereje, hazaboneka ku buryo buhuriranye icyarimwe mu bihugu bitari bimwe, umugambi wo gutsembaho agatsiko kanzwe. Hazatorwa igicuku kimwe kugira ngo basohoze umugambi wo gucecekesha amajwi y'ibicibwa bikwiriye guhabwa igihano cy'iteka ryose.” -T.S., 689.

Tubwirwa yuko itegeko ryo kwica rizashyirwa mu bikorwa mu gicuku. Kubera ko nk'uko amategeko ya Leta ari, umunsi wemewe n'itegeko utangira mu gicuku, birumvikana rero ko iyo ariyo saha yatorewe gushyira mu bikorwa iryo teka. Kandi na none mu gicuku hagati nibwo Imana izatabara ubwoko bwayo.

Igihe runaka kizaca hagati y'itangazwa ry'iryo tegeko n'itariki yo kurishyira mu bikorwa. Ntabwo tuzi uko icyo gihe kiresheya.

“Abarinzi b’ijuru, bumvira amabwiriza yabo bazakomeza kuba maso. Iteka kuri bose rizaba ryamaze kunoganya igihe bari butangirire kwica abakomeza amategeko, ariko abanzi babo hamwe na hamwe bazihutisha igihe bitegura kubica. Ariko icyo gihe, nta n’umwe muri bo uzatambuka uruzitiro ruteye ubwoba rw’abarinzi bazengurutse abizera. Bamwe mu bizera bazatangirwa n’ibitero ubwo bazaba bava mu midugudu no mu birorero, ariko inkota zibabangirijwe zizajanjagurika maze zigwe hasi zimeze nk’umurama. Abandi bazarindwa n’abamarayika bambaye gisirikari.” -T.S.,684.

Iteka rizatangirizwa gutsembaho ubwoko bw’Imana rizaba risa cyane n’irya Ahasuerusi ryari rigamije gutsembaho Abayuda mu gihe cy’umwamikazi Esiteri. »Tém.II,178.

“Ubwo ubuyobozi butari bumwe bwa gikristo buzaba bwamaze gutangiriza abakomeza amategeko iteka ribambura kurengerwa n’amategeko y’isi maze bukabashyira mu maboko y’abanzi babo, abana b’Imana bazasohoka mu midugudu no mu birorero kandi bazayivamo bakoze amatsinda bigire ahantu hashavuye cyane kandi h’ubwigunge bukomeye, abenshi muri bo bazabona ubuhungiro mu misozi.” -T.S.,678.

Gutangira kuva mu midugudu minini

Imana mu kugira neza kwayo yaburiye abadivantisiti b’umunsi wa karindwi ku bihe by’umubabaro bizagera ku itorerero, cyane cyane ubwo iteka ribuza abakomeza isabato kugura ibyo kurya rizacibwa. Ubwo Imana izakingura icyanzu, imiryango myinshi izava mu midugudu mbere y’akaga yigire gutura mu cyaro, nibyo bizayibera ingirakamaro haba mu by’umubiri n’iby’umwuka, binabashoboze mu rwego rw’ubuhinzi kubona umugabane w’ibyo kurya batungisha imiryango yabo.

“Ntabwo dukwiye gutura ahantu tuzagirana imibonano byanze bikunze n’abatubaha Imana.... Ntabwo akaga kazatinda kuvuka ku byerekeye gukomeza dimanche...

Abayoboze ba dimanche bariho barashikamira mu byiringiro byabo by’ibinyoma kandi ibyo bizabyara agahato ku bagambirira gukomeza isabato y’Imana. Tugomba gucumbika aho dushobora gushyira mu bikorwa itegeko ry’isabato mu buryo bwose kandi... tugomba kuba maso kugira ngo tudatura aho bizaturushya twebwe n’abana bacu gukomeza isabato.

Niba muri gahunda y’Imana dushobora kubona uko ducumbika kure y’imidugudu, Imana irashaka ko tubikora. Ibihe by’umuvurungano biri imbere yacu.

“Iyo ububasha bushingiye ku bakuru b’ibihugu bushyize hamwe mu byerekeye kugira neza, ibyo biva kuko abo bakuru baba bari munsi y’ubuyobozi bw’Imana. Iyo ububasha bushyize hamwe mu rwego rwo gukora ibibi, buba bwunzwe n’abakozi ba satani kandi buzakora ibyo kurimbura abari ku ruhande rw’Imana. Abaprotestanti biremeye ikigirwamana cy’isabato yabo mu kigwi cy’isabato y’Imana kandi baragera

ikirenge mu cy'ubupapa. Kubera iyo mpamvu, ndabona neza akamaro ko gusohoka mu midugudu k'ubwoko bw'Imana, bukajya gutura ahantu ha kure mu giturage, aho buzashobora guhinga amasambu kandi bugatungwa n'ibyo bwihingiye ku giti cyabwo. Bityo bazashobora kurera abana babo babamenyereze ibiciriritse kandi batabatetsha; Ndabona ko ari ngombwa kwihutira gutegura byose kubw'ako kaga." - 2S.M.,359.

"Igihe kiregereje ubwo amashyirahamwe y'abakozi azakoresha iby'agahato. Inshuro nyinshi, Imana yagiriye inama abacu ngo batuze imiryango yabo kure y'imidugudu. Bakajya gutura mu giturage aho bashobora kwihingira ibibatunga byabo, kubera ko mu gihe kizaza kugura cyangwa kugurisha bizahinduka ikibazo gikomeye cyane. Twagombye uhareye ubu gutangira gucungana n'amabwiriza twahawe inshuro nyinshi tubwirwa ngo: muve mu midugudu, mujye mu cyaro aho amazu atarundanye amwe ku yandi, aho mutazatinye ibikorwa bibi by'abanzi ." -2S.M.141.

Guhunga vuba vuba imidugudu minini kubera kugotwa n'akaga

Ubwo itegeko ry'icyumweru rizatangazwa kandi nk'uko byanditswe rikemezwa ku gahato, abizera bagomba kuzihutira kuva mu midugudu minini. Hanyuma y'irangira ry'igihe cy'imbabazi, ubwo ibyago bizasukwa kandi itegeko ryo kwica rigatangazwa, abana b'Imana bazasohoka mu midugudu mito n'ibirorero n'ahandi hantu hatuwe.

"Ntabwo iki ari igihe ubwoko bw'Imana bugomba gushyira ibyifuzo byabwo mu by'isi cyangwa kurundanya ubutunzi hano ku isi. Nk'uko byagendekeye abigishwa ba mbere, ntabwo bitinze ubwo tugiye guhatirwa gushaka ubuhungiro ahantu hashavuye kandi higungze. Nk'uko kugotwa kwa Yerusalemu kwabaye ikimenyetso cyo guhunga ku bakristo b'i Yudeya, niko iteka ishyanga ry'Amerika rizagiraho ububasha bwo kwamamaza kugira ngo ryemeze ku gahato umunsi w'ikiruhuko w'ubupapa rizatubera imbuzi. Igihe kizaba kigeze cyo kuva mu mijyi minini no kwitegura gusohoka mu birorero bajya ahantu hiherereye ho mu misozi." -Tém. II,197;

"Ubwo ubuyobozi butari bumwe bwa gikristo buzaba bwamaze gutangariza abakomeza amategeko iteka ribambura uburenganzira bwo kurengerwa n'amategeko y'isi, maze bakabashyira mu maboko y'abanzi babo, abana b'Imana bazasohoka mu midugudu no mu birorero kandi bazayivamo bakoze amatsinda bigire ahantu hashavuye cyane kandi h'ubwigunge bukomaye; benshi muri bo bazabona ubuhungiro mu misozi... Ariko umubare munini wa bamwe muri bo, mu mahanga yose, abakire n'abakene, aboroheje n'abakomeye, abera n'abirabura, bazahindurwa abagome n'abacakara. Inshuti z'Imana, zifungishijwe iminyururu, ziciriwe urwo gupfa, zizamara iminsi myinshi imbere mu mazu akomeye y'imbohe; bamwe bazasa n'abagenewe ku buryo bugaragara kwicishwa inzara muri za gereza z'ikuzimu aho gutaka kwabo kutazigera kumvwa n'ugutwi k'umuntu, aho nta n'umwe uzajya kubatabara...

"Bazashyira mu nzu z'imbohe abana b'Imana, ariko ntabwo inkuta z'inzu z'imbohe zizatuma batagirana umushyikirano n'Imana n'ubwo izo nkuta zaba ari nini. Ubona

imbaraga nke zabo akanamenya ibigeragezo byabo byose, ni ikirenga kuruta ibihangange byo ku isi. Ayo mazu y'imbohe azahinduka amacumbi akomeye yo kuryamamo. Abamarayika bazahazana umucyo n'amahoro byo mu ijuru." T.S.,678,679.

"Nabonye abera bava mu midugudu n'ibirorero barema amatsinda maze batura ahantu hitaruye. Abamarayika babashyiragayo ibyo kurya n'amazi mu gihe ababi bari bishwe n'inzara n'inyota." -P.E.,282.

Indirimbo yo kunesha

Imana ihimbazwe kubera imbonerahamwe y'ubuhanuzi yahumekeye mu banditsi ba Bibiliya hamwe no mu muja wayo ku byerekeye iminsi iheruka! Turabona **umukumbi muto**, abera bafite ikimenyetso cy'Imana bakomeje kwizera kwabo kandi baca mu isaha yo kugeragezwa badahungabanye mu burinzi butangaje bw'Isumba byose. Bahagaze bemye ku nyanja y'ibirahuri, baririmba indirimbo yo kunesha. Umuhanuzi arandika ati:"Mbona igisa n'inyanja y'ibirahuri, bivanze n'umuriro, mbona n'abatabarutse banesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, n'umubare w'izina ryayo, bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri bafite inanga z'Imana. Baririmba indirimbo ya Mose imbata y'Imana, n'indirimbo y'Umwana w'Intama. Ibyah.15:2,3.

IGICE CYA KARINDWI : UMURIMO W'UBUSHUKANYI:INYIGISHO ZO KWIZERA IMYUKA Y'ABAPFUYE

Incamake

Iminsi iheruka izarangwa no kwigaragaza kudasanzwe kw'inyigisho zishingiye ku kwizera imyuka y'abapfuye. Zizigaragaza zimeze nka bumwe mu bubasha bukomeye bwagenewe kuyobya no kurenganya abizera. Birenze uko umwe mu miryango igize ubwiyunge butatu buteye ubwoba buvugwa mu Byahishuwe 16:13,14 aho bwiswe "Ikiyoka". Inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye zifite umurimo wo kuba umuhuza w'indi miryango yose hagati muri yo ubwayo.

Nicyo gituma, ubwo Umuhanuzi yari amaze kuvuga ibyo kuboneka kw'imyuka itatu izira iva mu kanwa k'ikiyoka (inyigisho zishingiye ku kwizera imyuka y'abapfuye), n'ak'inyamaswa (inyigisho z'ubugatorika) hamwe n'umuhanuzi w'ibinyoma (inyigisho z'ubuprotestanti bwayobye), Umuhanuzi yongeraho ko iyo myuka itatu yose ari imyuka y'abadayimoni izakora ibitangaza. Mu yandi magambo inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye nizo zifite umwanya ukomeye muri ibyo bigo bitatu, kandi ibyo bizigaragariza mu bikorwa bidasanzwe. Kuzura kwabyo kuzagera ku isonga ubwo Satani azagerageza kwigana igihe gikomeye mu mateka y'isi cyo kugaruka kwa Kristo.

Uburyo bumwe rukumbi bwo kwirinda ubwo bushukanyi, buzagenda ni ruto ni ruto burushaho kuzura uburiganya, ni ugushinga imizi gushikamye mu kuri binyuze mu kwiga Ijambo ry'Imana hamwe n'Umwuka w'Umuhanuzi.

Ibitangaza biyobya

"Nuko mbona mu kanwa ka cya Kiyoka no mu kanwa ka ya Nyamaswa no mu kanwa ka wa Muhanuzi w'ibinyoma havamwo imyuka itatu mibi, isa n'ibikeri; kuko ariyo myuka y'abadayimoni ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsu ukomeye w'Imana ishobora byose."Ibyah. 16:13,14.

"Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya intore, niba bishoboka."Matayo 24:24. "Kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru, ugwa mu isi mu maso y'abantu. Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari yakomerekejwe n'inkota, ikabaho." Ibyah.13:13,14. "Nabonye ko bidatinze, kuvuga nabi imyuka y'abapfuye, bizafatwa nk'igitutsi, ko icyo kintu kizakomeza kugenda gikwirakwira, ko ububasha bwa satani buziyongera, kandi ko bamwe mu bigishwa be babyitangiye bazagira ububasha bwo gukora ibitangaza kugeza aho bahanura umuriro ukava mu ijuru ukagwa hasi imbere y'abantu". Neretswe ko abapfumu b'igihe kigezweho bazasobanura ko ibyo bitangaza byose bikorwa n'Umwami Yesu Kristo, kandi umubare munini w'abantu

uzizera ko ibikorwa bihebuje byose byakozwe n'Umwana w'Imana ubwo yari ku isi yabikoreshwaga n'ububasha bw'abazimu hamwe n'ubumago (frappement et mesmérisme).” -P.E.86,87.

Abaprotestanti bo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika ni bo bazabanza kurambura ikiganza bakinyujijije hejuru y'umworera baramukanye n'abizera inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye, hanyuma bashyikirane n'ububasha bw'i Roma. Kubera imbaraga z'ubwo bwiye butatu, Leta zunze ubumwe z'Amerika zizagera ikirenge mu cya Roma maze zizasiribanga uburenganzira bwo kwihitiramo. Inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye zongererwa amahirwe yo gufata mpiri imitima igihe zikomeza kugenda ziyegereza ubukristo bwabaye gikwira. Satani bwite ahereye k'ukuri kwa none, azigaragaza ameze nka marayika w'umucyo. Izo nyigisho zizakora ibitangaza; zizakiza abarwayi kandi zizakora ibimenyetso bidashobora gushidikanywaho. Imyuka izavuga ko yizera Ibyanditswe kandi izerekana ko yubashye amabwiriza (amategeko) y'itorero. Ingaruka z'ibyo zizaba iz'uko umurimo w'iyi myuka uzafatwa nk'aho ari ububasha bwigaragaje.” T.S.,637.

“Ikindi kandi, azakwirakwiza indwara hamwe n'ibyorezo mu mijyi ituwe n'abantu benshi ari nako yihindura umuvuzi ukomeye ushobora gukiza indwara z'uburyo bwose”. -T.S.,639. “Umushukanyi yifashisha kandi ibiriho kugira ngo yuzuze umusaruro we w'imitima ititeguye gupfa. Yize amabanga y'ubushakashatsi mu byaremwe, kandi iyo bibaye ngombwa ko Imana imubererekera akoresha ububasha bwe bwose kugira ngo ibibaho abikoreshe uko ashatse.” -T.S.,638. “Kandi Satani, ku ruhande rwe, azakora ibitangaza byinshi by'ibinyoma kugeza aho azamanura umuriro ukava mu ijuru ukagwa mu isi imbere y'abantu. Reba Ibyah.13:13. bityo abaturage b'isi bazashyirwa imbere kwihitiramo.” “ Ku buryo bubangikanye umurimo w'ibwirizabutumwa hakoreshejwe inyigisho z'imyuka iyobya urakomeje; habanza kubaho gukinisha iyi myuka bayigirira amatsiko, nyamara bigarurirwa vuba no kubona ibikorwa bikomoka mu bubasha bw'umuntu, bityo bakaba batagishoboye kwigobotora ubutware bubajyana mu bushake bunyuranye n'ubwabo.” -J-C.,105.

Iki gihe, ntibyoroshye gushyira itandukaniro hagati y'ingirwa bakristo n'abanyabyaha. Abakunda kwinezeza, bari mu matorero biteguye kwifatanya n'isi. Kandi Satani yiyemeje kubabumbira mu mutwe umwe. Kubw'ibyo abasunikira mu murongo w'abizera imyuka y'abapfuye. Abizera ba papa bafata ibitangaza nk'ikimenyetso simusiga cy'itorero ry'ukuri, bazagwa ku buryo bworoshye mu rushundura rw'ubwo butegetsi bushingiye ku bitangaza, kandi abaprotestanti baretse ingabo y'ukuri, nabo bazayobwa. Abagize itorero gatorika , abaprotestanti n'abisi bazagaragaza ubushake bwo kwemera amabwiriza yo gukiranuka kudasanzwe, kandi muri ubwo bwiye bazabonamo intambwe idasubirwaho yo kwihanisha isi yose kandi bazabonamo gutambika k'umuseke w'imyaka ibihumbi yategerejwe kuva kera.

“Mu nyigisho zo kudapfa kwa roho, Satani agaragara nk’aho agirira abantu neza: akiza abarwayi kandi yiyitirira ko ashakira isi uburyo bushya bwo gusenga bwo mu rwego rwo hejuru. Ubwo ni nako aba akora umurimo we wo kurimbura. Ubushukanyi bwe butera benshi kurimbuka babitewe no kutirinda, burimbura ibitekerezo kubera ibyifuzo by’umubiri, hanyuma bukazana intonganya n’ubwicanyi. Atuma kwifuza gukabije gukurura intambara zikangura kwifuza kubi, maze akaroha by’iteka abe basinze ibibi n’amaraso. Ahagurukiriza amahanga kurwana kugira ngo abuze abantu kwitegura kuzahagarara bashikanye ku munsu w’Imana.” -T.S.,637,638.

“Satani ari ku murimo, muri iki gihe ateza impanuka hamwe no kurimbuka (guseniyuka) ku isi no mu nyanja: umuriro, umuyaga ukomeye, imvura y’amahindu, umugaru, imyuzure, umuyaga w’ishuheri, umuraba, ibishyitsi. Ububasha bwe bwigaragaza ahanu hose kandi mu buryo igihumbi bunyuranye. Arimbura umusaruro weze, maze agatera amapfa. Aroga umwuka wo mu kirere maze ibihumbi n’ibihumbi by’abantu bakagerwaho n’akaga k’ibyorezo. Ibyo byorezo bizagenda byiyongera kandi birimbura ni ruto ni ruto. Umurimo wo kurimbura uzagera ku bantu no ku nyamaswa. Igihugu kirarira kandi kibaye umuhonge ;.. abanyacyubahiro b’isi bacitse intege kandi isi ihumanijwe n’abaturage bayo, kuko bacumuye amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka ! Yesaya 24 :4,5. T.S.,639.

“Ubushukanyi bw’ikirenga kandi bukomaye buregereje. Antikristo agiye gukorera imbere y’amaso yacu ibimenyetso birusha ibindi gukomera. Kwigana ukuri kuzagera ku rugero ruhanitse ku buryo kuguturura bizashoborwa gusa n’Ibyanditswe. Nicyo gituma imiterere y’ijambo ryose n’igitangaza cyose bigomba kugeragereshwa Ibyanditswe.” - TS.,643.

Bidatinze urugamba ruteye ubwoba ruzaba hagati y’abakorera Imana n’abatayizera. Bidatinze byose bizakurwaho, kugira ngo hasigare ibikomaye... “Satani, mu ruhande rwe, azengurutse n’abadayimoni, kandi amaze kwihindura nk’Imana, azakora ibitangaza byose kugira ngo ayobye n’intore niba bishoboka. Muri icyo kigeragezo gikomaye, abizera bazabonera imbaraga mu kimenyetso kiboneka mu kuva 31:12-18. Bizaba ngombwa ko bishingikiriza kuri ayo magambo y’ingirakamaro. “Handitswe ngo: “Nirwo rufatiro rukomeye. Abazaba baraciye mu isezerano ryabo n’Imana bazabaho nta Mana bafite kandi nta byiringiro bazagira.” -Tém.III.,340,341.

Ubuhenzi bwa Satani

“Kuza k’uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n’ibimenyetso n’ibitangaza by’ibinyoma n’ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe. Nicyo gituma Imana ibohereza ubushukanyi bukomaye cyane, ngo bizere ibinyoma. 2 Abates. 2:9-11. “Amakosa akomeye abiri: Kudapfa kwa roho n’ukwera kwa dimanche bizaba uburyo Satani azakoresha agusha ab’isi mu mitego.” -T.S.,637. “Icyo gihe kizaza bidatinze. Bizaba ngombwa ko twishingikiriza ku kuboko gufite ububasha kwa Yehova; kubera ko ibyo

bimenyetso byose n'ibyo bitangaza byose bigamije kuyobya ubwoko bw'Imana no kubucurika.” -P.E.,60.

Kwizera ibikorwa by'abizera inyigisho zo kudapfa kw'imyuka kwakinguriye inzugi imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni, kandi amatorero azacengerwamo n'abamarayika babi.” -T.S.,656.” Ubutumwa buvuye ku myuka buzavuga ko abarwanya icyumweru bari mu makosa, kandi ko ari ngombwa kumvira amategeko y'igihugu kimwe n'ay'Imana. Bazababazwa no gusubira inyuma kw'imyifatire kandi bazemeza bakurikije abayobozi b'amadini ko uko gusubira inyuma mu byo kubahiriza amategeko bikomoka ku kuzirura dimanche. Ubwo nibwo urwango rukomeye rw'ab'isi ruzaba ku banga kwemera ubuhamya bwabo.” T.S.,640.

Satani yibanda ku rukundo, avuga ko ari ingabire iruta izindi itangwa n'Imana, nyamara kandi arugira inyigisho yoroshye yo gukora uko umuntu abyumva, itandukanya ikibi n'icyiza biyiruhije. Gukiranuka kw'Imana no kwanga icyaha kwayo, amabwiriza y'amategeko yayo yera akandagirwa ntawe uyitayeho; amategeko cumi yabaye urwandiko rwaje mu mpitagihe. Imvugo ishyeshya kandi ikurura yasimbuye Ijambo ry'Imana. Na none, Yesu Kristo yongeye guhakanwa nka mbere, ariko Satani ahumisha cyane abantu ku buryo badashobora gutahura imitego ye.” -T.S.,606.

“Twamaze kugera mu kaga ko mu minsi iheruka ubwo bamwe ndetse benshi, bazareka kwizera maze bakita ku myuka iyobya no ku nyigisho z'abadayimoni. Mube inyaryenge mu byo musoma no mu byo mwumva. Ntimugasuzugure gushaka gusobanukirwa n'abantu bagendera ku nyigisho zemeza kubaho kw'imyuka y'abapfuye. Satani yaciye igico, yiteguye gufata mpiri umuntu wese ushobora gushukwa n'ibitotsi by'uruhondoboro biva kuri Satani. Atangira gukoresha imbaraga ze kuri we, uhereye igihe umuntu atangiriye kwiga amagambo ahishura ubugome bwa Satani.” -T.M.101,102.

“Umushukanyi yiteguye urugamba ruheruka kuva kera. Yashinze urufatiro rw'umurimo we mu cyizere yahaye Eva ati: Gupfa ntimuzapfa... umunsi mwakiriyeho amaso yanyu azahweza kandi muzahindurwa nk'Imana, muzamenya icyiza n'ikibi.” Itang.3:4,5. Buhoro buhoro yagiye ategura urubuga rw'umurimo we ukoranywe ubuhanga bw'ubuhendanyi: inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye. Ntabwo Satani ku buryo bwuzuye yari yagera ku mugambi we; ariko azawugeraho ku isaha iheruka. Umuhanuzi aragira ati: “Mbona...imyuka itatu mibi, isa n'ibikeri. Kuko iyo ariyo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza kandi niyo isanga abami bo mu isi kugira ngo ibateranirize kujya ku rugamba rw'umunsi ukomeye w'Imana ishobora byose. Ibyah. 16:13,14. -T.S.,610. “Intumwa zivuguruza ibyo zanditse zihumekewemo n'Umwuka Wera igihe zari zikiri ku isi, zibytiriwe n'imyuka iyobya.” -T.S.,605.

“Ubwo kandi nibwo, ububasha bumwe buzakorera mu mwijima. Mu gihe abakozi b'ubuntu bw'Imana bakorera mu bantu bitanze, Satani ashyira abakozi be ku murimo kugira ngo yigarurire abemera kugengwa n'ububasha bwe bose. Hazabaho abatware benshi n'imana nyinshi. Hazumvikana aya majwi ngo: Dore Kristo ari hano, dore ari

hariya. Kubera uburiganya bwe, Satani azakorera ahantu hose mu mugambi wo kurindagiza ibitekerezo by'abagabo n'abagore ngo batuzaza inshingano zabo za none. Hazabaho ibimenyetso n'ibitangaza. Ariko ijisho rifite kwizera rizatandukanya ibimenyetso bibanziriza igihe gikomeye kiri imbere kandi cy'agahato hagati y'ibindi bimenyetso byose, hamwe no kunesha gutegereje ubwoko bw'Imana.” -9T,47.

Kandi ukuntu Satani ateye muri iki gihe ni ko guteye impungenge kuko kuzuye uburiganya kandi akaba ameze nkaho ntacyo atwaye. Ubwo mu gihe cyashize yanze bikomeye Yesu Kristo hamwe n'Ibyanditswe, ubu noneho avuga ko amwemera we n'Ibyanditswe. Ariko ubusobanuro bwa Bibiliya atanga, bunezeza umutima udatekerezwa, buhindura ubusa ukuri gukomeye cyane kwa Bibiliya.” -T.S.,606.

“Gutekerezwa ko inyigisho zo kwizera imyuka ari ibintu byo kujijisha gusa, bizatuma imbaga y'abantu ibeshywa. Ubwo bazibona imbere y'ibikorwa bazasabwa kwemera ko ari ibintu bitabaho bazayobwa, kandi bazageraho babifate nkaho ari ububasha bukomaye bw'Imana.” -T.S.,601.

“Uko turushaho kugenda twegera imperuka y'ibihe, niko hazagenda haboneka ibikorwa bikomeye by'imana z'abapagani; izo mana zizagaragara mu bubasha bwazo buhanitse kandi zizahagarara imbere y'imidugudu ikomeye y'isi yose. Iyo mbonerahamwe yatangiye kuboneka.” -T.M.,117,118. “Ni nako bizagenda mu gihe gihuruka cy'intambara ikomeye ugukiranuka kuzashoza imbere y'icyaha. Igihe imibereho, umucyo n'imbaraga nshya bivuye mu ijuru byohererejwe abigishwa ba Kristo, ububasha buvuye ikuzimu burahaguruka kugira ngo bwongerere imbaraga ibikoreshe bya Satani. Ubwo nibwo ibyo ku isi byose birushaho kuba bibi. Umutware w'ibibi akoresha kwiyoberanya kubera ko yigishijwe n'ibinyejana by'intambara yiyerekana ameze nka marayika w'umucyo ku imbaga yita ku myuka iyobya no ku nyigisho z'abadayimoni; 1Timoteyo 4:1.” -J-C.,104;

“Umutware w'umwijima akoresha inganzo z'ubwenge bwe buhanitse zose kuva kera. Mu murimo we w'ubushukanyi, atoza abantu bo mu byiciro byose n'abantu b'uburyo bwose ibigerageze by mu bwenge buhanitse. Ku bantu bajijutse kandi basobanukiwe, yerekana inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye, mu buryo buhanitse kandi bwuzuye ubwenge bw'isi, bityo agashobora gufatira benshi mu mitego ye. Ubwenge izo nyigisho zigisha buteye nk'uko intumwa Yakobo yabivuze ati: “Ntibuva ku Mana ahubwo ni ubwo ku isi, n'ubw'inyamaswa bantu, ndetse n'ubw'abadayimoni.” Yakobo 3:15. Hari ubwo umushukanyi ukomeye yiyoberanya igihe cyose bibaye ngombwa kuko aribwo buryo bwiza bwo kugera ku migambi ye. Uwashoboraga kwigaragaza imbere ya Yesu mu butayu bw'ibigerageze ari mu cyubahiro cy'ubwiza bw'umuserufi, yiyerekana imbere y'abantu afite ishusho y'igikundiye: ndetse ameze nka marayika w'umucyo. 2Abakori.11:4. Ku ngingo zikomeye atanga inama yo kuzigereranya n'ibitekerezo by'abantu, yifatira abantu mu bitwenge akoresheje imikino yo gukabya, yigarurira ibyo gukunda mu magambo yanditswe ku rukundo n'ubuntu;

agerageza ibitekerezo akoresheje kwibwira ibitabaho, bityo agatera mu bantu kwibona kubera ubwenge bwabo, bagakurizaho gusuzugura Uwiteka mu mitima yabo.” T.S.,602.

“Ibitangaza bikomeye bidasanzwe bizaboneka mu kirere cy’ijuru bidatinze, bizaba bihamya ububasha butangaje bw’abadayimoni. Imyuka iyobya izegera hafi y’abami no ku baturage b’isi kugira ngo ibayobye maze ibatumirize guhuza ingufu zabo n’iza Satani mu rugamba rwe rw’ikirenga arwanya ubutegetsi bw’Imana. Ni muri ubwo buryo abantu bamwe n’abatware bazarogwa. Abantu bazahaguruka, baziye bitirira Kristo kandi baziye ita amazina, no gusengwa byagenewe Umukiza w’isi. Bazakiza abarwayi kandi bazavugaga yuko batwaye ibyo ijuru ryabahishuriye.” -T.S.,676.

Kugerageza kwigana kugaruka kwa Kristo

“Kandi ibyo si igitangaza, kuko na Satani ubwe yihindura nka marayika w’umucyo. Nuko rero ubwo bimeze bityo ntibyabwo igitangaza kugira ngo abakozi be na bo bigire nk’abakozi bagabura ibyo gukiranuka: iherezaho ryabo rizahwana n’imirimo yabo”. 2Abakor.11:14,15.

“Nibwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami Yesu azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akamutsembesha kuboneka ko kuza kwe. Kuza k’uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n’ibimenyetso n’ibitangaza by’ibinyoma n’ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe. Nicyo gituma Imana izabohereza ubushukanyu bukomeye cyane, ngo bizere ibinyoma: kugira ngo abatizwe iby’ukuri, bakishimira gukiranirwa, bacirweho iteka.” 2Abatesal. 2: 8-12.

“Kugira ngo yambike ikamba igitangaza gikomeye cy’ubushukanyu, Satani bwite azigana igihe gikomeye cy’Umwami, Itorero ryategereje uhereye kera kose ko aricyo musozo w’ibyiringiro byaryo. Mu migabane itari imwe y’isi, bazabona umuntu uje mu cyubahiro gikomeye agoswe n’ubwiza burabagirana buzibutsa abantu ibyanditswe ku Mwana w’Imana byavuzwe mu Byahishuwe. Reba Ibyah.1: 13-15. Kurabagirana kwe kuzaba kurenze ikintu cyose amaso y’abapfuye azaba yarigeze kubona. Iri jwi ryo kunesha rizashwanyaguza ikirere ngo:” Kristo araje! Kristo araje! Imbaga izikubita imbere ye ngo imuramye, ubwo nibwo nawe azarambura amaboko. Kugira ngo abahe umugisha, ku buryo buhwanye neza nk’uko Yesu yagenzaga ubwo yahaga umugisha abigishwa be ku munsi w’ifunguro ryera. Ijwi rye rizaba ryoroheje, rituje kandi rinyuze amatwi, azasubira mu magambo amwe y’ukuri kw’ijuru kandi amara agahinda yavuzwe n’Umwami. Azakiza abarwayi kandi kubera ubutware afite, Satani uwo wiyita Kristo azahamya ko ariwe wahinduye isabato akayishyira dimanche kandi azateguka buri muntu kweza dimanche umunsi yahaye umugisha. Azavugaga ko abiyemeza gukomeza umunsi wa karindwi bahakana Kristo, kuko bazanga kwita ku bamarayika yohereje kugira ngo bageze ukuri ku b’isi. Ubwo bushukanyu bw’ikirenga buzasa n’aho kubwihanganira binaniranye.” -T.S.,677.

“Satani azinjira mu mukino kandi azihindura Kristo. Azahindura ibyo azashobora byose, agereranya ibitari ibyo ukuri hamwe n’ibikorwa bitari iby’ukuri agamiye kuyobya n’intore niba bishoboka. No muri iki gihe turimo, habayeho kandi hazakomeza kubaho imiryango yuzuye yishimiye mu kuri mu bihe byashize, nyamara iyo miryango ikaba yararetse kwizera kubera ibisebo n’ibinyoma yumvise bivugwa kubo yahoze ikunda kandi bahoze babagira inama z’ingirakamaro.” -T.M.,411.

“Muzi ko Satani azaza kuyobya n’intore niba bishoboka. Azavuga ko ariwe Kristo kandi azihindura umubwirizabutumwa ukomeye ukiza indwara. Azamanura umuriro uve mu ijuru imbere y’amaso y’abantu, kugira ngo yerekane ko ari Imana. Tugomba kwitabaza ukuri kwa Bibiliya.” -Sp.T.,B, page 33. “ Ntabwo Satani azigaragaza ameze nk’ikiremwa-muntu gusa, ahubwo azihindura nka Kristo Yesu. Abanze ukuri bazamwakira nk’umutware n’Umwami w’abami.” -5B.C.,1106.

Uburyo bwo kwirinda ubushukanyi

“Uretse gusa abazaba barize no kwizera Ijambo ry’Imana bonyine, isi yose izagotwa n’ubwo bushukanyi buteye ubwoba. Kandi abantu barimo barahunikirira mu mahoro abundikiriwe n’akaga, aho ibikorwa by’uburakari bw’Imana byonyine bizaba aribyo bibakangura.” T.S.,610.

“Igihe kiregereje ubwo Satani azakora ibitangaza kugira ngo yemeze mu mitima y’abantu ko ari Imana... Imbonerahamwe zishimishije, ibitangaza byose byakozwe bizerekanirwa kugira ngo biyobye intore, niba bishoboka. Ibyiringiro bimwe rukumbi ni ugusuzumishwa ibihamya byahamije ukuri kubwo gukiranuka. Reka tuvuge ibyo bihamya ubudasiba kugeza ku iherezo ry’amateka y’isi.” -T.M.,14,15.

“Ariko ubwoko bw’Imana ntibuzemera kuyobeshwa ibitangaza. Inyigisho z’uwiye Kristo uwo ntizizaba zivuga rumwe n’Ibyanditswe. Azaha umugisha abaramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, ari nabo Uwiteka azaba ari hafi kunywesha vino idafunguye yo mu gikombe nicyo burakari bwe... “Abigana umwete Ibyanditswe kandi bagakunda ukuri, nibo bonyine bazacika ubushukanyi buteye ubwoba buzaba bwigaruriye isi yose.” T.S.,677,678.

Kwirinda inyigisho zishingiye ku kwizera imyuka y’abapfuye

“Abantu bake nibo bazirikana ububasha bushukana bw’inyigisho zo kwizera imyuka y’abapfuye bakanasobanukirwa akaga abisanganiza izo nyigisho bashobora guhura nako... Nyamara biha gukinira mu kibuga kibujijwe, bityo umurimbuzi ntatinde gukoresha ububasha bwe arwanya ugushaka kwabo. Iyo bamaze kwemera kuyoborwa n’imyuka, mu by’ukuri baba bahindutse abanyagano kandi ntibashobora gucika iyo rukuruzi bakoresheje ingufu zabo bwite. Ububasha bw’Imana bwonyine bugoboka busubiza amashengesho asenganywe kwizera n’imbaraga, nibwo bwonyine bushobora kurengera abo bantu.” -T.S.,607.

“Ijambo ry’Imana ryumviswe neza kandi rigashyirwa mu bikorwa niryongaho ngabo iturinda kwizera imyuka y’abapfuye... Ijambo ry’Imana rirasobanutse; ni umurunga w’ukuri guhebuje kandi ni wino ikomeye ku bakwakira bese kandi biteguye kuguharira amagambo apfuye bari barahisemo kugeza ubu. Ijambo rizabakiza kwiyoheranya kw’ibi bihe by’akaga.” -Tém.I.,135.

IGICE CYA MUNANI: ITANGIRIRO RY'IGIHE CY'UMUBABARO

Twifuje kuvuga kuri iyi ngingo ku buryo bwihariye kugira ngo turinde abasomyi kugwa mu rujijo kuri aya magambo. “Igihe cy’umubabaro” cyangwa “igihe cy’ishiraniro”. Mu byanditswe bya Madamu White, aya magambo akoreshwa mu bihe binyuranye ku buryo bwimbitse, nubwo ibyo bihe bitera umubabaro muri rusange ku batuye isi.

A . Igihe kirangirana n’irangira ry’igihe cy’imbabazi

“Icyo n’icyo gihe Yesu yakomojeho mu cyigisho cye cyerekeye ubuhanuzi, ubwo yagiraga ati : Hazabaho... kandi no hasi amahanga azababara bumirwe bumvise inyanja n’umuraba bihorera. Abantu bazagushwa igihumura n’ubwoba no kubwira ibyenda kuba mu isi.” Luka 21 :25,26. Icyo gihe kizarangwa n’intambara n’ibishyitsi, ibyorezo, abigisha b’ibinyoma, kwiyongera kw’abapfa, ibimenyetso mu kirere, umubabaro muri rusange no kubwiriza ubutumwa ku isi hose. Icyo gihe kizarangira ubwo hazacibwa iteka ryo mu byahishuwe 22 :11, rishyiraho irangira ry’igihe cy’imbabazi, maze hazakurikiraho igihe gikomeye cy’umubabaro.

B.Igihe gihita gikurikira igihe cy’imbabazi kandi kikazarangira ubwo Yesu azaba atungutse ku bicu by’ijuru.

Kugira ngo dutandukanye ku buryo butunganye iby’ibi bihe bibiri, muri iki gitabo tuzabyita amazina akurikira :

Igihe cya mbere : Itangiriro ry’igihe cy’umubabaro

Igihe cya kabiri : Igihe cy’umubabaro

Kuri iyi ngingo, dore isubi eshatu aho Madamu White avuga itangiriro ry’igihe cy’umubabaro kandi yashyizeho itandukaniro hagati y’ibyo bihe byombi.

“Nabonye ko Imana yari ifite abana batari bakamenye isabato, kandi kubw’ibyo ntibayikomezaga. Kubera iyo mpamvu ntibanze umucyo. Mu itangiriro ry’igihe cy’umubabaro, twari twuzuye Umwuka Wera ubwo twahagurukaga twese twamamaza ukuri ku isabato..nabonye inkota, inzara, mugiga n’urujijo rukomeye mu gihugu. ” - PE.,33,34.

“Itangiriro ry’igihe cy’umubabaro rivugwa hano ntabwo ari igihe ibyago bizaba byasutswe ku isi, ahubwo ni agahe gato kabanziriza ibyago ubwo Yesu azaba akiri mu buturo bwera. »P.E.,85. Icyo gihe, ubwo umurimo uzaba urangiye, umubabaro ukomeye uzasukwa ku isi, kandi amahanga yari yarakaye, ariko yari yakomwe mu nkokora ku buryo atashoboraga kuzitira umurimo wa marayika wa gatatu. ” -P.E.85.

Aya magambo aheruka y'inyandiko yahumetswe agaragaza uko ku isi bizaba bimeze ubwo umurimo uzaba uri hafi kurangira. Akaga gakomeye kazakwira ku isi, nk'uko ubuhanuzi bwa Kristo bubivuga, amahanga azarushaho kugenda arakara.

Ibyo nibyo birimo kugenda bigaragara muri iyi minsi. Amahanga yararakaye. Ubwumvikane buke hagati y'ibihugu by'ibihangange ku isi no kwikubira kwa bimwe muri byo bigamije kuruta ibindi byose ku isi, buri mwaka byongera umutungo wabyo mu bya gisirikari, kongera ibikoresho by'intambara, hamwe no gutera imbere gushingiye k'ububasha mu byo kwirwanaho hakoreshejwe intwari zikomeye ku isi. Intambara izasimburwa n'indi intambara. Amanama agamije kuzana amahoro ahanagura akaga hakurikiraho akandi, bidashoboka ko haboneka uburyo bukomaye bwo kuzitira amakimbirane.

Kurundanya guteye ubwoba k'ububasha bwa kirimbuzi, imizinga ikomeye irambitswe ibisasu bigenda ibirometero byinshi mu kirere no kurimbuka gukomaye kw'abantu nyuma y'intambara ikoreshwamo ibitarwo bya kirimbuzi, byatumye habaho gukuka umutima no kugira impungenge.

Si abayobozi b'isi mu bya politike gusa, cyangwa abagaba b'ingabo, cyangwa abahanga mu bwenge, ahubwo abaturage bose bo ku isi bazirikana ko mu gihe icyo aricyo cyose isi ishobora, mu by'ukuri, gutsembwaho n'umuriro utwika. Abantu barahangayitse. Inzara irembeje abaturage bose. Umuvurungano mu bantu, intonganya n'imyivumbagatanyo y'amoko bigaragaza ibindi bihamya by'ubwoba busaritse ikiremwa-muntu. Ubwoba no kubura ibyiringiro byahindutse nk'aho ari ngombwa mu bantu. Guteraganwa kugose ibigo bya kaminuza, inganda hamwe n'imihanda y'imijyi minini. Urubyiruko rwataye umurongo.

Kwigenga kurafata intera iteye ubwoba ku buryo ubutegetswe budashoboye kukugenzura; uko kwigenga gutera ubwoba ababyeyi bahora bafite impungenge z'uko abana babo bahindurwa ibikoresho, abagore bakiri bato bagafatwa ku ngufu, hamwe n'abantu muri rusange batiringiye umutekano wabo. Imibare igaragaza kwiyongera kwa buri kanya kw'ubwicanyi. Ahantu hose hari umwuka w'ubugizi bwa nabi. Uko kwigenga kurarunguruka umuntu w'iki gihe intambwe ku yindi. Ibindi bimenyetso bidasubirwaho by'uwo mubabaro ukomeye bishingiye ku mubare w'abiyahura wiyongera hamwe n'indwara zo mu mutwe no kuvurungana kw'ibitekerezo mu mutwe.

Nk'uko amakuru yo mu kigo cy'ishuri cyo muri Amerika cyita ku barwayi bo mu mutwe, miliyoni ebyiri z'abantu batuye muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika bagerageje kwiyica nibura inshuro imwe. Gutandukana kw'ibigo by'imirimo kugendana n'ububi, inzoga hamwe n'ibiyobyabwenge, bimaze gutuma imbonerahamwe y'ibibi ikabya. Ibyo byose birahamya ko isaha yegereje ubwo izuba ry'imbabazi z'Imana rigiye kurenga, ubwo igihe cy'imbabazi kizarangira maze igihe cy'umubabaro ukomeye kigatangira. Biratumenyesha icyubahiro cy'ubwiza bw'ibyiringiro bikomeye byacu.

Kwegereza kw'ibihe biteye ubwoba bidutegereje mbere yo gutabarwa, kwagombye kudutera gushakana umwete umubano nyakuri n'Imana. Uwo mwiteguro niwo wonyine uzaturinda mu isaha y'akaga.

IGICE CYA CYENDA: IGIHE CY'UMUBABARO

Incamake

Ntabwo uburemere bw'igihe cy'umubabaro buzwi, ariko ni iby'ukuri ko kizaba kigufi. Icyo gihe kizatangirana n'iteka ryo mu Byahishuwe 22 :11, itangazo ry'ijuru rizashyira iherezo ku gihe cy'imbabazi, ni ukuvuga mu gihe bizaba bitagishoboka ko umuntu akizwa, kandi kizakomeza kugeza Yesu agarutse.

Daniel 12:1 havuga iby'igihe cy'umubabaro muri aya magambo : “Maze icyo gihe Mikayire wa mutware ukomeye azahaguruka ” ni ukuvuga Kristo. Yesu azaba yarangije umurimo we w'ugutakamba; yambuye imyenda y'ubutambyi asohoke mu buturo bwera maze yambare ikanzu ye y'ubwami. Ubuhanuzi bwinshi bwa Bibiliya buzaba bwarasohoye. Ivugabutumwa rizaba ryarangiye, ishungura no gushyirwaho ikimenyetso bizaba byarabaye, kandi imvura y'itumba izaba yarasutswe.

Mu gihe cy'umubabaro, nibwo ibyago birindwi bizasukwa. Kizaba ari igihano giteye ubwoba ku banga kwihana, kandi ntikizagera ku bana b'Imana. Abamarayika bane bo mu Byahishuwe 7 bazaba barekuye imiyaga y'intambara, barekere urubuga imbaraga z'ibyaremwe hamwe no mu bantu bafite imigambi mibi izashyirwa mu bikorwa. Ibyago bizasukwa bitagabanijwe n'imbabazi z'Imana, kandi abo ibyo byago bizasukwaho, bazaba badafite ibyiza bakesha Umwuka Wera kuko azaba yakuwe mu isi.

Akarengane , kazaba karatangiye mu gihe cy'imbabazi kubwo gushyira mu bikorwa itegeko ry'icyumweru, kazakomera kagere ku bubi bwako buhanitse igihe cy'itangazo ry'itegeko ryo kwica. Ariko iryo teka ntirizashyirwa mu bikorwa kuko Imana izarokora ubwoko bwayo, hagati y'ihindagurika riteye ubwoba ry'ibyaremwe hamwe no kugaragara guteye ubwoba k'umujinya w'Imana. Urugamba rw'i Haremagedoni ruzaba hagati y'icyago cya gatandatu n'icyago cya karindwi, kandi ruzakwirakwiza ku isi gusubiranamo no kumeneka kw'amaraso guteye ubwoba.

Ariko nubwo abizera bazarindwa ibyago, bakagaburirwa no kurindwa ku buryo butangaje, bazanyura mu kigeragezo gikomeye. Bizaba ngombwa kwihanganira uburibwe bw'umubiri kuko akarengane kazaba kabateye guhunga ahantu hose hatuwe. Na none kandi, agahinda kazabageraho kuko bazaba bibaza niba ibyaha byose barabibabariwe. Ariko amaherezo, amahoro yo mu mutima azasimbura impungenge kuko batazongera kwibuka icyaha na kimwe kiticujijwe. Mu by'ukuri ibyo byaha byarahanaguwe mu gihe cy'urubanza rubanziriza irangira ry'igihe cy'imbabazi.

Mu gihe cy'umubabaro ukomeye higobetsemo akandi gahe gato cyane kitwa “Igihe cy'umubabaro wa Yakobo .” Yeremiya 30 :7. Icyo gihe gitangirana n'iteka ryo kwica hanyuma y'uko ibyago bizaba byatangiye gusukwa kikageza igihe cyo gutabarwa. Uretse abakiriye ihembura rizanwa n'Umwuka kandi bakaba bashyizweho ikimenyetso, nibo bonyine bashoboye guca muri uwo mugaru badahungabanye, bahagarara bashikamye

biteguye gusanganira Umwami Yesu, mu byishimo bitarondoreka ubwo yari agarutse ubwa kabiri. Igihe cy'ishiraniro, ubwo hazaba hatakiriho umuhuza cyangwa kubabarirwa ibyaha, ni igihe uhereye ubu kigomba umwiteguro utajenjetse.

Irangira ry'igihe cy'imbabazi

“Dore ndaza nk’umujura. Hahirwa uba maso kandi akarinda imyenda ye kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z’ubwambure bwe ! Ibyahishuwe 16 :15. “Aya magambo yerekeza k’uburyo butunguranye ibyerekeye irangira ry’urubanza rwa buri muntu hamwe n’irangira ry’igihe cy’imbabazi bizaza. Ni muri icyo gihe cyihariye na none umuhanuzi Danieli akomozaho muri Danieli 12 :1 ati : “Maze icyo gihe wa mutware ukomeye, ujya uhagarikira abantu bawe, azahaguruka ; hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho, uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe, bazaba banditswe mu gitabo bazarokorwa.” Uhereye ubwo umurage wa buri muntu uzahama udahinduka iteka ryose kubera ko iteka rikurikira rizaba ryamaze gutangazwa ngo : Ukiranirwa agumye akiranirwe ; uwanduye mu mutima agumye yandure ; umukiranutsi agumye akiranuke ; uwera agumye yezwe. Dore ndaza vuba, nzanye ingororano kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.” Ibyahishuwe 22 :11,12.

Yesu, umutambyi wacu mukuru ukidutakambira kugeza ubu mu buturo bwera bwo mu ijuru, azaba yarangiye umurimo we w’ubuhuza.

“Nuko marayika ajyana icyo cyotero acyuzuzwa umuriro wo ku gicaniro, maze akijuganya mu isi : hakurikiraho amajwi avuga, n’inkuba zihinda, n’imirabyo n’igishyitsi ”. Ibyah. 8 :5.

“Hanyuma mbona Umukiza wakoraga umurimo we imbere y’isandugu irimwo amategeko cumi ajugunya hasi icyotero cye. Maze arambura amaboko hejuru arangurura mu ijwi riranga ati : Birarangiye !” P.E., 279. “Ubwo iryo hame rizaba rishize, ubwo abazaba baravuze ko bizera Kristo mu myaka yose yashize bazaba bamaze gusuzumwa, no gushyirwa mu mwanya uyu n’uyu, nibwo nyine igihe cy’imbabazi kizarangira, maze urugi ruzaherako rukingwe . Iyi nteruro imwe kandi ngufi ngo : “Abari biteguye binjirana nawe mu nzu y’umukwe, maze urugi ruherako rurakingwa, iradushorera iducisha mu murimo uheruka wa Kristo kugeza ubwo umurimo ukomeye wo gucungurwa k’umuntu uzarangira.”-T.S.,465.

“Ni mu buryo budasakuza, budatekerezwa kandi butagaragara nk’umujura wa nijoro, isaha ikomeye yo kugena umurage wa buri muntu izasohora, isaha gutanga imbabazi bizaba byavuye kubaciriweho iteka.” T.S.,534.

Marayika uvuye ku isi avuga ko umurimo we urangiye, ko isi yanyuze mu kigeragezo giheruka cyayo, kandi ko abakomeje Ijambo ryo kwizera amategeko y’Imana bese bakiriye ikimenyetso cy’Imana ihoraho. Ibyah .7 :12. Yesu ari mu buturo bwera bwo

mu ijuru, ashyira iherezo ku murimo we wo gutakamba, amanika amaboko hejuru maze arangurura ijwi rirenga ati : Birarangiye . Ibyah.16 :17

Hanyuma ubwo ingabo z’abamarayika zose zarambikaga amakamba yazo, arangurura mu cyubahiro ati: Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye agumye yandure, ukiranuka akomeze akiranyuke, uwera agumye yezwe. Ibyah. 22 :11. Igeno rya buri muntu ryamaze gucibwa ari ubugingo cyangwa ni urupfu. -T.S.,665,666.

“Tugomba kubwira ab’isi ubutumwa bwa marayika wa gatatu, tugomba kuburira abantu kwirinda kuramya inyamaswa n’igishushanyo cyayo, maze tukabagira inama yo gufata umwanya mu mirongo y’abakomeza amategeko y’Imana no kwizera Yesu. Ntabwo Imana yaduhishuriye igihe ubu butumwa buzarangirira, ntiburenga irangira ry’igihe cy’imbabazi. Reka twemere ubuhanuzi Imana yaduhaye, ariko ntidukwiye gushaka gutobora ubwiru bw’Imana. Inshingano yacu ni iyo kuba maso, gukora no gutegereza, gukora mu gihe cyose dukiza imitima ijya kurimbuka.” -R.H. ; 9 octobre 1894.

“Uko igihe cyo kuza kwe cyasohora kose, umunsi w’Umwami uzatungura inkosi z’ibibi. Imibereho izakomeza nk’ubusanzwe, abantu bazatwarwa n’imirimo yabo ibazanira inyungu, abayobozi b’amadini bazavugaga ibyo kuzamura amajyambere y’igihugu hamwe n’ibintu bigezweho, kandi abantu benshi baziriyamira biringiye umutekano utanahari. Bityo, nk’uko umujura asesera mu nzu itarinze neza mu gicuku, kurimbuka kubikiriye kuzatungura abadatekereza hamwe n’ababi kandi ntibazacika ku icumu ! ” 1 Abates. 5 :2,3.- T.S., 38.

“Igihe Imana yavaga hagati y’ubwoko bw’Abisiraeli, baba abatambyi, baba rubanda nta numwe wigeze abyibazaho. Kubera kwirundurira mu butware bwa Satani maze bagahinduka abagaragu b’ukwifuza kurusha ukundi kose kuba kubi, bakomeje kwiyumvamo ko ari abahiriwe b’ijuru. Imihango yakomeje gukurikirana mu rusengeri ; batambiraga ibitambo ku bicaniro byandujwe n’ubwicanyi, kandi basabaga buri muni umugisha wo mu ijuru ku bwoko bwishyuzwa amaraso y’Umwana w’Imana kandi bugifite inyota y’amaraso y’intumwa n’abigishwa be. Abantu nabo ntibazigera bamenya ko imyanzuro idasubirwaho izaba yamaze gufatirwa mu buturo bwera, ko Umwuka w’Imana azaba yabakwemo burundu, kandi ko umurage w’ab’isi uzaba wamaze gushyirwaho ikimenyetso by’iteka ryose. Bazakomeza gukora imihango yo mu rusengeri, kandi kugurumana kuva kuri Satani kuzatwikiza umwete mwinshi ibigaragarira amaso mu murimo w’Imana.” - T.S.,667.

“Turi ku muni ubanziriza akaga gaheruka.. Kuko marayika w’imbabazi atazashobora kurinda, mu gihe kirekire, abanga kwihana.” P.E.,212. “Akaga kari bugufi. Izuba rirakurikira urugendo rwayo nk’uko bisanzwe, amajuru avugaga buri gihe icyubahiro cy’Imana. Abantu bararya kandi bakanywa, barabiba kandi bakubaka, barashyingirwa bakanashyingira. Abacuruzi baragura kandi bakanagurisha. Abantu barahagurukira kurwanya abandi, barwanira imyanya myiza. Abakunda kwinezeza barajya mu mukino, mu marushanwa yo kwirukanka, mu byumba by’imikino. Ibibyutsa irari rikomeye

ry'umubiri biraganje; nyamara igihe cy'imbabazi kiregera vuba vuba iherezo ryacyo, kandi buri ngingo igiye gufatirwa umwanzuro by'iteka ryose. Satani arabona ko afite igihe gito. Yashyize abakozi be bose ku murimo wo kubeshya, gushuka, gutanga imirimo no gutera abantu uruhondobero kugeza ubwo igihe cy'imbabazi kizarangira maze urugi rw'impuhwe rugakingwa by'iteka ryose.” -Ch.S,51. “Kwica amategeko biri hafi kuzuza urugero rwabyo. Urujijo rwuzuye isi, kandi ibiteye ubwoba bikomeye ntibizatinda kugera ku bantu. Iherezo riri hafi cyane.” -T.,28.

Abamarayika bane barekura imiyaga

“Nabonye ko abamarayika bane bafashe imiyaga ine, kugeza ubwo umurimo Yesu yakoraga mu buturo bwera warangiye; ubwo nibwo ibyago birindwi byasutswe.” -P.E.,36.

“Yohana abona imbaraga y'ibyaremwe - ibishyitsi, imiyaga - hamwe n'amakimbirane ya gipolitiki bifashwe n'imiya ine. Iyo miyaga irafashwe kugeza ubwo Imana izatanga uburenganzira bwo kuyirekura. Aha niho umutekano w'itorero ry'Imana uri: abamarayika bera basohozza ubushake bw'Imana, bagakomeza iyo miyaga ku buryo idahuha haba ku isi cyangwa ku nyanja cyangwa ku giti cyose kugeza ubwo abagaragu b'Imana bamara gushyirwa ikimenyetso mu ruhanga rwabo.” -T.M.,44.

“Ijwi rya marayika ukomeye niryo ryari rifite ubutware bwo gutegeka abamarayika bane kutarekura imiyaga ine kugeza igihe uwo murimo (wo gushyirwaho ikimenyetso) uzarangirira, kugeza ubwo atanga itegeko ryo kurekura iyo miyaga.” T.M.,445. “ Imana izifatira imbaraga z'umwijima kugeza ubwo isi izaba imaze kuburirwa n'ubutumwa kandi abazaba barabwumvise bakitegura urugamba”. -Tém.II.;181,182.

“Igihe cyose Yesu Kristo agitakambira mu buturo bwera bwo mu ijuru, umurimo w'Umwuka Wera ukorera mu bucamanza no muri rubanda hatibagiranye. Uwo murimo ukorwa mu buryo bumwe binyuze mu mategeko y'igihugu. Ayo mategeko atariho, isi yarushaho kuba mbi kuruta uko iri ubu. Niba umubare munini w'abacamanza ugizwe n'abakozi b'abanyamwete b'umushukanyi, Imana nayo ifite abayo mu bategetsi ba Leta.” -T.S.,662

“Niba kugeza ubu hatari habaho urugamba ruhuruza benshi muri rusange, ubu ishyanga rirahagurukira irindi shyanga n'ubwami burahagurukira kurwanya ubundi bwami. Imiyaga ine iracyafashwe kugeza ubwo abagaragu b'Imana bamara gushyirwaho ikimenyetso. Ubwo nibwo ibihugu by'ibihangane ku isi bizashyira hamwe imbaraga zabyo kugira ngo birwane urugamba rukomeye ruheruka.” -Tém.II.,429.

“Ubwo Yesu yasohokaga ahera cyane, numvise inzogera zari ku myenda ye zijegera, kandi igicu cyirabura kibundikira abaturage b'isi. icyo gihe nta muhuza wari ukiriho hagati y'umuntu uciriweho iteka n'Imana yagomewe. Igihe cyose Yesu yari akiri hagati y'Imana n'umunyabyaha, mu bantu harimo kwihangana, ariko igihe yari atakiri

hagati y'umuntu na Data, kwihangana kose kwashizeho, maze abanze kwihana barundukira muni y'ubuyobozi bwa Satani.” -P.E.,280.

“Mu iyerekwa, Yohana wera yumvise ijwi ngo: Naho wowe wa si we nawe wa nyanja we, mugushije ishyano, kuko Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito.”Ibyah.12:12 Kunyuranamo kwatumye ijwi ryo mu ijuru riyamira biteye ubwoba. Uko igihe cy'e kigenda kiba kigufi, Satani yongera uburakari kandi mu gihe cy'umubabaro ukomeye umurimo we w'ubushukanyi no kurimbura nibwo uzagera mu rwego ruhanitse rwabwo.” -T.S.,676

Ubusesenguro bw'igihe cy'umubabaro

“Maze icyo gihe Mikayire wa mutware ukomeye ujya ahagarika abantu bawe; azahaguruka, hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho, uhaye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditse mu gitabo, bazarokorwa.”Danieli 12:1;

Ubwo Yesu azaba avuye mu buturo bwera, abatuye isi bazagotwa n'umwijima w'icuraburindi. Muri icyo saha iteye agahinda, abakiranutsi bagomba kuzabaho imbere y'Imana nta murengezi. Amategeko yahoze aremerera abanyabyaha namara gukurwaho, Satani azakoresha igitugu ku banga kwihana badashobora guhinduka. Imbabazi z'Imana zizaba zarageze ku iherezo. Abisi bazaba baranze impuhwe z'Imana, barahinyuye urukundo rwayo, barasiribanze amategeko yayo. Ababi bazaba bararenze urubibi rw'igihe cyabo cy'imbabazi; Umwuka w'Imana bazaba baragomeye, amaherezo azabakurwaho. Kuko bazaba batakirinzwe n'ubuntu bw'Imana, bazaba bari mu maboko ya Satani uzaroha abaturage b'isi mu mubabaro ukomeye uheruka. Ubwo abamarayika b'Imana bazaba baretse gukoma mu nkokora ubugizi bwa nabi bushingiye ku irari ry'abantu, ibintu byose bitera amacakubiri bizahabwa urubuga. Isi yose izaca mu makuba ateye ubwoba kuruta ayo Yerusalemu ya kera yarimburishijwe.” -T.S.,666.

“Ubwoko bw'Imana buzarekerwa mu mubabaro, hamwe n'agahinda ari byo umuhanuzi agereranya n'igihe cy'umubabaro wa Yakobo.” Uko niko Uwiteka avuga ati: twumvise ijwi rizanywe n'umushyitsi, ni ubwoba, si iry'amahoro.. None se ni iki gituma umugabo wese yifata mu mugongo, nk'umugore uri kunda, mu maso hose hagasuhererwa? Ayii; uwo muni urakomeye, nta wundi umeze nkawo: ni igihe cy'umubabaro wa Yakobo; ariko azakirokokamo.” Yeremiya 30: 5-7. -T.S.,668.

“Igihe kiregereje ubwo isi izagerwaho n'umubabaro kugira ikintu icyo aricyo cyose kiwumara.” -P.E.211. “ uhaye igihe Yesu azaba atagitakambira mu buturo bwera, inzoga ni wo mujinya w'imana, izasukwa ku baramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo hamwe n'abakira ikimenyetso cyayo. Reba Ibyah. 14: 9,10. -T.S.680. “igihe cy'umubabaro utigeze kubaho kiri bugufi. Bidusaba kuzaba dufite imibereho ya gikristo tudafite kugeza ubu, kandi uburangare bwa benshi buzatuma batayigeraho.” -T.S.,675.

“Umwuka w’intambara uri ku isi. Ubuhanuzi bwo mu gice cya 11 cya Danieli hafi ya bwose bwarasohoye. Bidatinze hazagaragara akababaro kasesenguwe n’ubuhanuzi.”Tém. III.,339.

“Nk’uko gusesekara kw’ingabo z’Abaroma kwabereye abigishwa ikimenyetso cyo kurimbuka kwari kugose Yerusalemu, niko ubwo buhakanyi buzatubera ikimenyetso kigaragaza ko kwihangana kw’Imana kugeze ku iherezo; ko igikombe cy’ubugizi bwa nabi gisagutse, ko marayika w’imbabazi agiye kwigurukira ku buryo atazagaruka ukundi.” -Tém.,179.

Igihe cy’umubabaro wa Yakobo

“Nabonye ko abamarayika bane bafashe imiyaga ine kugeza ubwo umurimo wa Yesu wo mu buturo bwera warangiraga, nibwo ibyago birindwi byahereye ko birasukwa. Ibyo byago bituma ababi barakarira abakiranutsi. Bibwiraga ko aritwe twabakururiye ibihano by’Imana. Bibwiraga ko baramutse batsembye ku isi abantu bameze nkatwe, ibyo byago byahagarara. Iteka ritanga uburenganzira bwo gutsembaho abera, riracibwa; ibyo bituma abera bataka ijoro n’amanywa kugira ngo batabarwe. Cyari igihe cy’umubabaro wa Yakobo. Abera bose bari bari mu kababaro, batabaza Imana, maze ibatabara mu ijwi ryayo rikomeye.”P.E.,36,37.

Muri aya masubi yahumetswe n’Imana dushobora gukuramo imyanzuro ibiri :

igihe cy’ishiraniro cya Yakobo kigizwe n’igihe gihera ku itangazwa ry’itegeko ryo kwicwa kugeza ku gutabarwa kw’abana b’Imana. Ni igihe bazasabana umubabaro mwinshi kugobokwa n’Imana;

Icyo gihe gitangira hanyuma y’uko ibyago bitangira kurimbura isi. Tubibwirwa n’uko itegeko ryo kwica rizatangwa nyuma yuko bimwe muri ibyo byago bizaba byamaze gusukwa. Ni umubabaro batewe n’ibyago (tuzirikane ko iryo jambo riri mu bwinshi), uzatuma habaho itegeko ryo kwicwa.

Ishavu

“Iryo joro ry’urugamba n’ishavu (bya Yakobo) byashushanyaga ikigeragezo ubwoko bw’Imana buzagomba gucamo mbere ho hato ho kugaruka kwa Yesu Kristo.”P.P,197. Yakobo yagize agahinda kubera ibintu (ibikoresho) yari afite: mwene se yari amuteye ari kumwe n’ingabo 400 mu buryo bugaragara ashaka guhora. Abera nabo bazahura n’umubabaro kubera kubabazwa ku by’umubiri no kuby’itegeko ryo kwicwa.

Na none kandi, Yakobo yagize umubabaro utagabanyije ubwo yakiranaga n’Imana mu masengesho kugira ngo abone ikimenyetso cyo kubabarirwa kwe. Abera nabo bazageragezwa n’umubabaro usa n’uwo. Ariko nk’uko ijoro rya Yakobo ryarangiranye amagambo amuhesha umugisha n’amahoro, niko Imana izaha amahoro abana bayo kandi izababwira amagambo y’ihumure n’ibyiringiro, mu ijoro ry’ikigeragezo cyabo gikomeye.

Bizababera nk’uko byagendekeye umukurambere: ibyaha byabo byose byicujijwe kera bazaba barabibabariwe.

Akarengane

“Ubwo umunsi w’ikiruhuko uzaba ikibazo cy’imena kizitabirwa n’ubukristo, kandi ubwo abategetsi ba Leta hamwe n’abategetsi b’amatorero bazaba bashyize hamwe imbaraga zabo kugira ngo bahatire abantu bose gukomeza Dimanche, kutavanwa kwizima kw’agatsiko gato k’abizera banga kumvira amabwiriza ya rubanda, kuzabatera guhinduka impamvu yo kwamaganwa n’isi yose. Bazemeza ko badashobora kwihanganira abantu bake banga kumvira itegeko rya Leta; ko byaba byiza kubakuraho amaboko kuruta uko amahanga yose muri rusange yarohwa mu rujijo no mukaduruvayo... Icyo gitekerezo kizasa n’igitanze umwanzuro. Iteka rizacibwa ku bakomeza isabato y’itegeko rya kane rizabakatira ibihano birusha ibindi gukomera kandi rizaha rubanda uburenganzira bwo kubica uhereye ku itariki runaka. Ubugatorika mu isi ya kera hamwe n’ubuprotestanti bwayobye mu isi ya none bizakoresha ibyemezo bimwe ku bakomeza amategeko y’Imana.” -T.S.667,668.

“Ubwo isaha izaba igeze kugira ngo ubwoko bw’Imana bwamburwe uburenganzira bwo kuregerwa n’amategeko y’abantu, kandi ubwo igihe cyagenwe n’iteka kizaba cyegereje, hazabaho uruhurirane, rwo gutsembaho agatsiko kanzwe mu bihugu bitari bimwe. Hazatorwa ijoro runaka kugira ngo bacecekeshe amajwi y’ibicibwa n’ibivume.

“Ubwoko bw’Imana - igice kimwe gifungiyeye mu mazu y’imbohe y’ikuzimu, kandi ikindi gice kizerera mu mashyamba no mu misozi buzaba bugikomeje gutakambira Imana kugira ngo iburinde, ubwo hirya no hino, abantu bafite intwari bakorewemo n’ingabo z’abadayimoni, bazaba biteguye gukora umurimo ukomeye, Imana y’Isiraeli izahagoboka kugira ngo ikize intore zayo.” -T.S.,689.

“Uyu munsi abagize ubuprotestanti barabona agatsiko k’abakomeza isabato kameze nka Moridikai ahagaze ku bikingi by’irembo. Imico n’imyifatire y’abumvira amategeko y’Imana ni ikirego gihoraho ku bantu banze gutinya Imana maze bagasiribanga umunsi w’isabato. Mu buryo bushoboka bwose, hagomba kubaho kwitandukanya n’intarukira itifuzwa.”Tém.II;178.

Moridikai yari umugabo w’imico myiza wagiriye umugisha ibwami ubwo yatahuraga umugambi-mubisha wo kwicisha umwami. Hamani, umwanzi ukomeye wa Moridekai hamwe n’ubwoko bw’abayuda ashinga igiti kirekire cyo kumanikaho Moridekai. Ariko ubwo yibwiraga ko imigambi ye igiye kuzura, hakoze ibinyuranye neza n’ibyari byateganyijwe, urumaniko rwari rwateguriwe Moridekai, ahubwo rumanikwaho uwari warushinze. Iteka ryo kwica abayuda rikurwaho maze rihindukirira abanzi babo. Na none kandi ibimeze nk’ibyo bizongera kubaho mu minsi iheruka. Abanzi b’ukuri bazagerageza gutsembaho abakomeza amategeko y’Imana, ariko Imana

izahagoboka kugira ngo itabare ubwoko bwayo kandi abanzi bazarimbura n'intwari zabo bwite.

“Kandi ubwo ubuyobozi butari bumwe bwa gikristo buzaba bwemeje kurwanya abakomeza amategeko, iteka ribambura kurindwa n'amategeko ya Leta no kubashyira mu maboko y'abanzi babo rigatangwa, abana b'Imana bazava mu midugudu no mu birorero maze bazagenda bakoze udutsiko bajye ahantu habi cyane kandi ho kwigunga. Kimwe n'abakristo bo mu mibande y'abavodwa, benshi muri bo bazabona ubuhungiro mu misozi, aho bazashinga ubuturo bwabo kandi bazahimbaza Imana kuko ari Urutare rukomeye. Yesaya 33:16. Ariko umubare munini wa bamwe muri bo, bo mu mahanga yose, abakire n'abakene, aboroheje n'abakomeye, abera n'abirabura, bazahindurwa abagaragu n'abaretwa baruhije cyane. Abakundwa b'Imana baboheshejwe iminyururu, baciriwe urwo gupfa, bazamara iminsi myinshi mu mazu y'imbohe y'ikuzimu; bamwe muri bo bazasa n'abagenewe kwicishwa inzara mu mazu y'ikuzimu aho gutaka kwabo kutazumvwa n'ugutwi k'umuntu uwo ari we wese, aho nta muntu n'umwe uzajya kubatabara.” -T.S.,679.

“Bidatinze mbona abera bari mu kababaro gakomeye, basaga n'abagosome n'abantu b'inkozi z'ibibi batuye ku isi. Wasangaga bese bifatanyiriza kubarwanya. Bamwe batangira kugira ubwoba bibwira ko Imana yabarekeye mu maboko y'ababi. Ariko iyaba amaso yabo yarashoboye guhweza, baba barabonye abamarayika b'Imana babazengurutse.” -P.E.,283.

“Nabonye ko... byari kwemerwa nyuma y'igihe runaka cyo kubica (abera), Satani azaba yarashatse gutsembaho abera b'Imana; ariko Yesu yagiye ateguka abamarayika be kugira ngo babarinde.”P.E.,282,283.

“Ubwo nibwo ubwoko bw'Imana buzagera mu kababaro n'agahinda abahanuzi bise igihe cy'umubabaro wa Yakobo. Gutaka kw'abizera barenganywa kuzazamuka kugere mu ijuru, kandi nk'uko ijwi ry'amaraso y'Abeli ryatakiye ku isi, niko hazumvikana amajwi y'abishwe bazira Ijambo ry'Imana azamuke aya mu bituro byabo, hasi mu nyanja, mu mavumyo y'imisozi hamwe no mu bisenge by'amazu y'abihaye Imana, agira ati: Ayi Mwami wera w'ukuri! Uzageza he kudaca amateka no kudahora abari mu isi, uhorera amaraso yacu? Ibyah.6:10 Tém.II,180.

“Nabonye ko hari hafashwe ibyemezo birwanya agatsiko kamurikiwe n'umucyo n'ububasha by'Imana. Umwijima wari wabagose, nyamara bari bashikamye, bafite icyemezo cy'Imana kandi bishyize muri yo. Mbona bumiwe; hanyuma numva basengana umwete. Ntibahwemaga ijoro n'amanywa kuvuga bati:ayi Mana, ibyo ushaka abe aribyo biba! Niba ibyo aribyo byahesha izina ryawe icyubahiro, kingura inzira kugira ngo utabare ubwoko bwawe. Tuvane mu maboko y'abapagani batugose. Biyemeje kutwica; ariko ukuboko kwawe gushobora kudukiza ! Ayo niyo magambo nashoboye gufata yonyine. Bose basaga n'abafite umutima wo kumva ko batemewe, bityo bagaragazaga kwicisha bugufi cyane imbere y'ubushake bw'Imana. Nyamara, kimwe na Yakobo, buri muntu

wese hatabuze n’umwe, yasabaga gutabarwa kandi yarwaniraga kugira ngo aguhabwe.” - P.E.,272.

“Yari isaha y’akababaro, yo kubura amahwemo iteye ubwoba ku bakiranutsi. Batakambaga ijoro n’amanywa kugira ngo batabarwe. Ku buryo bugaragarira amaso y’umubiri, kuri bo nta buryo ubwo ari bwo bwose bwari buhari bwo gukira. Ababi bari batangiye kunesha, kandi bavuga bati: Ni kuki Imana yanyu itabavuvunura mu maboko yacu? Ni kuki mutazamuka mu ijuru kugira ngo mukize ubugingo bwanyu? Ariko ntabwo abera bigeze bita ku magambo yabo. Bakiranaga n’Imana nka Yakobo.” -P.E.,283.

Indi mpamvu y’ishavu

“Nubwo bazaba bagoswe n’abanzi biyemeje kubasyonyora, ubwoko bw’Imana ntibuzaterwa impungenge n’akarengane. Buzagira ubwoba bw’uko butihannyeye ibyaha byabwo byose hamwe n’uko bushobora, kwamburwa ibyiza by’isezerano ry’umucunguzi kubera amakosa amwe n’amwe... “Ntibazareka kwizera kwabo kubera amasengesho yabo adashubijwe ako kanya. Nubwo bazaba bababaye bikomeye, ubwoba n’umubabaro byabo, nti bazigera bituma batezuka ku gutakamba kwabo. Yakobo yiziritse kuri Marayika; kandi bazasubiza kimwe nawe muri aya magambo ngo: Si nkurekura utampaye umugisha.” -T.S.,671,672.

“Ubwo satani azaba arega abana b’Imana, azahabwa uburenganzira bwo kubateza ibigeragezo bye bikomeye. Ibyiringiro byabo, kwizera kwabo, no gushikama kwabo bizashyirwa mu bigeragezo bikomeye. Azagerageza kubatera ubwoba abereka ko batemewe kandi ko ibizinga by’ibyaha byabo bitahanaguwe. Bityo azaba yiringiye kubagusha bihakana Imana.” -T.S.671.

“Iyo Yakobo aba atari yarihanye ko yibye ubutware bwa mukuru we, ntabwo Imana iba yarumviye amasengesho ye, nta nubwo Imana yari gukiza ubugingo bwe. Niko bizagenda no mu gihe cy’umubabaro. Iyaba icyo gihe umukristo uzaba umaze kubabazwa n’ishavu yabonaga imbere ye hashyizwe ibyaha bye biticujijwe; yari kuzahita agwa, kwizera kwe kwari kuzahita kwijima, kandi ntiyari kuzaba akigize ibyiringiro byo gusaba Imana kumutabara. Ariko, kubera umutima uhora wiyumvamo kudashyika, nta cyaha yahishe azaba afite yicuza; amakosa ye azaba yarasuzumwe mu rubanza kandi azaba yarahanaguwe; ntabwo azaba akibuka ukundi.

“Satani atera abantu kwibwira ko Imana itazita ku buriganya bwabo mu tuntu duto duto two mu mibereho. Ariko mu buryo yagiriye Yakobo, Imana igaragaza yuko itemera cyangwa ngo yihanganire ikibi. Abagerageza kurenzaho no guhisha ibyaha byabo, cyangwa bakemera ko bikomeza kwandikwa, biticujijwe no kubabarirwa mu bitabo byo mu ijuru, bazaneshwa n’umushukanyi.” -T.S.,672.

Ni kuki umubabaro uzemerwa?

“Abacungira ku kwizera guke ubu bari mu kaga gakomeye ko kugwa mu bushukanyi bukomeye bwa Satani. Kandi n’abo bakwihanganira ikigeragezo, umubabaro wabo uzarushaho kuba munini ku munsu w’akaga kuruta ak’abantu bazaba baramenyereye gushyira ibyiringiro byabo mu Mana. Amasomo yo kwizera bazaba barasuzuguye mu bihe bisanzwe, bizaba ngombwa ko bayiga ku ngufu mu bwihebe.” -T.S.,674.

“Imitego y’umwanzi irakomeye kandi ntikinishwa kandi ibigeragezo bye biteye ubwoba, ariko amaso y’Uwiteka ari kube, n’amatwi ye yumva gutaka kwabo. Nubwo umubabaro w’abizera waba munini ndetse ibirimi by’itanura bigasa nibigiye kubarimbura, Umucuzi w’umuhanga azabakuramo bameze nk’izahabu yatunganyijwe n’umuriro. Mu minsi yo kugeragezwa gukomeye kw’abana b’Imana, urukundo rw’Imana ruzaba rukomeye kandi ruhebuje nk’imyambi y’igitondo gitangaje, ariko ni ngombwa ko bacishwa mu ruganda, kugira ngo inyota y’iby’isi itokombere, kandi kugira ngo ishusho y’umukiza igaragarire byimazeyo muri bo. ” -T.S.,673.

“ Ni ngombwa ko ubwoko bw’Imana bunywera ku gikombe Umukiza wacu yanywereye kandi bukabatizwa umubatizo yabatijwe. Mu by’ukuri uko gutinda kuruhije kuri bo, kuzaba igisubizo kinejeje cy’amasengesho yabo. Mu kugerageza gutegezezanya ibyiringiro kugoboka kw’Imana, baziga kwizera, kwiringira no kwihangana bazaba batarashyize mu bikorwa cyane mu mibereho yabo ya gikristo.” -T.S.,684

Ubwoko bw’Imana buzanyura mu gihe cy’umubabaro

“Abantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine nibo bonyine bazashobora kwiga iyo ndirimbo yo kunesha. Kukuri ari indirimbo y’amateka yabo, amateka banyuzemo ku giti cyabo... bameze nk’umuganura ku Mana no k’Umwana w’intama kuko bakuwe mu isi hagati y’abazima... Banyuze mu gihe cy’umubabaro ukomeye ku buryo hatigeze kubaho nk’uwo kuva amahanga yabaho, bihanganiye ishavu ry’umubabaro wa Yakobo. ” -T.S.704.

Benshi bazasinzira mbere

“ Benshi bazasinzira ibitotsi byabo bya nyuma mbere y’uko ibihe bishishana bisukwa ku isi yacu. Ngiyo impamvu yiyongereye hanyuma yo kuvuga amasengesho yacu yuje imbaraga tuti: “ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka.”Luka 22:42 - C.H.,375.

Nta kamaro bimaze kwiteganyiriza ibintu

“Imana yanyeretse kenshi ko binyuranye na Bibiliya guhunika twiteganyiriza ibyo tuzakenera muri icyo gihe cy’umubabaro. Nabonye ko, iyaba abera bashyiraga ku ruhande ibyo kurya, bakabibika iwabo cyangwa mu bigo, babibikiye icyo gihe, ko ubwo inkota,

inzara na mugiga bazarimbura mu gihugu, ibyo biryo babyamburwa ku ngufu, kandi ko abanyamahanga bakwisarurira imirima yabo.” -P.E.,56.

“Neretswe ko byaturutse ku bushake bw’Imana ko abera bitandukanya n’ibyabazanira inzitizi byose mbere y’igihe cy’umubabaro, hamwe no kugira ngo basezerane n’Imana isezerano ryo kwitanga. Iyaba bari bashyize ibyo bafite ku gicaniro, maze bagashaka byimazeyo gusobanukirwa n’inshingano yabo ku Mana, Imana yari kuzababwira igihe n’uburyo bwo gushyira kuri gahunda ibyo bintu. Bari kuzaba baramaze kubyikuraho byose mu gihe cy’umubabaro.” -P.E.,56.

“Nabonye kandi ko Imana itahataga ko bese bagurisha ibyabo icyarimwe; ahubwo ko niba babishaka Imana izabamenyesha igihe bibaye ngombwa, urugero rw’ibintu byabo bashobora kugurisha, hamwe n’igihe ibyo bigomba gukorwamo.”-P.E.,57.

Ubuhungiro bwateguwe n’Imana

“Uwo niwe uzatura aharengeye, yikingira igihome cyo ku Rutare; azahabwa ibyo kurya bimutunga, n’amazi yo kunywa ntazayabura.” Yesaya 33:16. “Kuko ariwe uzagukiza ikigoyi cy’umugoyi, na mugiga irimbura.

Azakubundikiza amoya ye. Kandi uzajya uhungira muni y’amababa ye; umurava we n’ingabo n’icyuma bigukingira. Igiteye ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku manywa; cyangwa mugiga igendera mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y’ihangu. Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe; ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by’abanyabyaha. Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwiteka; wagize Isumbabyose ubuturo, nuko nta kibi kizakuzaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe.” Zaburi 91:3-10.

“Imana niyo buhungiro bwacu n’imbaraga zacu, ni Umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba. Nicyo gituma tutazatinya, naho isi yahinduka, naho imisozi yakurwa ahayo ikajya imuhengeri. Naho amazi yaho yahorera akibirindura, naho imisozi yatigiswa no kwihinduriza kwayo....

“Abanyamahanga barashakuje ibihugu by’abami byagize imidugararo; ivuga ijwi ryayo, isi irayaga. Uwiteka nyiri ingabo ari kumwe natwe, Imana ya Yakobo ni igihome kirekire kidukingira. “Nimuze murebe imirimo y’Uwiteka, kurimbura yazanye mu isi. Akuraho intambara kugeza ku mpera y’isi, avunagura imiheto, amacumu ayacamo kabiri, amagare ayatwikisha umuriro.” Zaburi 46:1-3,6-9.

“Ariko abumvira bahawe iri sezerano ngo: Uwo niwe uzatura aharengeye yikingire igihome cyo ku rutare, azahabwa ibyo kurya bimutunga n’amazi yo kunywa ntazayabura.” Yesaya 33:16. Muri iryo sezerano abana b’Imana bafite ibyiringiro bikomeye ko ubwo isi izarimbura n’amapfa bo bazagaburirwa, ntibazakorwa n’isoni mu gihe cy’ibyago, mu minsi y’inzara bazahazwa.” Zaburi 37:19. Umuhanuzi Habakuki yari yarabonye mbere,

yuko hazabaho igihe cy’umubabaro. Amagambo ye aravuga ibyiringiro Itorero rifite ati: “Naho umutini utatoha n’inzabibu ntizere imbuto; bagahingira ubusa imyerayo, n’imirima ntiyere imyaka; n’intama zigashira mu rugo n’amashyo akabura mu biraro: ntakabuza ko nishimana Uwiteka, nkanezererwa mu Mana y’agakiza kanjye.” Habakuki 3:17,18 -D.A., 122.

“Ntabwo ubwoko bw’Imana buzarindwa umubabaro; ariko nubwo buzarenganywa no kubabazwa, kwamburwa byose no kwimwa ibiryo, ntibuzarekwa. Imana yitaye kuri Eliya nta n’umwe izirengagiza mu bana bayo. Ubara umusatsi wo ku mitwe yabo azabitaho kandi mu gihe cy’inzara bazahazwa.” -T.S.,682.

“Nabonye abera bava mu midugudu no mu birorero, biremamo udutsiko maze batura ahantu hihishe. Abamarayika babajyaniraga ibyo kurya n’amazi, mu gihe ababi bababazwaga n’inzara n’inyota. Hanyuma mbona abakomeye bo ku isi bakorana inama, kandi Satani n’abamarayika be b’abanyamuhati bamuzengurutse. Mbona inyandiko bakwirakwizaga mu bihande bitari bimwe byo ku isi, ivuga ko niba abera bataretse igitekerezo cyabo cyihariye ngo bareke gukomeza isabato kugira ngo bakomeze umunsi wa mbere w’icyumweru, ko bizaba byemewe ko, nyuma y’igihe gito, bicwa.

“Ariko mu gihe cy’icyo kigeragezo, abera bari bicecekeye, bishyize mu Mana kandi bishingikirije ku masezerano Imana yabateguriye kugira ngo bayanesheshe ibigeragezo. Hamwe na hamwe, ababi bahagurukiye abera kugira ngo babice mbere yuko igihe cyategetswe kigera. Ariko abamarayika bambaye gisirikari barabatabara.” -P.E.282,283.

“Abera basaga n’abagoswe n’ababi batuye isi. Bose basaga n’abishyiriye hamwe kubarwanya.. Ariko iyaba amaso yabo yarashoboraga guhweza, baba babonye abamarayika b’Imana babazengurutse. Hanyuma mbona inteko y’ababi irakara kandi umubare utabarika w’abamarayika babi wahatiraga ababi kwica abera. Ariko mbere yo gushobora kwegera ubwoko bw’Imana, inkozi z’ibibi zagombaga mbere ya byose guca mu ruzitiro rw’abamarayika bera kandi bakomeye, kandi ibyo ntibyashobokaga kuri bo. Abamarayika b’Imana babasubizaga inyuma; basubizaga inyuma abamarayika babi babaga babasatira.

“Yari isaha y’akababaro, kubura amahwemo guteye ubwoba ku bakiranutsi. Batakambaga ijoro n’amanywa kugira ngo batabarwe. Ku buryo bugaragarira umubiri, kuri bo nta buryo ubwo aribwo bwose bwari buhari bwo gukira. Ababi bari batangiye kunesha, kandi bavuga bati: Ni kuki Imana yanyu itabavuvunura mu maboko yacu? Ni kuki mutazamuka mu ijuru kugira ngo mukize ubugingo bwanyu? Ariko ntabwo abera bigeze bita ku magambo yabo... Yakererezaga abamarayika kubatabara; ariko bagombaga gutegereza igihe gito na none... Igihe cyari cyegereje ubwo Imana yari kugaragaza ububasha bwayo ikanatabara mu cyubahiro abera bayo.” -P.E.,283.

“Nabonye ko Imana izakora ku buryo butangaje ku byerekeye kurinda abana bayo muri iyo saha. Bazataka ijoro n’amanywa, nka Yesu mu gashyamba ka Getsemane agiye

gupfa, kugira ngo batabarwe. Itegeko rizabahatira kureka gukomeza isabato kugira ngo bahimbaze Dimanche, niba badashaka kubura ubugingo bwabo. Ariko ntibazigera bagamburura kandi ntibazasiribanga umunsi wera w'Uwiteka kugira ngo bumvire amabwiriza y'itegeko ry'ubupapa. Satani hamwe n'inkozi z'ibibi banezezwa cyane no kwibwira ko ubwoko bw'Imana budafite uburyo ubwo aribwo bwose bwo kubava mu nzara. Ariko ubwo bari bishimye kandi biringiye gutsinda, humvikana guhinda kw'inkuba guteye ubwoba. Ijuru ririjima maze risigara ritambagirwa n'imirabyo ihuma amaso hamwe n'icyubahiro gihebuje kibanjirije intebe y'ubwami y'Imana.” -Tém.I,147,148.

“Mu gihe gishishana cy'akarengane - kitigeze kubaho - intore zizakomeza gushikama. Satani n'ingabo ze zose ntibazashobora kurimbura umwe mu banyantege nke wo mu bera. Abamarayika bakomeye bazabarinda, kandi Imana izabigaragariza nk'Imana isumba ibigirwamana, ishobora gukiza byimazeyo abashyira ibyiringiro byabo muri yo.”P.R.390.

“Igihe inkozi z'ibibi, zizaba zicwa n'inzara hamwe n'ibyorezo, abamarayika bazarinda abakiranutsi kandi bazita kubyo bakeneye. Kugendera mu nzira yo gukiranuka, azahabwa ibyo kurya bimutunga n'amazi yo kunywa ntazayabura.” Abakene n'abatindi bashaka amazi bakayabura, ururimi rwabo rukagwa umwuma. Jyeweho Uwiteka nzabasubiza, jyeweho Imana y'Isiraeli sinzabahana! Yesaya 33:15;41:17. -T.S. 682.

“Isaha iruhije y'urugamba Itorero rirwana rihanganye n'imbaraga y'umubi, ni yo izabanziriza, gutabarwa kwa ryo guheruka. Ariko abishyira mu Mana ntacyo bakwiye gutinya; kuko umwuka w'abicanyi umeze nk'umuyaga w'ishuheri uhuha ku gihome. Imana ni igihome gikingira Itorero ryayo!” Yesaya 25:4 -P.R.,549.

“Mu gihe cy'umubabaro kizabaho mbere ho hato ho kugaruka kwa Yesu, nta kindi kizakiza abakiranutsi urupfu kitari umurimo w'abamarayika bera. Nyamara uwo mutekano ntuzahabwa abica amategeko y'Imana. Icyo gihe, ntabwo abamarayika bazarinda uwica naho ryaba itegeko rimwe ryo mu mategeko y'Imana.” -P.P.,259.

“Nabonye ko Imana yari yatwikiriye igishura ubwoko bwayo, kugira ngo iburinde mu gihe cy'umubabaro; kandi kugira ngo umuntu wese wakiriye ukuri, maze akagira umutima wejejwe, azatwikirwe n'igishura cy'Ishobora byose.” -P.E.,43.

“Ab'isi babona ko abo bahoze basuzugura ndetse bakaba barashakaga kubica banyuze mu cyago cya mugiga, umuyaga w'ishuheri n'ibishyitsi ntacyo babaye. Upera abica amategeko ye umuriro ukongora, niwe buhungiro bw'ubwoko bwe.” -T.S.,711.

“Nk'imbohe zijyanywe mu bunyage, ubwoko bw'Imana buzaba bubona imbere yabwo bushobora kwicwa cyangwa kwicishwa inzara. Ariko uwakinguye inzira mu inyanja itukura azagaragaza ububasha bwe bukomeye kugira ngo ashyire iherezo ku gitugu kiri ku bwoko bwe.”-T.S.,687.

“Ibigeragezo biteye ubwoba bitegereje abana b’Imana. Umwuka w’intambara urakorera mu mahanga uhereye ku mpera y’isi ukageza ku yindi. Ariko mu gihe cy’umubabaro wegereje igihe cy’umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho, ubwoko bw’Imana buzakomeza gushikama. Satani n’ingabo ze ntibazashobora kuburimbura, kuko abamarayika babarusha imbaraga bazaba baburinze.”
-Tém.II, 341.

IGICE CYA CUMI: IBYAGO

Incamake

Ibyago biheruka birindwi bibumbiye mu gihe kimwe n'igihe cy'umubabaro ukomeye. Uhereye ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye maze urusengero rukuzura umwotsi, umutambyi wacu mukuru Yesu Kristo azava mu buturo bwera. Ubwo ni bwo ibihano biteye ubwoba bizasukwa ku nkozi z'ibibi zo ku isi.

Mu gihe abakiranutsi, bakiriye ikimenyetso cy'Imana ihoraho, bazaba barinzwe mu buryo butangaje ikibi cyose cyakwangiriza ubuzima bwabo, ababi bo bazaba bagerwaho n'ibyago by'uburakari bw'Imana. Kuko Imana izaba yakuye uburinzi bwayo ku isi (busigaye ku bana bayo gusa), umwanzi ukomeye azaba yarekewe uburenganzira bwo kugaragaza imiterere y'ubutegetsu bwe. Abanze ubuntu bw'Imana bazahanwa batababarirwa.

Dushobora gusoma ubusesenguro bw'ibyo byago mu gice cya 16 cy'Ibyahishuwe. Dore incamake yabyo :

Ibisebe bikomeye bibi bifata abafite ikimenyetso cya ya nyamaswa.

Inyanja ihinduka amaraso kandi ikintu cyose cyo mu nyanja gifite ubugingo kirapfa.

Imigezi n'amasoko bihinduka amaraso kuko ababi bamennye amaraso y'abakiranutsi.

Izuba ritwika abantu.

Iki cyago gisukwa ku ntebe y'ubwami bw'inyamaswa (Roma) kandi ubwami bwayo bucura umwijima. Ababi bahekenya indimi zabo kubera uburibwe.

Icyo cyago gisukwa ku ruzi Eufurati; amazi yarwo arakama kandi urugamba rw'i Haremagedoni ruratangira.

Icyo cyago gikwira mu kirere. Uruhererekane rw'ibintu biteye ubwoba bikoma mu nkokora ababi maze ibyo bituma habaho gutabarwa guheruka kw'abana b'Imana. Ubwo nibwo hakurikiyeho kuboneka mu cyubahiro giheranije kwa Kristo hamwe n'abaje bamuherekeje.

Ntabwo iki gice, kigamije gukora ubusesenguro bwuzuye bw'ibyago byose, ahubwo kigamije gusuzuma imiterere imwe n'imwe y'icyago cya gatandatu n'icya karindwi byibanda byombi ku ngingo igize iki gitabo.

Ubusesenguro (Soma ibyahishuwe igice cya 16).

“Urusaku ruzagera no ku mpera y’isi; kuko Uwiteka afitanye urubanza n’amahanga, azaburanya umuntu wese; n’abo abanyabyaha, azabagabiza inkota niko Uwiteka avuga.” Yeremiya 25:31.

“ Mu iyerekwa, uwera Yohana yumvise ijwi ryavugaga ngo: Naho wowe wa si we nawe wa nyanja we mugushije ishyano! Kuko Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi azi yuko afite igihe gito. Ibyah.12:12. Ibintu bitera kurangurura kw’iryo jwi ryo mu ijuru biteye ubwoba; Uko iminsi igenda imushirana, Satani yungikanya uburakari, kandi mu gihe cy’umubabaro nibwo umurimo we w’ubushukanyi n’uburimbuzi uzagera ku rwego rwawo ruhanitse.” -T.S.,676.

“Ibyago byasutswe mu gihugu cy’Egiputa ubwo Imana yari igeze igihe cyo gukurayo ubwoko bwayo, byari biteye kimwe, biteye ubwoba kandi bikwiriye hose, bihwanye n’ibizasukwa ku isi mbere yo gutabarwa guheruka kw’ubwoko bw’Imana. Umuhanuzi w’i Patimosi arabivuga muri aya magambo ati: ibisebe bibi bikomeye bifata abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo. Kandi inyanja ihinduka amaraso nk’ay’umupfu; maze ibifite ubugingo byose biba mu mazi birapfa. Inzuzi n’amsoko y’amazi... bihinduka amaraso. Uko ibyo byago byaba bimeze kose ni iby’ukuri. Marayika w’Imana aravuga ati: Urakiranuka,.. urera, kuko waciye uru rubanza. Kuko bamennye amaraso y’abera n’ay’abahanuzi, none ubahaye kunywa amaraso: nibyo bibakwiriye! Ibyah. 16:2-6. -T.S. 680,681.

Igihe bizabera

Gusukwa kw’ibyago kuzabaho ubwo urusengero rwo mu ijuru ruzakingwa kandi rukuzuramo umwotsi. Ibyah.15:8. Mu yandi magambo, ibyago bizasukwa nyuma y’irangira ry’igihe cy’imbabazi hatangiye igihe cy’umubabaro.

“Ntibyari gushoboka ko ibyago bisukwa Yesu agitambira ahera cyane; ariko ubwo umurimo we wari umaze kurangira kandi gutakamba kwe kukaba kwari kwagize iherezo, ntacyari kigihagarika uburakari bw’Imana. Umujinya w’Imana wageze ku banyabyaha bari basuzuguye agakiza kandi bakaba bari bahinyuye umuburo.” -P.E.,280.

Ubugari bw’ahantu bizagera

“Ibyo byago ntibizakwira hose, bibaye bityo abaturage b’isi barimbuka bose. Nyamara kandi bizaboneka mu byago birusha ibindi gutera ubwoba byigeze kugera ku bantu bapfa. Ibyago byose byageze ku bantu mbere y’irangira ry’igihe cy’imbabazi byari bivanze n’imbabazi. Amaraso ya Yesu yatanzwe ku bwabo yakomeje gutuma ababi barindwa ibihembo nyakuri by’ibyaha byabo uherye kera kose; ariko mu byago biheruka, umujinya w’Imana uzasukwa nta mbabazi.” -T.S.,681,682.

Igihe bizamara

Igihe kizaba kigufi. Iyaba ijamba umunsi riri mu Byahishuwe 18:8 rivuga igihe cy'ubuhanuzi (iby'ibyo byago byari kuzasohora mu munsi umwe) na none kandi dukoresheje itegeko ryo kubara ubuhanuzi ry'umunsi umwe ku mwaka umwe (Ezekiyeli 4:6), twabona ko ibyago byazamara umwaka umwe. Ntabwo Umwuka w'ubuhanuzi utubwira uburebure bw'igihe ibyago bizamara. Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'abadiwantisti buvuga ko inyandiko z'umwimerere zitinda ku imiterere yihuta kandi itunguranye mu cyimbo cyo kuvuga igihe."

Kurindwa kw'abashyizweho ikimenyetso

Abana b'Imana bazarindwa ibyago ku buryo butangaje. Zaburi 91.

"Igihe inkosi z'ibibi zizaba zicwa n'inzara hamwe n'ibyorezo, abamarayika bazarinda abakiranutsi kandi bazita kubyo bakeneye. K'ugendera mu nzira yo gukiranuka, azahabwa ibyo kurya bimutunga n'amazi yo kunywa ntazayabura. Abakene n'abatindi bashaka amazi bakayabura, ururimi rwabo rukagwa umwuma. Jyeweho Uwiteka nzabasubiza, jyeweho Imana y'israeli sinzabahana." Yesaya 33:15,16;41:17 T.S.682

Inyota y'ijamba ry'Imana

"Muri icyo minsi, imbaga y'abantu izashaka ubwugamo bw'imbabazi z'Imana basuzuguye kuva kera kose. Dore iminsi izaza niko Uwiteka Imana ivuga, nzateza inzara mu gihugu, ntizaba ari inzara y'ibyo kurya cyangwa inyota yo gushaka amazi, ahubwo izaba ari icyo kumva amagambo y'Uwiteka kandi bazajarajara bava ku nyanja imwe bajya ku yindi, bazava ikasikazi bajye iburasirazuba; bazakubita hijya no hino bashaka Ijamba ry'Uwiteka, be kuribona." Amosi 8:11,12. -T.S.,682.

"Abandi birukankaga begera abana b'Imana kandi babasabaga kubabwira uburyo bashobora gukira ibyo bihano. Ariko abera ntacyo bashoboraga kubakorera. Amarira aheruka y'abanyabyaha yari yasutswe, ishengesho riheruka ryari ryasabwe, umutwaro uheruka wari wikorewe, umuburo uheruka wari watanze." -P.E.,281.

Icyago cya gatandatu n'icya karindwi: Haremagedoni

Haremagedoni itangira mu cyago cya gatandatu ikarangira mu cya karindwi. Ni ubuhanuzi butarasohora, zimwe mu ngingo zabwo - cyane cyane ibisobanuro bitangwa kuri urwo rugamba ku miterere yarwo ya gipolitiki zishidikanywaho. Ntibitunguranye ko amagereranya menshi yaba yaravuzwe mu rwego rwo gusobanura izo ngingo. Ntabwo igitabo cyacu kigamije kwiga cyangwa kugaragaza imyanzuro ku gukama k'uruzi rwa Eufrati, uko niko gukingurwa kw'inzira ku bami b'iburasirazuba n'imiterere ya politiki y'amakimbirane akomeye.

Imiterere shingiro y'ubuhanuzi iratwungura by'umwihariko. Kuri yo, nta kuvuguruzanya kuriho na kumwe, kuko ubusobanuro nyakuri bwayo bushingiye ku Ijambo ry'Imana kandi bukemezwa n'Umwuka w'ubuhanuzi ku buryo burambuye. Ijambo Haremagedoni ryakoreshejwe rimwe risa mu Byanditswe byera hose . Ibyah.16 :16. Nta hantu hazwi neza mu bumenyi bw'isi ku buryo budashidikanywaho hagereranya aho hantu. Hashobora gutangwa ibisobanuro mu buryo bw'ishusho-ngero, bitemeza ahantu hazwi ku isi, ahubwo ari intambara y'isi yose ku munsu ukomeye w'Uwiteka. Ni ikibazo kidasobanutse neza. Intumwa iravuga iti : Kandi mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi, isa n'ibikeri : kuko ariyo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsu ukomeye w'Imana ishobora byose. Ibyah.16 :13,14.

Ubusesenguro bwagereranyijwe n'iyi mirongo, hamwe n'indi mirongo y'Ibyanditswe n'amasubi ajyana nayo yo mu Mwuka w'ubuhanuzi, bigera ku myanzuro ikurikira ku byerekeye Haremagedoni :

Ni intambara hagati y'ukuri n'ibinyoma .

Ni amakimbirane hagati ya Kristo na Satani .

Abamarayika baguye bazaba bayirimo .

Urugamba ruzibasira kurwanya abana b'Imana kandi ruzatera akarengane gakomeye .

Ububasha bukomaye bwayobye (ikiyoka cyangwa inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye, inyamaswa cyangwa itorero ry'i Roma, n'umuhanuzi w'ibinyoma cyangwa ubuprotestanti bwayobye) buzayigiramo uruhare rugaragara. Reba Ibyah.19:20,21.

Abami b'isi bazifatanya muri urwo rugamba kandi gutabarana kwabo kuzatera amakimbirane mu bya politiki hamwe n'ibya gisirikari.

Mu yandi magambo, Haremagedoni ni igikorwa giheruka cy'ibiteye ubwoba by'ibinyejana byinshi by'intambara hagati y'icyiza n'ikibi, hagati ya Kristo na Satani hamwe n'ingabo zabo z'abamarayika n'iz'abantu, hagati y'ukuri n'ibinyoma.

Muri iyo ntambara, ububasha butatu bukomaye buzifatanya n'Umutware w'umwijima, ikiyoka (inyigisho zemeza ko abazimu bavugana n'abazima), inyamaswa (ubupapa), hamwe n'umuhanuzi w'ibinyoma (ubuprotestanti bwayobye). Buzifatanya mu mugambi umwe wo kurwanya Imana barwanya abana bayo bizera. Bazahatira abantu bose kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa (Ibyah. 13:16) kandi bazatoteza abakristo nyakuri, bishingikirije ku butegetsi bw'abami kugira ngo bahatire abantu kwemera amategeko yabwo. Abazanga kubyemera amaherezo bazacirwa urwo gupfa.

Muri ayo mahanga, imyuka mibi cyangwa imyuka y'abadayimoni izayobora iby'urwo rugamba. Izemeza ubuyobozi butari bumwe bw'ibihugu kugira ngo bwishyire hamwe, kandi ngo buhagurukire kuja muri urwo rugamba rukomeye rwo ku muni w'Imana ishobora byose. icyo gitero kizagera ku ntogo yacyo iheruka mbere ho hato ho kugaruka kwa kabiri kwa Kristo. Satani n'abadayimoni, ububasha burenganya bwa politiki buvanze n'amadini, abami b'isi n'inkozi z'ibibi bose bazahagurukira kurwanya Kristo, abamarayika be n'abakiranutsi.

Igice cya 19:11 kugeza 21 naho hasa nahavugaga iby'urwo rugamba, aho umutwazi w'ifarashi yurira ifarashi y'umweru, Umwami w'abami n'Umutware w'abatware intambara yo kurwanya ababi, arabanesha kandi abatsemba abicishije inkota iva mu kanwa ke. Inyamaswa hamwe n'umuhanuzi w'ibinyoma bazajugunywa mu inyanja yaka umuriro (umurongo wa 20) hamwe n'ikiyoka ubwacyo; Satani n'abamarayika be bose. Ibyah.20:10. Kristo, ukuri n'ubwoko bw'Imana amahereze bazanesha urugamba.

“Dukeneye kwiga iby'icyago cya 7. Ububasha bw'umubi ntibuzareka amakimbirane butarwanye. Ariko ubushake bw'Imana bufite icyo bumaze mu rugamba rw'i Haremagedoni. Ubwo isi izamurikirwa n'ubwiza bwa marayika wo mu Byahishuwe 18, imbaraga z'amadini nziza hamwe n'imbi zizakanguka zive mu bitotsi byazo, maze ingabo z'Imana iheraho zizajya ku rugamba.” –7B.C.,983.

“Urugamba ruteye ubwoba ruradutegereje. Twegereye urugamba rwo ku muni ukomeye w'Imana ishobora byose. Imbaraga zakomeje gufatwa zigomba kurekurwa. Marayika w'ubuntu arimo kuguruka agenda asubiza amababa ye inyuma kandi aritegura kumanuka ajya ku ntebe y'ubwami, kugira ngo arekere isi mu butware bwa Satani. Ubutware n'ububasha by'isi byambariye kugomera Imana ishobora byose. Buzuye urwangano barwanya abakorera Imana kandi vuba aha, ndetse cyane, urugamba rukomeye ruheruka hagati y'icyiza n'ikibi ruzambikana. Isi igomba kuzaba isibaniro ry'urwo rugamba, n'urubuga rw'amakimbirane no kunesha biheruka. Aho kuva kera kose Satani yateye abantu kurwanya Imana, kwigomera kugomba gukurwaho by'iteka.” –R.H.,13 mai 1902.

“Gukimbirana gukomeye guheruka hagati y'ukuri n'ibinyoma, ni igice giheruka cy'intambara yarwanyije amategeko y'Imana mu binyejana byinshi.” -T.S.,631.

Ntabwo inzira y'ubwiyunge bw'amadini ijya mbere muri Leta zunze ubumwe z'Amerika gusa, ahubwo n'i Roma irajya mbere. Ubuprotestanti hamwe n'ubugatorika biziye, kandi ubwo inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye zizungira ubumwe nabo, agatsiko gato k'abakomeza amategeko y'Imana kazahagurukirwa kubwo kwitandukanya n'abandi kwako, kandi kazaregwa ko kari mu makosa.

“Abadafite umwuka w'ukuri bose bazifatanyiriza kuyoborwa n'abakozi ba Satani, ariko bazazitirwa kugeza ubwo igihe cy'urugamba rukomeye rw'i Haremagedoni kizasohora.”-7.B.C.,967.

“Umushukanyi yateguranye ubuhanga buhanitse icyo gitero giheruka. Ibyiringiro yahaye Eva nibyo yagize ifatizo ry’umurimo we: Gupfa ntimuzapfa... Umunsi mwakiriyeho, amaso yanyu azahumuka kandi muzaba nk’Imana mumenye icyiza n’ikibi. Itang. 3 :4,5. Ni ruto ni ruto, yateguye urubuga rw’umurimo w’ubushukanyi bwe buhanitse : Inyigisho z’uko imyuka y’abapfuye idapfa. Ntaragera neza ku ntego y’umugambi we; ariko ayitegereje ku isaha iheruka. Umuhanuzi aravuga ati : “ Mbona.. imyuka itatu y’abadayimoni, ikora ibitangaza, kandi ijya guhuruza abami b’isi yose kugira ngo ibateranirize kujya ku rugamba rwo ku munsu ukomeye w’Imana ishobora byose. ”Ibyah. 16 :13,14. -T.S.,610.

“ Vuba aha ibintu bidasanzwe bizagaragarira mu kirere cy’ijuru, bizaba bihamya ububasha bwuzuye ibitangaza by’abadayimoni. Imyuka ikora ibitangaza izasanga abami hamwe n’abaturage b’isi yose kugira ngo ibayobye maze ibahagurukirize gushyira hamwe imbaraga zabo zose n’iza Satani mu rugamba rukomeye rwo kurwanya ubutegetsu bw’Imana. Ni muri ubwo buryo rubanda n’abategetsu bazarogwa. Abantu bazahaguruka maze biyite Kristo kandi baziya amazina no gusengwa byagenewe umucunguzi w’abari mu isi. Bazakora ibitangaza byo gukiza indwara kandi bazavugaga ko batwaye ibyo ijuru ryabahishuriye. ” -T.S.,676.

Ariko igisubizo giheruka cy’urugamba rw’i Haremagedoni kizaba kuneshakubashirwaho kwa Kristo hamwe n’Itorero rye, Imana n’ukuri kwayo. Umuhanuzi w’i Patimosi aravugaga ati : “ bazarwanya Umwana w’Imana, ariko Umwana w’Imana azabanesha, kuko ariwe Mutware utwara abatware, ni Umwami w’abami kandi abari hamwe nawe, bahamagawe, batoranijwe bakiranutse,nabo bazayinesha.” Ibyah.17 :14. Na none kandi, mu mirongo iheruka y’Ibyahishuwe 19, hari ubusobanuro bwo gufatwa kw’inyamaswa n’umuhanuzi w’ibinyoma, bajugunywa mu nyanja yaka umuriro n’amazuku, n’urupfu rw’abandi banzi b’Imana, bishwe n’inkota iva mu kanwa k’ugendera ku ifarashi, Yesu Kristo bwite.

Gucika intege kw’inkozi z’ibibi

“Ubwo ijwi ry’Imana rizavugaga gucungurwa k’ubwoko bwayo, hazaba ikangura rikomeye ku batakarije byose mu ntambara y’imibereho... “Bambuwe ibyabaheshaga gukomeza byose, none basigaye badafite ikibarengera. Baritegerezanya ubwoba ibigirwamana bahisemo, bakabirutisha Imana. Bagurishije ubugingo bwabo babugurana ubutunzi hamwe n’umunezero w’isi, bakaba ntacyo bakoze kugira ngo bahinduke abakire mu Mana. Kubera ko imibereho yabo irangiye nabi, ubutunzi bwabo buguye ingese, umunezero uhindutse umubabaro kandi inyungu yo mu kubaho kose ihinduwe ubusa mu kanya gato.” -T.S.,710.

“Kuko Uwiteka aje aturutse mu buturo bwera, azanywe no guhanira ab’isi gukiranirwa kwabo; isi izagaragaza amaraso yayo kandi ntabwo izongera gutwikira abapfuye bo muri yo.” Yesaya 26:21. “Iki nicyo cyago Uwiteka azateza amahanga yose yarwanyije Yerusalemu.”Zakariya 14:12

“Umubare munini w’inkozi z’ibibi wari usaze ibisazi, ubwo wababazwaga n’ibyago. Byari biteye umubabaro ukomeye. Ababyeyi baregaga abana babo abana nabo bakarega ababyeyi, abahungu bakarega bashiki babo, bashiki babo nabo bakarega basaza babo. Hose hari amaganya n’ibirego. Abantu bagarukanaga abapasitoro maze bakabitakana mu magambo asharira. Ntabwo mwatuburiye kuri ibi byose, niko bababwiraga. Mwatubwiraga ko isi yose izihana. Kugira ngo mumare abantu ubwoba bwose, mwaratubwiraga muti: Ni amahoro, n’amahoro! Ntabwo mwatubwiye iby’iyi saha. Mwemeje ko abavugaga iby’iki gihe ari abaka, ko ari ababi batuyobya! Nabonye ko abapasitoro batazasimbuka umujinya w’Imana, bababajwe inshuro icumi zirenze igihano cy’abo bari barayobeje.” -P.E.,282.

“Imbaga imaze kubona ko yayobejwe bamwe barega abandi ko babarimbuje; ariko bose baturiza ku bapasitoro uruhare runini rw’ibibi. Abayobozi bakuru b’imirimo batizera, bavuze ibyiza gusa; bateye ababumvaga guhindura ubusa amategeko y’Imana maze batuma barenganya abashaka kuyumvira. Mu kwiheba kwabo, aho bigisha bemeye ku mugaragaro ibicumuro byabo. Imbaga izabiranyijwe n’uburakari irarangurura iti: Turarimbutse kandi ni mwe mubiduteye ababemeraga babavuma imivumo iteye ubwoba. Ibiganza ubwabyo byabambikaga ikuzo nibyo bya mbere byahagurukiye kubarwanya. Inkota zagombaga kumena amaraso y’ubwoko bw’Imana noneho zigiye kurwanya abanzi babo. Hirya no hino hari intambara no kumena amaraso.” -T.S,712.

IGICE CYA CUMI NA KIMWE: IHEREZO RY'ICYAGO CYA KARINDWI

Gutabarwa

Ubwo marayika wa karindwi yasukaga urwabya rwe, kugaragara kw'ibintu bidasanzwe kandi biteye ubwoba kw'imbaraga z'ibyaremye kwahise kuboneka, ariko Imana ishyira iherezo ku rugamba rw'i Haremagedoni ikoresheje ibimenyetso bitigeze kubaho by'ububasha bw'Imana. Babuloni, yibukwa imbere y'Imana, yakira ibihembo byayo biheruka. Imidugudu y'amahanga iragwa, kandi abarenganyije bose barahanwa.

Ibihe by'ingenzi:

Dore urutonde rw'ibihe by'ingenzi bizabaho mu gihe cy'icyago cya 7, mu intambara ya Haremagedoni, mbere ho hatwo ho kugaruka kwa Kristo: 1. Ijwi riranga rirangururira hejuru mu ijuru riti: “Birarangiye.” 2. Imirabyo, amajwi no guhinda kw'inkuba.

Igishyitsi kinini giteye ubwoba, kirenze kure ibindi by'abayeho mu mateka y'isi;

Umudugudu ukomeye, Babuloni muby'umwuka (Roma) ugabanywamo imigabane itatu.

Indi midugudu y'amahanga iragwa.

Ibirwa birahunga imisozi nayo ikurwa ahayo .

Hejuru haturuka urubura rupima ibuye rimwe italanto imwe.

Gutabarwa

“Uwiteka arangiza umurimo we. Isi yose irasuhereye. Umucamanza w'isi yose bidatinze agiye guhagurukira guhora abasuzuguye ubutegetsu bwe. Ikimenyetso cyo gucungurwa kizashyirwa ku bantu bakomeza amategeko y'Imana bumvira amateka yayo kandi bakanga ikimenyetso cy'inyamaswa n'igishushanyo cyayo.” -Tém.II,180.

“Ubwo gusuzugura amategeko y'Uwiteka bizasa naho bibaye gikwira kandi ubwoko bwe bukababazwa n'akarengane, Imana izabagoboka. Amasengesho yuzuye imbaraga y'abana b'Imana azumvirwa.” -R.H.,15 juin 1897.

“Ubwoko bw'Imana - igice kimwe gifungirwe mu nzu z'imbohe z'ikuzimu, na none ikindi gice kizaba kizerera mu mashyamba no mu misozi – buzaba butakambira Imana kugira ngo iburinde, ubwo hirya no hino abantu bafite intwari bakorewemo n'ingabo z'abadayimoni, bazaba biteguye gukora umurimo wabo wo kwica. Ni ku isaha y'akaga gakomeye Imana y'Isiraeli izagoboka kugira ngo ikize intore zayo.” -T.S.,689.

“Abera bese, bari mu kababaro, batabazaga Imana maze ibatabara n’ijwi ryayo rikomeye. Abantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine baranesha; mu maso habo harabagiraga ubwiza bw’Imana.” -P.E.,37.

Mu gicuku

“Isaha ya mu gicuku niyo Imana yahisemo yo gutabaramo ubwoko bwayo. Ubwo ababi bari babagotesheje ibitutsi, izuba ryatungutse uwo mwanya rifite kurabagirana kwaryo maze ukwezi kurahagarara. Ababi barebaga ibyo basuherewe, mu gihe abera bo barebanaga umunezero mwinshi amasezerano yo gutabarwa kwabo.” -P.E.,285. “Mu kanya gato, ubuzima burabashirana, hagati mu gicuku, abantu baradandabirana bakagendanirako; abakomeye bashiraho, nta kuboko k’umuntu uwo ariwe wese kubakozeho.” Yobu 34:20.

Kwigaragaza k’ububasha bukomeye bw’Imana

“Mu gihe cy’umubabaro ukomeye, twese twahunze imidugudu n’ibirorero, ariko dukurikiranwa n’ababi, binjiraga mu mazu y’abera bitwaje inkota. Izo nkota bazitumanikaga hejuru ngo batwice, ariko zajanjagurikaga nk’ibyatsi bikimera. Ubwo nibwo twatakaga ijoro n’amanywa kugira ngo dutabarwe, kandi amajwi yacu agera ku Mana: Izuba rirarasa maze ukwezi kurahagarara. Imigezi ntiyongera gutemba; ibicu bya rukokoma byirabura binyuranamo mu kirere maze birasekurana. Ariko twabonaga ahantu hamurika, harabagirana niho twumviraga ijwi ry’Imana rimeze nk’iry’amazi menshi, ryatigisaga isi n’ijuru. Ijuru ryarikinguraga rikongera rikikinga, rivaho. Imisozi yarateraganwaga nk’urubingo ruteraganwa n’umuyaga, ibyo nibyo byateraguraga ibitare hejuru ahantu hose. Inyanja yasaga n’amazi abira kandi yajugunyaga amabuye ku nkengero. Ubwo nibwo Imana yavuze umunsi n’isaha byo kugaruka kwa Yesu, maze yibutsa ubwoko bwayo isezzerano ry’iteka ryose. Yavugaga interuro, hanyuma igaceceka, maze amagambo akirangirira ku isi. Isiraeli y’Imana yari ihanze amaso hejuru, yumva magambo yavaga mu kanwa ka Yehova, agakwira ku isi nk’imirabyo y’inkuba. Byari biteye ubwoba. Nyuma ya buri nteruro, abera barangururaga bagira bati: “shimwa! Haleluya! Mu maso habo hamurikirwaga n’ubwiza bw’Imana barabagiranishwaga nabwo nk’uko mu maso ha Mose harabagiranye ubwo yamanukaga umusozi wa Sinayi. Ababi ntibashobora kubatumbira kubera ubwo bwiza kandi ubwo umugisha w’Uwiteka wahabwaga abari barahaye Imana icyubahiro bakomeza isabato yayo yera, habaho urusaku rukomeye rwo kunyesha inyamaswa n’igishushanyo cyayo.” P.E.,34.

“Satani hamwe n’inkozi z’ibibi banezezwa cyane no kwibwira ko ubwoko bw’Imana budafite uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kubava mu nzara. Ariko ubwo bari bishimye kandi biringiye gutinda, humvikanye guhinda kw’inkuba guteye ubwoba. Ijuru ririjima maze risigara ritambagirwa n’imirabyo ihuma amaso, hamwe n’icyubahiro gihebuje kibanjirije intebe y’ubwami y’Imana.

“Imfatiro z’isi zirariduka, insengero ziradandabirana kandi zisenyuka zifite guhinda guteye ubwoba. Inyanja ibira nk’amazi aseruye kandi isi yose iratigita. Kugotwa kw’abakiranutsi kurashira. Kandi babwirana umwe ku wundi banezerewe bati: turatabawe. Iryo ni ijwi ry’Imana. ” -Tém.I.,148.

Ikamba ry’icyubahiro kidapfa

“Nk’umuneshi ukomeye, Yesu Kristo azazanira ingabo ze zinaniwe ikamba ry’icyubahiro kidapfa. Azababwira aturutse mu muryango w’ijuru ukinguye ati : Ndi kumwe namwe ; muhumure. Nzi imibabaro yanyu yose. Nikoreye umubabaro wanyu. Abanzi banyu baratsinzwe. Narabarwaniriye. Mu izina ryanjye, murushishwaho kunesha. ” -T.S.,686.

“ Ijuru rikurwaho nk’uko bazinga igitabo cy’umuzingo ; imisozi yose n’ibirwa byose bikurwa ahanu habyo. ” Ibyah.6 :14. “ Ubwo nibwo izuba, ukwezi n’inyenyeri bizavanwa mu myanya yabyo. Ntabwo imibumbe imurika izarimburwa, ariko izahungabanywa n’ijwi ry’Imana. ” -P.E.,41.

“ Ibimenyetso n’ibitangaza byakurikiranaga vuba vuba. Ibintu byose byasaga n’ibyambuwe gahunda yabyo isanzwe; inzuzi zireka gutemba; ibicu bya rukokoma byari byahagurutse maze birasekurana. ” -P.E.285.

“Umukiza arongera ati : wa bwoko bwanjye we ngwino winjire mu nzu yawe, wikingirane, ube wihishe akanya gato, kugeza aho uburakari buzashirira. Kuko Uwiteka aje aturuka mu buturo bwe, azanywe no guhanira abo mu isi gukiranirwa ; Yesaya 26 :20,21. Icyubahiro kizaba ugutabarwa kw’abazaba barihanganiye gutegereza kugaruka kwe, kandi amazina yabo akaba yanditswe mu gitabo cy’ubugingo !” - T.S.,687.

Guhinduka gutunguranye kw’ibihe

Ibihe bikomeye biheruka bisobanurwa ku buryo burambuye mu gitabo cy’intambara ikomeye.

Imaze kumvikanisha amasaku yo kunesha, kunnyega no kwifuriza ibyago abahigwaga, imbaga y’ababi yitegura kubasimbukira ku majosi. Ako kanya, umwijima w’icuraburindi, mwinshi cyane uruta uwa nijoro uhita ubundikira isi. Hanyuma umukororombya ugaragaza icyubahiro cy’intebe y’ubwami y’Imana uzenguruka ikirere maze usa n’ugose, ku buryo butandukanye, amatsinda y’abizera basengaga muri ako kanya udutsiko turakaye duhita duhagarikwa mu rugendo rwatwo, dufatwa n’ubwoba maze turaceceka, twibagirwa intego y’uburakari bwatwo. Bitegerezanya agahinda indahiro y’isezerano ry’Imana, nuko ntibagira ikindi basaba uretse kubahisha ubwiza bwabahumaga.

“Abana b’Imana bumva ijwi rirangurura kandi rinyuze amatwi ribabwira riti: “Murebe hejuru!” Barambuye amaso, babona ibimenyetso by’isezerano. Ibicu byirabura

byari ku mitwe yabo bikurwaho, kandi, bitegereza Umwana w'Umuntu yicaye ku ntebe y'Ubwami, azengurutswe n'ubwiza bw'Imana nk'uko Sitefano yabibonye, kandi babona ku mubiri we afite ibimenyetso byo kwicisha bugufi kwe. Babona mu kanwa ke hasohoka isengesho yasabaga Se imbere y'abamarayika bera ati: "Data abo wampaye ndashaka ko aho ndi nabo bahabana nanjye." Yohana 17:24. Na none, ijwi ry'indirimo no kunesha rirumvikana ngo: "Nimurebe! Nimurebe! Niko ryavugaga. Abera, abaziranenge, batagira ikizinga, barinze ijamba ryo kwihangana kwanjye; bazagenda n'abamarayika." Iminwa inaniwe ndetse ititira y'abahamya ba Yesu, isigara itakijegajega ubwo nibwo mu kanwa kabo hasohotse amajwi menshi yo kunesha.

"Ku isaha ya mu gicuku mu kadoho Imana yagaragaje ububasha bwayo bwo gutabara ubwoko bwayo. Izuba rirasa mu mucyo waryo wose. Ababi bitegereza ibyo bahinda umushyitsi, mu gihe abakiranutsi bo bitegereza gusohora kw'isezerano ryo gutabarwa kwabo. Ibintu byose mu byaremwe byasaga n'ibyaretse gukora muri gahunda yabyo isanzwe. Imigezi yari yaretse gutemba. Ibicu binini kandi bya rukokoma birahaguruka maze birasekurana. Hagati y'ikirere cy'uzuye uburakari, hagaragara ahantu hakeye, hafite ubwiza butarondoreka; ijwi ry'Imana risohokamo rimeze nk'urusaku rw'amazi menshi, maze riravuga riti: Birangiye!" Ibyah.16:17. -T.S., 690,691.

Isi yibirindura

"Iryo jwi rihungabanya ijuru n'isi. Habaho igishyitsi gikomeye ku isi, ku buryo hatigeze habaho ikimeze nkacyo kuva igihe abantu babereye ku isi. Ibyah.16:18. Ikirere kirakinguka cyongera kwikinga. Ubwiza bw'Intebe y'Ubwami y'Imana buraboneka. Imisozi iradandabirana nk'urubingo ruhungabanywa n'umuyaga, kandi ibirundo by'amabuye y'ibitare byamenetse byasimbukiraga hirya no hino. Guhinda kutumvikana kwamenyeshaga ukwegereza k'umuraba. Inyanja ziteraganwa n'umujinya mwinshi. Hasaga naho humvikana amajwi y'abadayimoni basohozwa umurimo w'uburimbuzi. Isi yose igatererwa hejuru ikongera igasubizwa hasi nk'umuraba w'inyanja. Ubutaka bucikamwo ibinogo. Ibyicarwo bikomeye ku isi bisa n'ibisenyutse. Urutonde rw'imisozi, ibirwa bituwe bikurwa ahabyo. Ibyambu by'inyanja, Sodomu zikomeye z'ubugome, bimirwa n'imiraba irakaye. Imana yibutse Babuloni ikomeye, kugira ngo iyihe igikombe cy'inzoga cy'umujinya wayo." Urubura rufite uburebure bw'italanto (Ibyah. 16:19,21) rutera kurimbuka. Imidugudu y'isi irusha iyindi ubwiza irubikwa. Ibihome bikomeye aho abakomeye barundanyije ubutunzi bwabo hamwe n'ibikoresho by'ubwibone bwabo bihenuka imbere y'amaso yabo. Ibisika by'inzu z'imbohe birasenyuka, birekura inzirakarengane zari zifungiwemo.

"Ibituro birikingura abenshi mu basinziriye mu mukungugu wo hasi barakunguka, bamwe bakangukira ubugingo buhoraho, abandi bakangukira gukorwa n'isoni n'ikimwaro by'iteka ryose." Daniel 12:2. Abapfuye bizeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu bese basohoka mu bituro byabo bambaye ubwiza bwinshi kugira ngo bumve ijwi ry'isezerano ry'amahoro ryasezeraniwe abizera bakomeza amategeko y'Imana. Ku rundi

ruhande abamucumise. Ibyah. 1 :7, bakwennye Umucunguzi ari ku musaraba, hamwe n'abanzi be bakomeye b'iby'ukuri hamwe n'ab'ubwoko bwe nabo barazuka kugira ngo bitegereze ubwiza bwe n'icyubahiro gihabwa abizera.

Ikirere cyari kikibundikiriwe n'ibicu bya rukokoma, izuba ribicagagura nk'ijisho rishaka guhora ry'Uwiteka. Imirabyo izenguruka isi nk'amazi y'ibiziba yaka umuriro. Amajwi ateye ubwoba kandi ateye agahinda avuga ibihembo by'inkozi z'ibibi, yumvikanaga kuruta guhinda gukomeye kw'inkuba. Bose ntibumva ayo majwi ; ariko abigisha b'ibinyoma bo, bayumva neza. Abantu, mbere ho hatwo bari bishimye, buzuye agasuzuguro ku bana b'Imana, bari bariho bahindishwa umushyitsi n'ubwoba ku buryo amajwi yabo yumvikanaga kuruta guhinda kw'ibyaremwe. Abadayimoni bemera ubumana bwa Yesu kandi batitirira imbere y'imbaga z'ububasha bwe, mu gihe abantu bari bagaruriwe n'ubwoba bukomereye, basabaga imbabazi kandi bihirika mu mukungugu.” -T.S.,691,692.

Inyenyeri ihebuje

“Umucyo uri mu bicu utuma inyenyeri igaragara ifite urumuri rwikubye inshuro enye kubera umwijima uyigose. Ku bizera iyo nyenyeri iratangaza kwizera n'umunezero, ariko ikaba ubutabera n'umujinya ku bica amategeko y'Imana. Abaretse byose ku bw'Umucunguzi wabo, noneho bari mu mubabaro ariko bihishe mu ihema ryayo. Imbere y'abahinyura ukuri, bahamije kwizera bafitiye uwabapfiriye. Imbere y'urupfu, bihanganiye mu byo bizera. Bityo guhinduka gutangaje kwakoreye muri bo. Ako kanya bari bamaze kuvanwa ku ngoyi mbi kandi ikomeye y'abantu bahindutse abadayimoni ; mbere, mu maso habo hasaga n'ahananiwe kandi hasaga nabi, ubu noneho hari harambuwe n'ibinezaneza, ibyiringiro n'urukundo. Baterura iyi indirimbo bati : Imana niyo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu, ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba. Nicyo gituma tutazatinya, naho isi yahinduka, naho imisozi yakurwa ahayo, ikajya imuhengeri. Naho amazi yaho yahorera, akibirindura. Naho imisozi yatigiswa no kwihinduriza kwayo. Zaburi 46:1-3.” - T.S.,693.

“Ubwo nibwo ijwi ry'Imana ryumvikaniye mu kirere rivuga umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Kristo, kandi ryibutsa ubwoko bwayo isezzerano ry'iteka ryose. Kumvikana kw'amagambo yayo kuzenguruka isi yose nk'umurabyo ukomeye w'inkuba. Abana b'Imana barayumva, batunze amaso mu kirere, kandi mu maso habo hamurikiwe n'ubwiza bwayo nk'uko mu maso ha Mose hari hari ubwo yavaga kuri Sinayi. Ababi ntibashobora kwihanganira kureba ubwo bwiza. Kandi ubwo umugisha wahabwaga abubashye Imana beza umunsi wayo wera, humvikanye ijwi rinini ryo kunesha.” - T.S.,694,695.

Igicu kirabagirana

“Bidatinze ahagana iburasirazuba hatunguka agacu gato kirabura, kangana n'igice cy'iganza cy'umuntu. Kari kazengurutse Umukiza kandi kakiri kure kasaga n'akagoswe

n'umwijima. Ubwoko bw'Imana bumenya ko ako gacu ari ikimenyetso cy'Umwana w'Umuntu; Mu mutuzo uhambaye, ubwoko bw'Imana bwitegereza ako gacu uko karushagaho kwegera isi, maze kagenda gahinduka umucyo buhoro buhoro. Bidatinze kaba kamaze kugira ishusho y'igicu kinini cy'umweru kigoswe n'umukororombya w'isezerano ry'Imana, intango yacyo yasaga n'umuriro w'amakara. Yesu atera intambwe ameze nk'umuneshi w'amahanga mu ntambara... Uko icyo gicu cyamurikaga cyarushagaho kwegera hino, niko umuntu wese yitegerezaga Umutware w'ubugingo...Maze abakiranutsi barangurura ijwi bababaye bati: Ni nde ushobora guhagarara adatsinzwe? Indirimbo y'abamarayika iraceceka, maze habaho ituza rikakaye, ariko Yesu arasubiza ati: Ubuntu bwanjye burabahagije. Hanyuma mu maso h'abakiranutsi haracya, umunezero usaba imitima yose maze abamarayika bongera guterura bundi bushya indirimbo yabo, bose begera isi."T.S.,695,696.

IGICE CYA CUMI NA KABIRI: IGIHE CYO GUTABARWA KUGEZA UBWO KRISTO AZAGARUKA

Iki gice kigize kimwe mu bihe birusha ibindi kuba bibi, ariko bikaba ibihe birusha ibindi kuba ingira kamaro mu mateka y'ubwoko bw'Imana, iherezo ry'intambara yabayeho mu binyejana byinshi.

Intego y'imena y'iki gitabo ni iyo gushyira ahagaragara ibikenewe mu kwitegura iyo saha iheruka. Ntabwo tuzandukura inyandiko ndende zisobanura zanditswe n'Umwuka w'ubuhanuzi zishingiye ku gahe kagufi kari hagati yo gutabarwa no kugaruka kwa kabiri kwa Kristo. **Intambara ikomeye** hamwe **n'inyandiko za mbere** ibi bitabo byombi byerekana neza uko bikurikirana. Ariko tuzakora imbonerahamwe y'ibihe by'ingenzi mu bihe biteye ubwoba, twifashishije ibitabo bibiri twavuze haruguru.

Umugambi wo kurimbura ubwoko bw'Imana

= Umwanzuro wo kubarimbura mu ijoro rimwe warafashwe. = Imbaga
y'abantu benshi irasakuza bari hafi kugwa hejuru y'abo bahigaga.

= Umugambi wabo ukomwa mu nkokora:

n'ibicu bya rukokoma;

n'umukororombya ugaragaza icyubahiro cy'Imana.

n'izuba ryakaga mu gicuku hagati nko ku manyway'ihangu.

Ijwi ry'Imana rirumvikana ngo: “ ni murebe hejuru! “ Kandi ngo: “Birarangiye!”

Uruherekane rw'ibimenyetso n'ibitangaza

= imigezi ireka gutemba.

= Ibicu bya rukokoma birahaguruka birasekurana.

= Hagati mu kirere cyihinduriye, haboneka icyezezi, gifite ubwiza butarondoreka; ijwi ry'Imana risohokamo, rihungabanya ijuru n'isi.

= Habaho igishyitsi gikomeye ku si:

Ikirere gisa n'igikingutse cyongera kwikinga.

Imisozi iradandabirana, ibitare by'amabuye byitandukanya nayo.

Inyanja zisumana umujinya.

Umuyaga ukomeye urahinda.

Isi yose yiterera hejuru maze isubira hasi nk'umuraba w'inyanja. Ubutaka bwirema mwo ibinogo. - Ibirwa bituwe birahunga.

Ibyambu by'inyanja birimbura n'imiraba.

=Urubura rurarimbura bikomeye.

= Imidugudu irusha iyindi ubwiza irubama, ibihome bikomeye birariduka.

= Inkike z'inzu z'imbohe zikubita hasi, zibohora abana b'Imana

4 . Umuzuko kuri bamwe

= Uw'abapfuye bizeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu ;

= Uw'abakinnye ku mubyimba Yesu, agiye gupfa, abamukubise

n'abamubambye ;

= Uwa Herode ;

= Uw'abanditsi n'abafarisayo benshi.

Inyenyeri itunguka mu cyezezi

= Iratera ibyiringiro by'umunezero ku bizera barangurura bati:"Imana niyo buhungiro bwacu."

= Ku bica amatageko, ni ubutumwa buca amateka.

Ukuboko kuboneka mu kirere gufashe ibisate by'amabuye. = Bose bashobora kubisoma.

= Agahinda no kwiheba byifatira abari basiribanze amahame y'Imana = Bose bamenya ukwera kw'isabato ntacyo bagitabara.

Abanzi b'amategeko y'Imana bagerwaho n'ingaruka zo kwinangira kwabo

= Baremerewe n'uburibwe, ariko ntibashobora kwihana.

= Nta magambo ashobora gusobanura ibyo gucika intege kwabo.

= Bamwe bararega abandi n'abandi bityo.

= Bahindukana abayobozi gito babayobeje mu binyoma.

= Biyemeza kubica. “Inkota zagomba kumena amaraso y’ubwoko bw’Imana noneho zerekera ku banzi babo. Ahantu hose, habonekaga intambara no kumena amaraso.”

= Abamarayika bo mu buhanuzi bwa Ezakiyeli 9 :1-6 basohoza umurimo wabo wo kurimbura.

Ijwi ry’Imana rivuga umunsi n’isaha byo kugaruka kwa Yesu.

Agacu gato kirabura karatunguka, kari kazengurutse Umwami. = Ako gacu gahinduka umucyo mwinshi wagendaga wiyongera uko kagendaga kegera isi.

= Kazenguruka Umutware w’ubugingo, ufite mu maso haka nk’umucyo mwinshi uruta izuba ryo ku manywa y’ihangu. = Kristo amanuka ku isi, azengurutswe n’ibirimi by’umuriro.

Ijuru ryizinga nk’uko bazinga igitabo, isi iratigita. Imisozi n’ibirwa biradandabirana

= Abagaba b’ingabo, abakomeye, imbata n’ab’umudendeze barihisha maze basaba ibitare kubagwira.

= Mu kanwa k’inkozi z’ibibi hasohoka uku gutaka ngo : “ Umunsi ukomeye w’umujinya w’Imana urasohoye kandi ninde ushobora guhagarara adatsinzwe.”

Umuzuko w’abakiranutsi

= Mu gihe cyo kwibirindura kw’isi yose, Kristo asubiza abakiranutsi ubugingo.

= Isi yose isakurishwa n’intambwe z’abazutse bajya mbere, bambaye ubwiza budapfa, basanganiye Umukiza. Bunga amajwi yabo mu y’abakiranutsi bari bakiriho mu ijwi rinini ryo kunesha.

Abakiranutsi bakiri bazima barahindurwa maze bahabwa ubwiza butangaje.

Bose hamwe bazamurirwa icyarimwe gusanganira Umwami mu kirere.

Inkozi z’ibibi zikiriho zirimbura n’ubwiza bwo kuza kwe.

Yesu yambika abigishwa be bese amakamba yo kunesha kandi abambika n’imyenda y’ubwami.

Yesu akingura imiryango y’izahabu y’umurwa wera, abacunguwe barinjira.

= Imbere y'intebe y'Ubwami, ku nyanja y'ibirahuri, hari hahagaze abanesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo.

= Abantu ibihumbi 144 nabo bari bahari.

= Mbese natwe dushobora guhagarara kuri iyo nyanja y'ibirahuri !

IGICE CYA CUMI NA GATATU : KWITEGURA AKAGA GAHERUKA

Gukomera kw'ibihe n'akamaro ko kwitegura - Umuntu yakwitegura ate ?

Ibivugwa kuri iki gice cya nyuma bifite agaciro gakomeye cyane. Nta gushidikanya, ubumenyi buke bw'ibihe bikomeye biranga iminsi iheruka y'amateka y'isi yacu, ntibuzagira icyo butwungura, niba tudashaka gusobanukirwa n'ibyo kwihana, kwicuza no kwezwaho icyaha. Tugomba kunesha intege nke zacu zose tugacika ku ngoyi zazo maze tukagaragaza kwitanga mu murimo dushyira ab'isi ubutumwa bakeneye.

Turasaba umusomyi kwitondera ku buryo bwihariye amagambo yakuwe mu nyandiko za Madamu White twongera kwandika hano. Turasaba kugira ngo Umwuka Wera amufashe kwegera Imana no kumutegurira kwakira ikimenyetso cy'Imana ihoraho. Bityo azashobora guhagarara adatsinzwe mu gihe cy'umubabaro ukomeye umutegereje, kandi azaba yiteguye gusanganira Umwami we.

Gukomera kw'ibihe n'akamaro ko kwitegura

Muri Matayo 25:5, dusoma ko abakobwa bose bahunikiriye. Itandukaniro hagati yayo matsinda yombi ryari rishingiye ku miterere y'umwiteguro wagombaga kubanza kubaho. “Abanyabwenge” nabo bari baryamye, ariko mbere yaho bari babanje kubonana n'Imana. Bari bafite amavuta y'Umwuka Wera, “abapfu” batagira. Abakobwa cumi bagereranywa n'Itorero ryo mu minsi y'imperuka. Abari mu Itorero bose bizera ukuri kumwe kandi bategereje Umwami umwe, ariko ntabwo bose bashishikajwe no kwitegura icyo gihe cyiza gihebuje. Abanga kwitegura ntabwo bazakira imvura y'itumba. Bazamera nk'abakobwa b'abapfu.

“Igihe cy'umubabaro utigeze kubaho kiregereje. Icyo gihe kizadusaba imibereho ya gikristo tudafite kugeza ubu, kandi iyo mibereho ubwayo uburangare bwa benshi buzatuma batayigeraho.” -T.S.,675.

“Bene Data, mbese mwibuka ko agakiza kanyu bwite hamwe n'umurage w'abandi bantu uzava ku kuntu umwiteguro wanyu, wo guhangana n'igihe cyo kugeragezwa kuri mbere yanyu, uzaba umeze? Mbese hari ubwo mufite uwo mwete ukomeye, gukiranuka no kwitanga bizabashoboza guhagarara mudatsinzwe ubwo bizaba ngombwa ko muhangana n'ababarwanya? Niba hari ubwo Imana ivugira muri jye, igihe kizaza ubwo bazabakurubana mbere y'ubucamanza kandi ingingo yose y'ukuri mushyigikira izahinyurwa bikomeye. Igihe abizera benshi biha gupfusha ubusa ubu ngubu, cyangombye gukoreshwa mu kurangiza inshingano Imana yaduhaye kandi kigamije kudutegura mu kaga kegereje.” -Tém.II,379.

“Nabonye ko abana b'Imana bahagaze mu rubuga rwo kwidagadura. Bamwe batakaje ubwenge bwagombye kubereka ko igihe ari gito, kandi bukabereka agaciro k'ubugingo.” -P.E.,120.

Itorero rigomba kumenyeshwa akaga k'igihe tugezemo. Abarinzi barasinziye.” -Tém.II,377. “Satani ayoboye ibitero bye. Mbese aho twiteguye, umuntu wese ku giti cye, guhangana n'urugamba ruteye ubwoba kandi turategura abana bacu ku byerekeye, ako kaga gakomeye.” -A.H.,186. “***Igihe cy'umubabaro n'agahinda kiri imbere yacu gisaba ukwizera gushobora kwihanganira umunaniro igihe, hamwe n'inzara ; ukwizera kutazatezuka mu gihe cy'igeragezwa.***” -T.S.,674.

“Imana irifuza ko ubwoko bwayo bwakomera nk'icyuma, kandi bukagira kwizera gukomeye nk'ibuye ry'isarabwayi. Abakristo bagomba kuba abahamya bayo ku isi, ibikoresho byayo byo kurangiza umurimo uhebuje wo kwitegura mbere yo kuboneka kwe.” -Tém.I,682.

“Ni ngombwa kwegera hafi y'Umwami buri gihe, no gushakana umutima wose iby'uwo mwiteguro wa ngombwa uzadushoboza guhagarara tudatsinzwe mu ntambara yo ku munsu w'Uwiteka. Twibuke ko Imana ari Iyera, kandi ko abantu bera bonyine ari bo bashobora guhagarara badatsinzwe imbere yayo.” -P.E.,71

“Ibisigaye, mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi. Mwambare intwari zose z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani. Kuko tudakina n'abafite amaraso n'umubiri ; ahubwo dukina n'abatware n'abafite ubushobozi n'abateguka iy'isi y'umwijima n'imyuka mibi y'abantu ho mu ijuru. Nuko rero mutware intwari zose z'Imana, kugira ngo mubashe gukomera ku munsu mubi, kandi murangije byose, mubashe guhagarara mudatsinzwe.”Abefeso 6 :10-13.

“Abantu bumviye muri byose kandi bagahagarara badatsinzwe mu birushya byose, uko kunesha byaba byarabaruhije kose, abemeye inama y'Umugabo wo guhamya w'ukuri bazakira imvura y'itumba kandi bazaba biteguye guhindurwa .” -Tém.I,70.

“Nabonye ko benshi batitaye ku mwiteguro wa ngombwa, bari bategereje igihe cy'ihembura hamwe n'imvura y'itumba kugira ngo bashobore guhagarara badatsinzwe ku munsu w'Uwiteka kandi ngo babashe guhagarara imbere ye. Yoo ! Mbega ngo ndababona babuze ubwugamo mu gihe cy'umubabaro! Bari basuzuguye ibyo kwitegura, nicyo gituma batashoboraga kuronka ihembura abantu bese bagomba kubona kugira ngo bashobore kubaho barebesha Imana Yera amaso yabo...

“Nabonye ko nta muntu n'umwe washoboraga kugira umugabane ku ihembura atarabanje kunesha – inenge yose: ubwibone, kwikubira, gukunda iby'isi, n'ijambo ryose ribi n'igikorwa kibi.” -P.E,71

“Reka twicishe bugufi imbere y'Imana twiyiriza ubusa no gusenga, kandi dutekereze cyane ku byerekeye Ijambo ryayo, kandi by'umwihariko dutekereze kuby'urubanza.”-T.S.,652.

“Abadakesha imbaraga bakomeje, ahubwo bagategereza gusa ko Umwuka Wera waba ariwo ubahatira gukora, bazazimirira mu mwijima. Nti mugomba kwiwicirira mu mutuzo mutagize icyo mukora mu murimo w’Imana.” -Ch.S.228.

Umuntu yakwitegura ate?

1. Kwiga Bibiliya hamwe n’Umwuka w’ubuhanuzi

“Neretswe ko benshi mu bibwira ko bazi ukuri kw’iki gihe, batazi mu by’ukuri ibyo bizera. Ntibasobanukiwe n’imiterere y’ibyiringiro byabo. Nta gitekerezo nyakuri bafite ku murimo ugomba gukorwa muri iki gihe. Ubwo akarengane kazaza, mu gihe cyo gusuzuma uruhande abantu bahagazemo, hazabaho abantu bazasanga ko hari ibintu byinshi badashoboye gusobanura ku buryo buhagije, bona n’ubwo babwiriza abandi muri iki gihe. Ntibazamenya ubujiji bwabo bukomeye, kugeza ubwo bazageragezwa batyo. Na none kandi hari benshi mu itorero bibwira ko basobanukiwe n’ibyo bizera, ariko bakaba batabasha kumenya intege nke zabo, iyaba hatabagaho intambara. Ubwo bazatandukanywa n’abo basengana maze bikaba ngombwa ko basobanura ibyiringiro byabo bonyine, bazatungurwa no kubona ko bajijwe mu bitekerezo byabo k’ukuri bemeye.” -Tém.365,366.

“Abashaka kuzahagarara neza ku isaha y’ibyago bagomba, umuntu ku giti cye, gusobanukirwa n’ijambo ry’Umwuka.” -T.S.,608. “Abashakashaka ukuri bataryarya kandi bakihatira kweza ubugingo bwabo bumvira, baritegura urugamba kandi babona uburinzi nyabwo mu Mana y’ukuri.” -T.S.,608. “Abigana umwete Ibyanditswe bazasimbuka ubushukanyi buteye ubwoba buzigarurira isi yose.” -T.S.,678.

“Mu gihe cy’akaga nibwo hazamenyekana abantu bafashe Ijambo ry’Imana nk’umuyobozi. Mu mpeshyi, itandukaniro riri hagati y’igiti gifite amababi yihanganira izuba n’ikitihangana ntirigaragara; ariko iyo haje umuyaga kimwe gikomeza gutoha ikindi kigatakaza amababi yacyo.” TS.,652.

“Abazakomezwa no kwiga Ibyanditswe nibo bonyine bazashobora guhagarara badatsinzwe mu gihe cy’urugamba ruheruka... Isaha yo gufatirwa ibyemezo iri bugufi.” -T.S.,644.

“Musuzume mu Byanditswe! Yohana 5:39. Ntabwo muzaba mwiteguye kubona Yesu aje, niba mutazamuka ngo mugere ku rugero ruri hejuru cyane rwo gukiranuka mu mibereho yanyu ya gikristo.” -Tém.II, 379. “Mu gihe twegereza irangira ry’amateka y’isi, ubuhanuzi bwerekeye iminsi iheruka buradusaba kuba maso.” -P.E., 128.

“Umwuka w’Imana yamuritse kuri buri rupapuro rwose rw’Ibyanditswe Byera, ariko hari abantu bitagira icyo bihinduraho kuko batabyumva neza.” T.M., 112.

“Igihe Imana yohereje mu isi ubutumwa bw’ingirakamaro ku buryo ibugereranya n’abamarayika baguruka baringaniye ijuru, Imana isaba ko umuntu wese ufite ibitekerezo

bizima, yitabira kwitondera ubwo butumwa. Ibihano biteye ubwoba bihabwa abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo (Ibyah.14:9-11) byagombye kudutera umwete wo kwiga ubwo buhanuzi ku buryo bunonosoye kugira ngo tumenye ikimenyetso cy'inyamaswa icyo aricyo no kumenya uko twakirinda.”-T.S.,644.

“Nyamara, Ibyanditswe biduhishurira neza ahazaza nk'uko amagambo ya Yesu yabihishuriye abigishwa. Ibihe by'irangira ry'imbabazi hamwe n'umwiteguro ku bihe by'umubabaro ukomeye turabisobanurirwa neza. Ariko imbaga y'abantu benshi ntiyumva neza ibyo bintu nk'aho itabihishuriwe. Satani ashaka guhanagura kwibwira kose kwagombye guha abantu ubwenge bubakiza, kandi igihe cy'umubabaro kizasanga batiteguye.” -T.S.,644.

“Ibihe by'akaga biri imbere yacu. Abazi ukuri bose bagombye guhaguruka bagaha Imana umubiri, ubugingo n'umwuka byabo. Umubisha aradukurikiranye. Tugomba kurinda amazamu yacu, kandi tukambara intwari zose z'Imana. Dukurikize amabwiriza duhabwa n'Umwuka w'ubuhanuzi. Dukunde ukuri kwa none; tugushyire mu bikorwa. Bityo natwe tuzarindwa ubushukanyi bukomeme. Imana yavuganiye natwe mu Byanditswe, hamwe n'ibihanywe yahaye Itorero hamwe n'ibikoresho bidufasha kumva inshingano tugomba kurangiza ubungubu. Tugomba kwita ku miburo twahawe umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko. Nitutabyitaho, tuzireguza iki?” –Tém.III,329.

“Benshi bagenda mu cyerekezo kinyuranye n'umucyo Imana yahaye ubwoko bwayo, kuko badasoma ibitabo birimwo umucyo n'ubumenyi, bibaha kwirinda, inama n'imiburo.” -T.,391.

2. Umushyikirano n'Imana – Isengesho rifite imbaraga

“Mu gihe abizera bakomezaga gutakambira Imana, hari ubwo umwambi w'umucyo ukomoka kuri Yesu wazaga ukabageraho kugira ngo ubatere imbaraga, mu maso habo harabagiranyishwaga nawo. Nabonye ko bamwe muri bo batifatanyaga n'abandi muri uwo murimo wo gutakamba; basaga n'abatitaye kubyakorwaga ahabazengurutse. Ntibarwanyaga umwijima wari ubagose, ahubwo uwo mwijima wabafungiranaga nk'igicu cya rukokoma. Bityo abamarayika bihutira gutabara abarwanaga bakoresheje ingufu zabo zose bazitira abamarayika babi, kandi bakagira umuhati ubwabo wo gutakambira Imana bihanganye. Ariko abamarayika bo mu ijuru ntibari bitaye ku batakoraga uko bashoboye kose ngo birwaneho, maze hanyuma sinongera kubona abo bantu.”-P.E,270.

“Igihe kirageze cyo gusaba ubutabazi bw'Imana dukoresheje gutakamba kuranguruye. Urukundo rwa Kristo rugomba gukwira mu mitima kandi Umwuka we ugasukwa ku bantu kugira ngo bashobore kwitegura guhangana n'isaha y'urubanza.” -Tém.II,183. Tugomba kuba maso kandi tugasenga dufite imbaraga nk'izo Yakobo yagaragaje mu ijoro rye ry'umubabaro. Niturwana nkuko Yakobo yarwanye, nibwo imibereho yacu izahinduka kandi nibwo imyambaro yacu yanduye izasimbuzwa ikanzu

yo gukiranuka kwa Kristo. Amaherezo, ubwo tuzaba twagaragaje uwo mwiguro, amazina yacu nayo azahinduka.

3.Kwezwaho icyaha no kunesha intege nke zose.

“Iyo Yakobo ataza kuba yarihanyye uburiganya bwo kwiba ubutware bwa mukuru we, ntabwo Imana iba yaramukirije ubugingo. Ni nako bizagenda mu gihe cy’umubabaro. Iyaba icyo gihe, umukristo umaze kubabazwa n’umubabaro yari kuzabona imbere ye ibyaha biticujijwe, yari kuzacika intege.. « Satani atera abantu benshi kwibwira ko Imana itita ku buriganya bwabo mu tuntu duto duto two mu mibereho. Ariko, mu buryo yagenjereje Yakobo, Imana igaragaza ko itemera haba no kwihanganira ikibi. Abagerageza gutwika no guhisha ibyaha byabo cyangwa bakishimira ko bikomeza kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru biticujijwe ngo bibabarirwe, bazaneshwa n’umushukanyi.” -T.S.,672,673.

“Kubera uwo muni, uteye ubwoba kuri bose, Imana yihanangiriza ubwoko bwayo, binyuze mu Ijambo ryayo, mu magambo atera kuva mu bitotsi mu by’umwuka maze agatera gushakashaka mu maso hayo binyuze mu masengesho no kwicisha bugufi : Muvugirize impanda muri Siyoni, muvugirize induru ku musozi wanjye Wera ! -T.S.,335. “ Ariko n’ubu, nimungarukire , n’imitima yanyu yose, mwiirize ubusa murire muboroge !

Yoweli 2 :12.”

“Abakira ikimenyetso cy’Imana ihoraho kandi bakazarindwa mu gihe cy’umubabaro, bagomba kugira ishusho nyayo ya Kristo.” -P.E.70.

“Nta n’umwe muri twe uzakira ikimenyetso cy’Imana igihe cyose imico izaba igifite ikizinga cyangwa umwanda. Ni uruhare rwacu kurangiza inshingano yo kwikosora mu mico mibi yacu no guhanagura umwanda wose mu rusengero rw’umutima wacu, Ubwo nibwo imvura y’itumba izadusukwaho nk’uko imvura y’umuhindo yasutswe ku bigishwa ku muni wa pentekote.” -Tém.II, 77.

“ Marayika arambwira ati : Imana izungikanya ingorane kugira ngo ishyire mu igerageza umuntu wese wo mu bana bayo. Abantu bamwe bashakira kugendana n’Imana kugeza ku ntambwe runaka, ariko iyo ibasabye gukomeza bajya imbere, barabyanga, kuko bafite ikigirwamana imbere mu mitima yabo bakunda kuruta Imana. Ubwo nibwo Imana ibaha akanya ko kumenya impamvu ibabura kwiyegurira Yesu byimazeyo. Hari ikintu bimitse kuruta ukuri maze imitima yabo ntiyitegura kwakira Umutware. Bityo bose bakageragezwa mu gihe runaka kugira ngo Imana irebe niba bazarekura ibigirwamana byabo maze bagakurikiza inama y’Umugabo wo guhamya w’ukuri.” -Tém. I,70.

4.Kwitangira umurimo burundu

“Iyo umutima wirunduriye muri Yesu, imbaraga nshya irawuzura. Habaho guhinduka, umuntu bwite adashobora kwigezaho. Ni umurimo udasanzwe uzanira kamere y’umuntu igice kiruseho. Umutima wishyize muri Kristo uhinduka igihome cya Kristo bwite, yashyize mu isi yigometse; nta bundi butware bushobora kubutegeka. Umutima urinzwe utyo muri Kristo n’ingabo z’ijuru ntabwo uvogerwa n’ibitero bya Satani. ” - D.A.,324.

“ Iragize Imana uhereye mu gitondo ; kikubere icyifuzo cyawe cy’ibanze. Ishengesho ryawe ribe iri ngo: Mana, mfata nka gakondo yawe. Nshyize imigambi yanjye yose ku birenge byawe. Uyu muni nkoresha mu murimo wawe. Tura muri jye kandi ibyo ndibukore byose mbikoreshe nawe. Uwo niwo murimo wa buri muni. Buri gitondo, mwiragize Imana muri uwo muni. Muyegurire imigambi yanyu yose, isibire cyangwa ikorwe nk’uko Imana ibibereka. Ni mwirundurire mutyo mu maboko ya Data, imibereho yanyu izafata ishusho y’iya Yesu.” -V.J.,70.

“Icyifuzo cya Satani ni uko hatagira umuntu wumva akamaro ko kwirundurira mu Mana. Utirundurira mu Mana ntabwo aba yararetse icyaha; kwifuza kw’inda, irari bye, bigerageza gufata umwana wo hejuru, ibishuko bikijimisha umutima-nama maze guhinduka nyakuri ntikugerweho. Iyaba abantu basobanukirwaga n’intambara umuntu wese uhindutse vuba agomba guhura nazo arwana n’ububasha bwa Satani ashaka kumuyobya buri kanya, kumutwara, no kubeshya umwana w’Imana, bagombye gukorana umwete bafasha abakiri bato mu kwizera.” -Tém.,II.455.

5.Gukorana umwete umurimo wa Kristo

“Tugomba kumera nk’abantu bategereje Umwami wabo, tudapfusha igihe ubusa, ahubwo dukorana ukwizera n’umwete bidatezuka. Ntabwo iki ari igihe cyo gutwarwa n’amaganya y’ibintu by’agaciro kadakomeye.” Tém.II.,180.

“Umurimo Itorero rizaba ritaritayeho kurangiza mu gihe cy’amahoro n’umudendezo, bizaba ngombwa ko riwurangiza mu kaga gateye ubwoba, mu bihe byo gucika intege kuruta ibindi, mu bihe birusha ibindi kuba bibi. Imiburo izaba yaracecekeshejwe no kwifata nk’ab’isi izatangwa barwanywa bikomeye n’abanzi bo kwizera.”Tém. II,195.

“Nta gihe cyo gutakaza dufite. Iherezo riri bugufi. Bidatinze inzira ducamo izaba ikikijwe n’akaga hijya no hino. Umwanzi azakora ibishoboka byose kugira ngo afunge inzira y’intumwa z’Imana, ku buryo bitazashobokera gukora nk’uko babishobora ubu ngubu. Tugomba guhanga amaso ku murimo wacu uri imbere maze tukajya mbere vuba vuba uko dushoboye kose.”Tém.II,437.

“Kristo yabahaye impano abagabira ubuhanga n’ubushobozi. Yarababwiye ati : Ni muzibyaze izazo kugeza aho nzazira. Igihe umutware azaza kubabaza ibyazo kandi bese bakazahamagarirwa gutanga ibisobanuro bidakebakeba by’ukuntu bazaba barakoresheje

impano zabo, mbese wowe mwene Data ni mu buhe buryo uzorohere n'icyo kizamini.”
- 4T.,51.

6. Umurimo wo guteza imbere umudendezo w'idini

“Inshingano yacu ni iyo gukora ibishoboka byose kugira ngo tuzitire ikibi kitubangamiye. Tugomba kwigaragaza uko turi kugira ngo imanza mu mitima ziveho. Twagombye kuvuga ikibazo imbere y'abantu nk'uko kiri, nibwo buryo bukwiriye ku byerekeye kurwanya imyanzuro igerageza kubangamira ukwishyira ukizana mu byo kwihitiramo. Tugomba gusuzuma Ibyanditswe kugira ngo dushobore gutanga impamvu zo kwizera kwacu. Umuhanuzi aravuga ati : Ababi bazakomeza gukora ibibi, kandi nta n'umwe muri bo uzayamenya, ariko abanyabwenge bazayamenya. Daniel 12 :10 Tém.II ,181. Amasubi abiri akurikira akomoza ku igerageza ryabaye hagati y'umwaka wa 1885 na 1890, rigamije kwemeza Leta zunze Ubumwe z'Amerika, ishyanga rya gikristo hamwe no kuvugurura itegeko-nshinga ryazo, bityo rihindura ku rugero rukomeye ubutandukane bw'itorero n'ubwa Leta.

Igihe abashinga-mategeko b'igihugu bashakaga gufata ibyemezo byo gushyiraho urubibi mu byo umudendezo w'idini, bene Data b'abayobozi bagombye kumenya uko ibintu byifashe maze bagakora uko bashoboye kose kugira ngo bakome mu nkokora imigambi yabo. Ntabwo biri mu mugambi w'Imana ko umucyo wakwamburwa ubwoko bwayo. Niwo kuri kw'iki gihe ubwoko bw'Imana bukenye. Birababaje , kuko ababwirizabutumwa bashinzwe gutanga ubutumwa bwa marayika wa gatatu batumva mu by'ukuri icyo ubutumwa bukubiyemo. Iryo vugurura mu rwego rw'igihugu ryabonywe n'abantu bamwe nk'irifite agaciro gake ku buryo basanze atari ngombwa kuriha icyizere gikwiye, ndetse bibwiye ko byaba byiza bakoze batyo ; kuko kubitindaho kwari ugatakaza igihe cyo kwita ku bibazo bigaragara by'ubutumwa bwa marayika wa gatatu.” - Tém.II,376,377.

“Ariko kenshi abayobozi barashidikanya maze bagasa n'abagira bati : Ntidukabye kwihuta, ahari byaba ari ikosa ! Tugomba kwirinda kuvugiriza induru ubusa. Ayo mazinda n'uko gushidikanya ni ijwi ry'amahoro n'umutekano. Ntimwivumbure, ntimugire ubwoba. Icyo kibazo kiradushishikaje cyane. Uyu muvurungano wose uzashira. Uko niko ubutumwa bw'Imana busunikirwa mu gihe kizaza, maze umuburo ugenewe gukomeza amatorero ntugere ku ntego yawo.” - Tém.II,377.

“Nk'ubwoko bw'Imana, ntabwo twashohoje umurimo Imana yadushinze. Ntabwo twiteguye guhangana n'ingaruka zizakomoka mu gahato k'ikiruhuko cy'icyumweru. Ni inshingano yacu yo kujya ku murimo, uko ibimenyetso byo kurimbuka bigenda bigaragara. Ntawe ugomba kugendera k'ugutegereza ibimenyetso by'ibihe bikomeye by'ahazaza...

“Dusenge dufite imbaraga kandi dukore tutaryarya n'amashengesho yacu.” -Tém. II.,375. Reka Imana idufashe kwumva uburemere bw'ibihe turimo! Idufashe kuzirikana

ubuhenebere bukomeye bwacu mu by'Umwuka kandi idutere gushakana umutima wacu wose gusobanukirwa n'ibyayo, kugira ngo dushobore gusohoka tunesheje mu masaha aheruka y'igeragezwa!

UMUSOZO

Iki gitabo cyashyize imbere yacu ibihe bidasanze bigomba kubika isi kandi bikanyeganyeza Itorero ry'Imana mu gihe cy'amasaha aheruka y'igihe cy'imbabazi no kugeza ku iherezo ry'igihe cy'umubabaro.

Twabonye ukuntu Umwuka Wera ahagurutsa ubugorizi mu Itorero butewe n'ikibwirizwa cy'ubutumwa bw'Umugabo wo guhamya w'ukuri ku b'i Laodokiya hamwe no gutsindishirizwa kubwo kwizera.

Iri suzuma rusange ryihuta ryatweretse umurimo wo gushyirwaho ikimenyetso, riduha kuzirikana uburemere bw'isaha turimo. Ryadushubijemo imbaraga, ritwereka ibitangaza bikomeye bizakorwa igihe cy'imvura y'itumba, ubwo ubutumwa buzigishwa bufite umusaruro uhimbaje.

Twitegereje umurimo uteye agahinda w'ishungura, ritumenyesha akaga dushobora kugwamo niba tudashinga urufatiro rwacu ku Rutare rudahinduka mu bihe byose kandi ngo twirundurire mu bumenyi bw'ukuri kw'Imana.

Twabonye guteraganywa gutewe n'akarengane kagomba gusemburwa vuba bidatinze n'amategako y'icyumweru. Azabanza gushyirwa mu bikorwa muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika, hanyuma bizagera no mu bindi bihugu, ayo mategeko azageraho akururire abatayemera iteka ryo kwicwa. Ariko igihe kibi cy'ahazaza kiri imbere yacu, kimurikiwe n'amasezerano ahebuje y'uburinzi bw'Imana hamwe no gutabarwa guheruka.

Ibyiringiro by'uko abamarayika bera bazatabara abana b'Imana kandi ko kugaragara kudasanzwe ko kugira neza kw'Imana bizabashyigikira mu gihe cy'umubabaro n'ibyago, bisubiza muri twe ibyiringiro ku Mana Data wo mu ijuru w'urukundo rwinshi.

Guhinduka kwihuta kw'ibihe mu rwego rw'ubumenyi, politiki, ubukungu, imico n'imyifatire, idini, bisesengurwa buri muni n'itangazamakuru, radiyo na Televiziyo, bitwemeza ko turi mu masaha aheruka y'amateka y'iyi si, ko izuba ry'imbabazi riri hafi kurenga by'iteka ryose, kandi ko ijoro rigufi ribanziriza igitondo gitangaje rigiye gutangira bidatinze.

Ariko byaba bigenze bite, isaha iheruka y'isi cyangwa y'ubugingo bwacu bwite iramutse idutunguye nk'umujura wa nijoro, mbere y'uko twitegura? Kumenya ibyo bintu byonyine byaba bitumariye iki?

Imana irifuza bikomeye kutubona tuva mu kazuyaze no kudamarara kwacu kugira ngo twomatane n'inama y'Umugabo wo guhamya w'ukuri. Imana irashaka ko dutanga igihe gihagije cyo kwiga Bibiliya, gusenga, hamwe n'isuzuma ryitondewe ry'ibibazo byacu mu by'Umwuka. Imana iturarikira kutishingikiriza ku kutajya mbere kwacu mu by'Umwuka, ahubwo idusaba kwishingikiriza ku gukiranuka kwa Kristo. Irifuza kutubona dutsinze inenge zacu maze imibereho yacu ikagaragaramo ishusho ya Kristo uhora utunganye.

Ubuheruka, Imana irifuza bikomeye ko twaca ingoyi zose zikituboheye mu isi, ko twiyambura inarijye, kandi ko tumwegurira burundu imibereho yacu. Bityo igitangaza gikomeye cyo kunesha kizakorera muri twe.

Bityo, kubw'ubuntu bw'Imana, tuzaba twiteguye ibihe bikomeye bidutegereje, kandi urugero rwacu ruzatera n'abandi kwitegura batyo. Imana yateganyije ibyangombwa byose byatubashisha kunesha iteka ryose. Mbese ahari yashobora gushikamisha buri wese muri twe kuronka ubuntu bwayo, kugira ngo tugire umugabane ku bihembo by'iteka bizahabwa abanesha.

INGEREKA

Ibihe bikomeye by'imena bisohoza ubuhanuzi

Imbonerahamwe y'ibihe bikomeye bizaranga amasaha aheruka abanziriza kugaruka kwa Kristo nk'uko ubuhanuzi bubivuga, izanira ubyiga, guhumekerwamo n'umwuka wihariye; umuntu w'indorerezi y'indangare ashobora kugira akaga ko kutumva ubusobanuro bw'ibintu bigomba kubanza kubaho bidatinze, abifata gusa nk'aho bikomoka ku bintu bisanzwe. Bimwe muri ibyo bihe bikomeye bitwereka neza ko, ubuhanuzi bukomeye by'umwihariko buri mu nzira yo kugenda busohora. Kubw'ibyo, tuzarebera hamwe amagambo y'imena 11 yo mu Byanditswe hamwe no mu Mwuka w'ubuhanuzi, tugerageze kureba uburyo ayo magambo agenda asohora mu bihe turimo.

Umworera wuzura

Dusoma mu **intambara ikomeye** : “Abaprotestanti bo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika nibo bazabanza kurambura ukuboko hejuru y'umworera, bakira inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye hanyuma bakire n'ububasha bw'i Roma. Kubera ubwiyunge bw'ubwo butatu, Leta zunze ubumwe z'Amerika zizaba zigera ikirenge mu cya Roma, zizasiribanga uburenganzira bwo kwihitiramo.” -T.S., 637.

Biratangaje kubona ko karindari Cushing (soma Kushingi), mu nyandiko yandikiye abapasitoro, nawe yarifashishije iri jambo “Umworera” asobanura intera itandukanya ubuprotestanti n'ubugatorika.

“Mu binyejana bishize, habayeho guceceka gukomeye, cyangwa igisa no guterana amagambo asharira hagati yacu n'abitwa abakristo kimwe natwe. Reka habeho guceceka

cyangwa gusenyanana, hari hari umworera, turashaka kuwusiba.” Lettre pastorale du 06 mai 1960 (Ibaruwa y’ubushumba yo ku ya 06 Gicurasi 1960).

Umukuru Ralph D. Hyslop (soma Ralufu), umwigisha w’ishuri mpuzamadini akaba n’umuyobozi wa gahunda yo kwiga iby’iyobokamana muri kaminuza ya Union Theological Seminary (Ikigo gishinzwe kwigisha ubumwe mu by’iyobokamana), yafashe ijamba ku kibazo gihuriweho n’abigisha iyobokamana ku byerekeye ubumwe bw’itorero, ku Itorero ry’abaprotestanti b’abepisikopi b’i Heavenly rest (soma Hivenili resiti). Yagize ati : “Niba, mu by’ukuri, Kristo yarasigiye Petero n’abazamukurikira ubu butware bwa cyami, ubwo yari ashoboye gutanga adashidikanya, kugira ngo umuyobozi w’Itorero ryo ku isi ashobore kugira ububasha bwo guhagararira ukuri no kurwanya ikinyoma cyose,.. nicyo gituma kutumvira irarika ryuzuye urukundo ry’uhagarariye Kristo, biba ari iby’ubwenge buke... Mbese nshobora kongeraho ko kwigaragaza kw’amahame mu muntu kwagejejwe ku ntego ikomeye yako yo kwemezwa na Yohana wa 23, muri iki gihe cy’amateka ?” Catholic Review, 2 février 1962. (Ikinyamakuru gatorika, tariki ya 2 Gashyantare 1962).

“Umwepisikopi w’umumetodiste James K. Matthews, President w’inama y’amatorero y’i Massachusetts yagize ati : “Ubu ijwi riragenda ryumvikana buhoro buhoro ku buryo busobanutse, mu byo twagombye kwita umworera udutandukanya... ijwi rya Frere kandi ni ijwi ryagiye mu mpande zombi. Turabona ko uwo mworera udashobora kuba mugari nk’uko twahoze tubyibwira. ” -Liberty, Mai-Juin 1963, P.22 (Umudendezo, GicurasiKamena 18963 urupapuro rwa 22).

Intego iheruka y’ubugatorika ni iyo kunga ubumwe rwose no kwakira abaprotestanti bazagaruka mu muryango wa Kiriziya bakamera nk’abagatorika beza bumvira Roma. Muzirikane amagambo ya Padiri Francis J. Cornell waminuje mu iyobokamana muri Kaminuza Gatorika yo muri Amerika aragira ati : “ Ubwumvikane hagati y’abakristo ni intambwe ikubiye hamwe y’ingirakamaro, ariko intego iheruka y’ubumwe bw’amadini, nk’uko abagatorika babitekereza, ishingiye ku kwizera kumwe, uburyo bwo gusenga bumwe hamwe no kwemera ubutegetsu bw’ikirenga mu by’umwuka bw’umwepisikopi w’i Roma. Hakurikijwe amagambo ya karidinari Bea : Umurimo w’imena w’ubumwe bw’amadini bw’inama, uzaba uwo gutegura iby’ubwo bumwe Imana ishaka, ko hanozwa umubano hagati y’abagatorika n’abatari bo. Kandi Papa Yohana wa 23, ubwo yabwiraga bene Data bitandukanije na Roma yagize ati : Mbese dushobora kwiringira guhindukira kwanyu twuzuye urukundo rwa kibyeyi ! Ukuri kudusaba kumenyesha bene Data twatandukanye ko iyo ariyo mpamvu yihutirwa idutera kwinjira mu nama mpuzamadini, kandi ko tugaragaza ibyo, mu rwego rwo gushaka guhindura abaprotestanti bashyushye nabo. “ Byavuzwe mu kinyamakuru ” Christian Héritage , Juin 1964, P.5. (Umurage wa gikristo, Kamena 1964, urupapuro rwa 5). Dogiteri Tamburo w’itorero ry’abepisikopi yatanze igitekerezo kidasanzwe, ariko kigendana neza n’ubuhanuzi bwerekeye ubwiyunge hagati y’abaprotestanti na Roma. “Le Religious News Service”(ushinze umurimo w’amakuru y’idini) aragira ati: “Umupasitoro w’itorero

ry'abepisikopi yatanze igitekerezo cy'uko karinari Richard Cushing, arikepisikopi gatorika y'i Roma w'i Boston, yatumirirwa kujya mu mwanya uzasigarira aho mu gihe cyo gusezera kwa Arthur Lichtenberger, umwepisikopi w'itorero ry'abepisikopi.

Umukuru Wendell B. Tamburro, umuyobozi w'itorero ry'abatagatifu Inosenti, Highlands Falls, N.Y., yatanze iki gitekerezo mu ibaruwa yise “ lettre à l'éditeur” (ibaruwa ku mwanditsi) wa “living church” (imibereho y'itorero, (itariki ya 17 Gicurasi), ikinyamakuru cy'abepisikopi b'aho gisohoka buri cyumweru.

“Kuba umurimo w'umwepisikopi Lichtenberger utarakomeje, kubera impamvu y'ubuzima, “uteye ikibazo mu itorero”, niko umuyobozi avuga, nifuzaga kubona umutegetsi uteganyirijwe amasezerano rusange y'ubutaha, ku buryo tugaragaza ibitekerezo byacu ko karidinari Richard Cushing yaba umwepisikopi mukuru.

Pasitoro amenya ko iyaba kubwo kuyoborwa n'Umwuka Wera karidinari Cushing yabyemeraga, byaba bibaye urufunguzo rukomeye rwaba rukozwe mu bihome bya Kiliziya uherye mu bisekuruza byinshi. Yavugaga ku urwo rufunguzo rugomba uburenganzira bwa Papa Paulo wa VI, hamwe n'ivugururwa ry'amategeko y'itorero ry'abepisikopi.” –19 Mai 1964. (taliki ya 19 Gicurasi 1964).

Ni ibigaragaza ko amagambo yahumetswe ngo” ahari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira” arimo kugenda asohora. Iyo wiga kuri iyi ngingo “umworera wuzura “ shyiraho ibi: Filadefiya, Pa- igitabo gisobanura itandukaniro hagati y'abagatorika n'abaluteri cyabuzanjwe n'akanama k'abantu 21 bagize uburezi bwa paruwase y'itorero ry'abaruteri bunze ubumwe.”

“ Hazasobanurwa ko igihe icyo gitabo cyahabwaga uburenganzira, hari itandukaniro rikomeye ryorohejwe n'ibiganiro hagati y'ayo matorero na nyuma y'ubwumvikane.-Catholic Review, 1 janvier 1962” (Ikinyamakuru Gatorika, tariki ya 1 Mutarama 1962).

Mbese hari ubwo mushobora gutekereza icyo Maritini Luteri yari gukora ku cyemezo nk'icyo? Ubutandukane bwarorohejwe! Zirikana na none iyi nkuru yatugezeho binyuze kuri United Press International (Ishyirahamwe ry'amakuru mpuzamahanga): “Castel Gandolfo, mu Butariyani, 18 Kanama 1964 – Papa Paulo wa 6, ejo yakiriye mu biro bye G. Hawkins, prezida akaba n'umukuru w'itorero ry'abapresibiteriyene bunze ubumwe muri Leta zunze ubumwe z'Amerika. Hawkins, umwirabura wa mbere wagize umwanya w'ubuprezida, yari aherekejwe n'umukuru dogiteri Eugène Carson Blake, umunyamabanga w'inteko rusange y'abapresibiteriyene, hamwe na Richard L. Davies, prezida w'akanama mpuzabikorwa by'impuzamadini mu bapresibiteriyene.

Nyuma yo kwakira Papa n'abashyitsi be b'abapresibiteriyene bose hamwe basubiye muri Dawe wa twese. Havayo umwe hajyayo undi, abayobozi b'amadini y'abaprotestanti ku isi bafatanyije n'Inama nkuru y'amatorero ku isi hamwe n'inama mpuzamadini, bajya

i Roma... Ubwa mbere, gusesera buhoro buhoro no guca inkoni izamba k'ubuprotestanti bw'iki gihe bushoboza itorero ry'I Roma gucengera. Hanyuma y'ibyo, gusimbuza Ibyanditswe ubushake bw'itorero byateje imbere ubuprotestanti bwigenga, bugana mu ruhande rumwe n'urw'ubugatorika bw'i Roma, ku byerekeye amahame y'itorero." "Christian Beacon" Jeudi 27 août 1964 (hebdomadaire).[Kумыатса (clignoer) k'ubukristo ikinyamakuru gisohoka buri cyumweru ku ya 27 Kanama 1964].

Ntabwo ubugatorika buhinduka

"Ntabwo mu bihugu by'ubuprotestanti kimwe no mu by'ubugatorika buhamiriza ubusa ko ubuprotestanti bwari butandukanye buhoro n'ubugatorika mu gihe cyashize. Habayeho guhinduka, ariko ibyo ntibyavuye ku bupapa. Ubugatorika busa cyane mu by'ukuri n'ubuprotestanti bw'ubu, ariko ni ukubera ko ubuprotestanti bwagiye kure y'itangiriro ryabwo."T.S.,620.

Ikinyamakuru cy'isi kiraduha imiterere y'ukuntu ibintu byifashe, nk'uko abagatorika babibona hamwe n'isi yose muri rusange. "Muri iki gihe abagatorika baminuje mu by'iyobokamana barasabana mu bucuti n'icyubahiro kidasanzwe n'abaprotestanti baminuje mu iyobokamana. Uko guhinduka kuragaragara cyane kuruta kujya mbere k'ubwihanganirane; iyo ni ingaruka yo guhinduka kwabayeho mu buprotestanti, mu ruhande rumwe uko guhinduka guhuza amasomo yo muri Kaminuza z'abaprotestanti n'imihango y'itorero, mu rundi ruhande kandi kubera uruhare uko guhinduka gufite, gutera agasuzuguro gakomeye ku masomo Kaminuza y'iyobokamana gatorika." "-Time 30 mai 1960, cité dans "commonweal", hebdomadaire catholique (Byashyizwe mu kinyamakuru gatorika cyitwa commonweal gisohoka buri cyumweru).

"Uwarangije Kaminuza mu iyobokamana w'umugatorika wo mu rwego rwo hejuru aratanga igitekerezo cye ku buryo bushobora gutuma habaho guhinduka runaka mu myizerere y'abagatorika, mu rwego rwo koroshya kugaruka kw'abavandimwe twatandukanye." Aragira ati: "itorero gatorika riramutse riretse... amahame y'akamaro gakomeye karyo ko guhuza Imana n'abantu,.. ntabwo, mu by'ukuri , itorero ryaba rikiri gatorika. Mu nama mpuzamadini hari uburyo bumwe gusa abagatorika bashobora gucamo. Bagomba gusaba abaprotestanti kwihana imbere y'abagatorika." -Père Gustave Weigel, S.J. Woodstock College. "An American Dialogue", New York, Doubleday & C°, Inc; 1961, p.218,220. (Byavuzwe na Padiri Gusitave mu kiganiro cy'umunyamerika). Imyifatire y'izo nzego z'ubutegetsu igaragara ku buryo bukomaye muri "our Sunday visitor" (Abashyitsi bacu ba Dimanche): "Ubu ubuprotestanti bwarayobye nk'uko bwari bwarayobye mu 1517. Inshingano yacu tugomba kurangiza twebwe abagatorika ni iyo gukwirakwiza ijamba no gutuma Amerika yose ihinduka gatorika.. Padiri Isaka Hecker yashyizeho umutwe w'abapadiri b'aba Pacelistes mu rwego rugamije gutuma Amerika ihinduka gatorika. Bahora ku murimo kandi barawutunganya. Iyo niyo ntego yaburi mwepisikopi, padiri hamwe n'abayoboze bose mu gihugu. Nta mugatorika n'umwe ufite

ibitekerezo ushobora kurengera politiki yo koroshya cyangwa kwifatanya uko ari ko kose n'undi muryango utari gatorika.”-31 Juillet 1960 (Taliki 31 Nyakanga 1960).

Hashize igihe Madamu White avuze iby'iyi myifatire yo guhuza ubugatorika n'abaprotestanti bazakora umunsi umwe.

Imyifatire y'abaprotestanti imbere y'itorero ry'i Roma iratera imbere ku buryo butarondoreka muri iki gihe, kuruta ibihe byose byashize. Mu bihugu by'aho ubugatorika bugizwe n'abantu bake, kandi bukaba bwikurura muri ibyo bihugu kugira ngo buhigururire, kutavangura amahame yatandukanyaga amatorero avuguruye kurarushaho kugenda kwiyongera. Ndetse bagera n'aho batekereza ko kutavuga rumwe ku bibazo by'ibanze bidakwiye kwitabwaho nk'uko byahozze bitekerezwa, kandi ko imwe mu myizerere y'abaprotestanti yashoboraga gutuma haba ubwumvikane n'ubutegetsu bw'i Roma.” –T.S.,611.

Karidinari Agustin Bea, prezida w'ibiro by'ubunyamabanga bw'i Vatikani mu rwego rw'ubwiyunge bwa gikristo, muri Kaminuza y'i Harvard muri Werurwe 1963 yagize ati: “Twaba dukoze ikosa rikomeye turamutse dusubiye mu myifatire yashyizweho kandi yafunguwe ikaba ikurikizwa ubungubu n'itorero gatorika ry'i Roma mu nama mpuzamadini nk'umwiteguro waryo wo kubonera ibisubizo bimwe na bimwe mu migambi y'amahame riyemeje. icyo itorero ryiteguye gukora ni ugufata inshingano yo gutanga ibyifuzo bikomeye kandi bigezweho by'imigambi yaryo idakuka.” Cité dans “Cherch and State”, décembre 1963. (Byavuzwe mu kinyamakuru “ Itorero na Leta ”, Ukuboza 1963).

Kwanga itegeko-nshinga

“Igihe... igihugu cyacu kizareka buri hame ryose ry'itegeko-nshinga ryacyo rishingiye k'ubuyobozi bwa giprotestanti hamwe n'uburepuburika, igihe icyo gihugu kizemera ko hakwirakwizwa ibinyoma n'ibihendo bya Papa, ubwo tuzamenya ko igihe kigeze kugira ngo Satani asohoze ibitangaza bye, kandi ko iherezo riri bugufi.”-5T.,451.

Birashoboka ko urugero rukurikira rwaba ruri kure, rwo guhakana amahame ya kidemokrasiya muri Amerika. Nyamara ni ikimenyetso cyo kwibwira gushikamye gusangiwe na benshi. Umwanditsi, w'umuyezwiti agaragaza ko itegeko-nshinga ry'Amerika ari irya vuba aha kandi ko ritageragejwe bihagije: “Ntavuze kuramya, sindashobora kumva icyubahiro buri muturage wese wo muri icyo gihugu agerageza guha itegeko-nshinga ryo muri Amerika. “Birankerereza kubona umunyamerika ahaguruka akarangurura ati: “ Turashaka ubutabera. Turashaka ibitunganye. Kandi habure itegeko-nshinga ryo muri Amerika!”

Uko byamera kose, itegeko-nshinga ryo muri Amerika, n'ubwo rigize ibyangombwa by'icyubahiro, ryateguye mu gihe cyihariye cy'amateka. – Hashize hafi imyaka 180 gusa. Navuganye na Lord North sekuru yari yagerageje kubuza ibyihebe

by'abanyamerika. Buri bucyeye mva i Londres, naraye mu kigo cy'abihaye Imana b'abugustini, cyubatswe mu w'i 1248. Ahari nicyo gituma ntakunda guha agaciro ibintu bitamaze igihe kitari hejuru y'ikinyejana kimwe cyangwa bibiri." Le père Bernard Leeming, S.J; "The catholic News", Jeudi 25 Juillet 1963. (Byavuzwe na Padiri Berinaridi mu Amakuru gatorika yo kuwa gatanu tariki ya 25 Nyakanga 1963).

"Iryo sumbwe ryabyukijwe no kwifuza kubona umutungo wa guverinoma uteza imbere amashuri gatorika. Dutangazwa no kubona amategeko adakuka mu itorero gatorika ry'i Roma kuberekeye umutungo wa Leta. Ubuyobozi busuzumana icyizere icyo kibazo, bwemera ko uwo mutungo ari awa bwo ndetse ko buzawubona. Icyizere cy'isumbwe ry'itorero gatorika ry'i Roma gihora cyigaragaza. Igihe cyose itorero gatorika ry'i Roma risuzuma ikibazo cy'ubufasha bwa guverinoma ku byerekeye amashuri yaryo, ntirishobora kugaragaza agasuzuguro katihanganirwa ku byerekeye imbibi z'itegeko-nshinga ry'ubu. Ntabwo bikomeye guhara ukutihangana kwaryo hamwe no kwisubiraho kwaryo ku byifuzo by'abashobora kutemeranya naryo. Uwo mwuka ushobora kuba isoko y'imbaraga zizaherukwa no kwanga amahame y'itegeko-nshinga. Turebana impungenge uko iyo miterere ihuza n'imbonerahamwe yuzuye y'ubuhanuzi bwahishuriwe ibihe turimo.

Umutungo wa Leta ku miryango yigenga

Andi magambo avugwa n'Umwuka w'ubuhanuzi adutera gusuzuma icyemezo n'ubufasha Leta izaha Itorero hamwe n'amahame yaryo.

"Mu birimo gukorerwa muri Leta zunze ubumwe z'Amerika kugira ngo inkunga ku miryango no mu mirimo y'itorero bikomere, abaprotestanti baragera ikirenga mu cy'iRoma. Hari n'ibindi, barakingurira ubupapa urugi ruzabushoboza kubona ubutware bw'ikirenga muri Amerika bwatakaje mu Buraya." -T.S., 622.

Umwanzuro w'urukiko rw'ikirenga rwo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika rwemeza ko amategeko y'icyumweru aterwa n'ubutabera buhindagurika bugize intambwe yo gusohora kw'ayo magambo.

Niba iri jambo "imiryango" ryerekeye ku buryo bwihariye ku mategeko hamwe n'inyigisho z'itorero, kimwe no kubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru, rirakoreshwa na none, mu buryo bunyuranye itorero rikoresha, mu koroshya inshingano yaryo.

Tariki ya 10 ukuboza 1963, umushinga w'itegeko waremejwe, wemerewe ibigo by'amashuri kwiga babyishyurira no kubarihira ubukode ku ruhande rw'umutungo. Inguzanyo iteganiye kubw'iyo mpamvu igera kuri miliyari imwe na magana abiri z'amadorari. Na none uwo mutungo washobozaga ibigo byigenga kuzamura inyubako zidafite aho zihuriye n'iby'idini. Muri iki gihe biragaragara ko igipfunsi gikomeye kizatandukanya itorero na Leta kizaba gitewe n'icyo cyifuzo cy'umutungo w'igihugu mu ruhande rw'abayobozi b'amatorero.

Muri 1963, umucamanza Douglas, mu ijambo bise Abington schempp, yamenyesheje ko: “Uburyo burusha ubundi gushinga ikigo runaka ni ubwo kugiha umutungo; kandi uko kuri kugaragarira mu irarika ry’amatsinda yigenga asaba umutungo wa Leta mu rwego rwo guteza imbere amashuri agengwa n’amadini. Nk’uko numva ibivugwa ku bigo, binyuranye n’itegeko-nshinga kugenera itorero umutungo, haba mu mirimo y’iby’iyobokamana cyangwa indi mirimo. Ibi bikomozwa ku ngingo ya mbere y’itegeko nshinga rya Leta zunze Ubumwe z’Amerika rivuga ngo: “Ntabwo inteko izagira itegeko ku byerekeye ikigo cy’idini cyangwa kukibuza gukora ibyo cyishakiye.” Iyo ngingo igize iteka ry’uburenganzira bwakoreshejwe mu 1791. Mu rwego rw’ubukorikori, birashoboka rwose gutandukanya ingengo y’imari y’idini hamwe n’iy’ishuri. Ariko ikigo gikoze ubumwe budatandukanywa, umuryango ufite ubuzima, ushyigikirwa utyo n’abawinjiyemo bashya, iyo utewe inkunga mu buryo runaka n’amwe mu mashami yawo awuha umusanzu utagize aho uhuriye

n’uw’ubunyamuryango.”

Ubwo yari akiri Prezida wa Kaminuza ya Brigham Young i Pravo, muri Utah, dogiteri Ernest Wilkinson yagaruriye Leta inguzanyo zikomatanze zagenewe Kaminuza ye. Umubare wayo mafaranga wari ugeze ku madorari 3.750.000 nyuma y’igihe kingana n’imyaka itanu. Twizere ko hazakomeza kubaho ibirenze ibyo mu gihe kizaza by’abigisha b’amadini bagize ubutwari bwo kwanga amafaranga ya Kayisari.

Amategeko y’icyumweru ajijisha

“Iyamamazwa ry’icyumweru ririshakashakira inzira ahatagaragara. Abayobozi barahisha ingaruka nyakuri zaryo, kandi benshi mu bafatanyabona muri ibyo, ntibabona ubwabo icyerekezo cy’umuraba ukaze kandi utigaragaza.”-5T.S.,452.

Tariki ya 29 gicurasi 1961, urukiko rw’ikirenga rwo muri Leta zunze ubumwe z’Amerika rwemeje ko amategeko y’icyumweru ahindutse itegekonshinga. Ku buryo bugaragara, umufasha w’umucamanza w’urukiko rw’ikirenga muri Leta zunze Ubumwe z’amerika ararangurura mu magambo y’umuja w’Imana kugira ngo ashimangire guhakana kwe ku byerekeye ibyifuzo by’urukiko ku mategeko y’icyumweru.

“Kubera ko urukiko rusa n’uruvuga ko nta cyubahiro na gike gihabwa ahirengeye, rwemereye ukwishyira ukizana mu by’idini mu gihe cyashize, ko inyungu y’ibintu iyo ariyo yose izasobanura uburiganya bw’ibikorwa by’idini, ko icya ngombwa ari uko ubwo buriganya bwahishwa bugatwikirwa n’imigambi runaka ya rubanda itari iy’idini.” Le procureur Brennan, Braunfield V. Brown, 29 Mai 1961 ! (Umucamanza mukuru Brennan, Braunfield V. Brown, 29 Gicurasi 1961).

Mu Mwuka w’ubuhanuzi dusomamo amagambo “igicucu”, “kujijisha” kandi twahumvise ijwi mu magambo y’umucamanza w’urukiko rw’ikirenga: “gihishe”,

“gitwikiriwe”. Mu by’ukuri aha harebana no gusubiramo gutunguranye kw’igitekerezo ku bantu babiri batigeze bagirana umubonano kuva mbere.

Dogiteri Melvin Fomey, uwahoze ari umunyamabanga nshyiramubikorwa w’urugaga rw’abashyigikiye Dimanche, yanditse mu mugabane wa Leta w’urugaga, Lord’s Day Leader” (Abarwanashyaka b’umunsi w’umwami) ati: “Inzitizi ya gatatu ikomoka imbere mu itorero rya gikristo. Hari umubare muto w’abapasitoro hamwe n’abandi bayobozi ba gikristo... bibwira ko tudafite uburenganzira bwo kwemeza abandi ku ngufu umunsi wacu wo gusenga. Bavuga ko kubahiriza ibyo gusenga ari ikibazo kireba umutimanama kandi ko umutimanama wacu wagombye ubwawo kuba ariwo uca urubanza. Ako gatsiko kari imbere mu itorero nubwo ari gato bwose ni ishingiro ry’impamvu ikomeye y’impungenge.”

Dogiteri Fomey araca akarongo ku gaciro k’idini mu mategeko ya Dimanche. Mu gihe cyakurikiyeho, ubwo bamubazaga impamvu umuryango we utagaragaje icyo cyifuzo imbere y’urukiko rw’ikirenga igihe basuzumaga iby’amategeko y’icyumweru, Dogiteri Fomey yaranditse ati: “Kimwe n’umuryango uwo ariwo wose, twirinze gushyira ibyangombwa by’umuntu ugira inama ushinze kuburanira abandi, kubera ko twasanze byari iby’ubwenge kugaragaza igitekerezo ku byerekeye umunsi w’umwami werekanwa nk’aho ari itegeko rya Leta aho kuwerekana mu rwego rw’idini Mars 1961. (Werurwe 1961).

Ni muri ubwo buryo amategeko y’icyumweru yerekanwa ameze nk’ibyemezo byo kwitungira amagara no kutugirira neza, mu gihe bahisha ingaruka nyakuri zayo. Prezida Warren yemera ko amategeko y’icyumweru yatangiye n’idini, ariko akomeza avuga ko icyo gihe ayo mategeko yari imyanzuro yoroshye y’abanyuranyaga n’amahame. Umucamanza Douglas ntiyabyemeraga kandi yashyigikiraga ko amategeko y’icyumweru azakomeza kuba ay’idini nk’uko inkomoko yayo iri.

Dogiteri Samuel James, wari umunyamabanga ushinze gushyira mu bikorwa iby’urugaga ruhanira umunsi w’umwami rw’i New Jersey muri icyo gihe yanditse amagambo yise “Jamais le Dimanche” (ntibibaho Dimanche) mu kinyamakuru “Christianity Today” (Ubukristo bwa none) cyo ku ya 26 Ukuboza 1962. Nubwo imiterere y’urwo rugaga yaba yaragaragaje inshuro zirenze imwe agaciro k’amategeko y’icyumweru kugira ngo arengere ukwera kwa dimanche, interuro ya mbere y’inyandiko yari iyi: “Hagombye kuvugwa ubwa mbere n’ubwa nyuma ko mu gihugu cyacu amategeko y’icyumweru atari amategeko y’idini.”

Nandikiye Dogiteri James ibi ngira ngo mwereke uko amagambo ye atarimo ukuri: Hakomeza kuvugwa ko amategeko y’icyumweru atakiri amategeko y’idini. Nta guhishahisha na kumwe gushobora kuzahanagura ubusobanuro bushingiye ku idini ku mategeko y’icyumweru.

Nubwo Yakobo yifurebye uruhu rw'intama ku maboko ndetse akiyambika imyambaro ya Esau, ibyo ntibyigeze bihindura ijwi rye cyangwa ngo bihindure ubuhererezi bwe. Muri ubwo buryo, nta kwiyoberanya uko ariko kose Leta yakora, kwazashobora guhishahisha itangiriro ry'iby'idini ry'amategeko y'icyumweru, aho amateka yabyo yanditswe mu myaka magana atandatu, y'amategeko y'idini, cyangwa kumaraho guhinda gukabije no kwasama kw'amajwi yayo. Amashyirahamwe y'abakozi, imiryango y'ubucuruzi hamwe n'amashyirahamwe y'ubucuruzi yarariganijwe. Babijeje ko amategeko y'icyumweru yari imyanzuro ya Leta igenewe kuringaniza imirimo y'igihugu. Kandi uko niko ubuhanuzi bwari bwarabivuze ku buryo budasubirwaho.

Kwamamaza ukuri kw'isabato

Ko Ibyanditswe bivuga amategeko y'icyumweru kandi Umwuka w'ubuhanuzi ukaba warasobanuye neza gutorwa kw'iteka rya dimanche muri iyi minsi iheruka, ni kuki abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bazanga kumvira ayo mategeko? Mbese imbaraga z'abo ntizitinda gusohora k'ubuhanuzi, Ni kuki ahubwo hatabwo gukora tugendana n'amategeko y'icyumweru atagerura? Mbese abadivantisiti bu munsi wa karindwi bakorana n'Imana igihe banyuranya n'ibihe bikomeye byahanuwe? Ndetse kandi, ni kuki Imana yemera ko amategeko y'icyumweru abaho? Umuja w'Imana arasubiza: "Mu bwenge buhanitse bwayo, Imana iradutambutse kure. Yemeye ko icyo kibazo cya dimanche kiza mu mwanya wa mbere kugira ngo isabato y'itegeko rya kane ishyirwe imbere y'inama nshinga-mategeko; bityo abayobozi b'amahanga bashobore kwita ku buhamya butanzwe n'Ijambo ry'Imana burengera isabato nyakuri. Niba ubwo buhamya butabahindura, buzabaciraho iteka."-M.S.16,1890.

Umutware w'i Massachusetts yashyizeho akanama mu rwego rwo kuvugurura amategeko ashaje y'icyumweru muri Leta ye. Umupasitoro Merle Mills, Prezida w'ishyirahamwe ry'amajyepfo yo mu Bwongereza bushya, yatorewe kuba umwe mubagize ako kanama. Mu gihe cy'umubonano wa mbere, umunyamuryango wese yagaragaje uruhande arimo ku byerekeye amategeko y'icyumweru. Nyuma y'iteraniryo, umuntu umwe yegereye Pasitoro Mills, maze amufata ukuboko amubwira ashize amanga ati: "Ni hehe ukura igitekerezo cy'uko Samedu ari umunsi w'isabato?" Aho niho huzuriye igice cy'amagambo yari yavuzwe haruguru.

Umutware w'i Maryland nawe yashyizeho akanama gashinzwe kwiga amategeko y'icyumweru. Ako kanama kavuze ibyo umubonano kuri bose, ugamije gushoboza abantu gushyira ku murongo ibitekerezo byabo ku byerekeye amategeko y'icyumweru. Mu gihe cya nyuma ya saa sita cyose, havuzwe amagambo amwe ashigikira, andi arwanya amategeko y'icyumweru. Ku iherezo, Prezida arahindukira areba bagenzi be maze aravugira ati: "Mu gihe cya nyuma ya saa sita cyose twakomeje kumva icyifuzo kimwe gusa ko amategeko y'icyumweru ari ay'idini. Iyaba twashoboraga gutuma itegeko ry'icyumweru ridashingira ku by'idini, nta ngorane twakongeye kugira."

Icyo gihe, umuntu wari mu mfuruka y'icyumba arahaguruka maze asaba uruhushya rwo gutanga icyifuzo cye kuri iyi ngingo. Baramukundira. Avuga amagambo akurikira: “Ndi umukuru Frank Brassington, pasitoro w'itorero ry'ababatisita ry'i Silver spring. Bwana Prezida niba ukeneye ibihamya byanditswe kuri iyo ngingo yo gukomeza isabato, ndagusaba kwegera inshuti zacu z'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi. Kuko nk'uko ubyibonera Bwana Prezida, ushobora gusoma Bibiliya yawe kuva ku itangiriro ukageza ku iherezo, ntabwo uzigera ubona ijamba haba na rimwe ryeza icyumweru nk'uko umunsi w'isabato uri. Nicyo gituma mushobora gutora amategeko mushaka yose y'icyumweru, ariko nta kwera habe na guke icyumweru kigira.”

Mu gihe izo nama ku byerekeye icyumweru zirimo gukorwa hose mu gihugu, biratunguranye kubona umubare w'abakozi bo mu nzego zo hejuru bibwira ko dimanche ari umunsi wa karindwi w'icyumweru. Nk'uko imvugo y'ubuhanuzi yavuzwe haruguru iri, ikibazo cy'amategeko y'icyumweru kizigwaho kugira ngo gitume abo bantu bumva isabato y'ukuri.

Ivugabutumwa rikingurirwa urugi

“Ababwirizabutumwa bagombye kuboneka ahantu hose imitima y'abantu yiga ku kibazo cy'amategeko ya dimanche hamwe n'inyigisho z'idini mu mashuri ya Leta.” – 9T.,51.

Umujyi w'i Shreveport muri Lousiane, wateguye itora ku byerekeye iteka kuri Dimanche. Mbere y'itora, abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bari batangije umubare runaka w'ibiganiro babinyujije kuri radiyo no kuri televiziyo ubwo bashyiraga ku mugaragaro umugambi nyakuri w'itegeko ry'icyumweru hamwe n'impamvu zatumaga batabyemera.

Hanyuma y'iminsi ibiri y'amatora, twabonye ibaruwa ifite amagambo amwe agira ati: “Nk'umwigisha w'ishuri rya dimanche, nanejewe cyane n'uko igihe mwatambutsaga ibiganiro kuri televiziyo mwavuze ku byerekeye isabato y'umunsi wa karindwi. Ishuri ryanjye rimaze kwiga amategeko cumi kandi tugerageza kuvumbura icyo Imana idushakaho. Mbese byabashobokera ko mwadusobanurira neza uko mwebwe mubona itegeko rya kane? .. Byaba biteye akaga Umwami aramutse asanze dukomeza umunsi w'ibihimbano ubwo azaba agarutse!:

Pasitoro avaho, maze asanga agatsiko k'abantu 135 bifuza kubona inyigisho za Bibiliya buri cyumweru. Kubera inyungu zishingiye ku itegeko ry'icyumweru, itorero ryarahanzwe muri urwo rugaga.

Amasomo nk'ayo, atera kwibuka umurimo w'Umwuka Wera mu itorero ry'intumwa, ashobora kwiyongera niba ubwoko bwacu bugira amaronko mu cyitwa inyungu zizanwa n'amategeko y'icyumweru.

Itegeko-nshinga rihindura amabwiriza y'idini

Mbere y'irangira ry'ikinyejana gishize, habayeho iyamamaza rigenewe kongera inyandiko ku itegeko nshinga ryo muri Amerika, muri ryo, Leta zunze Ubumwe z'Amerika zaba zaramamajwe ko ari ishyanga rya gikristo, muri "Review and Herald" (Urwibutso n'Integuza), Ellen G. White yanditse kuri iyo ngingo ati: "Barahatira inama y'abategetsi kwemera ko itegeko-nshinga ryacu rihinduka. Nibyemerwa, bizavukamo agahato... Mbese tuzemera ko guhindura amahame y'idini gusohora kugira ngo guhindure inyungu hamwe n'uburenganzira byacu, kuko dukomeza amategeko y'Imana? Reka Imana idukure mu bitotsi twaryamyemo uhereye imyaka myinshi." 18déc.1888 (18 Ukuboza 1888).

"Iyaba abagize buri torero ryacu bose bari barashoboye kuzirikana imirimo itangaje ikorerwa mu gihugu cyacu muri iki gihe, ku byerekeye guhinduka kw'amahame y'idini, iyaba bari barabonye ubuhanuzi bwuzura ku buryo bugaragara kandi budasubirwaho, kandi iyaba bari bahagurutse kugira ngo bakemure ibibazo biteye ingorane, ntibagombye kuba, muri iki gihe, bari mu bitotsi nk'ibyo cyangwa ngo bahame mu bitotsi nk'iby'umuntu wapfuye." -Ibid.(bisobanurwa ngo: Aya magambo aboneka hamwe n'aya ayabanziriza).

Mu gihe kirenze igisekuruza, guhindura amahame y'idini byasaga n'ibidashobora kubaho. Nyamara, uhereye ubwo hafatwaga imyanzuro y'urukiko rw'ikirenga mu rwego rwo gusenga no gusoma Bibiliya mu mashuri ya Leta, bongeye gusaba bundi bushya guhindura amahame y'idini mu rwego rw'itegeko-nshinga. Nyuma y'itangazwa ry'umwanzuro w'urukiko, uturere tumwe na tumwe tw'igihugu twahindutse igikari cy'ibikorwa by'umutima uhubutse.

Nubwo imishinga 140 y'amategeko yerekanywe mu 1964 mu nama y'abategetsi mu rwego rwo guhindura itegeko nshinga, bitaye ku buryo bwihariye ku mushinga, uzwi mu izina ryo gutunganya kwa Becker. Mu guhitamo kwe, M. Becker ntiyibanze ku kwemeza amasengesho cyangwa se gusoma Bibiliya mu mashuri yigenga. Nk'uko icyiciro cya kabiri cy'umushinga we kiri, guhinduka kw'itegeko-nshinga kwasomwa ku buryo bukurikira: "Icyiciro cya kabiri. Nta mpamvu n'imwe muri iryo tegekonshinga izarwanya ko abantu bagendera ku kwizera Imana cyangwa kwizera ikirenga mu bibaho, ku cyizere dushobora gushyira muri yo cyangwa gusaba inkunga yayo, mu bitabo ibyo aribyo byose, imikorere, imirimo, imihango, ibigo by'amashuri, byaba mu rwego rw'ubutegetsi cyangwa ubwa Leta, cyangwa ku ifaranga iryo ariryo ryose, agaciro, cyangwa inshingano ya Leta zunze ubumwe z'Amerika."

Mbese iyi mvugo: "Gusaba ubufasha bw'Imana... mu mihango iyo ariyo yose... y'ubutegetsi" yageze aho ishoboza ko misa ya gatorika y'i Roma yavugwa cyangwa se umurimo w'ivugabutumwa w'abaprotestanti washyirwa imbere y'urwego rwa guverinoma?

Mu gihe cy'ubuhamya bwa M. Becker imbere y'inama y'ubutabera y'igihugu, bamubajije ukuntu amasengesho yaba yaratowe n'amashuri. Amaherezo yaje kwemera ko amasengesho azarekerwa mu inshingano y'inama y'ishuri y'aho hantu. Ubwo bamubazaga icyo ababyeyi bazakora niba batemeye amasengesho cyangwa umurongo wa Bibiliya basoma ku ishuri, Bwana Becker yasubije ko ari iby'inyungu gukuraho iyo nama hakoreshejwe itora maze hagatorwa indi. Bityo iyobokamana ryashoboraga kwivanga muri buri cyiciro cy'inama y'ishuri. Nk'uko hari ibyiciro bito bya Kaminuza muri Leta zunze ubumwe z'Amerika ibihumbi mirongo itanu na magana ane na mirongo itanu na kane (50.454); dushobora guteganya ko ibyo byiciro bishobora gutera amakimbirane y'idini ibihumbi mirongo itanu (50.000).

Mu by'ukuri, buri mwarimu yagombye kwibona ahagaze imbere ya kimwe mu bibazo byerekeye idini. Byagombye gutuma afata umwanzuro hagati yo gusubira mu isengesho rivuye ku mutima cyangwa gukoresha umurongo wa Bibiliya wanditswe. Buri munyeshuri yagombye kugira intugunda nk'izo, mu mutima we, igihe cyose yasabwa kugira umwanya mu myitozo y'idini. Mu by'ukuri, Bwana Becker yari yarateganyije ko amasengesho ye atazigera arangwamo agahato. Ariko inkiko zo muri Amerika zemeje ko agahato rubanda rushyira ku bana hamwe n'icyifuzo inkiko zifite cyo kwemerwa na bagenzi babo byari kubuza abana benshi kwihitiramo uko babishaka.

Amabwiriza y'idini ahabwa ububasha bw'amategoko

"Igihe Leta zunze ubumwe z'Amerika zizakoresha amahame yemeza ko itorero rishobora kugira ububasha bwa Leta, rikandikisha amabwiriza y'idini mu mategeko ya Leta, mu ijamba rimwe, guha itorero na Leta uburenganzira bwo gutegeka imitimanama, ubwo nibwo kunesha kwa Roma muri icyo gihugu kuzaba kudashidikanywa."-T.S.630.

Ubwo urukiko rw'ikirenga rwemeraga ingingo z'amategoko y'icyumweru havuzwe ko aya mategeko ari ay'idini. Ku buryo bunyuranye n'ubwo, umucamanza Douglas yahakanaga ko ayo mategeko ataraba ay'idini. Nubwo umubare mwinshi w'ibihamya wagaragaye, urukiko rwemeje ko amategoko y'icyumweru yajyaga kuba aya Leta. Muri ubwo buryo ububasha bw'amategoko bwari bumaze gushyigikira imishinga y'amategoko y'icyumweru.

Mu mwaka wa 1962, muri Massachusetts, ihindurwa ku mategeko y'icyumweru yariho muri icyo gihe ryaba ryaratumye abakomeza umunsi wa karindwi bafungura amaduka yabo ku cyumweru.

Ibi byemejwe n'inama y'ubuyobozi bukuru bw'igihugu, tariki ya 7 Kamena 1962, mu bwinshi bw'abantu 21 babyemeye kuri 14 babihakanye.

Inyandiko yahise iboneka ako kanya mu kinyamakuru "pilote" cya Arikidiosezi gatorika, ishotorana umujinya abagize inama y'ubuyobozi bukuru bari batoye iryo hinduka. Izina ry'abagize inama ryari ryanyujijwe mu icapiro kandi babasezeranyaga ko

batazabibagirwa mu gihe cy'amatora yari kuzakurikiraho. Iyo nyandiko yagiraga iti: "abagize inama bemeye ibintu bizakuraho gukomeza dimanche mu rwego rwo gushyigikira abasenga Samedi – cyane abayahudi n'abadivantisiti. Aho, byagaragaraga mu by'ukuri ko impamvu y'idini yatsinze.

Dimanche ikurikiraho, abagatorika bakurikiraniraga hafi umurimo w'idini wabereye ku butaka bw'i Boston, bese bemezwa kubonana n'abagize inama y'abayobozi bakuru babo mu rwego rwo kongera gusuzumira hamwe iryo hinduka. Havuzwe ko berekanye guhagurukana uburakari bufite uburebure butihanganirwa.

Lundi (kuwa kabiri) mu gitondo batoye isubiramo ry'ibyahinduwe, kandi nyuma yo guhererekanya kugufi kw'amagambo, iryo teka ryakuweho n'amajwi 31 ku 8.

Dufite ubuhanuzi imbere yacu. Dufite kandi ibihamya simusiga ko amabwiriza y'idini ashobora kuzashyigikirwa n'itegeko. Ijambo ry'Imana ni iry'ukuri, kandi gusohora kwaryo ntigusubirwaho.

Abana b'Imana bitwa abanzi b'amategeko n'umutekano

“Abubahiriza umunsi w'ikiruhuko w'Uwiteka bazafatwa nk'abanzi b'amategeko n'umutekano, nk'abasuzugura amategeko mboneza-mubano, abateza umuvurungano n'ubuyobe kandi ko aribo ntandaro nyakuri y'ibihano by'Imana. Kutarenga kubyo bemera kwabo kuzatuma babafata nk'ibyigomeke, maze bazabarega ko batitaye kandi ko basuzuguye Leta. Ababwiriza bahamya guhinduka kw'amategeko y'Imana, bazavugira hejuru y'uruhimbi, bemeze inshingano yo kumvira ubutegetsu bwa Leta kuko bwashyizweho n'Imana.”-T.S.641.

Isuzuma ry'amatangazo abiri avuye ku bayobozi b'Itorero araduha igitekerezo cy'ukuntu ayo magambo ashobora gusohora. Reka tubanze tuzirikane amagambo ya Karidinari Cushing: “Abagatorika bo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika batekereza kimwe nanjye ko, ikintu kimwe gishobora gukiza Amerika y'ubulatini bona no mu mibanire yayo n'igihugu cyacu, ko ari iyobokamana rya gatorika. Niryo pfundo risangiwe na bese.. Amadini amwe n'amwe atari aya gatorika, nk'abahamya ba Yehova, abadivandisiti b'umunsi wa karindwi n'abandi bakabya, bakora ikibi kitagira akagero basenya kwizera kw'abakene. Nta kindi bakora uretse guha inzira ingabo z'abakomunisiti.” -Cardinal Cushing, cité dans “sign”, revue catholique, octobre 1961, P.73. [Byavuye mu kinyamakuru gatorika bita signe (soma sinye) ukwakira 1961.]

“Igihe tureka ko dimanche ihinduka nk'undi munsi w'akazi uwo ariwo wose, tuba twigana gahunda y'abakomunisiti batemera Imana kandi tuba tugaragaje na none ubwenge buke cyane duhamya ibitashoboraga gukorwa, nk'uko bo ubwabo babyibonera.” -Evêque Marshall Reed, “ The Michigan Christian Advocate, 13 Mars 1958. (Byavuzwe n'Umwepisikopi Marshall Reed mu Abarwanashyamba ba Kristo b'i Michigan”, 13 Werurwe 1958).

Birashoboka ko ibi byadufasha gusobanukirwa n'amagambo ya Ellen G.White agira ati : “ Muri iki gihe ubuprotestanti burabona agatsiko gato k'abakomeza isabato kameze nka Moridikai. ” 5T. 450. Noneho dusuzume ubuhanuzi buheruka bw'iki cyiciro.

Satani agerageza kunaniza gukomeza isabato

Ntabwo amagambo ya Satani akunda kuvugwa kenshi, haba muri Bibiliya cyangwa mu Mwuka w'ubuhanuzi. Ibyanditswe biyasubiramo inshuro eshatu gusa: muri Edeni, mu gihe Yobu yageragezwaga hamwe n'igihe Kristo yageragezwaga. Mu abahanuzi n'abami, Ellen G. White, ku buryo bunyuranye n'akamenyero ke, arasubira mu magambo maremare cyane ya Satani. Dore amwe muri yo: “Bityo, isi n'ijuru bizaba ibyanjye; jye (Satani) nzaba umukuru w'isi, nzaba umutware wayo. Nzagira uruhare ku mitima ku buryo isabato izahinduka ingingo isuzuguritse byihariye. Ikimenyetso? Nzatuma gukomeza umunsi wa karindwi biba ikimenyetso cy'agasuzuguro imbere y'abategetsi b'isi. Amategeko y'abantu azaba aremereye cyane ku buryo abantu batazagerageza gukomeza isabato, kugira ngo batabura ibiryo hamwe n'imyambaro. Abizera bazifatanya n'abisi mu kwica amategeko y'Imana. Isi yose izaba munsi y'ubutware bwanjye.” PR,138.

Vuba aha ubutegetsu bwageze aho buvuga ko itorero gatorika ry'i Roma rirebana n'ikibazo cyo guhinduka kw'isabato. Mu ibaruwa ye yandikiye Papa, “Mater et MAGISTRA (umutware n'umucamanza) , Papa Yohani wa 23 yanditse agira ati : “Nta gihe itorero ritaciye akarongo ku kamaro k'itegeko rya kane : Wibuke kweza umunsi w'isabato ry'abantu bose bagomba gukomeza.”

“Turasaba abantu bose, tuvuga amagambo y'Imana bwite, baba abakozi ba Leta cyangwa abahagarariye inzego z'ubuyobozi cyangwa iz'abanyakazi, ko iryo tegeko ry'Imana hamwe n'iry'itorero gatorika ryakumvirwa, kandi bemere badashidikanya mu mitima yabo ko bafite inshingano imbere y'Imana n'imbere y'abantu bose kuri iyo ngingo.”

Mu gihe cy'ikoraniro rya kabiri ry'inama y'i Vatikani ya kabiri, tariki ya 25 Ukwakira 1963, icyifuzo cyatowe n'amajwi 2058 bemeye kuri 9 bahakanye ku byerekeye ingengabihe ihoraho yagenewe kugena itariki ya Pasika. Mu kinyamakuru “The christian century” (Ikinyejana cya gikristo), cyo ku ya 13 Ugushyingo 1963, ijamba rifitanye isano n'icyo cyifuzo cy'inama, ariko by'umwihariko ku byerekeye igenwa ry'itariki ya Pasika, cyari cyanditse gitya: “Turateganya ko, ikoraniro mu rwego rw'isi ry'abahagarariye amashyirahamwe ya gikristo atari amwe ryabaho kugira ngo ribyaze kandi rigeze ku rugero rukuru imigambi yatangijwe na vatikani ya kabiri.” Ingingo ebyiri zikwiye kwitonderwa. Mbere ya byose, umuyobozi w'itorero gatorika agenera itorero rye icyubahiro (ikuzo) ryo kuba ryarahinduye isabato. Hanyuma y'ibyo, batinda kenshi cyane ku ivugurura ry'ingengabihe.

Ni iby’ukuri ko inama y’i Vatikani yasesenguye ko icyo cyemezo cyari cyafatiwe kugira gusa ngo icyo cyemezo kibe kinogeye abarebwa n’icyo kibazo bose, by’umwihariko abandi bakristo.” Nyamara kandi, byagaragaye ko ibyo birimo gukorwa mu rwihisho mu rwego rwo kujijisha ibitekerezo bya benshi kugira ngo ingengabihe ihinduke, nubwo byakwica gahunda y’ingarukagihe y’iminsi irindwi. Mu by’ukuri, ntibishoboka ko haba ingengabihe ihoraho kandi ngo ikomeze no kugira ingarukagihe y’iminsi irindwi.

Mbese dushobora gutekereza akaga mu by’ubukungu kazakomoka kuri ibyo, kubera umukozi ukorera umushahara wazagerageza gukomeza isabato yo mu cyumweru cy’iremwa, mu gihe uwo munsu uzimurwa ukavanwa ku ntangiriro ukagezwa ku iherezo cy’icyumweru mu ngengabihe igizwe n’iminsi y’icyumweru? Biroroshye kwibwira urujijo rwasesera mu murongo w’abakomeza isabato, iyo ngengabihe iramutse ikurikijwe. Birashoboka ko bwaba bumwe mu buryo Satani azakoresha kugira ngo ashyire mu bikorwa imigambi ye y’ubwibone.

Indunduro

Twasuzumye ubuhanuzi cumi na bumwe kandi twabonye uburyo bunyuranye ubwo buhanuzi burimo kugenda busohora. Mbese hari icyo Imana yuje urukundo yakora kirenze ibi kugira ngo iburire ubwoko bwayo ku mperuka yegereje? Abatubanjirije muri ubu butumwa bavuganye ububasha ubuhanuzi bwa Bibiliya. Bizeraga ko bazabubona busohora. Iyaba barashoboraga guhaguruka ngo barebe ibyo twebwe turi kubona, bakumva ibyo turi kumva, baba bararanguruye mu ijwi riranga bati: “Ngiyi isaha ubuhanuzi buzasohoraho! Iki nicyo gihe kurangurura amajwi, no kumvikanisha nk’impanda, ubutumwa bwa marayika wa gatatu maze umurimo w’Imana ukarangira!”

Amasaha aheruka y’isi yacu bidatinze araba ageze. Byaratinze! Ibyo dukora tugomba kubikora vuba. Twemere umugambi uhebuje Imana yaduteguriye kugira ngo twiyezeho ubwacu icyaha cyose maze dusabe imbaraga zihabwa abashaka guhamya Kristo. Isi ikeneye kumenya ibyo bintu. Turi abarinzi bagomba kumenyekanisha ibihe bikomeye bidasanzwe biheruka bigomba gukurikiraho bidatinze.

M.E. Loewen

Urutonde rw’amahinamvugo y’ibitabo bya madamu White

A.H. : Adventist Home (the) (Urugo rwa Kidivantisiti).

A.M.C.C.: “An appeal to Ministers and Conference Committees “ édité en 1842 par la Conférence Générale (**Irarika ku bakozi n’inteko z’ubutumwa**).

1BC. : Commentaire d’Ellen G. White cité dans “ S.D.A. Bible Commentary ”, vol. 1-6 (**Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Itorero ry’abadivantisiti b’umunsi wa karindwi**).

- G.H.** : Counsels on Health (comp.1923) (**Inama ku Buzima**).
- Ch.S.** : Christian Service (Comp.1925) (**Umurimo wa gikristo**).
- C.P.** : Conquérants Pacifiques (**1911**) (**Ibyakozwe n’Intumwa**).
- D.A.** : Desire of Ages (1898) (**Uwifuzwa ibihe byose**).
- Ed.** : Education (1903) (**Uburezi**).
- Ev.** : Evangelism (comp. 1946) (**Ivugabutumwa**). **J.C.** : Jesus Christ (1898) (**Yesu Kristo**).
- L.S.** : Life Sketches (1915) (**Imibereho migufi**).
- M.E.** : Ministère Evangélique (1915) (**Umurimo w’Ivugabutumwa**).
- M.J.** : Messages à la jeunesse (**Ubutumwa ku basore**).
- M.S.** : Manuscrit (**Ibyanditswe n’intoki**).
- P.E.** :Premiers écrits (1851,1854,1858) (**Inyandiko za mbere**).
- P.P** : Patriarches et Prophètes (1890) (**Abakurambere n’Abahanuzi**).
- P.R.** :Prophètes et Rois (1917) (**Abahanuzi n’Abami**).
- P.S.** : Paraboles (1900) (**Imigani ya Kristo**).
- R.H.** : Review and Herald (**Urwibutso n’Integuza**).
- Sp.T.** : Spcial testimonies (**Ibihamya byihariye**). **1(2)****S.M.:** Selected Messages, vol 1,2 (Comp. 1958) (**Ubutumwa bwatoranijwe umuzingo wa 1(2)**).
- Tém.I,II,III** : Témoignages pour l’Eglise, volume 1-3 (**Ibihamya by’Itorero umuzingo wa 1-3**)
- 1T.(1-9)** : Testimonies for the church, vol.1-9 (1855-1909) (**Ibihamya by’Itorero umuzingo wa 1-9**)
- T.M.** : Testimonies to Ministers (Comp.1923) (**Ibihamya ku bagabura b’ibyiza**).
- T.S.** : Tragédie des siècles (1888,1911) (**Intambara ikomeye**)
- 1T.T.** : Testimonies treasures vol. (1-3) 1855-1915 (**Ibihamya ku busonga umuzingo 1-3**).

V.J. :Vers Jésus (1892) (Kugana Yesu).

Ibid : Bivuga ko aya magambo hamwe n'ayo umaze gusoma hejuru y'aya yose aboneka kuri iyo “ page ” y'icyo gatabo).

INTEGUZA Truth and Track Cell-phone:08612295.

KIGALI – RWANDA

e-mail: integuza@yahoo.fr

AMASHAKIRO

Ijambo ry'ibanze.....4

Madamu white n'amayerekwa ye.....5

Iliburiro: Incamake y'ibihe bikomeye by'imperuka.....8

Inzira y'ubugorozi mu itorero.....20

Gushyirwaho ikimenyetso.....44

Imvura y'itumba.....50

Ishungura.....59

Irangira ry'umurimo w'Imana – Ijwi rirenga.....67

Akarengane – Ubufatanye bw'ibihugu by'ibihangange...79

Umurimo w'ubushukanyi: Inyigisho zo kwizera

imyuka y'abapfuye108

Itangiriro ry'igihe cy'umubabaro.....118

Igihe cy'umubabaro.....121

Ibyago.....137

Iherezo ry'icyago cya 7: Gutabarwa.....145 12. Kuva igihe cyo gutabarwa kugeza ubwo Kristo

Azagaruka.....152

13. Kwitegura akaga gaheruka.....155

Umusozo.....	164
Ingereka : Ibihe bikomeye by'imena bisohoza ubuhanuzi	165
Indunduro.....	184
Urutonde rw'amahinamvugo y'ibitabo bya Madamu White..	184